# Ikinyarwanda – Amashuri abanza

## Umwaka wa gatanu 5

Twumve, tuvuge,
dusome, twandike,
duhange mu Kinyarwanda

Igitabo cy'umunyeshuri

**Uburenganzira bw’umuhanzi**

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw’umuhanzi ku bikubiye muri iki gitabo bufitwe n’Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# Ishakiro


Ijambo ry'ibanze .................... i

Intangiriro .................... iii

Imbonerahamwe z'ibikubiye mu mitwe igize iki gitabo .................... viii

**Umutwe wa mbere: Kwimakaza indangagaciro nyarwanda .................... 1**

**1.1. Umwandiko: Dukunda Igihugu cyacu .................... 1**

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.................... 1

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .................... 3

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko .................... 4

Igice cya kane: Gutanga ibitekerezo mu nyandiko. .................... 5

**1.2. Umwandiko: Ndabaga umukobwa w'intwari .................... 7**

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.................... 7

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .................... 9

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko .................... 10

Igice cya kane:Kujya impaka no kungurana ibitekerezo .................... 11

**1.3. Umwandiko: Kurwanya ruswa .................... 13**

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.................... 13

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .................... 15

Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko .................... 16

Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo .................... 17

Igice cya gatanu: Gutanga ibitekerezo mu nyandiko.................... 18

**1.4. Umwandiko ku gukorera mu mucyo.................... 19**

Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.................... 19

Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .................... 21

Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo .......... 22
Igice cya kane: Guhanga bandika.......... 23
Igice cya gatanu: Ingingo z'ingezi zigize umwandiko n'inshamake y'umwandiko.......... 24
**1.5. Igitekerezo cyo muri rubanda: Igitekerezo cya Nyamutegerakazaza .......... 27**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......... 27
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .......... 30
Igice cya gatatu: Gusesengura igitekerezo.......... 31
Igice cya kane: Kujya impaka .......... 35
Igice cya gatanu: Umwitozo w'ubumenyingiro: Guhanga bandika.......... 35
Igice cya gatandatu: Ikeshamvugo ku nka, amata n'igisabo. .......... 37
**1.6. Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa mbere.......... 40**

**Umutwe wa kabiri: Kwimakaza uburenganzira bwa muntu.......... 44**
**2.1. Uburenganzira bw'umwana .......... 44**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......... 44
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .......... 46
Igice cya gatatu: gusesengura umwandiko .......... 47
Igice cya kane: Gusoma no guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.......... 48
**2.2. Uburenganzira ku mutungo .......... 50**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......... 50
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .......... 52
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko .......... 53
Igice cya kane: Guhanga bandika.......... 54
**2.3. Uburenganzira bw'abanyantege nke .......... 55**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......... 55
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .......... 57
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko .......... 58
Igice cya kane: Guhanga bandika.......... 59

**2.4. Uburenganzira bw’abafite ubumuga ............................................ 60**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 60
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ................................ 62
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko ........................................ 64
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo ............................................... 65
Igice cya gatanu: Guhanga bandika ..................................................... 66
Igice cya gatandatu: Indango z’inshinga ............................................. 67
Igice cya karindwi: Amagambo akatwa.................................................. 69
Igice cya munani: Inyajwi zisoza zidakatwa ....................................... 70
Igice cya kenda: Amarangamutima ....................................................... 71
Igice cya cumi: Inyigana ......................................................................... 72
**2.5. Inkuru ishushanyije:Dukine kuko ari byiza, ariko ntitwiyibagize inshingano zacu ............................................ 74**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 74
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva inkuru ishushanyije .................... 76
Igice cya gatatu : Kwitoza gusoma inkuru ishushanyije....................... 77
Igice cya kane: Gukina bigana ................................................................ 77
Igice cya gatanu: Gusesengura inkuru ishushanyije no gutahura ibiyiranga ..................................................... 78
Igice cya gatandatu: Guhanga inkuru ishushanyije. ............................. 79
**2.6. Ibibazo n’ibisubizo by’ isuzuma risoza umutwe wa kabiri............ 80**

**Umutwe wa gatatu: Gufata neza ibidukikije ................................ 84**
**3.1. Umwandiko: Ibidukikije ................................................................... 84**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 84
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ................................. 87
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko........................ 88
Igice cya kane:  Kungurana ibitekerezo ................................................. 89
Igice cya gatanu: Ingiro nkora n’ingiro ntega ....................................... 90
**3.2. Ibibazo n’ibisubizo ku isuzuma risoza umutwe wa gatatu............ 91**

**Umutwe wa kane: Ubuzima bw'imyororokere ............................ 95**
**4.1. Umwandiko: Tuboneze ubuzima bw'imyororokere. ...................... 95**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 95
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ................................. 97
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura ikiganiro............................ 98
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo .................................................. 99
Igice cya gatanu: Uturemajambo tw'amazina mbonera
mbonera arimo amategeko y'igenamajwi ajyanye n'ingombajwi. ....... 100
**4.2. Twirinde abadushora mu mibonano mpuzabitsina ....................... 103**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 103
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ................................. 105
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko........................ 106
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo .................................................. 107
**4.3. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ........................... 109**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 109
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ................................. 112
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko........................ 113
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo .................................................. 114
**4.4. Ubugimbi n'ubwangavu ...................................................................... 115**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko ....................... 115
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ................................. 118
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko........................ 119
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo .................................................. 120
**4.5. Isuku y'imyanya ndangagitsina ......................................................... 123**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 123
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.................................. 126
Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko........................ 127
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo .................................................. 128
Igice cya gatanu: Ntera ........................................................................... 129
Igice cya gatandatu: Izinantera ............................................................... 133

Igice cya karindwi: Ibisantera ........................................................................ 135
Igice cya munani: Imyandikire y'amagambo aranga ahantu ............... 137
**4.6. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane............... 139**

**Umutwe wa gatanu: Kwimakaza imiyoborere myiza. ............... 143**
**5.1. Umwandiko: Gufatira ibyemezo hamwe ......................................... 143**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......................... 143
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................... 147
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko ............................................ 148
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.................................................... 149
**5.2. Umwandiko: Gukorera mu mucyo .................................................. 150**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanukirwa umwandiko................... 150
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................... 154
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko ............................................ 155
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.................................................... 156
**5.3. Uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi .................. 157**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......................... 157
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................... 160
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko. ........................................... 162
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo.................................................... 163
Igice cya gatanu: Ikinyazina nyereka ....................................................... 164
**5.4. Ibihe n'amezi bya Kinyarwanda: Amasaha ya Kinyarwanda. ........ 169**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura amasaha ya kinyarwanda... 169
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko .................................. 171
**5.5. Amezi ya Kinyarwanda ...................................................................... 173**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......................... 173
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................... 175
**5.6. Ibihe bya Kinyarwanda ...................................................................... 176**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......................... 176
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................... 177

**5.7. Ubutumwa bugufi** ........ **180**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanukira umwandiko ........ 180
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ........ 183
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko ........ 184
**5.8. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu** ........ **185**

**Umutwe wa gatandatu: Umuco w'amahoro** ........ **189**
**6.1. Umwandiko: Umwana n'ingona** ........ **189**
Igice cya mbere: Kumva no gusobanukirwa umwandiko ........ 189
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ........ 192
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo ........ 193
Igice cya kane: Umwitozo w'ubumenyingiro ........ 194
Igice cya gatanu: Ikinyazina ngenga (uvuga, ubwirwa, ikivugwa) ........ 195
**6.2. Porisi y'u Rwanda irakangurira abaturarwanda kwirinda inkongi z'umuriro** ........ **199**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko ........ 199
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ........ 202
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko ........ 203
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo ........ 203
**6.3. Malala Yusafuzayi n'imyigire y'abakobwa muri Pakisitani** ........ **204**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanukirwa umwandiko ........ 204
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ........ 207
Igice cya gatatu: Gusengura umwandiko. ........ 209
Igice cya kane : Kungurana ibitekerezo ........ 210
**6.4 Ukuri kwa Minani** ........ **211**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko ........ 211
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko ........ 214
Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo ........ 216
Igice cya kane: Kujya impaka ........ 217
Igice cya gatanu: Ikinyazina ndafutura ........ 217

**6.5. Ubutabera: Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni...................... 220**
Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................... 220
Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.................................. 222
Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko ............................................ 223
Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo................................................... 224
Igice cya gatanu: Gushaka irindi herezo ry'inkuru................................ 225
Igice cya gatandatu: Ikinyazina ngenera ................................................. 226
**6.6. Umwandiko: Mahoro Keziya yandikiye Rukundo .......................... 229**
Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko................................. 229
Igice cya kabiri: Gusesengura ibaruwa .................................................... 231
Igice cya gatatu: Imyandikire y'amagambo aranga igihe...................... 235
**6.7. Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu .............................. 237**
**7. Imyandiko y'inyongera................................................................ 243**
**8. Inyunguramagambo .................................................................... 246**
**9. Umugereka: Imiteguro y'amasomo ntangarugero......... 253**
**10. Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe........................................... 260**

## Ijambo ry'ibanze

Mwarimu murezi,

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa gatanu w'amashuri abanza ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbonezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda hashyirwa mu bikorwa imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura uko bikwiye ibitekerezo bumvise cyangwa basomye, bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa mu buryo bukurikira:

- Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu kandi batanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi twakoreshejwe.
- Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo kandi bigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo.
- Gusesengura no gutandukanya imyandiko, kumva imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijwemo imitwe itandatu ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, Kwimakaza uburenganzira bwa muntu, gufata neza ibidukikije, ubuzima bw'imyororokere, kwimakaza imiyoborere myiza, n'umuco w'amahoro.

Iki gitabo gihera ku ngingo zishingiye kuri izo nsanganyamatsiko kikagenda kerekana intera zikurikizwa kugira ngo umwarimu ayobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa ahereye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni zo zifasha umwarimu kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko, ndetse no kwiga ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganijwe mu nteganyanyigisho.

Nyuma ya buri kigwa na nyuma ya buri mutwe hari imyitozo n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho. Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu, iki gitabo kizagufasha kugeza ku banyeshuri ubundi bushobozi bukenewe mu buzima, nko kwikemurira ibibazo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi,

gusabana, kugira ubufatanye n'abandi, ndetse no kwiyigisha bo ubwabo no guhora bihugura.

Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitozo cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora. Mu mbonerahamwe ngengabyigwa iki gitabo kikugaragariza ahaherereye imyitozo ubu bushobozi bugaragaramo muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice cyo gusoma no gusobanura umwandiko. Hanateganijwe kandi urutonde rw'ayo magambo ku mpera y'igitabo aho atondetse akurikije itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda kugira ngo bigufashe kubona vuba ijambo wifuza.

Iki gitabo ni ingenzi cyane ku mwarimu kuko kimwereka uko yakwigisha amasomo y'Ikinyarwanda yifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Kinerekana uko umwarimu yakwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk'abafite ubumuga bwo kutumva, abafite ubumuga bwo kutabona n'abandi bafite ibindi bibazo mu myigire kugira ngo bajyane n'abandi.

Nubwo imyitozo yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero rw'ibisubizo bishoboka. Ikindi kandi, iyo myitozo nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, umwarimu ashobora kubategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda.

**Abanditsi.**

## Intangiriro

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa ahubwo bagira ibikorwa bakora. Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi.

Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Ubu buryo bw'imyigishirize busaba umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

## Imiterere y'iki gitabo n'imikoreshereze yacyo.

a) **Imbonerahamwe igararagaza ibikubiye muri buri mutwe n'ubushobozi bw'ingenzi buteganyijwe kugerwaho.**

   Iyo mbonerahamwe itanga ishusho y'igitabo n'ibigikubiyemo. Igaragaza buri mutwe n'ibiwukubiyemo, n'imyitozo igomba gukorwa kuri buri kigwa kugira ngo umunyeshuri agende yiyubakamo ubushobozi uko atera intambwe n'uko ava ku mutwe ajya ku wundi.

Iki gitabo kigabanyiwemo imitwe itandatu kndi buri mutwe ufite umubare w'amasomo agomba kwigwa. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha ayo masomo intera ku yindi, hashingiwe ku ngingo ziteganyijwe zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni izi zikurikira:

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

### Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iyi ntera ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye, bagakora umwitozo w'inyunguramagambo.

### Imbonezamasomo muri iyi ntera

Iyi ntera yo gusoma no gusobanura umwandiko umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko bucece no gusomera mu matsinda bagerageza gushaka ibisobanuro by'amagambo akomeye.

- **Ivumburamatsiko**

  Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

- **Gusoma**

  Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu byiciro bibiri ari byo: gusoma bucece no gusosoma baranguruye.

## Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse.Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

## Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baraguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma agenda anagenzura uko abanyeshuri bitabira gusoma.

Ni ngombwa gukora ku buryo buri munyeshuri agira umwanya wo gusoma, ari abitabira gutera urutoki cyangwa abatitabira. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma, abatasomye ni bo aheraho ubutaha kugira ngo buri wese ashobore gusoma. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Agomba kandi kubibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

- **Gukorerera mu matsinda**

  Iyo gusoma baranguruye birangiye umwarimu asaba abanyeshuri gukorerera mu matsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Agomba kuba arimo abanyeshuri batandukanye; ab'ibitsina byombi, ab'intege nke n'abafata vuba ibyo bigishwa.

  Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b'amatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda umwarimu agenzura imikorere yabo, abakeneye ubufasha akabubaha.

  **Ibikorerwa mu matsinda**

- **Inyunguramagambo**

  Mu matsinda abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye banditse. Babishakisha bahereye ku bivugwa mu mwandiko, yabananira bakifashisha inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo.

  Muri icyo gihe, umwarimu akomeza gukurikirana ibikorerwa mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama. Icyo gikorwa gikurikirwa no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku kibaho. Bitangwa n'abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinonosora. Iyo hari amagambo batashoboye kubonera ibisobanuro, umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo byaba ngombwa akabunganira.

- **Umwitozo w'inyunguramagambo**

  Iyo abanyeshuri barangije kubona ibisobanuro by'amagambo akomeye, umwarimu abasaba kongera kujya mu matsinda kugira ngo bakore imyitozo y'inyunguramagambo iteganijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo igihe cyateganijwe kigeze bongera guhuriza hamwe ibisubizo bayobowe n'umwarimu.

## Igice cya kabiri : Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo iri muri iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye, amatsinda nk'abiriraabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda agaragaza ibisubizo byakorewe mu itsinda rye.

- **Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda**

  Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akandika cyangwa akavuga ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo, amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyatanzwe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorewa mu matsinda.

## Igice cya gatatu: Kwitoza gusoma

Kwitoza gusoma bikorwa harebwa imisomere ya buri munyeshuri ukwe. Bisaba rero ko buri munyeshuri ahabwa umwanya wo gusoma, akayoborwa kandi agakosorwa mu buryo bwo gusoma adategwa, atagemura amagambo, yubariza utwatuzo n'iyitsa. Uyu mwitozo ugomba kwibandwaho cyane mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa gatanu, kugira ngo ubushobozi bwo gusoma bwagezweho mu myaka ine ibanza bushimangirwe. Mu gihe bigaragaye ko abanyeshuri bose bamaze kubikeneka, uyu mwitozo wagenda uza rimwe na rimwe, kandi umwarimu akibanda cyane ku bagifite ingorane mu gusoma uko bikwiye.

## Igice cya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko mu mwaka wa gatanu w'amashuri abanza, byibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Nyamara bagomba no kumenya imiterere ya buri mwandiko mu yo biga, bakamenya ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

## Igice cya gatanu: Guhanga umwandiko

Kuri buri bwoko bw'umwandiko bize, abanyeshuri bakwiye kwigishwa guhanga umwandiko umeze nka wo, kuko baba bamaze kwiga imiterere yawo mu gice cyo kuwusesengura. Igikorwa cyo guhanga akenshi gitangwa nk'umukoro wo mu rugo cyangwa umara iminsi, maze buri munyeshuri akabona umwanya wo gutekereza byimbitse no gutunganya igihangano ke. Nyamara mbere y'uko umwarimu abaha uwo mukoro, agomba kubafasha kumva neza insanganyamatsiko ndetse byaba ngombwa bagakusanyiriza hamwe ingingo z'ingenzi zashyirwa mu mwandiko bagomba guhanga. Banibukiranya kandi imiterere y'umwandiko bagomba guhanga n'ibice by'ingenzi bigomba kuba biwugize.

## Igice cya gatandatu : Ikibonezamvugo

Ikibonezamvugo giteganijwe muri iyi nteganyanyigisho, mu rwego rwo gufasha umunyeshuri kumenya amahame agenderaho anoza imvugo n'inyandiko bye. Ariko rero bigomba kumvikana neza ko amategeko y' ikibonezamvugo atagomba gufatwa mu mutwe nk'amasengesho, ahubwo agomba gutahurwa n'abanyeshuri ubwabo bahereye ku mwandiko cyangwa interuro yakoreshejwemo.

- **Isuzuma myigire**

  Amasuzuma agomba gukorwa kenshi haba mu gutanga isomo, cyangwa kubaza abanyeshuri ibyo baheruka kwiga ndetse no kubabaza icyo bungutse nyuma ya buri somo. Ku buryo bw'umuwihariko, hateganyijwe isuzuma rusange risoza buri mutwe, kugira ngo umwarimu asuzume niba koko abanyeshuri bageze ku bushobozi bwa ngombwa buteganyijwe. Iyo bigaragaye ko ibyo bitagezweho, umwarimu agomba guteganya indi myitozo nshimangirabushobozi ya ngombwa, kugira ngo adakomereza ku bindi kandi ibibibanziriza batarabikeneka neza

- **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye**

  Kubera ko ishuri riba ririmo abanyeshuri batandukanyije ubushobozi, umwarimu agomba gutegura isomo rye ku buryo abanyeshuri bose bibonamo, baba abagenda gahoro, abafata vuba ndetse n'ababana n'ubumuga bwihariye. Ibyo abigeraho akoresha imfashanyigisho zitandukanye, yegera abatumva neza, ndetse akanabasubiriramo bibaye ngombwa.

## Imbonerahamwe z'ibikubiye mu mitwe igize iki gitabo:

**Umutwe wa mbere, uwa kabiri, n'uwa gatatu.**

| | **UMUTWE WA MBERE:**<br><br>**Kwimakaza indangagaciro nyarwanda.** | **UMUTWE WA KABIRI:**<br><br>**Kwimakaza uburenganzira bwa muntu.** | **UMUTWE WA GATATU:**<br><br>**Gufata neza ibidukikije.** |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | **24** | **24** | **24** |
| **Intangiriro** | Ivumburamatsiko: Agakuru ku bijyanye n'indangagaciro nyarwanda. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe: Ibiganiro, ku burenganzira bwa muntu. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe: Ibiganiro ku bijyanye n'ibidukikije. |
| **Aho isomo ribera** | Amasomo atangirwa mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. | Hanze y'ishuri, no mu ishuri | Hanze y'ishuri, no mu ishuri |
| **Imfashanyigisho zakwifashishwa** | • Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashush o ivuga yerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda, igisabo.<br>• Imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru. | Imyandiko ivuga ku kwimakaza uburenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. | Imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivuga yerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | • Ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. | | |
| **Ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri** | **Umwarimu**:<br>• Ategura imfashanyigisho,<br>• Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>• Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda<br>• Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>• Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>• Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>• Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>• Bajya mu matsinda.<br>• Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>• Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro | **Umwarimu:**<br>• Ategura imfashanyigisho,<br>• Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>• Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda<br>• Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>• Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>• Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>• Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>• Bajya mu matsinda.<br>• Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>• Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro | **Umwarimu:**<br>• Ategura imfashanyigisho,<br>• Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>• Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda<br>• Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>• Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>• Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>• Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>• Bajya mu matsinda.<br>• Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>• Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | • Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>• Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. | • Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>• Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. | • Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>• Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. |
| **Ubushobozi bwigishijwe** | • Gusobanura umwandiko.<br>• Gusubiza ibibazo.<br>• Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko<br>• Gusoma bucece, akumva ibyo asoma<br>• Gusoma mu ijwi rirangurye, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa,<br>• Guhanga umwandiko. | • Gusobanura umwandiko.<br>• Gusubiza ibibazo.<br>• Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko<br>• Gusoma bucece, akumva ibyo asoma<br>• Gusoma mu ijwi rirangurye, adategwa, yubahiriza utwatuzo n'iyitsa<br>• Guhanga umwandiko | • Gusobanura umwandiko.<br>• Gusubiza ibibazo.<br>• Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko<br>• Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguryе<br>• Guhanga umwandiko |
| **Ubumenyi bw'ururimi** | **Amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo.** | Indango ihakana n'indango yemeza Amagambo akatwa: na, nka na nyiri Amarangamutima n'inyigana | **Ingiro nkora n'ingiro ntega** |
| **Inyunguramagambo** | • Amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo.<br>• Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. | • Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. | • Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ihuriro n'andi masomo(ubu shobozi mu kubara)** | • Kuvuga umubare w'abakinankuru,<br>• Kubara interuro yakoresheje mu nshamake | • Kuvuga umubare w'abakinankuru.<br>• Kubara interuro yakoresheje mu nshamake | • Guhina umwandiko mu mubare w'interuro bahawe. |
| **Ubumenyi ngiro bwizwe** | **Kumva:**<br>Gusobanura umwandiko. Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make.<br>**Gusoma:** Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye.<br>**Kwandika:**<br>Gukora icyandikwa. Guhanga umwandiko | **Kumva:**<br>Gusobanura umwandiko. Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>**Kuvuga:** Kuvuga muri make.<br>**Gusoma:**<br>Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangu rye<br>**Kwandika:**<br>Gukora icyandikwa. Guhanga umwandiko | **Kumva:**<br>Gusobanura umwandiko. Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>**Kuvuga:** Kuvuga muri make.<br>**Gusoma:** Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangu rye<br>**Kwandika:**<br>Gukora icyandikwa. Guhanga umwandiko |
| **Isubiramo** | • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>• Gukosora umukoro. | • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>• Gukosora umukoro. | • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>• Gukosora umukoro. |
| **Isuzuma myigire** | • Imyitozo<br>• icyandikwa<br>• Umukoro<br>• Isuzuma risoza isomo.<br>• Isuzuma risoza umutwe | • Imyitozo<br>• Icyandikwa<br>• Umukoro<br>• Isuzuma risoza isomo.<br>• Isuzuma risoza umutwe | • Imyitozo<br>• Icyandikwa<br>• Umukoro<br>• Isuzuma risoza isomo.<br>• Isuzuma risoza umutwe |
| **Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego.** | Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko no guhanga interuro ziboneye interuro. | Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.<br>Ubushobozi bwo guhanga inkuru ishushanyije. | Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | Ubushobozi bwo gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda. | Ubushobozi bwo gukoresha neza inshinga mu ndango ihakana n'indango yemeza.<br><br>Ubushobozi bwo gukoresha neza amagambo akatwa: na, nka na nyiri<br><br>Ubushobozi bwo gukoreasha amarangamutima n'inyigana | Ubushobozi bwo guhimba interuro akoresha neza ingiro nkora n'ingiro ntega. |

**Umutwe wa kane, uwa gatanu n'uwa gatandatu.**

| | **Umutwe wa 4**<br><br>**Ubuzima bw'imyororokere.** | **Umutwe wa 5**<br><br>**Kwimakaza imiyoborere myiza.** | **Umutwe wa 6**<br><br>**Umuco w'amahoro.** |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 24 | 24 | 24 |
| **Intangiriro** | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. |
| **Aho isomo ribera** | Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. | Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. | Mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri. |
| **Imfashanyigisho Zakwifashishwa** | Amashusho n'amafoto akina ibivugwa mu nkuru; amajwi akina ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho zifatika n'imboneshashusho ivuga yerekana ibivugwa mu nkuru. | Imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko yo kwimakaza imiyoborere myiza; amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivuga yerekana | Ibitabo byo gusoma, amashusho ajyanye n'inkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho zitegwa amatwi, ibitabo byo |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu kinyarwanda. | gusoma biri ku kigero cy'abana, … |
| **Ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri.** | **Umwarimu:**<br>• Ategura imfashanyigisho,<br>• Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>• Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda<br>• Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>• Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>• Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>• Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>• Bajya mu matsinda.<br>• Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>• Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro.<br>• Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda. | **Umwarimu:**<br>• Ategura imfashanyigiso,<br>• Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>• Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda<br>• Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>• Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>• Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>• Gutanga isuzumabumenyi no kurikosora.<br><br>**Abanyeshuri**:<br>• Bajya mu matsinda.<br>• Bungurana ibitekerezo, bakanabikusa-nya.<br>• Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro | **Umwarimu:**<br>• Ategura imfashanyigisho,<br>• Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>• Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda<br>• Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>• Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>• Umwarimu ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>• Gutanga isuzuma no kurikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>• Bajya mu matsinda.<br>• Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>• Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | • Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. | • Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>• Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. | • Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>• Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. |
| **Ubushobozi bwigishijwe** | **Kumva:**<br>Gusobanura umwandiko. Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make. Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.<br>Kujya impaka ku nsanganyamatsiko.<br><br>**Gusoma:** Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangu rye<br><br>**Kwandika:**<br>Gukora icyandikwa. Guhanga umwandiko | **Kumva:**<br>Gusobanura umwandiko. Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make. Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.<br>Kujya impaka ku nsanganyamatsiko.<br><br>**Gusoma:** Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangu ruye<br><br>**Kwandika:**<br>Gukora icyandikwa. Guhanga umwandiko | **Kumva:**<br>Gusobanura umwandiko. Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make. Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsi ko yatanzwe.<br>Kujya impaka ku nsanganyamatsiko.<br><br>**Gusoma:** Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguruye.<br><br>**Kwandika:**<br>Gukora icyandikwa.<br>Gukora inshamake.<br>Guhanga umwandiko |
| **Ubumenyi bw'ururimi** | **Uturemajambo** tw'amazina rusange mbonera arimo amategeko y'igenamajwi ajyanye n'ingombajwi.<br>**Ntera:** (inshoza, uturango, intego)<br>**Izinantera** ( inshoza n'uturango) | **Ikinyazina nyereka (amoko yabyo).** | Ikinyazina ngenera<br>Ikinyazina ngenga (uvuga, ubwirwa, ikivugwa).<br>Ikinyazina ngenera, ikinyazina ndafutura,<br>Ibaruwa isanzwe/ gicuti |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Igisantera** (inshoza n'uturango) **Imyandikire y'amagambo aranga ahantu** (iburyo, ibumoso, iheru, i Karongi, ...) | | Imyandikire y'amagambo aranga igihe |
| **Inyunguramagambo** | • Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. | • Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. | • Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro.<br>• Amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo. |
| **Ihuriro n'andi masomo (ubushobozi mu kubara)** | • Umubare w'abakinankuru<br>• Umubare w'interuro<br>• Umubare w'ibika bigize umwandiko. | • Umubare w'amezi mu kinyarwanda n'amazina yayo. | • Umubare w'uturemajambo tw'amazina mbonera. |
| **Uburyo bw'imyigishirize** | • Gusura ikigo nderabuzima kibegereye.<br>• Ukwiga gushingiye ku ivumbura<br>• Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko. | • Urugendo shuri<br>• Ukwiga gushingiye ku ivumburu<br>• Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko. | • Urugendo shuri<br>• Ukwiga gushingiye ku ivumbura<br>• Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko. |
| **Isubiramo** | • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>• Gukosora umukoro. | • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>• Gukosora umukoro. | • Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>• Gukosora umukoro. |
| **Isuzuma** | • Imyitozo<br>• Icyandikwa<br>• Umukoro<br>• Isuzuma risoza isomo. | • Imyitozo icyandikwa<br>• Umukoro<br>• Isuzuma risoza isomo. | • Imyitozo<br>• Icyandikwa.<br>• Umukoro<br>• Isuzuma risoza isomo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | • Isuzuma risoza umutwe | • Isuzuma risoza umutwe | • Isuzuma risoza umutwe. |
| **Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego.** | Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no kuboneza ubuzima bw' imyororokere. Ubushobozi bwo guhimba interuro akoresha neza ntera, izinantera n'igisantera. Ubushobozi bwo kwandika mu buryo buboneye interuro zirimo amagambo y'ahantu. Ubushobozi bwo gusesengura amazina rusange mbonera agaragaza neza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi. | Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko mu kwimakaza imiyoborere myiza Ubushobozi bwo gukoresha neza ibihe n'amezi ya Kinyarwanda mu mvugo no mu nyandiko. Ubushobozi bwo gukoresha neza ibinyazina ngenga n'ibinyazina nyereka no kubitahura mu nteruro. Ubushobozi bwo kwandika mu buryo busobanutse ubutumwa bugufi. | Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro. Ubushobozi bwo kwandika nta kosa amagambo aranga igihe. Ubushobozi bwo kwandika ibaruwa isanzwe. |

# 1 Kwimakaza indangagaciro nyarwanda (Umubare w'amasomo:24)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco n'indangagaciro nyarwanda.
- Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo no kunoza imvugo akoresha neza amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo no guhina umwandiko.

## 1.1. Umwandiko: Dukunda Igihugu cyacu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 1)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 3)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

***Ingero z'ibibazo n 'ibisubizo:***

1. **Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abanyeshuri bahagararanye n'abarimu babo.

2. **Mwitegereje neza murabona aba banyeshuri barimo gukora iki?** Turabona barimo kuzamura ibendera ry'u Rwanda, barimo no kuririmba indirimo y'Igihugu.

## Gusoma bucece

*Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bakarambura ibitabo byabo ahari umwandiko **«Dukunda Igihugu cyacu»** bagenda bandika amagambo arimo akomeye, nyuma bagafatanya kuyashakira ibisobanuro bakurikije uko yakoreshejwe mu nteruro. Mbere y'uko batangira gusoma bucece, mwarimu abasaba kudahwihwisa kuko byatuma batumva neza ibyo basoma no kutunamiriza mu gitabo kuko byabangiza amaso bikanabagoramisha urutirigongo. Iyo ibyo birangiye ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye koko.*

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni iki aba banyeshuri bakora buri gitondo?**
   Buri gitondo mbere y'uko binjira mu ishuri aba banyeshuri barabanza bagateranira imbere y'ibendera ry'Igihugu bakaririmba indirimbo yubahiriza Igihugu cyacu.
2. **Mubayeho mute mu miryango yanyu ku bijyanye n'umutekano n'amahoro?**
   Mu miryango yacu turatekanye ntawuduhutaza.
3 **Abanyarwanda bagomba kubana bate?**
   Abanyarwanda ni bene mugabo umwe bagomba kubana kivandimwe.
4 **Ni iki twebwe abanyeshuri dusabwa?**
   Abanyeshuri dusabwa kubana neza na bagenzi bacu, tukiga kuko ari cyo ababyeyi badusaba ari na cyo Igihugu kidutezeho.
5. **Gukunda Igihugu bisaba iki?**
   Gukunda Igihugu ntibisaba kuba umuntu mukuru ahubwo bisaba kwita kucyo ushinzwe no kutabangamira inyungu rusange.

**Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko**

1) **Abakurambere:** Abasokuruza cyangwa abantu babayeho kera bakaba batakiriho.
2) **Turatekanye:** Dufite amahoro.
3) **Ntawuduhutaza:** Ntawudusagarira.
4) **Tutishishanya:** Tudatinyana.
5) **Gutahiriza umugozi umwe:** Gukorera hamwe, dufite intego imwe.

6) **Intaho:** Aho umuntu aba.
7) **Mugikungahaze:** Mugiteze imbere.
8) **Amanjwe:**Amagambo adafite agaciro, amatiku.
9) **Abanyarwanda ni bene mugabo umwe:**Abanyarwanda ni abavandimwe.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.**

| | |
|---|---|
| 1) Gushyira mu bikorwa | A) Kugirana amakimbirane |
| 2) Atekanye | B) Ubwuzu umuntu agaragariza uje amugana. |
| 3) Urugwiro | C) Gushyira mu ngiro ibyavuzwe |
| 4) Gushyamirana | D) Ari mu mahoro |

**1=C, 2=D, 3=B, 4=A**

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe no gusobanura bimwe mu bigize umuco n'indangagaciro nyarwanda bigaragara mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.*
*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

*Umwarimu asomera abanyeshuri by'intangarugero.*

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

1) **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**
   Abanyeshuri, abarimu babo, sekuru w'umwe mu banyeshuri.
2) **Ni iki abanyeshuri bavugwa mu mwandiko bakora buri gitondo?**
   Barabanza kazamura ibendera ry'Igihugu bakaririmba n'indirimbo yubahiriza Igihugu.
3) **Mu mwandiko batubwira ko uyu mwana uvugwamo iyo baririmba iyi ndirimo yumva ameze ate?**
   Uyu mwana iyo baririmba indirimbo yubahiriza Igihugu yumva yishimye
4) **Mu mwandiko batubwira ko sekuru w'uyu mwana ari izihe nama yamugiriye?**
   Sekuru yamugiriye inama zicyo umuntu ukunda Igihugu ke agikorera.
5) **Ni ibiki biranga abatuye u Rwanda bivugwa muri uyu mwandiko?**
   Abatuye u Rwanda barangwa n'urugwiro, ababasanze ntibinuba.
6) **Ni ibiki umuntu ukunda Igihugu yakora?**
   Umuntu ukunda Igihugu ke aragikorera, agafatanya nabandi kugiteza imbere mu kigero arimo, bakarangwa ni umutima wo gusangira ibyiza bafite, bakita ku bandi.
7) **Nk'umunyeshuri ukunda Igihugu cyawe ni iki usabwa gukora?**
   Umunyeshuri ukunda Igihugu ke arasabwa kwiga, akarangwa no gufashanya n'abandi abumva amasomo bakayasobanurira abandi, abafite intege bagasindagiza abatazifite.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 4)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura indangagaciro ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Isubiramo:**

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka.*
*Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

**Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

*Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

1. **Ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.**
   - Buri gitondo mbere yo kwinjira mu ishuri, twebwe n'abarimu bacu dutonda imbere y'amashuri, tukazamura ibendera ry'Igihugu tukanaririmba indirimbo yubahiriza Igihugu.
   - Urukundo mfitiye Igihugu cyange cy'u Rwanda rutuma ntifuza ko hari uwo numva akivuga nabi cyangwa ngo akibuze amahoro.
   - Ubwiza bw'u Rwanda rugaragarira mu mutima mwiza w'abarutuye n'ibyiza birutatse.
   - Gukunda igihugu ntibisaba gukora ibikorwa by'indashyikirwa, ahubwo buri muntu iyo akora akazi ke neza, agaharanira kubana neza n'abandi aba akunda Igihugu ke.
2. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?** Isomo nkuyemo ni uko ngomba gukunda Iguhugu cyange kandi nkagikundisha n'abandi.
3. **Ni izihe ngero z'indangagaciro zigaragara mu mwandiko? Ingero z'indangagaciro nyarwanda ziri mu mwandiko "Dukunda Igihugu cyacu".**
   - Haragaragaramo uburyo Abanyarwanda barata ibyiza by'u Rwanda bakishimira ko barutuyemo neza kandi bakiyemeza no kurukorera
   - Haragaragaramo kandi ko Abanyarwanda ari abavandimwe ari bene umugabo umwe
   - Haragaragaramo ko Abanyarwanda barangwa n'urugwiro bakira neza abaza babagana.
   - Haragaragaramo ko Abanyarwanda barangwa no gufashanya.

## Igice cya kane: Ihangamwandiko.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi biwugize.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Isubiramo:**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

**Gusoma umwandiko**

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bitegereza imiterere yawo.

**Guhanga umwandiko**

**Insanganyamatsiko:**

**Andika umwandiko utarengeje amapaji abiri uvuga ku bikorwa biranga umuntu ukunda Igihugu ke.**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakusanya ibikorwa biranga umuntu ukunda iguhugu hanyuma bakabihuriza hamwe ku kibaho.
Bimwe mu bikorwa biranga umuntu ukunda Igihugu

- Kukitangira.
- Gukora kugira ngo ugiteze imbere.
- Gukunda umuco wacyo.
- Guharanira ubumwe bw'abagituye.
- Kurwanya amacakubiri na jenoside.
- Kwitabira amatora n'ibikorwa by'umuganda
- Kwita ku bikorwa remezo no kubibungabunga
- Kwita ku bidukikije no guharanira gusigira abazaza Igihugu kiza kurusha uko twagisanze,

Umwarimu yibutsa abanyeshuri ko umwandiko ugomba kugira intangiriro, igihimba n'umwanzuro hanyuma akabaha umukoro.

Buri munyeshuri arategura umwandiko ashingiye kuri izi ngingo, hanyuma umwarimu azabakosore areba uko bubahirije ibice bigize umwandiko n'ireme ry'ibitekerezo batanga.

Mu gukosora umwarimu arareba uko yubahirije ibice bigize umwandiko: intangiriro, igihimba n'umwanzuro n'ireme ry'ibitekerezo yatanze.

## 1.2. Umwandiko: Ndabaga umukobwa w'intwari

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 5)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 8)

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko, abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

*Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:*

**Murabona iki kuri aya mashusho?**

Ku ishusho ya mbere hariho umukobwa ufite umuheto, imbere ye hari umutumba urimo umwambi.

Ku ishusho ya kabiri hariho umusaza ufite uruhara urimo gusuhuzanya n'umukobwa, hari n'abantu benshi batandukanye.

### Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

*Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:*

1. **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?** Muri uyu mwandiko haravugwamo Ndabaga, mama we, se, umwami n'abandi bagaragu b'umwami
2. **Mu muryango wa Ndabaga bimeze bite?** Se yagiye ku rugerero amusiga ari uruhinja none yagumyeyo kuko yabuze umusimbura.

3. **Byagenze bite ngo se wa Ndabaga ave ku rugerero?** Umukobwa we Ndabaga yihinduye umuhungu ashobora kumusimbura arataha.
4. **Ni uwuhe muco mwiza Ndabaga yagize imbere y'umwami?** Ndabaga yamubwije ukuri.

**Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

**Amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko**

1) **Ikinege**: umwana wavutse ari wenyine mu muryango.
2) **Urugerero:** ingando, cyangwa itorero abasore n'abagabo bajyagamo ibwami cyangwa mu rugo rw'umutware, bakihitoreza kurengera Igihugu kandi bagakorera umutware imirimo itandukanye.
3) **Kumukura:** kumusimbura.
4) **Azarengere:** azatabare
5) **Umugenga:** umuyobozi
6) **Kugabana inka:** kugabirwa inka
7) **Yaramuhumurije:** yamumaze ubwoba cyangwa igihunga.
8) **Guca iteka:** gutanga itegeko k'umwami.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Gutanga interuro ebyirebyiri kuri buri jambo muri aya akurikira:**

1) **Ikinege:**
   Umwana wavutse ari ikinege akunze guteta.
2) **Kumara impungenge:**
   Abakobwa bakwiye guhugurwa bakamarwa impungenge kugira ngo na bo bitabire amasomo y'ubumenyi.
3) **Umugenga:**
   Umugenga mukuru w'ingabo z'Igihugu aba ari perezida w'Igihugu.
4) **Umukura we:**
   Nyamutezi yari yaraheze ku rugerero ariko umukobwa we Ndabaga aba intwari amubera umukura.
5) **Itorero:**
   Intore zatorezwaga mu matorero anyuranye.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9)

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1) **Vuga amazina abiri y'abantu bavugwa muri uyu mwandiko.**
   Ndabaga na Nyamutezi.
2) **Ni iyihe mirimo yari igenewe abahungu muri icyo gihe Ndabaga yize gukora?**
   Yize imirimo ya gihungu nko kurasa, gusimbuka, gutera icumu no kwiyereka.
3) **Ndabaga yabitewe n'iki kwiga imirimo ya gihungu?**
   Yabitewe n'uko yari afite ishyaka ryo kuzajya gusimbura se waheze ku rugerero.
4) **Ndabaga abonanye na se yamugejejeho ikihe gitekerezo? Umubyeyi we yayakiriye ate?**
   Yamubwiye ko aje kumusimbura ngo atahe. Se byaramutunguye cyane kuko yari umukobwa yiyemeza kubanza kumugerageza ngo arebe niba imirimo yo ku rugerero azayishobora.
5) **Ndabaga ageze ku rugerero yitwaye ate?**
   Yize kwiyereka imyiyereko yari iriho icyo gihe, aba intore nziza arashimwa akundwa n' umwami.
6) **Ni iki kigaragaza ko bagenzi be batishimiye iterambere Ndabaga yagezeho?**

**Babyitwayemo bate?**
Bamugiriye ishyari kuko yari atangiye kugabana inka nyinshi bituma bajya kumurega ku mwami ko ari umukobwa.

7) **Mu kiganiro Ndabaga yagiranye n'umwami ni uwuhe muco mwiza mukuyemo?**
Mu kiganiro bagiranye umuco mwiza dukuyemo nk'abana ni uwo kuvugisha ukuri.

8) **Ni iki cyatumye umwami aca iteka risonera abavutse ari ibinege kujya ku rugerero?**
Ni uko yari yumvise ibisobanuro by'umubyeyi wa Ndabaga ko icyatumye yiyemeza gusiga umwana we w'umukobwa ku rugerero ari uko yari amaze kunanirwa kandi adafite undi umusimbura.

9) **Ni iki wakwigira kuri Ndabaga uhereye ku buryo yashoboye imirimo yitwaga iya gihungu ubihuje n'ihame ry'uburinganire bw'abahungu n'abakobwa muri iki gihe tugezemo?**

   Icyo nahigira ni uko ari abakobwa ari n'abahungu bose bafite ubushobozi bwo kwiga no gushobora imirimo yose ku buryo nta we ukwiye guhezwa cyangwa ngo yumve ko adashoboye iki n'iki. Icya ngombwa ni ukubyiga ushyizeho umwete n'ubushake.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura ingingo z'ubutwari mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

*Urugero rw'ibyava mu matsinda:*

1) **Ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko:**
   - Umukobwa Ndabaga yakuze atabona se wari waraheze ku rugerero kubera kubura umukura, ageze aho yiyemeza kwihindura umuhungu kugira ngo azazungure se atahe.
   - Intego ye yaje kuyigeraho ashobora kuzungura se arataha ariko baza kuvumbura ko atari umuhungu.
   - Umwami abimenye akurikirana icyamuteye kwihindura umuhungu, amaze gusobanukirwa bituma aca iteka ryo gosonera urugerero abavutse ari ibinege.
2) **Ingero z'ingingo zigaragaza ubutwari ziri mu mwandiko "Ndabaga umukobwa w'intwari."**
   - Haragaragaramo ubutwari bwa nyina wa Ndabaga kuko yasigaranye urugo umugabo we adahari akarera neza umwana yamusigiye kandi agakomeza no kugemurira umugabo we.
   - Haragaragaramo ubutwari bwa Ndabaga bugaragazwa bwo kwiyemeza kwiga imirimo ya gihungu ngo azage gusimbura umubyeyi ku rugerero.
   - Haragaragaramo ko Ndabaga yari intwari kuko ageze ku rugerero yize imyiyereko mishya kandi yose akayimenya akajya ayikora neza.
   - Haragaragaramo kandi kuvugisha ukuri no mu bihe bikomeye kuko na bwo ni ubutwari.

## Igice cya kane:Kujya impaka no kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gutanga ibitekerezo

**Insanganyamatsiko:**

Uhereye ku byiciro by'intwari mu Rwanda, uyu mukobwa wamushyira mu kihe kiciro? Kubera iki?

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerazaho akanya.
Umwarimu arabanza kwibutsa abanyeshuri ibyiciro by'intwari mu Rwanda ari byo: Imanzi, Imena n'Ingenzi akabasobanurira uko bikurikirana n'ababirimo.
Abanyeshuri bahereye kuri ibyo byiciro buri tsinda riravuga icyo ryashyiramo Ndabaga, hakurikijwe ko ari umukobwa wagaragaje ubutwari akiri muto n'ibikorwa yakoze, hanyuma babigeho impaka.
→ Duhereye ku byiciro by'intwari mu Rwanda ari byo: Imanzi, Imena n'Ingenzi, twamushyira mu Ngenzi kuko yagaragaje ubutwari akiri muto kimwe n'abana b'i Nyange.

### Igice cya gatanu:Umukoro wo gutanga ibitekerezo mu nyandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 9)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi biwugize.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bareba imiterere y'umwandiko.

### Guhanga umwandiko

**Insanganyamatsiko:**
**Andika umwandiko utarengeje amapaji abiri uvuga ukuntu wumva uzaba intwari ishimwa n'ababyeyi, abarezi ndetse n'Igihugu.**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.
Umwarimu asaba buri munyeshuri kwitekerereza uburyo yazaba intwari akabanza kwandika ibyo yakora kugira ngo yitegure kuba intwari ishimwa n'ababyeyi, abarezi ndetse n'Igihugu.

**Bimwe mu bikorwa yakora kugira ngo yitegure kuba intwari ishimwa n'ababyeyi, abarezi ndetse n'Igihugu:**

- Kwiga ashyizeho umwete
- Kubaha ababyeyi n'abarezi agakurikiza inama zabo
- Gutsinda mu ishuri
- Gukorana umwete aho ndi hose.
- Gukunda ababyeyi, abavandimwe bange n'abandi dusangiye Igihugu.
- Kwirinda kwiyandarika n'izindi ngeso mbi zose, ....

Umwarimu yibutsa abanyeshuri ko umwandiko ugomba kugira intangiriro, igihimba n'umwanzuro hanyuma akabaha umwanya wo guhanga umwandiko.
Buri munyeshuri arategura umwandiko ashingiye kuri izi ngingo, hanyuma umwarimu azabakosore areba uko bubahirije ibice bigize umwandiko n'ireme ry'ibitekerezo batanga..

## 1.3. Umwandiko: Kurwanya ruswa

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 10)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 12)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kurwanya ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

*Ingero z'ibibazo n'ibisubizo*

1. **Murabona iki kuri iyishusho?**
   - Kuri iyi shusho hariho abantu babiri umugabo munini n'undi muturage ufite amafaranga arimo kuyahereza uyu mugabo munini.
   - Kuri iyi shusho hariho nanone abanyeshuri babiri umuhungu n'umukobwa barimo kubitegereza.
2. **Ibikorwa by'aba bantu birerekana iki?**
   Igikorwa cy'uyu musaza ufite amafaranga ari kumwe n'uyu mugabo munini birerekana ko ashaka kuyamuha hari ikintu ashaka kumusaba ko yamukorera bidaciye mu mucyo, aba banyeshuri barimo kubitegereza.

**Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

1) **Ni iki kiri kuvugwa cyane muri uyu mwandiko?**
   Muri uyu mwandiko haravugwamo ruswa.
2) **Kuki tugomba kurwanya ruswa?**
   Tugomba kurwanya ruswa kuko idindiza iterambere ry'Igihugu.
3) **Ni iki Leta yakoze mu rwego rwo kurengera abaturage?**
   Mu rwego rwo kurengera abaturage Leta yashyizeho ingamba zo kurwanya ruswa.

**Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

**Amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko**

1) **Kudindira:** kudatera imbere.
2) **Inyoroshyo:** ruswa.
3) **Ingamba:** ibyemezo bifatwa mu rwego rwo guharanira kugera ku kintu runaka.
4) **Ipiganwa:** guhangana mu biciro hagatsinda urushije abandi.
5) **Kuburagiza:** kuburabuza.
6) **Ihazabu:** amafaranga acibwa mu rukiko nk'igihano cy'umuntu wakoze icyaha.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Amagambo avuga kimwe**

1) **Ruswa:** inyoroshyo, bitugukwaha.
2) **Kurwanya:** gukumira.
3) **Ingamba:**ibyemezo.
4) **Kudatinza:**kudakereza.
5) **Gutungirwa agatoki:** kwerekwa.
6) **Guterera iyo:** kureka.
7) **Kwidagadura:** kwishimisha.
8) **Kumunga:** kwangiza.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 13)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kuwanya ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1) **Ruswa ni iki?**
   Ruswa ni ukwakira cyangwa gutanga ikintu runaka kugira ngo ukore cyangwa ukorerwe ikintu mu nzira zitaboneye.
2) **Ni ubuhe buryo butandukanye bukoreshwa mu gutanga ruswa?**
   Hari ugutanga amafaranga, hari ugutanga impano zinyuranye.
3) **Sobanura uburyo gutanga no gufata ruswa bishobora kudindiza iterambere ry'Igihugu?**

Gutanga no gufata ruswa bidindiza iterambere ry'Igihugu kuko ibintu byari bukoreshwe mu nyungu rusange z'abenegihugu byikubirwa na bamwe.

4) **Ni kuki tugomba kurwanya ruswa?**
Tugomba kurwanya ruswa kuko ari umuco mubi utuma umuntu wayitanze ahabwa ibyo atari yemerewe ndetse n'uyihabwa bigatuma adakora inshingano ze mu gihe cyagenwe kandi abihemberwa ahubwo agahora ashaka ko babanza kugira icyo bamuha ngo abone ubukora akazi ke.

5) **Ni ibihe bihano bihabwa uwakiriye cyangwa uwatanze ruswa?**
Uwakiriye cyangwa uwatanze ruswa agenerwa ibihano birimo gufungwa no gucibwa ihazabu.

6) **Ni izihe ngamba zafashwe mu rwego rwo kurwanya ruswa?**
Leta yashyizeho ingamba zitandukanye, harimo gushyiraho ikigo cy'umuvunyi gishinze kurwanya ruswa ndetse hanashyizweho ikoranabuhanga ritanga serivisi, isaba urwego rw'ubucamanza guca imanza za ruswa mu gihe kitarambiranye, abahamwe n'icyo cyaha amazina yabo aba agomba gutangazwa ku mugaragaro. Hashyizweho n'icyumweru ngaruka mwaka cyahariwe kurwanya ruswa.

7) **Ni ibiki buri muturage yakora mu rwego rwo kurwanya ruswa?**
Buri muturage asabwa kwirinda kwakira cyangwa gutanga ruswa mu buryo ubwo ari bwo bwose, arasabwa kandi no gutanga amakuru y'umuntu yaba azi waka ruswa cyangwa uyitanga.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 13)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gukora inshamake y'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

### *Urugero rw'ibyava mu matsinda:*

1) **Urugero rw'ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko**
   - Itariki ya 9 Ukuboza buri mwaka yahariwe kurwanya ruswa ku isi hose.
   - Mu rwego rwo kurwanya ruswa Leta yashyizeho ingamba harimo gushyiraho ikoranabuhanga ritanga serivisi, harimo gushyiraho ikigo kirwanya ruswa n'ibindi.
   - Hashyizweho kandi ibihano bikaze bihabwa uwatanze cyangwa uwakiriye ruswa.
   - Buri muturage asabwa kurwanya ruswa atangaza umuntu wese usaba ruswa cyangwa uyakiriye.
2) **Urugero rw'inshamake:**
   Itariki ya 9 Ukuboza buri mwaka yahariwe kurwanya ruswa ku isi hose.
   Mu rwego rwo kurwanya ruswa Leta yashyizeho ingamba harimo gushyiraho ikoranabuhanga ritanga serivisi, harimo gushyiraho ikigo kirwanya ruswa n'ibindi.

Hashyizweho kandi ibihano bikaze bihabwa uwatanze cyangwa uwayakiriye ariko na buri muturage asabwa kurwanya ruswa atangaza aho ayibonye.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 13)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye n'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga kuri ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gutanga ibitekerezo

**Insanganyamatsiko:**
Uri umunyeshuri wiga mu mwaka ka gatanu w'amashuri abanza. Ni uruhe ruhare wumva wagira mu rwego rwo gukumira ruswa no kuyirwanya?

*Mu matsinda abanyeshuri barakusanya ibitekerezo ku ruhare bagira mu kurwanya ruswa no kuyikumira hanyuma buri tsinda rihabwe umwanya wo kuvuga ibyo ryagezeho babihuriza ku kibaho:*

***Urugero rw'ibitekerezo byava mu matsinda:***

- Kuvuga aho uyibonye.
- Kwandika imivugo n'imyandiko byamagana ruswa.
- Guharanira gukora tugahemberwa ibyo twakoreye.
- Gukopera no kwereka abandi ibisubizo mu gihe k'ibizamini na byo ni ruswa tugomba kubyirinda, ...

## Igice cya gatanu: Ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 13)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umuvugo uvuga ku bubi bwa ruswa yubahiriza imiterere n'uturango tw'umuvugo.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga kuri ruswa, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

### Guhanga umuvugo

**Insanganyamatsiko:**
Hanga umuvugo uvuga ibibi bya ruswa ku buryo wawujyana mu marushanwa yo ku munsi wahariwe kurwanya ruswa mu Rwanda.

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.
Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakusanya ingingo zivuga ku ibibi bya ruswa.

**Ibibi bya ruswa:**

- Imunga inzengo z'ubuyobozi.
- Yica ubutabera
- Ibangamira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
- Ididindiza amajyambere.
- Itera ubunebwe.
- Imunga umutungo w'Igihugu.
- Ibangamira umutekano kuko abawushinzwe barenga ku nshingano zabo.- Ibangamira itangwa ya serivisi nziza.
- Yica uburezi
- Iteza amacakubiri, ....

Umwarimu afasha abanyeshuri kwibukiranya ku biranga umuvugo:

- Interuro ngufi bita imikarago
- Intondeke
- Injyana
- Isubirajwi, ...

Buri munyeshuri arategura umuvugo ashingiye kuri izi ngingo, hanyuma umwarimu azawuvugire imbere y'abandi banyeshuri, bavuge uko yarushanijwe bahereye ku njyana, isubirajwi, n'ibitekerezo bikubiye mu muvugo..

## 1.4. Umwandiko ku gukorera mu mucyo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 14)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri,  urupapuro rwa 16)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

## Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

*Ingero z'ibibazo n'ibisubizo*

a) **Murabona iki kuri iyishusho?** Kuri iyi shusho hariho abantu babiri bambaye imyenda y'abacamanza, hari n'abandi bantu benshi cyane
b) **Aba bantu bicaye hehe?** Aba bantu bicaye mu kibuga hanze.
c) **Murebye aba bantu uko bameze mugereranije biri kubereka ko bari gukora iki?** Umuntu arebye aba bantu uko bameze biragaraza ko bagiye guca urubanza.

## Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

## Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

*Urugero rw'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko*

1) **Impanuro:** inama ugirwa n'umuntu ugukuriye cyangwa ukurusha kuba inararibonye.
2) **Kurimanganya:** kuriganya, kutavugisha ukuri.
3) **Inyangamugayo:** umuntu w'indahemuka kandi uvugisha ukuri akanashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje.
4) **Gutahura:** kuvumbura.
5) **Ubucuruzi bwa magendu**: Ubucuruzi butemewe n'amategeko.
6) **Sobanura iyi migani yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Uwanga amazimwe abandwa habona:** Utifuza ko hagira ukwirakwiza ibinyoma ku byo yakoze abishyira ku mugaragaro.
   b) **Ukuri guca mu ziko ntigushye:** Ukuri kunyura mu bintu bikomeye ariko kukagerageraho kukakirwa; ukuri ntushobora kugupfukirana.
   c) **Uwububa abonwa n'uhagaze:** ukorera mu bwihisho ibintu ariko bikanga bikagaragara.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Amagambo avuga kimwe**

1) **Kubera:** Kubogama.
2) **Kurenganya:** Guhohotera.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 16)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

1) **Ni iyihe nsangamatsiko iri kuvugwa muri uyu mwandiko?** Insanganyamatsiko iri kuvugwa muri uyu mwandiko ni ugushishikariza abantu gukorera mu mucyo
2) **Ni izihe nama yagiriwe na sekuru mu mwandiko?** Yamugiriye inama yo kuzaba umugabo wanga umugayo, yo kuzajya avugisha ukuri, azirinde kurimanganya, age arangwa n'ubushishozi.
3) **Ni ibihe bibazo uyu mwana yabajije sekuru?** Gukorera mu mucyo ni iki?Bisabwa ba nde? Bikorwa gute?

4) **Ubona sekuru yaramushubije ku bibazo byoze yabajije?** Yaramushubije kuko byose yabivuzeho mu bika bitandukanye.
5) **Gukorera mu mucyo ni iki?** Gukorera mu mucyo ni uguhishurira abandi ibyo ukora no kwemera kugenzurwa nabo mu byo ukora waba warakoze neza ugashimwa waba warakoze nabi ukagawa ukisubiraho.
6) **Kuki tugomba gukorera mu mucyo?** Tugomba gukorera mu mucyo kuko biturinda kubera cyangwa kugira uwo urenganya, bikanaturinda ndetse no kuba twakora ibidakwiye.
7) **Ni gute mu ishuri dushobora gukorera mu mucyo?** Mu ishuri dushobora gukorera mu mucyo nko mu gihe turimo gukosora umukoro umwarimu akaba yafatanya n'abanyeshuri gusubiza ibibazo akazana impapuro twakoreyeho abanyeshuri bakagenda bakosorana hagati yabo bagahana amanota.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 17)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gutahura ingingo z'ingenzi no gukora inshamake y'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku gukorera mu mucyo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusesengura umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Umwarimu abwira abanyeshuri gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko "Gukorera mu mucyo". Nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, umwe mu bahagarariye buri tsinda akageza ku bandi ibisubizo byabo. Abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu banoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyuguti n'amashusho nyuma abanyeshuri bakabyandika ku kibaho no mu makaye yabo.

### Ibisubizo by'ibibazo byo gusesengura umwandiko

1) Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko umaze gusoma.

Abanyeshuri batandukanye baravuga ingingo z'ingenzi bumva zigize umwandiko

**Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko**

- Impanuro sekuru yatangiye aha umwana.
- Gukorera mu mucyo icyo ari cyo.
- Abagomba gukorera mu mucyo abo ari bo.
- Uko gukorera mu mucyo bikorwa.
- Mu ishuri hagomba kubaho gukorera mu mucyo.
- Buri muntu ku giti ke agomba gukorera mu mucyo kuko kuvugisha ukuri bireba buri wese.

Nyuma yo gutanga ibisubizo bitandukanye, umwarimu afasha abanyeshuri gusobanukirwa uburyo bwo kubona ingingo z'ingenzi mu mwandiko.

**2. Kora inshamake y'uyu mwandiko.**

## Inshamake y'umwandiko "Gukorera mu mucyo".

Sekuru w'umwana yamuhaye impanuro agira ati:"Uzaharanire gukorera mu mucyo ube inyangamugayo." Nuko umwana kubera ko atari yasobanukiwe, amubaza icyo ari cyo gukorera mu mucyo, abasabwa gukorera mu mucyo abo ari bo, n'uburyo bikorwa.

Sekuru yamusobanuriye ko gukorera mu mucyo ari ukugendera ku kuri no gushyira ahagaragara ibyo ukora. Abo bisabwa cyane ni abayobozi kuko baba bahagarariye inyungu z'abaturage. Mu butabera ho ni ihame kuko urubanza rugomba gucibwa abantu bose bareba. Mu mashuri na ho birakwiye kuko abanyeshuri baba bagomba kwerekwa uko bakosowe, kandi bagahabwa uruhare mu micungire y'ikigo cyabo. Ariko buri muntu wese asabwa gukorera mu mucyo kuko ari byo bituma agaragara nk' inyangamugayo.

Gukorera mu mucyo biroroshye kuko icya ngombwa ni ukureka amakuru y'ibyo ukora akajya ahagaragara ndetse ukagira uruhare mu kuyatangaza.

**Ibibazo byo gusubiza:**

1. Mwabigenje mute kugira ngo mukore interuro zumvikana muri ibyo bitekerezo?
2. Mumaze gukora umwandiko muri izo nteruro murabona hari isano ufitanye n'umwandiko muremure izo ngingo z'ingenzi zakuwemo?
3. Uwo mwandiko mwabonye ureshya ute mugereranyije n'uwo mwakuyemo ibitekerezo by'ingenzi mwahurije mu wo mumaze gukora?
4. Muhereye ku burebure bwawo mwawita iki?
5. Mwabigenje mute kugira ngo mwubake uwo mwandiko ku buryo mwabyita amabwiriza agenga icyo gikowa mwakoze?

Abanyeshuri basubiza neza ibibazo babajijwe. Mu bisubizo bitangwa n'abanyeshuri, umwarimu abafasha kubinonosora kugira ngo abonereho kubigisha inshamake n'uburyo ikorwa

**Umwitozo:**

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo guhina umwandiko kugira ngo asuzume ko intego z'isomo zagezweho.
Hina umwandiko **"Dukunda Igihugu cyacu"** mu mirongo itarenze icumi.

***Urugero rw'igisubizo:***

**Inshamake y'umwandiko "Dukunda Igihugu cyacu"**

Buri gitondo, mbere y'uko twinjira mu ishuri turirimbira hamwe n'abarimu bacu indirimbo yubahiriza Igihugu tukanazamura ibendera ry'Igihugu. Igihugu cyacu ni kiza kubera urugwiro abagituye bagira n'ibyiza bigitatse.Ukunda Igihugu ke aragikorera, akakifuriza amahoro arambye. Gukunda Igihugu kandi ntibisaba kuba umuntu mukuru cyangwa kuba igihangange, ahubwo ni uguharanira gukora neza ibyo ugomba gukora kugira ngo ugiteze imbere nawe witeza imbere.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 17)

### Intego zihariye:

Ahereye ku mwandiko bamaze gusoma, umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku gukorera mu mucyo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka kuri uwo mwandiko.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Insanganyamatsiko zo kunguranaho ibitekerezo**

1. Usibye ibikorwa bivugwa mu mwandiko wasomwe nta bindi bigaragaza uko abantu bakorera mu mucyo watanga?

**Ibitekerezo byava mu matsinda kuri iyi ngingo:**

- Mu ngo habaho gukorera mu mucyo hagati y'umugabo n'umugore bagaragarizanya imikoreshereze y'amafaranga.
- Hagati y'umukozi n'umukoresha habaho gukorera mu mucyo buri wese agaragarizwa ibyo akora neza, ibyo adatunganya neza, kandi hagashimwa abakozi bakora neza koko.

2. Usibye akamaro ko gukorera mu mucyo kavugwa mu mwandiko wasomye nta kandi kamaro ko gukorera mu mucyo wavuga ?

Buri munyeshuri atanga ibitekerezo bye akurikije ibyo yumvise ndetse n'ibyo atekereza.

**Ibitekerezo byava mu matsinda kuri iyi ngingo:**

- Gukorera mu mucyo byubaka ikizere mu bantu.
- Birinda amatiku n'ubushyamirane.

## Igice cya gatanu: Guhanga bandika: Ihangamwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 17)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi bigize umwandiko

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku gukorera mu mucyo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bitegereza ibice by'ingenzi bigize umwandiko n'imiterere yawo

### Guhanga umwandiko

**Insanganyamatsiko:**

Andika umwandiko utarengeje ibipande bibiri by'urupapuro uvuga ku kamaro ko gukorera mu mucyo.

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerzaho akanya.

Umwarimu afasha abanyeshuri kumva insanganyamatsiko ababaza ibibazo biganisha ku gutahura akamaro ko gukorera mu mucyo.

Umwarimu arasaba buri munyeshuri gutekereza niba hari aho yaba yabonye bene ibyo bikorwa cyangwa byaramubayeho.

Umwarimu yibutsa abanyeshuri ko umwandiko ugomba kugira intangiriro, igihimba n'umwanzuro hanyuma akabaha umukoro wo guhimba uwo mwandiko.

## 1.5. Igitekerezo cyo muri rubanda: Igitekerezo cya Nyamutegerakazaza

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 21)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 25)

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

**Mwitegereze amashusho ari ku mutwe w'umwandiko, hanyuma muvumbure ibivugwa muri uyu mwandiko.**

a) Ni iki mubona kuri aya mashusho ?
b) Mutekereza ko umwandiko uza kuvuga kuki muhereye kuri aya mashusho ?

### Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

a) **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**
   Muri uyu mwandiko haravugwamo Nyamutegerakazaza, umugore we, umugabo waje kuba bamwana we, umuhungu we, n'inyamaswa.

b) **Mu mwandiko haravugwamo iki?**
Haravugwamo uburyo umuntu akwiye kugira neza aho anyuze hose.

c) **Ibivugwa byabereye he?**
Ibivugwa byabereye i Gihinga na Gihindamuyaga aho Nyamutegerakazaza yari atuye.

d) **Byaje kurangira gute?**
Byarangiye umuhungu wa Nyamutegerakazaza abonye umugore se yari yaramukwereye abikesha ineza se yagiye agirira inyamaswa zitandukanye.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

### Gusomera mu matsinda no gusobanura amagambo akomeye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko bagerageza gusobanura amagambo akomeye, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Ibisobanuro by'amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko**

a) **Kuraguza:** Ni ukujya kubaza umupfumu ibyo udasobanukiwe bijyanye n'ibikubaho cyangwa ibizakubaho birenze ibyo twe tubona. Abajya kuraguza baba bizera ko abapfumu bafite ububasha bwo kumenya ibizaba.

b) **Ashyira nzira:** Atangira urugendo, arahaguruka aragenda.
c) **Kwizitura ineza:** Gukorera neza umuntu ikintu kiza kubera ko na we yakugiriye neza mu gihe cyashize.
d) **Ishwima:** Inyoni zikunda kurya ibirondwe biba biri ku nka.
e) **Gushwitura ibirondwe:** Gukura ibirondwe ku nka.
f) **Inda y' uburiza:** Inda ya mbere.
g) **Izina ryange rizwi neza hose:** Abantu bose banziho ibyiza.
h) **Impamba:** Ibiryo umuntu yitwazaga ari ku rugendo rwa kure. Muri iki gihe abantu basigaye bitwaza amafaranga.
i) **Ifuku:** Agasimba kujya kumera nk'imbeba ariko kayiruta ho gato, gacukura umwobo muremure mu butaka akaba arimo kaba. Gakunda konona imyaka kuko kaguguna imizi y'ibihungwa cyanecyane ibyerera mu butaka nk'ibijumba.
j) **Impuzu:** Imyenda ya kera yakorwaga mu bishishwa by'ibiti, cyanecyane imivumu.
k) **Ibirondwe:** udusimba tuba ku nka n'andi matungo tukayanyunyuzamo amaraso.
l) **Barikubura barataha:** Barahaguruka, basubira iwabo.
m) **Kugishisha inka**: ni ukuzijyana ahantu kure hari ubwatsi zikamarayo igihe.
n) **Ishyo:** Inka nyinshi.
o) **Ubukambwe:** Ubusaza, igihe k'izabukuru ku mugabo.

p) **Kwikoma isazi:** Gukubita isazi ikuguyeho.
q) **Gusabwa n'ibyishimo:** Kugira ibyishimo byinshi bikagaragarira ku maso no mu byo ukora.
r) **Impundu:** Ni akamo k'ibyishimo bavuza kubera ikintu kiza gikozwe mu gihe k'ibirori cyanecyane ubukwe cyangwa mu kwakira umuntu bamugaragariza ko bamwishimiye. Mu muco nyarwanda, impundu zivuzwa n'abagore.
s) **Gutunga ugatunganirwa:** Gutunga bikaguhira, ukabigiramo ibyishimo n'umunezero, mbese ukabigiramo umudendezo.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Ibisubizo ku mwitozo w'inyunguramagambo**

1. **Gukoresha amagambo mu nteruro**
   **a) Kwitura ineza**
   Ni byiza kwibuka kwitura ineza wagiriwe kuko ni byo biranga umuntu ufite umutima ushima.
   **b) Ishyo**
   Kera Abanyarwanda bagiraga amashyo menshi y'inka kuko babaga bafite inzuri nini.
   **c) Gusabwa n'ibyishimo**
   Iyo umunyeshuri atsinze ikizamini cya Leta asabwa n'ibyishimo.
   d) Gutunga ugatunganirwa
   Muri iyi si abatunga bagatunganirwa ni bake kuko usanga ibibazo bitabura n'ubwo umuntu yaba atunze ibya Mirenge.
2. **Ibisobanuro by'imigani n'igihe yakoreshwa:**
   a) Ineza iratinda ntihera.
   **Iyo ugize neza biratinda bikakugarukira.** Wakoreshwa ku muntu ufasha umwana akiri muto, akiga akaminuza, yamara gukura na we akazamwibuka.
   b) **Gira so yiturwa indi.**
   Iyo umuntu agize neza na we arayigirirwa. Wakoreshwa ku muntu waba akize agafasha abakene, nyuma akagira ibibazo agakena ba bandi yafashije na bo bagakusanya ibintu bakamufasha kuzanzamuka.
   c) **Akebo kajya iwa Mugarura.**
   Iyo uhaye umuntu na we aba azaguha. Wakoreshwa ku muntu utanga agaha abandi, nyuma na bo bakazamuha agize ibibazo.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 25)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

## Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

## Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo bishoboka ku mwandiko

1) **Kuki Nyamutegerakazaza yanze kwita umwana we izina agashaka ngo bazage bamwita"mwene Nyamutegerakazaza"?**
   Byari ukugira ngo abo yagiriye neza bazamumenyere ku izina rye.
2) **Iyo Nyamutegerakazaza aba yaragiye agira nabi yari kwifuza ko umwana we yitwa kuriya?** Oya.
3) **Uretse gusiga amukwerereye ubona ikintu kiza kiruta ibindi Nyamutegerakazaza yasigiye umwana we ari iki?**
   Yamusigiye izina ryiza.
   Yasize ineza aho yanyuze hose.
4) **Wowe umenye ko uzapfa vuba aha wakora iki?**
   Buri wese aravuga uko abitekereza.
5) **Ese ko n'ubundi buri muntu aba agomba kuzapfa umunsi umwe, ubona abantu babaho nk'aho bazapfa ngo bateganyirize abana babo?**
   Oya. Abantu akenshi ntibatekereza ko bazapfa. Ni bake bateganyiriza abana babo.
6) **Iki gitekerezo kiratwigisha irihe somo ry'ingenzi?**
   Guteganyiriza igihe kizaza no kugirira neza abantu bose.
7) **Mu mwandiko baravugamo ko Nyamutegerakazaza yagiye gukwera umwana**

**utaravuka kandi agakwa inda itaravuka. Kuri ubu ubona bishoboka?**

Ntabwo byashoboka, kuko buri muntu yishakira uwo bazabana, nta wukibana n'uwo ababyeyi bamuhitiyemo.

8) **Muri iki gihe ni ibihe bikorwa abantu bakora iyo bashatse kuzigamira umwana ukiri muto cyangwa utaravuka?**
   - Bamurihira amashuri.
   - Bamufatira ubwingizi bwo kwiga.
   - Bamufunguriza konti muri banki, ...

## Igice cya gatatu: Gusesengura igitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 26)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura inshoza n'uturango tw'igitekerezo.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### 1. Isubiramo:

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### 2. Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

**Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

1. **Ukeka ko uyu Nyamutegerakazaza yabayeho? Ni iki gisa n'ikigaragaza ko yabayeho?**

   Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye. Bamwe baragaraza ko yabayeho bashingiye ko mu mwandiko bavugamo aho yari atuye hazwi.
   Abandi baravuga ko babona atarabayeho kuko biriya mu mwandiko hagaragaramo ibintu bidashoboka: Kuvuga kw'inyamaswa, guhinga kw'amafuku, ....

2. **Bavuga ko yari atuye he?** Bavuga ko yari atuye i Gihinga na Gihindamuyaga.
3. **Hari igihe bavuga yabereyeho? Ntacyo**
4. **Uhereye kuri ibi uyu mwandiko wawita iki? Nawita igitekerezo.**

Duhereye kuri uyu mwandiko wa Nyamutegerakazaza dushobora kwibaza ibibazo bikurikira:

**1. Uko utangira n'uko usozwa?**

**a) Uyu mwandiko utangira ute?**
Utangira bavuga ngo "umugabo Nyamuterakazaza wari utuye i Gihinga na Gihindamuyaga yashatse umugora, …

**b) Usozwa ute?**
Usozwa mwene Nyamutegerakazaza ahawe umugore n'abana.

**c) Iyo uba utangizwa na kera habayeho ugasozwa na si nge wahera byaba bihagije kugira ngo witwe umugani muremure?**
Yego.

**2. Duhereye ku bivugwamo**

a) **Muhereye ku bivugwa muri uyu mwandiko n'uburyo bivugwa haba hari ibigaragaza ko uyu Nyamutegerakazaza yaba yarabayeho kandi agakora ibivugwa muri uyu mwandiko koko?**
Kuba havugwamo ahantu hazwi yari atuye.

b) **Ubundi ni iki kigaragaza ko ibivugwa byabayeho ku buryo dushobora kubyemera?**
Igihe byabereye n'aho byabereye hazwi hariho, n'abantu babigizemo uruhare cyangwa babibonye dushobora kubaza.

c) **Hari ahantu tuzi ibivugwa byabereye? Igihe byabereye se hari icyavuzwe mu mwandiko?**
Ahantu harazwi. Ni mu Ntara y'Amajyepfo. Igihe ntikizwi.

d) **Ni iki kigaragaza ko bitabayeho ku buryo tubona ko ari ibihimbano?**
Ibintu bidashobolka bisa n'ibitangaza.

## Inshoza n'uturango by'igitekerezo cya rubanda

### Inshoza

Igitekerezo cyo muri rubanda ni igihangano cy'ubuvanganzo kijya gusa n'umugani, bigatandukanywa n'uko cyo kidatangizwa na kera habayeho ngo kirangizwe na si nge wahera.

## Uturango

### Mu gitekerezo cya rubanda havugwamo:

Umuntu utari umwami ariko witwara nk'igihangange rubanda batwerera ibikorwa bigaragara nk'ibyabayeho ariko bivanzemo n'ibigaragara nk'ibitangaza.

Ahantu ibivugwa byabereye ariko ugasanga batavuga igihe byabereye.

Ntigitangizwa na kera habyeho ngo kirangizwe na si nge wahera, ahubwo gitangira nk'inkuru yabayeho.

Muri make ibiranga igitekerezo cyo muri rubanda ni ibi bikurikira:

**Uburyo bwo kubara inkuru mu bitekerezo**

Ntibitangizwa na kera habayeho ngo birangizwe na si nge wahera, kuko iyo bigenze gutyo kiba gihindutse umugani.

Bishingira ku mazina y'abantu babayeho, cyangwa bagaragara nk'ababayeho mu mateka kuko usanga ari abantu bagenda bavugwaho ku buryo butandukanye.

Bigaragaramo amakabyankuru n'ibitangaza.

## Igihe n'ahantu:

**Igihe:** Ibitekerezo bya rubanda ntibitanga amacishirizo agaragaza neza igihe ibintu byabereye.

**Ahantu:** Mu bitekerezo bya rubanda dusangamo kenshi ahantu hazwi ibivugwa byabereye, aho igihangange kivugwa cyari gituye, imisozi izwi iriho na n'ubu, ndetse n'ibintu bifatika bigaragara nk'ibimenyetso byasizwe n'igihangange kivugwa mu gitekerezo cya rubanda. Aha twatanga nk'ingero zikurikira:

Muri iki gitekerezo cya Nyamutegerakazaza : Havugwamo aho yari atuye : I Gihinga na Gihindamuyaga ni imisozi izwi iri mu Ntara y'Amajyepfo.

Mu gitekerezo cya Ngunda havugwamo ko imisozi yose y'u Rwanda ari amabimba Ngunda yahingaga. Ni we wayihanze. Mu Rwanda hari aho usanga udusozi twegeranye bakatwita amabimba ya Ngunda.

Mu gitekerezo cya Cacana havugwamo:

Imisozi yose Cacana yaciyeho ahunga urupfu kuva mu magepfo kugera mu majyaruguru. Ni imisozi iriho inazwi na n'ubu.

Aho Cacana yarwaniye n'urupfu ku gasozi ka Zoko. Ubu ni mu Murenge wa Mutete, Akarere ka Gicumbi, Intara y'Amajyaruguru.

Izi ngero z'ahantu hazwi hariho na n'ubu ni zo usanga zishinga itandukaniro rigaragara hagati y'igitekerezo n'umugani muremure, kuko wo utagira utu turango two kuvuga ahantu hazwi ibintu byabereye ku buryo byatera gutekereza ko ibivugwa byabayeho. Nyamara igitekerezo cya rubanda cyo kizanamo utwo turango kugira ngo ubyumva arusheho gusa n'uwemera ibivugwa nk'aho ari ukuri.

**Amakabyankuru n'ibitangaza.**

Muri iki gitekerezo cya Nyamutegerakazaza inyamaswa ziravuga, zizi ubwenge, zifasha

abantu ku buryo butangaje, zizi ibizabaho mu gihe kiri imbere.

Ibi rero biri mu turango dutuma igitekerezo cya rubanda kegerana cyane n'umugani muremure mu bibiranga. N'ubwo twabonye ko mu gitekerezo dusangamo ibintu bisa n'ibigaragara ko byabayeho, dusangamo na none ibirenze ukwemera, ibitangaza, amakabyankuru, ariko bidakabije nk'ibyo mu mugani muremure, kuko byo usanga ari uburyo bwo kwerekana ubuhangange bw'umukinnyi mukuru.

**Isomo mu buzima:**

Buri gitekerezo kiba gifite isomo kifuza kutwigisha. Muri iki gitekerezo cya Nyamutegerakazaza baratwigisha guteganyiriza ejo hazaza no kugerageza gusiga izina ryiza tugira neza aho tunyuze hose, kugira ngo tutagenda twitwa ba ruvumwa. Ineza tugize tuyiturwa ku buryo butandukanye kandi abo dusize bakabyungukiramo. Buri muntu yari akwiye kwitwara nka Nyamutegerakazaza kuko buri wese azi ko umunsi umwe azapfa, nyamara izina ryiza ryo ntiripfa.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora kujya impaka ku nsanganyamatsiko yahawe..

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo yabaza**

**Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka kwiga umwandiko "Igitekerezo cya Nyamutegerakazaza."

Umwarimu yandika ku kibaho insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo. Agasaba umunyeshuri umwe kubisoma mu ijwi riranguruye

**a. Kungurana ibitekerezo no kujya impaka**

Umukobwa Nyamutegerakazaza yari yarakwereye umuhungu we, yaje gusangabaramushyingiye ahandi. Ku bwawe ubona batari barahemutse?

**b. Insanganyamatsiko yo kujyaho impaka:**

Mwene Nyamutegerakazaza amaze gutsinda ibigeragezo byose bamushyizeho, bamuhaye umugore we ndetse n'abana yari yarabyaye mu rugo yari yarashatsemo arabegukana. Ubona byari bikwiye ko ajyana umugore abana atabyaye?

## Igice cya gatanu: Umwitozo w'ubumenyingiro: Guhanga bandika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 29)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burengazira bw'umwana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bareba ibice bigize umwandiko.

- **Guhanga umwandiko**
  **Insanganyamatsiko:**

Wumva ikintu kiza umubyeyi wawe yagukorera none kugira ngo aguteganyirize neza ari ikihe? Yaguteganyiriza uburyo uzashaka? Yakurihira amashuri? Yakubikira amafaranga menshi muri banki? ….Sobanura impamvu wumva icyo uhisemo ari cyo kiza kuruta ibindi.

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerzaho akanya.

Umwarimu afasha abanyeshuri kumva insanganyamatsiko ababaza ibibazo biganisha ku gutahura aho uburengazira bw'umwana bushobora guhungabanywa:

- Kubuzwa kujya ku ishuri, gusibishwa ishuri ngo asigare ku rugo nta mpamvu igaragara cyangwa ngo age gukora imirimo, kwimwa ibiryo nk'igihano, gukubitwa, ....

Umwarimu arasaba buri munyeshuri gutekereza niba hari aho yaba yabonye bene ibyo bikorwa cyangwa byaramubayeho.

Umwarimu yibutsa abanyeshuri uburyo bwo kubara inkuru:

- Kuvuga ibyabaye.
- Igihe byabereye.
- Aho byabereye.
- Uko byagenze n'ababigizemo uruhare.
- Uko byarangiye.

Mu gukosora umwarimu arareba uko yatangiye inkuru, uko yatondetse ibyabaye, igihe byabereye, aho byabereye, uko byagenze n'ababigizemo uruhare, hanyuma akanzura avuga uko byarangiye.

**Umukoro:**

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro w'ubushakashatsi akabaha igihe cyo kuwukorera mu matsinda mu nzu y'isomero, cyarangira bakagaragaza ibyo bakoze akabinonosora.

**Ubushakashatsi no gusoma ibyo bihitiyemo: Umukoro mu matsinda.**

Hari ibindi bitekerezo bya rubanda byiza byo gusoma: Icya Ngunda, ibya Semuhanuka, Igitekerezo cya Cacana n'ibindi. Shakisha ibitabo birimo maze ubisome kugira ngo urusheho kwagura ubumenyi no kumva amasomo bitwigisha.

## Igice cya gatandatu: Ikeshamvugo ku nka, amata n'igisabo.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 30)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gukoresha amagambo yabugenewe akoreshwa ku nka, amata no ku gisabo.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

**Umwarimu arangira abanyeshuri agakuru ko gusoma maze akabasaba kwitegereza no gusimbuza amagambo andi akoreshwa mu mvugo iboneye mu kinyarwanda.**

Mu muco nyarwanda inka, amata n'igisabo ni ibintu byubahirizwaga cyane mu Rwanda. Inka yafatwaga nk'ikimenyetso cy'ubukungu ku buryo buri wese yumvaga yayitunga ngo imuhe amata. Amata iyo yabaga yakamwe **bayabuganizaga** mu

gisabo yamara **<u>kuvura</u>**, **<u>bakayacunda</u>** akavamo amavuta yatekwaga mu biryo ari byo bitaga ibirunge cyangwa akisigwa bakayita ikimuri. Inka zanyweraga mu **<u>kibumbiro</u>** badahiyemo amazi, zamara **<u>gushoka</u>**, **<u>zikabyagira</u>**.

Kugira inka cyari ikimenyetso cy'ubukungu ku buryo abantu bashimishwaga no gutunga inka nyinshi zigabanyije mu **<u>mashyo,</u>** yabaga ari hirya no hino mu gihugu.

**Imbonerahamwe igaragaza buri jambo n'iryarisimbuye.**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Gusuka amata mu gisabo | Kuyabuganizaga |
| Gufata kw'amata | Kuvura |
| Kuzunguza amata ngo avemo amavuta | Kuyacunda |
| Aho bafukuye bagasukamo amazi inka zinywa | Ikibumbiro |
| Kunywa amazi kw'inka | Gushoka |
| Kuryama kw'inka | Kubyagira |
| Amatsinda y'inka | Amashyo |

Dore izindi mvugo ziboneye zikoreshwa ku nka n'ibiyikomokaho, ndetse n'ibikoresho byajyanaga na byo.

**Ku birebana n'inka**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kuvuga kw'inka | Kwabira, kuvumera |
| Kurekura inyana ngo yonke | Kwinikiza |
| Gukamisha amaboko yombi | Kuvuruganya |
| Kurorera gukamwa | Guteka |
| Kurangiza gukama | Guhumuza |
| Uragira inka | Umushumba |
| Kwiruka zisiga umushumba | Gutana |
| Umwana w'inka | Inyana |
| Kurara ukubiri n'inyana yayo | Kurara iragwe |
| Gucika nijoro isanga inyana yayo | Guhomora |
| Aho zinywera zafukuriwe | Ikibumbiro |
| Guhanagura inka | Kuzihonora |
| Kuzirukanaho isazi n'amashami y'ibiti | Kuzizinza |
| Kuzivomera | Kuzidahira |
| Utubere tudakamwa | Indorerezi |
| Aho umuriro wazo uri | Igicaniro |

| | |
|---|---|
| Kuzishyira imfizi | Kuzibangurira |
| Kubura amazi yo kunywa | Kurumanga |
| Uzitegeka | Umutahira |
| Amabyi yazo | Amase |
| Kuvanaho amase | Gukuka |
| Kuzima kw'igicaniro | Gusinzira |
| Ibyatsi bahanaguza inka | Inkuyo |
| Inka ipfushije iyayo | Isuri |
| Gupfa kw'imfizi | Gutaha |
| Inyana yatinze kwima | Urubereri |
| Gusubira ku gasozi kw'inyana | Gusubira iswa |
| Isaso y'inka | Icyarire |
| Kwimuka zijya gushaka ubwatsi | Kugisha |
| Inka umubyeyi asigarana amaze kuraga abana be | Ingarigari |
| Inka ihabwa ababyeyi b'umukobwa iyo asabwa | Inkwano |
| Inka igarukira uwayikoye ikomotse ku nkwano | Indongoranyo |

**Ku birebana n'amata**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Gusuka amata mu gisabo | Kuyabuganiza |
| Kuyavanamo amavuta | Kwavura, gusobanura |
| Kumena amata ubishaka | Kuyabikira, kuyabyarira |
| Kuyamena utabishaka | Kuyabogora |
| Amata y'inka ikibyara | Umuhondo |
| Amata y'inka yenda guteka | Amagomera, amanga, amasuga |
| Amata y'inyana yanze konka | Amakaba |
| Amata y'inka yimye | Amasitu |
| Gufatana kw'amata | Kuvura |
| Amata yaraye ataravura | Umubanji |
| Amata yiriwe ataravura | Amirire |
| Amata amaze kuvura | Ikivuguto |
| Amazi y'ikivuguto kitavuruze | Amenda |
| Agati bavurugisha amata | Umutozo |
| Umuheha banywesha amata | Umuceri |

**Ku byerekeye igisabo**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kumanika igisabo | Kukijisha |
| Kurangiza koza icyansi | Guhumuza |
| Gutura igisabo | Kucyururutsa |
| Gusaza kw'igisabo | Gukura |
| Kukikorera | Kukiremera |
| Kukigura | Kugikosha |
| Kumeneka | Kuribora |

## Imyitozo

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo.

1) **Gusimbuza amagambo adakwiye gukoreshwa andi yabugenewe, no gusanisha uko bikwiye interuro, kugira ngo zibe ziboneye.**

   Bwira ba **bashumba** uti:"Nimubyuke dore bwakeye **mwinikize** kandi **mukame muvuruganya**, hanyuma amata **muyabuganize** mu bisabo maze **mwahure** inka Igihe cyo **gushora** nikigera, muzijyane kuri cya **kibumbiro twadahiriyem**o amazi ejo.

   **Inyana zazo** muzishyire mu ruhongore, umwe muri mwe aze kuzahirira ubwatsi. Ubwo araza no koza ibyansi, abirange ku gatanda, kandi ibisabo bitarimo amata, abijishe hariya ku rutara.

   Ku nshushyu mufateho ayo mugurisha andi muyahe abana bayanywe ariko mwabanje kuyateka. Kandi mwirinde **kuyabogora** mu gihe muri **kuyabuganiza** mu bisabo. Hanyuma ariya **mase** yazo muze **kuyakuka**, kandi muzishakire ikindi **cyarire.**"

2) **Guhuza imvugo iboneye n'igisobanuro cyayo.**

| A | B |
|---|---|
| 1) Kuribora | a) Umuheha banywesha amata |
| 2) Indorerezi | b) Agati bavurugisha amata |
| 3) Inkuyo | c) Aho hafukuye inka zinywera |
| 4) Umuceri | d) Utubere tw'inka tudakamwa |
| 5) Icyarire | e) Ibyatsi bahanaguza inka |
| 6) Ikibumbiro | f) Isaso y'inka |
| 7) Umutozo | g) Kumeneka kw'igisabo |

## 1.6. Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa mbere

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 34)

### Ibigenderwaho mu isuzuma

- Ubushobozi bwo gusesengura mu buryo buboneye igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo.
- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye amagambo ajyanye n'ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo.

**Umwandiko: Indangagaciro z'Umunyarwanda**

Indangagaciro ziranga umuco nyarwanda ni nk'amahame Abanyarwarwanda bagenderaho amwe ababuza gukora ikibi n'andi abategeka gukora ikiza.

Indangagaciro zikwiye kuranga umuntu kuva akiri muto twavugamo izi zikurukira: guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, kwakira neza abatugana, kwita ku batishoboye, kudahemuka no gukorana umwete.

Nyamara si zo ndangagaciro zonyinye ziranga Abanyarwanda. Mu migenzereze yabo, Abanyarwanda hafi ya bose bubaha Imana bikagaragaza ukwicisha bugufi. Ibyo bigaragarira mu mazina bita abana babo no mu mvugo bakoresha umunsi ku munsi, zirimo imigani y'imigenurano, indamukanyo n'intashyo zabo. Iyo basuhuzanya bagira bati :«Mwaramukanye Imana?» Basezeranaho Bati: «Mubane n'Imana, cyangwa bati:"Imana ibarinde.»

Indangagaciro ziranga umuntu we ubwe ziza ku rwego rwa kabiri, zikaba ari indangagaciro zituma yihesha ishema mu bandi. Muri zo twavuga nko kwiyubaha ukirinda kwiyandarika, gukora ukirinda kuba inyanda kuko agaciro kawe gashingiye ku byo wagezeho wowe ubwawe, utibye, utandavuye cyangwa ngo uhemuke.

Hakurikiraho indangagaciro zihuza abantu bo mu muryango umwe, zishingira cyane ku bumwe bw'abagize umuryango, gufashanya no gutabarana. Izo rero ni indangagaciro ziranga umuryango ari wo shingiro ry'imibanire y'abantu. Abanyarwanda bemera ko habaho "ndinda" ebyiri: umwana ukiri muto aravuga ati:"Ndida dawe." Umubyeyi na we yamara gusaza akitabaza umwana we agira ati:"Ndinda mwana wange."

Ababyeyi rero uko batwitayeho tukiri abana bato, ni ko natwe tugomba kubitaho bamaze gusaza tukabasazisha neza. Umubyeyi utita ku bana be bakandagara, aba yihemukira we bwe. Nyamara n'abana bibagirwa ababyeyi babo ntibabiteho igihe bageze mu za bukuru, baba babaye ibigwari, bakabita "ibirumbo."

Hari kandi indangagaciro zidusabanya n'abandi bantu zikadutegeka gusakaza umubano mwiza mu bantu no kuwusigasira. Umunyarwanda uhuye n'undi muntu n'iyo baba bataziranye aramusuhuza, batandukana akamusezeraho.

Muri izo ndagagaciro harimo izitubuza guhemuka, kubeshya no kubeshyera abandi,

gukwiza amacakubiri n'inzangano mu bantu. Harimo kandi izidutegeka gutabara abari mu kaga, kubaha abandi, kwakirana urugwiro abantu bose nta vangura, gushima uwakoze neza ukagaya uwahemutse, no kwirinda ishyari risenya.

Uretse izo ndangagaciro zikwiye kuranga umunyarwanda ku giti ke cyangwa mu mibanire ye n'abandi, hari kandi indangagaciro zimuranga nk 'umwenegihugu. Umunyarwanda aharanira kurinda ubusugire bw'Igihugu ke, kukirwanira ishyaka, akirinda kugitera cyangwa kugisahura.

Izi ndangagaciro n'izindi tutarondoye, ni ryo shema ry'Abanyarwanda, ni zo pfundo ry'umuco udutandukanya n'abatari Abanyarwanda.

**I. Uhereye ku buryo yakoreshejwe mu mwandiko, gerageza gusobanura aya magambo maze ukoreshe buri ryose mu nteruro iboneye**

a) **Amahame:** Amategeko agenderwaho agenga ikintu iki n'iki.
b) **Kwandavura:** Guseba.
c) **Ibirumbo:** Bivugwa ku muntu utarabaye ingirakamaro ngo akore ibyo ababyeyi be bari bamutezeho ahubwo agahinduka ikirara cyangwa inkozi y'ibibi.
d) **Gusakaza ikintu:** Gukwirakwiza ikintu ahantu hatandukanye.

**II. Ibibazo ku mwandiko:**

1. **Agaciro k'umuntu gashingira ku ki?**
   → Gashingira ku myitwarire ye mu bandi no ku gukora akiteza imbere ntabe imburamumaro.
2. **Ukurikije uko ryakoreshejwe mu mwandiko, ijambo "ndinda" risobanura iki?**
   → Ijambo "ndinda" risobanura ubufasha umubyeyi aha umwana we akiri muto, yamara gukura na we akaba agomba kumwitaho kuko umubyeyi na we aba ageze mu za bukuru atakishoboye.
3. **Ni izihe ndangagaciro zikwiye kuranga umuntu we ubwe?**
   → Kwiyubaha ukirinda kwiyandarika, gukora ukirinda kuba inyanda kuko agaciro kawe gashingiye ku byo wagezeho wowe ubwawe, utibye, utandavuye cyangwa ngo uhemuke.
4. **Ni izihe ndangagaciro ziranga abantu bahuriye mu muryango umwe ?**
   → Guharanira ubumwe bw'abagize umuryango, gufashanya no gutabarana.

5. **Umubano mwiza mu bantu usakara ute ?**
   → Umuntu uhuye n'undi n'iyo baba bataziranye aramusuhuza, batandukana akamusezeraho, abantu bakirinda guhemuka, kubeshya no kubeshyera abandi, gukwiza amacakubiri n'inzangano mu bantu ahubwo bagaharanira gutabara abari mu kaga, kubaha abandi, kwakirana urugwiro abantu bose nta vangura, gushima uwakoze neza ukagaya uwahemutse, no kwirinda ishyari risenya.

**Indangagaciro akenshi usanga zifite imbusane zazo, ni ukuvuga ko iyo hatari ikiza haba hari ikibi. Gerageza gutanga imbusane z'izi ndangagaciro :**

1. Ubumwe # amacakubiri
2. Urugwiro # ikizizi
3. Kubaha # kubahuka
4. Gutabarana #gutererana
5. Kuvugisha ukuri # kubeshya
6. Gushima # kugaya

**III. Guhina umwandiko:**

**Andika interuro imwe ikubiyemo iby'ingenzi bivugwa muri uyu mwandiko.**

Indangagaciro z'umuco nyarwanda ni imigenzereze myiza idusaba kubana n'abantu bose mu mahoro, gutabarana hagati y'abagize umuryango no kwiyubaha ukirinda kwiyandarika.

**IV. Imyandikire**

**Shyira utwatuzo dukwiye ku nteruro zigize aka gace k'umwundiko:**

Ese uwavuga iby' umuco nyarwanda yahera he? Yewe, ibyiza by'umuco nyarwanda ntawabirondora ngo abirangize! Abanyarwanda bafite umuco bihariye ubatandukanya n'abanyamahanga. None wowe ntumazekumenya imyinshi mu migenzo myiza y'umuco wacu? Ngaho nawe gira icyo uvuga da !

**V. Ikeshamvugo**

**Uzurisha amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku igisabo ahari utudomo, aciyeho akarongo na yo uyasimbuze imvugo iboneye.**

Kera Abanyarwanda baragiraga ku gasozi, bakagira inka nyinshi zigabanyije mu **mashyo**. Iyo inka zabaga zitashye **barinikizaga** bagakama. Hari abantu bababaga bazi **kuvuruganya**, bagakama inka nyinshi mu mwanya muto. Amata bayakamiraga mu byansi bakayabuganiza mu bisabo.

Babaga bafite kandi ibisabo byinshi bimwe **bijishe** , ibindi bibuganijwemo amata. Ku munsi wo gucunda, amata **bayabuganizaga** mu bisabo bakayacunda, hanyuma **bakavuramo** amavuta.

**VI. Ihangamwandiko**

Andika umwandiko utarengeje ipaji imwe uvuga uburyo ukunda Igihugu cyawe cy'u Rwanda n'icyo ugikundira.

→ Buri munyeshuri arandika umwandiko akurikije amabwiriza bize mu mwaka wa kane ku buryo ugaragaza intangiriro, igihimba n'umwanzuro.
→ Mu gukosora umwarimu araraba ko abanyeshuri bubahirije ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

# 2 Kwimakaza uburenganzira bwa muntu (Umubare w'amasomo:24)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

– Gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza uburenganzira bwa muntu,
– Gusesengura inkuru ishushanyije no kugaragaza ibiyiranga no kwandika neza amagambo akatwa:na,nka na nyiri.
– Gutahura no gukoresha indango ihakana n'iyemeza, amarangamutima y'inyigana.

## 2.1. Uburenganzira bw'umwana

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 37)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 39)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kwimakaza uburenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

**Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

*Ingero z'ibibazo n'ibisubizo*

1) **Ni iki mubona ku mashusho?**
   → Turi kuhabona abantu babiri umwana n'undi muntu w'umugabo mukuru.
2) **Mwitegereje neza murabona aba bantu barimo gukora iki?**
   → Turi kubona bimeze nk'aho uyu mugabo arimo kuganiriza uyu mwana kuko urabona ko uyu mwana amuteze amatwi

**Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.
Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

*Urugero rw'amagambo akomeye basobanura.*

**Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu nteruro :**

1) **Ubwenegihugu:** Uburenganzira umuntu aba afite ku gihugu kimwemera nk'umuturage wacyo.
2) **Kukuvutsa ubuzima:** Kwica.
3) **Guhohotera:** Gukorera umuntu ibikorwa bibangamira uburenganzira bwe.
4) **Umucakara:** Umugaragu, umuntu ukoreshwa imirimo y'agahato kandi adahembwa.
5) **Kuzungura:** Gusimbura umuntu.
6) **Umudendezo:** Amahoro asesuye.

**Imyitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

*Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo*

a. **Tanga interuro zirimo aya magambo:**
   1) **Guhohotera:**
   Abantu bahohotera abana bahanwa bikomeye ku isi yose.

2) **Umucakara:**
   Gukoresha umuntu nk'umucakara ntibyemewe.
3) **Kuzungura:**
   Umwana w'umukobwa cyangwa w'umuhungu, ubu yemerewe kuzungura ababyeyi be mu gihe batakiriho.
4) **Umudendezo:**
   Abantu bose babaho mu mudendezo, buri muntu amenye ko undi ari umuvandimwe we.

**Ibibazo n'ibisobanuro ku mwandiko**

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo, bagasubiza ibibazo ku mwandiko biri mu bitabo byabo.Umwarimu ashobora kongeraho ibindi bibazo ashatse  yumva ko byarushaho gutuma umwandiko wumvikana. Nyuma y'igihe runaka umwarimu yageneye gukorera mu matsinda, umwarimu abwira abanyeshuri bakaza bagahuriza hamwe ibyo bakoze, umwarimu agatoranya itsinda  rigeza ku bandi ibisubizo byaryo hanyuma abandi banyeshuri hamwe n'umwarimu bakagenda bafatanya kubinonosora bakabona kubyandika mu makayi yabo.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 40)

***Intego zihariye:***

*Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.*

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kwimakaza uburenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

1. **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko uburenganzira ni iki?**
   Uburenganzira ni ibyo amategeko aba akwemerera.
2. **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko umwana ni muntu ki?**
   Umwana ni umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani y'amavuko.
3. **Tanga urugero rwa bumwe mu burenganzira bw'umwana buvugwa mu mwandiko?**
   Umwana afite uburenganzira bwo kubaho kuva agisamwa, umwana afite uburenganzira bwo kuba Umunyarwanda kuva akivuka, umwana udafite ababyeyi afite uburenganzira bwo kugira umwishingizi, umwana afite uburenganzira bwo kwiga..
4. **Ni akahe kamaro ko kwiga?**
   Kwiga bituma umuntu ajijuka bikamutegurira kuzabaho neza mu gihe kizaza.
5. **Ni izihe nshingano z'ababyeyi zivugwa muri uyu mwandiko?**
   Ababyeyi bafite inshingano zo kurera neza abana babyaye, bafite inshingano zo gutunga abana, bafite kandi n'inshingano zo kujyana abana mu ishuri.

## Igice cya gatatu: gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 40)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma abanyeshuri baraba bashobora gutahura ingingo z'ingenzi no gusobanura bimwe mu bijyanye n'uburenganzira bw'umwana bugaragara mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho.

### Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri bavuga mu nshamake ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko uburenganzira bw'umwana baranguruye umwumwe.

### Gusesengura umwandiko

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Umwarimu abwira abanyeshuri gutahura ingingo z'ingenzi zigaragaza uburenganzira bw'umwana mu mwandiko. Nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe

bavuye mu matsinda, umwe mu bahagarariye buri tsinda akageza ku bandi ibisubizo byabo. Abanyeshuri bafashijwe n'umwarimu banoza kandi bakuzuza ibyavuye mu matsinda bikandikwa ku kibaho cyangwa hagakoreshwa ibyuma bigaragaza inyuguti n'amashusho nyuma abanyeshuri bakabyandika ku kibaho no mu makaye yabo.

1) Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko umaze gusoma.
Abanyeshuri batandukanye baravuga ingingo z'ingenzi bumva zigize umwandiko

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

1. **Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko**
   - Haragaragaramo ko umwana afite uburenganzira bwo kubaho.
   - Haragaramo ko umwana afite uburenganzira bwo gutungwa n'ababyeyi.
   - Haragaramo ko umwana afite uburenganzira bwo kugira ubwenegihugu kuva akivuka.
   - Haragaramo ko umwana afite uburenganzira bwo kwiga.
   - Hagaragaramo ko umwana afite uburenganzira bwo guhabwa ibyo akeneye byose.
   - Haragaramo ko ntawemerewe guhohotera umwana.
   - Abana bafite uburenganzira bwo gukina kugira ngo umubiri wabo ugubwe neza.
2. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**
   Isomo nkuye mu mwandiko ni uko ngomba guharanira uburenganzira bwange kuko maze kubumenya, kandi nkubahiriza n'ubwa bagenzi bange.

## Igice cya kane: Gusoma no guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 40)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusoma no guhuza umwandiko n'ubuzima busanzwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

**Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda ya babiribabiri abanyeshuri baraganira kuri ibi bibazo bikurikira hanyuma baze guhuriza hamwe n'abandi ku kibaho ibyo baganiriyeho.

**Ganira na mugenzi wawe ku burenganzira bw'umwana umubwire uko ubyumva, mutange n'ingero z'aho mubona bwubahirizwa cyangwa aho mubona bubangamirwa.**

Abanyeshuri bari ma matsinda ya babiri baraganira ku buryo bumva uburenganzira bw'umwana, banatange ingero z'aho babona bwubahirizwa cyangwa aho babona butubahirzwa.

Mu gukosora, buri tsinda riravuga ibyo ryagezeho babihurize hamwe bafashijwe n'umwarimu.

## Igice cya gatanu: Guhanga bandika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burengazira bw'umwana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda batahura ibice bigize umwandiko.

### Guhanga umwandiko

**Insanganyamatsiko:**

Niba hari ahantu wumva uburenganzira bwawe bwarigeze guhungabanywa

(aho wigeze gukubitwa urenganywa, aho waba warimwe ibiryo ukaburara, …) cyangwa warabibonye ku wundi, andika inkuru uvuga uko byagenze utarengeje paji ebyiri.

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.

Umwarimu afasha abanyeshuri kumva insanganyamatsiko ababaza ibibazo biganisha ku gutahura aho uburengazira bw'umwana bushobora guhungabanywa:

- Kubuzwa kujya ku ishuri, gusibywa ishuri ngo asigare ku rugo nta mpamvu igaragara cyangwa ngo age gukora imirimo, kwimwa ibiryo nk'igihano, gukubitwa, ....

Umwarimu arasaba buri munyeshuri gutekereza niba hari aho yaba yarabonye bene ibyo bikorwa cyangwa byaramubayeho.
Umwarimu yibutsa abanyeshuri uburyo bwo kubara inkuru:

- Kuvuga ibyabaye.
- Igihe byabereye.
- Aho byabereye.
- Uko byagenze n'ababigizemo uruhare.
- Uko byarangiye.

Mu gukosora, umwarimu arareba uko yatangiye inkuru, uko yatondetse ibyabaye, igihe byabereye, aho byabereye, uko byagenze n'ababigizemo uruhare, hanyuma akanzura avuga uko byarangiye.

## 2.2. Uburenganzira ku mutungo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 41)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 43)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

***Ingero z'ibibazo n'ibisubizo***

1) **Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona umusaza uri kumwe n'abana babiri umuhungu n'umukobwa.
2) **Mwitegereje neza murabona aba bantu barimo gukora iki?** Turikubona bimeze nk'aho uyu musaza ari kwereka aba bana imitungo basigiwe n'ababyeyi babo.

## Gusoma

**Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo byo gusuzuma ko basomye bucece n'ibisubizo***

1. **Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko ?**
   → Ni uburenganzira bwo kugira umutungo.
2. **Bavuga ko umutungo uva he ?**
   → Umutungo uva ku mpano, ku murage w'ababyeyi, no mu gukora.

**Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

***Urugero rw'amagambo akomeye basobanura***

1) **Izungura:** Igikorwa cyo kwegukana uburenganzira n'inshingano ku mitungo yasizwe n'ababyeyi bawe.
2) **Ibihangano:** Ibintu byaturutse mu bwenge n'ibikorwa by'umuntu.
3) **Ubugeni:** Umwuga wo gukora ibintu binogeye amaso cyangwa ibihangano binogeye amatwi.
4) **Ubukorikori:** Umwuga wo gukora ibintu bitandukanye ubikoresheje intoki.
5) **Umwishingizi:** Umuntu washyizweho ngo ahagararire umwana watakaje ababyeyi mu gihe ataragira imyaka y'ubukure.
6) **Kuraga:** Kuvuga ijambo cyangwa ugakora inyandiko ivuga uko umutungo wawe uzakoreshwa nyuma y'urupfu rwawe.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Gutanga interuro zirimo aya magambo:**

1) **Umutungo:**
   Akenshi abantu bakura umutungo mu gukora cyangwa bakawuhabwa n'abandi.
2) **Umwishingizi:**
   Umwishingizi w'umwana aba agomba kumucungira umutungo we ntawangize.
3) **Uburenganzira:**
   Abana dukwiye kumenya uburenganzira bwacu kugira ngo turusheho kubuharanira.
4) **Umurage:**
   Ntuzangize umurage w'ababyeyi bawe uwutagaguza.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 43)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira ku mutungo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

1) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko umutungo uturuka he?** Muri uyu mwandiko haravugwamo ko umutungo uturuka ahantu hatandukanye:umuntu ashobora kubona umutungo awuguze, ku izungura, ku bihembo biturutse ku kazi ukora, ku mpano, ku bworozi cyangwa ku bihangano by'ubugeni n'ubukorikori.
2) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko kuzungura ni iki?** Kuzungura ni inzira ikurikizwa ngo abantu begukane umutungo w'umuntu wapfuye.
3) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko indishyi z'akababaro ni iki?**Indishyi zakababaro ni umutungo uhabwa umwana uturutse ku rupfu rw'ababyeyi be, zishobora gutangwa n'abishe ababyeyi be cyangwa zigatangwa n'ikigo cy'ubwiteganyirize cyangwa amasosiyete y'ubwishingizi mu gihe urupfu rw'ababyeyi be rwaturutse ku mpanuka.
4) **Ni izihe nshingano z'umwishingizi?** Umwishingizi afite inshingano zo kurera umwana mu gihe ababyeyi be batakiriho, umwishingizi afite inshingano zo guhagararira umwana mu gihe arimo kugura cyangwa agurana ikintu runaka, umwishingizi afite inshingano zo kwita ku mutungo w'abana mu buryo butababangamiye.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 43)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.***

- Umuntu ashobora kubona umutungo awuguze, ku izungura, ku bihembo biturutse ku kazi ukora, ku mpano, ku bworozi cyangwa ku bihangano by'ubugeni n'ubukorikori.
- Abana bashobora kubona umutungo bawuvanye ku izungura.
- Abana bashobora kubona umutungo uvuye ku ndishyi z'akababaro.
- Nyiri umutungo agira uburenganzira ku bijyanye n'umutungo we n'ikije kiwiyongeraho cyose.
- Abana b'abahungu n'abana b'abakobwa bafite uburenganzira bungana bwo kuzungura umutungo w'ababyeyi babo.

## Igice cya kane: Guhanga bandika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 44)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burengazira ku mutungo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bita kukureba ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

### Guhanga umwandiko

**Insanganyamatsiko:**

Andika umwandiko uvuga ibintu uteganya gukora kugira ngo nawe utangire kubona umutungo hakiri kare.

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye. Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.

Umwarimu afasha abanyeshuri kumva insanganyamatsiko abasaba kuvuga amagambo y'ingenzi ayigize:

Abanyeshuri baravuga amagambo y'ingenzi agize insanganyamatsiko bayandike ku kibaho.

**Amagambo y'ingenzi muri iyi nsangamatsiko ni:**

1. Ibintu ntegenya gukora.
2. Kubona umutungo
3. Hakiri kare.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakusanya ibintu umunyeshuri wo mu mwaka wa gatanu yakora kugira ngo abone umutungo hakiri kare ariko bitabangamiye imyigire ye.

**Ibyava mu matsinda biraterwa n'aho ishuri riherereye:**

**Mu cyaro:** korora amatungo magufi nk'inkoko n' inkwavu no gutera ibiti by'imbuto (avoka, amapera...) no guhinga uturima tw'imboga.

**Mu mugi:** Guhinga akarima k'imboga gakoze nk'umusozi uriho amaterasi y'indinganire ku buryo kadasaba ubutaka bugari, ...

Bamaze gukusanya ibitekerezo, umwarimu arabwira buri munyeshuri gukora wenyine, akandika umwandiko ufite intangiriro, igihimba n'umwanzuro.

Buri munyeshuri arandika umwandiko akurikije amabwiriza babonye.

Mu gukosora, umwarimu areba uko umunyeshuri yubahirije imiterere y'umwandiko n'ireme ry'ibitekerezo yatanze.

## 2.3. Uburenganzira bw'abanyantege nke

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 44)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 46)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bw'abanyantege nke, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

## Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

1) **Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abantu b'ingeri zitandukanye abagabo, abagore, abakuze ndetse n' abana batoya benshi barimo kwiruka bafite imitwaro itandukanye.
2) **Mwitegereje neza murabona aba bantu barimo gukora iki ?** Turi kubona bimeze nk'aho aba bantu bahunze.

## Gusoma bucece

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bigaragaza ko basomye bucece***

1) **Muri uyu mwandiko haravugwamo nde?** Haravugwamo umuryango w'umugabo witwa Muhirwa n' umugore we Mukandoli.

2) **Uyu muryango wari ubayeho ute? Kubera iki?** Uyu muryango wari ubayeho mu buryo buciririitse kuko wari umuryango munini kandi nta sambu ihagije bafite.

3) **Kuki uyu muryango watatanye?** Uyu muryango watatanye kuko intambara yateye umugabo yaragiye gupagasa.

4) **Bageze mu nzira uyu muryango byawugendekeye gute?** Bageze mu nzira baraburanye, umugore uvugwa muri uyu mwandiko kuko yari atwite kubera urugendo n'imihangayiko yaje gukuramo inda abaturanyi bamujyana kwa muganga bamwitaho baramuvura arakira.

5) **Uyu mwandiko urangira ute?** Uyu mwandiko urangira umuryango uvugwamo wose wongeye guhura.

## Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

***Urugero rw'amagambo akomeye basobanura***

1) **Ibigango:** Ingufu, imbaraga z'umubiri.
2) **Igitonyanga mu nyanja :** Utudu duke cyane.
3) **Inshuke:** Abana bakiri bato bakiva ku ibere.

4) **Ikivunge:** Abantu benshi.
5) **Kurorongotana:**Kugenda uyobagurika kubera ko utazi iyo ujya.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**Soma, uhuze ijambo rivuye mu mwandiko n'igisobanuro cyaryo ukoresheje akambi.**

| | |
|---|---|
| 1. Gupagasa | Kugenda gahoro kuko uri hamwe n'umuntu udafite intege zo kwihuta. |
| 2. Inshuke | Agakuru k'umuntu mwaburanye |
| 3. Kugendera magufi | Kujya gukorera amafaranga ahandi hantu. |
| 4. Akanunu | Umwana ukiva ku ibere, ukiri muto. |

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa. 46)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko basomye.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1. **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?** Ni umuryango wa Muhirwa n'umugore Mukandori, abana babo ndetse n'umubyeyi wa Muhirwa hamwe n'abaturanyi babo.
2. **Kuki uyu mugabo uvugwa muri uyu mwandiko intambara yateye ataba mu rugo rwe?** Uyu mugabo uvugwa mu mwandiko intambara yateye atari iwe kuko yari afite umuryango mugari kandi nta sambu nini afite bityo intambara itera yaragiye gupagasa ngo abone ibizatunga umuryango we.
3. **Uyu muryango ugeze mu nzira byawugendekeye gute?** Ugeze mu nzira umugore uvugwamo kubera ikivunge cy'abantu yaje kuburana n'abana be babiri bakuru ari bo bari bikoreye ibyo kurya, uyu mugore rero yari atwite, noneho kubera imihangayiko n'intege nkeya z'urugendo yaje gukuramo inda abaturanyi bamujyana ku ivuriro ryari hafi aho bamwitaho arakira.
4. **Uyu mugore uvugwa muri uyu mwandiko yafashijwe na ba nde mu bibazo yahuye na byo?** Uyu mugore uvugwa mu mwandiko yafashijwe na nyirabukwe, n'abaturanyi be ndetse n'abakozi bo ku ivuriro.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no kugaragaza isomo avanye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda barasubiza ibibazo byabajijwe hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

**Umwitozo wo gusesengura umwandiko**

1. Vuga ingingo z'ingenzi z'umwandiko umaze gusoma.
2. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?

***Urugero rw'ibyava mu matsinda***

1. **Ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko umaze gusoma.**
   - Haragaragaramo ko abanyantege nke bafite uburenganzira bwo kwitabwaho.
   - Haravugwamo ko abanyantege nke bafite uburenganzira bwo gufashwa.
   - Haravugwamo ko abanyantege nke bafite uburenganzira bwo kuvuzwa.
2. **Isomo riri mu mwandiko**
   Isomo nkuye muri uy mwandiko ni uko abanyantege nke : abana, abagore batwite n'abantu bageze mu za bukuru, bagomba kwitabwaho kandi bakarindirwa ubuzima cyanecyane nko mu bihe bibi by'intambara.

## Igice cya kane: Guhanga bandika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsangamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burengazira bw'abanyantege nke, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bitegereza imiterere y'umwandiko.

b) **Guhanga umwandiko**
   **Insanganyamatsiko: Andika inkuru ivuga ku burenganzira bw'abanyantege nke uvuge n'ukuntu ubona bwubahirizwa mu gace utuyemo.**

   Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerzaho akanya.

Umwarimu afasha abanyeshuri kumva insanganyamatsiko ababaza ibibazo biganisha ku gutahura uburengazira bw'abanyantege nke n'uko bwakubahirizwa n'uko twabibonye mu bice bibanza.

Buri munyeshuri arandika umwandiko, agende atanga ingero zifatika z'ibyo abona mu gace atuyemo n'ibyo yumva mu makuru.

Mu gukosora umwarimu arareba imiterere y'umwandiko, ireme ry'ibitekerezo atanga n'ingero zifatika zo kubishyigikira no kubisobanura.

## 2.4. Uburenganzira bw'abafite ubumuga

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 47)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 49)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bw'abafite ubumuga, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

1) **Ni iki mubona ku mashusho?** Turi kuhabona abanyeshuri bajya ku ishuri. Turi kuhabona kandi umunyeshuri ugendera mu kagare.

2) **Mwitegereje neza murabona iki gishushanyo kitubwira iki?** Turi kubona iki gishushanyo kiri kutubwira ko inyubako iba igomba kugira inzira inyuramo abantu bazima ndetse inzu iba igomba no kugira inzira igenderamo abantu bafite ubumuga

**Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.

***Ingero z'ibibazo byo gusuzuma ko basomye bucece n'ibisubizo:***

1. **Ni iyihe nsangamatsiko igenda ivugwaho kenshi muri uyu mwandiko?** Muri uyu mwandiko hari kuvugwamo kenshi uburenganzira bw'abafite ubumuga
2. **Muri uyu mwandiko baravuga ko ufite ubu muga ari muntu ki?** Muri uyu mwandiko baravuga ko umuntu ufite ubumuga ari umuntu wese udafite ubushobozi nk'ubw'abandi mubyerekeye ubuzima ashobora kuba ariko yavutse cyangwa yarabutakaje kundwara cyangwa ku ntamabara ndetse no ku mpanuka

3) **Muri uyu mwandiko haravugwamo ko mu bafite ubumuga harimo bande?** Haravugwamo ko hariho abafite ubumuga buhoraho bwo mungingo, hariho abatumva neza, hariho abafite ubumuga bwo kubona, hariho abafite ubumuga bwo mu mutwe. Haravugwamo kandi ko hariho abafite ubumuga bw'igihe gitoya nk'abafite ibikomere cyangwa imvune.
4) **Ese umuntu ufite ubumuga afite uburenganzira bungana ni ubwo undi muntu utabufite?** Yego. Umuntu ufite ubumuga wese afite uburenganzira bungana n'ubw'abandi imbere y'amategeko.

**Ibisobanuro by'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

**Amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko**

**A) Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

1) **Ubumuga:** Imiterere y'umuntu ufite ubumuga ku mubiri cyangwa mu mutwe.
2) **Guhezwa:** Kwigizwayo, gukumirwa, guhabwa akato.
3) **Insimburangingo:** Ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bisimbura urugingo rw'umubiri rwatakaye.
4) **Inyunganirangingo:** Ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bifasha umuntu ufite ubumuga mu kumwunganira ku ngingo z'umubiri zidakora neza.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

1) **Gutanga interuro imwimwe irimo aya magambo akurikira bigaragaza ko wumvise icyo asobanura:**
   a) **Ipiganwa:** Abantu bifuza akazi bakora ibizamini by'ipiganwa.
   b) **Ibiza:** Iyo habayeho ibiza, abantu bagomba kwihutira gutabara abagezweho n'ibyago bibikomokaho.
   c) **Kunganirwa:** Umunyantege nke aba akwiye kunganirwa kugira ngo tumufashe kugira imibereho.

2) **Imbonerahamwe y'imvugo zidasesereza abafite ubumuga:**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Ikiragi | Ufite ubumuga bwo kutavuga. |
| Igipfamatwi | Ufite ubumuga bwo kutumva. |
| Impumyi | Ufite ubumuga bwo kutabona. |
| Igicumba | Ufite ubumuga bw'ukuguru. |
| Kanyonjo | Ufite inyonjo. |
| Kaboko | Ufite ubumuga bw'akaboko. |
| Kajisho | Ufite ubumuga bw'ijisho. |
| Igikuri | Ufite ubugufi bukabije. |

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 50)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

**Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

1) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko ubumuga ni iki?** Ubumuga ni ukuba udafite ubushobozi bungana nk'ubw'abandi mu byerekeranye n'ubuzima bitewe n'ingingo zimwe z'umubiri zidakora neza.
2) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko ubumuga buturuka hehe?** Ubumuga ushobora kubuvukana, ubumuga ushobora kubuterwa n'intambara, ubumuga kandi ushobora kubuterwa n'impanuka.
3) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko uburenganzira bw'abafite ubumuga ni ubuhe?** Muri uyu mwandiko bumwe mu burenganzira bw'abafite ubumuga buvugwamo ni ubu:
    - Abafite ubumuga bafite uburenganzira bungana n'ubw'abandi imbere y'amategeko, urugero umwana ufite ubumuga ntahezwa mu ishuri, yigana n'abana batabufite.
    - Abafite ibigo byita ku bafite ubumuga, bagomba gukora ibishoboka byose ngo bubahirize ibisabwa kugira ngo abafite ubumuga bagire umutekano n'ubuzima bwiza.
    - Abafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kuba mu muryango.
    - Abafite ubumuga mu gihe badafite ababyeyi bafite uburenganzira bwo kugira umwishingizi, bafite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo, bafite uburenganzira bwo kunganirwa nk'undi wese mu nkiko.
    - Mu bijyanye n'umurimo bafite uburenganzira bwo gupiganirwa umurimo kimwe n'abandi.
    - Bafite kandi uburenganzira bwo koroherezwa kugera ahantu rusange bitabavunnye.
4) **Ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko ni ibiki bibujijwe gukorerwa abantu bafite ubumuga?** Muri uyu mwandiko haravugwamo ko bibujijwe kubaheza mu ishuri, haravugwamo kandi ko mu rwego rw'imirimo bitemewe gukorera abafite ubumuga ivangura
5) **Ni ibiki Leta ikorera abantu bafite ubumuga?** Leta yorohereza abafite ubumuga mu buryo bwo kwivuza, iyo umuntu ufite ubumuga atishoboye, leta iramuvuza ndetse ikanamushakira insimburangingo cyangwa inyunganira ngingo iyo azikeneye.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 51)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'uburenganzira bw'abafite ubumuga no kugaragaza isomo yakuye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bw'abafite ubumuga, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka mu isomo riheruka. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Mu matsinda baratahura ingingo z'uburenganzira bw'abafite ubumuga buri mu mwandiko, bavuge n'isomo bakuyemo hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

1) **Ingero z'uburenganzira bw'abafite ubumuga buri mu mwandiko uburenganzira bw'abafite ubumuga.**
   - Haravugwamo ko abafite ubumuga bafite uburenganzira bungana n'ubw'abandi imbere y'amategeko.
   - Haravugwamo ko umwana ufite ubumuga adahezwa mu ishuri, yigana n'abana batabufite.
   - Haravugwamo kandi ko abafite ibigo byita ku bamugaye bagomba gukora ibishoboka byose ngo bubahirize ibisabwa kugira ngo abafite ubumuga bagire umutekano n'ubuzima bwiza.
   - Haravugwamo ko abafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kuba mu muryango.
   - Haravugwamo ko abana b'imfubyi bafite uburenganzira bwo kugira umwishingizi.
   - Haravugwamo ko bafite uburenganzira bwo kunganirwa mu nkiko.

- Haravugwamo ko abafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kuvuzwa.
- Haravugwamo ko bafite uburenganzira bwo gupiganira imirimo.
- Haravugwamo ko bafite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo no kugishwa inama mu gihe bibaye ngombwa.
- Haravugwamo kandi ko abafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kugera ahantu rusange bitabavunnye.

2) **Isomo nkuye muri uyu mwandiko**
Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni uko abafite ubumuga bafite uburenganzira kimwe n'abandi bantu bose kandi bakaba bagomba gufashwa no kwitabwaho kugira ngo uburenganzira bwabo bungane n'ubw'abandi.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 51)

***Intego zihariye:***
Umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo bifite ireme ku sanganyamatsiko ijyanye n'uburenganzira bw'abafite ubumuga, akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be anenga cyangwa ashima mu bwubahane.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ikibazo yabaza:***

Ni irihe somo duheruka kwiga?
Duheruka gusesengura umwandiko "Uburenganzira bw'abafite ubumuga."
Umwarimu yandika ku kibaho insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo agasaba umunyeshuri umwe kuyisoma mu ijwi riranguruye.

### Insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo:

**Usibye uburenganzira bw'abafite ubumuga buvugwa mu mwandiko wasomye, nta bundi burenganzira abafite ubumuga bakwiye guhabwa, uhereye ku bo uzi mu gace utuyemo cyangwa abo mwigana?**

Umwarimu asomera abanyeshuri insanganyamatsiko akabafasha kuyumva neza ababaza ikibazo gikurikira:

Icyo batubaza gutangaho ibitekerezo ni iki? Ni ubundi burenganzira butavuzwe mu mwandiko abafite ubumuga bakwiye guhabwa.

Abanyeshuri barajya mu matsinda bakusanye uburenzira butavuzwe mu mwandiko abafite ubumuga bakwiye guhabwa,hanyuma babihurize hamwe ku kibaho.

***Urugero rw'ibitekerezo byatangwa n'amatsinda:***

**Uburenganzira abafite ubumuga bakwiye guhabwa:**

- Abafite ubumuga bakwiye kwigishwa imyuga bashobora gukora ikaba ari yo ibatunga aho kubareka ngo batungwe no gusabiriza.
- Abafite ubumuga biga bakwiye guhabwa ibikoresho bakenera mu kwiga bitewe n'ubumuga bwabo.
- Abafite ubumuga bakwiye kuvuzwa ku buntu.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, umwarimu arafatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu buryo buboneye.

## Igice cya gatanu: Guhanga bandika

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 51)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora guhanga umwandiko yubahiriza ibice by'ingenzi bigize umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burengazira bw'abafite ubumuga, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bitegereza uko umwandiko uteye.

### Guhanga umwandiko

**Insanganyamatsiko: Andika inkuru ivuga ku burenganzira bw'abafite ubumuga uvuge n' ukuntu ubona bwubahirizwa mu gace mutuyemo.**

Umwarimu asaba umunyeshuri umwe gusoma insanganyamatsiko mu ijwi riranguruye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri insanganyamatsiko abasabe kuyitekerezaho akanya.

Umwarimu afasha abanyeshuri kumva insanganyamatsiko ababaza ibibazo biganisha ku gutahura uburengazira bw'abanyantege nke n'uko bwakubahirizwa n'uko twabibonye mu bice bibanza.

Buri munyeshuri arandika umwandiko, agende atanga ingero zifatika z'ibyo abona mu gace atuyemo n'ibyo yumva mu makuru.

Mu gukosora umwarimu arareba imiterere y'umwandiko, ireme ry'ibitekerezo atanga n'ingero zifatika zo kubishyigikira no kubisobanura.

## Igice cya gatandatu: Indango z'inshinga

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 51)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iri somo abanyeshuri baraba bashobora guhindura indango y'inshinga no gukosora interuro, gutandukanya indango yemeza n'indango ihakana no gukoresha indango ihakana n'indango yemeza mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko cyangwa interuro ziganjemo inshinga zemeza n'izihakana.

**Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma interuro zikurikira, akabasaba gutahura icyo inshinga ziciyeho akarongo zivuga mu butumwa zitanga.**

1. Ndagenda uyu munsi.
2. Singenda none.
3. Uraza cyangwa ntabwo uza?
4. Mwitonde mutagwa!
5. Mwirinde gukora ibyaha mutazahanwa.
6. Udakora ntakarye!
7. Ntimukangize ibidukikije!
   → Muri izi nshinga, zimwe zirahakana izindi zikemeza.

**Inshinga zemeza:** ndagenda, uraza, mwitonde, mwirinde, gukora.
**Inshinga zihakana:** singenda, ntabwo uza, mutagwa, mutazahanwa, udakora ntakarye, ntimukangize.

Kuva mu ndango yemeza tujya mu ndango ihakana, amagambo twifashisha.

Amagambo cyangwa uturemajambo twagiye dufasha mu guhana : **si-, ntabwo**, **ta-**, (**ihinduka da-**), **nta-**, **na nti-**

**si-** : gakora muri ngenga ya mbere y'ubumwe gusa.
**ta-** : gakoreshwa muri ngenga zose, ariko muri ngenga ya mbere gakoreshwa gahinduka nta iyo gakoreshejwe mu buryo bumwe na bumwe bw'itondaguranshinga.

**Urugero : Nintatsinda** nzababara**.**

**nti-** : Iyo gahuye na ngenga iragwa n'inyajwi i iburizwamo kagafata iyo nyajwi. Ni yo mpamvu gahinduka **ntu-** muri ngenga ya kabiri ubumwe cyangwa **nta-** muri ngenga ya gatatu ubumwe.

**Gakoreshwa:**

a) Muri ngenga ya kabiri y'ubumwe: ntugende, ntuzagende.

b) Muri ngenga ya gatatu y'ubumwe : ntazagende, ntagende.

c) Muri ngega ya mbere y'ubwinshi : ntitugende, ntituzagende.

d) Muri ngenga ya kabiri y'ubwinshi : ntimuzagende, ntimugende.

e) Muri ngenga ya gatatu y'ubwinshi : ntibagende, ntibazagende.

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| **Nitagenda** ndakumenyesha. | **Nintagenda** ndakumenyesha. |
| **Situgenda** kuko burije | **Ntitugenda** kuko burije |

**Umwitozo:**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri wese ku giti ke.

**Gutondagura inshinga ziri mu dukubo mu ndago ihakana no mu gihe cyasabwe aho biri:**

a) Umuco wo kuzigama (wakwiriye : shyira mu ndagihe, mu ndango ihakana) mu Banyarwanda.

→ Umuco wo kuzigama nturakwira mu Banyarwanda

b) Hari ibiti biterwa mu myaka (konona: indagihe y'ubusanzwe, indango ihakana).

→ Hari ibiti biterwa mu myaka ntibiyonone.

c) Jenoside (kongera kubaho ukundi: Inzagihe, mu ndango ihakana).

→ Jenoside ntizongere kubaho ukundi.

d) (Kwironda: Inzagihe mu ntegeko, ngenga ya kabiri y'ubwinshi, indango ihakana), mukurikije ikintu icyo ari cyo cyose, ahubwo muzage mugirana ubumwe n'ubufatanye na buri wese.

→ Ntimuzironde, mukurikije ikintu icyo ari cyo cyose, ahubwo muge mugirana ubumwe n'ubufatanye na buri wese.

e) (Kongera: Inzagihe, ngenga ya mbere ubumwe, indango ihakana) kunywa itabi.

→ Sinzongera kunywa itabi.

## Igice cya karindwi: Amagambo akatwa

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 53)

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iri somo, umunyeshuri ahereye ku nteruro zigaragaramo amagambo akatwa araba ashobora kwandika akata amagambo uko bikwiye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho.

### Isubiramo:

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko. "uburenganzira bw'abafite ubumuga "umwumwe kugira ngo biyibutse umwandiko.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe abanyeshuri kuzisoma no gutahuramo amagambo yakaswe.

**Gusoma interuro no gutahura amagambo afite inyajwi zakaswe kubera ko yahuriye n'andi magambo mu nteruro.**

1) Amashyamba **n**'amazi biri mu bidukikije bifite akamaro kanini ku buzima bwacu?
2) Abantu bose bafite icyo bakora **nk**'abahinzi, aborozi, abanyamyuga ndetse n'abakorera umushahara, bagomba kwitabira kuzigama.
3) Amaso ye ni **nk**'ayawe mureba kimwe.

Gukata ijambo ni ugushobora gukuraho inyajwi ihera ukayisimbuza agakato. Agakato ni akamenyetso kameze gutya ('). Aka kamenyetso gashyirwa ku magombo ahuza andi ari yo bita ibyungo, ku magambo agereranya andi ari yo bita ingereranya no ku ijambo nyiri rigaragaza uwahariwe ikintu ku buryo bw'umwihariko. Aya magambo atakaza inyajwi yayo ihera iyo akurikiwe n'ijambo ritangirwa n'inyajwi.

*Ingero:*

1. Amashyamba n'amazi biri mu bidukikije bifite akamaro kanini ku buzima bwacu?
2. Abantu bose bafite icyo bakora nk'abahinzi, aborozi, abanyamyuga ndetse n'abakorera umushahara, bagomba kwitabira kuzigama.
3. Amaso ye ni nk'ayawe mureba kimwe.
   → Amagambo yagiye akatwa ni ibinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka"

### Umwanzuro:

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi.

## Igice cya munani: Inyajwi zisoza zidakatwa

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 53)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iri somo, abanyeshuri bahereye ku nteruro zigaragaramo amagambo adakatwa, araba ashobora kwandika neza amagambo adakatwa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, integanyanyigisho.

### Isubiramo:

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka mu isomo baheruka kwiga.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka muri make ku isomo riheruka.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arandika interuro ku kibaho asabe abanyeshuri kuzisoma no gutahuramo amagambo adakatwa kandi yahuriye mu nteruro n'andi atangijwe n'inyajwi.

**Soma izi nteruro maze utahure amagambo afite inyajwi zitakaswe kandi ayo magambo yahuriye n'andi mu nteruro.**

1) Mu ishyamba rya Nyungwe habamo ibintu byinshi bishimisha ababisura.
2) Ibiremwa biri ku isi byose biruzuzanya.
3) Uzajye uzigama amafaranga kurusha uko uyasohora bizagufasha.
4) Kwiga ni uguhora wihugura, si uguhabwa impamyabushobozi ngo urekere aho.
5) Turwanye ingengabitekerezo ya jenoside aho turi hose.
6) Iyo duharaniye ubwuzuzanye n'uburinganire tuba twubahiriza ihame ko abantu bose bavukana uburenganzira bungana.

### Urugero rw'ibibazo umwarimu yabaza

a) Inyajwi zisoza amagambo zitwaye gute muri rusange mu gihe zikurikiwe n'andi magambo atangiwe n'inyajwi?
   Inyajwi zisoza amagambo ntabwo zakaswe kubera ko zikurikiwe n'amagambo atangiwe n'inyajwi.

b) Inyajwi "**i**" isoza akabimbura "**nyiri**", n'inshinga mburabuzi "**ni**" na "**si**" zo zitwaye gute?

c) Inyajwi zisoza indangahantu "**ku**" na "**mu**" zitwaye gute?
   → Inyajwi zisoza amagambo ntabwo zakaswe kubera ko zikurikiwe n'amagambo atangiwe n'inyajwi kimwe n'izisoza akajambo nyiri, inshinga ni na si n'indangahantu ku na mu.

**Umwanzuro:**

1) Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

**Urugero:** Jya uhora uharanira kujijuka!

2) Inyajwi "**i**" isoza akabimbura "**nyiri**", n'inshinga mburabuzi "**ni**" na "**si**" ntizikatwa. Naho "**nyira**" ivuga "**nyina wa**" ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

*Ingero:*

- Nyiri aya makaye ari he ko yayanyagije?
- Nyirabukwe yamutuye.
- Gusoma neza si ugusoma wiruka mu nyuguti, gusoma neza ni ukwitonda ukavuga amagambo uko yanditse.

3) Inyajwi zisoza indangahantu "**ku**" na "**mu**" ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n'ijambo rikurikira.

**Urugero:** Duharanire gukwiza amahoro mu isi yose duhereye ku ishuri twigaho.

**Umwitozo:**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri wese ku giti ke.

**Kosora amakosa y'imyandikire ari muri izi nteruro.**

1. Nuva kw'ishuri uge kuhira za ngemwe zibiti twateye ejo bundi.
   → Nuva ku ishuri uge kuhira za ngemwe z'ibiti twateye ejobundi.
2. Gukund'umurimo bizatuma duter'imbere, tuve mu ubukene bwa karande.
   → Gukunda umurimo bizatuma dutera imbere, tuve mu bukene bwa karande.
3. Gusoma ibitabo byinshi bifasha kwiyungura ubumenyi nubwenge nubushobozi mu byo dukora.
   → Gusoma ibitabo byinshi bifasha kwiyungura ubumenyi n'ubwenge n'ubushobozi mu byo dukora.

## Igice cya kenda: Amarangamutima

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 54)

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gutahura amarangamutima, gukoresha amarangamutima mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Interuro cyangwa umwandiko byiganjemo amarangamutima.

**Ivumburamatsiko:**

Umwarimu arandika interuro ku kibaho maze asabe abanyeshuri kuzisoma no gutahura y'amagambo yagaragaje.

**Soma amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro maze utekereze ku miterere n'umumaro wayo, ugerageze gutahura uko yakwitwa.**

1. Yooo! Mbese burya ni uko byagenze?
2. Ye baba wee! Ubwo ko bajya kumwiba ayo mafaranga yose yose kuki atari yarayazigamye muri banki?
3. Ahaaa! Aho wenda waba watemye ibiti bya Leta!
4. Ayayaya! Mbega ibintu byiza! Aya manota yose ni ayawe!

Amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro agaragaza ibiri ku mutima w'uvuga. Aha mbere biragaragara ko ababajwe n'ibyabaye. Mu nteruro ya kabiri uvuga aratangara ariko agaragaza kwifatanya n'uwagize ibyago byo kwibwa. Mu nteruro ya gatatu, uvuga arihanangiriza uwo bavugana, amwumvisha ko atangajwe n'ibyo yumvise.

→ Aya magambo kimwe n'andi ateye nk'aya aranga ibiri ku mutima w'uvuga. Ni ukuvuga ibyiyumvo afite. Mu byiyumvo habamo: akababaro, gutangara, kwifatanya n'uwagize ibyago, ibyishimo, …

**Inshoza y'amarangamutima**

Amarangamutima ni amagambo adahinduka, agaragaza ibyiyumvo by'uvuga.

## Igice cya cumi: Inyigana

(Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 55)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gutahura inyigana, no gukoresha kuzikoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** interuro cyangwa umwandiko byiganjemo inyigana.

**Ivumburamatsiko:**

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko no gutahura imiterere y'amagambo yagaragaje.

**Soma witonze aka gace k'umwandiko maze utekereze ku mitere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo:**

<u>Huun.</u> ! <u>Huun!</u> Ihene itangira kubyogabyoga. Dore ishyano! Ibya hano biguruka nta mababa! Itangira gutekereza impyisi. <u>Huun!</u> <u>Huun!</u> Iyo ni gica cy'urukinga n'urutamu ku mugongo! Mutamu ireba hirya no hino, ibura uburyama n'ubuhagarara, ubwoba

burayisaga isigara ihinda umushyitsi. Huun! Iratitirije amaso atera ibishashi, iteye iyo shashi y'inshirasoni. Nyirashyano itekereza ibyo guhunga isanga bitagishobotse iti: "Ahasigaye ni ukurwana." Ngo "tiku! Tiku!" Rwasakiranye: ngiryo ihembe ngiryo iryinyo birakururana rubura gica. Isake irinda iyibikiraho, umuseke ureya. Mu rukerera Mutamu iti: "Nuko nabeshyaga n'ubundi nta hene irwanya impyisi, iki cyago cyanyishe

→ Huun. ! Huun!: Aya magambo arigana impyisi ihuma.
→ tiku! Tiku! : Aya magambo arigana urusaku ruturuka ku bintu bisekuranye. Atwumvisha uburyo Mutaku yabanje kwirwanaho igatikura impyisi ikoresheje umutwe n'amahembe.

**Amagambo aciyeho akarongo aragaragaza urusaku rwumvikana bitewe n'igikorwa impyisi na Mutamu bikora**

**Inshoza y'inyigana**

Inyigana ni amagambo yigana urusaku rw'ibintu, urw'inyoni cyangwa inyamaswa.

***Ingero:***

- Imodoka iti « **karararanyanyanya….vruumvruum** ».
- Inka iti « **moooo** » !
- Injangwe iti « **nyawu nyawu** » !
- Umusambi uti « **huhamu huhamu** ».

## Umwitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri wese ku giti ke.

**Gutahura amarangamutima cyangwa inyigana ziri mu nteruro.**

Mee! Mee! Uwo ni nyiribyago Sehene wize guhebeba ngo none yamwumva igataha.
→ Mee! Mee!: inyigana.
Mu kanya gato, Mutamu itangira gutaka iti: « Ayii we! Ahuu! Cya cyago kiranyishe!
→ Ayii we! Ahuu!: amarangamutima
Ihene iti:"Meee!" Inka iti: "Maaaa!" Intama iti:" Baaa!"
→ Inyigana

Mu gitondo inyoni zose ziba ziririmba. Inuma igira iti:"**Gugu, Gugugu, Gugu!"** Inyombya iti:"swiririri". Akayaga kaba gahuhera ngo"shiiii!" Niwumva rero inyoni ziririmba, ntugatangire kwiganyiriza ngo"ororoo!" Ahubwo jya uhita wiyorosora ibiringiti vuba ngo « shiku! »

→ Gugu, Gugugu, Gugu!; swiririri; shiiii!; shiku : inyigana
→ Ororoo: Amarangamutima

## 2.5. Inkuru ishushanyije: Dukine kuko ari byiza, ariko ntitwiyibagize inshingano zacu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 57)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 63)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho inkuru ishushanyije abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.

**Ibibazo ashobora kubabaza n'ibisubizo**

1) **Ni iki mubona kuri aya mashusho ari mu gitabo cyanyu?** Turi kuhabona umukecuru , umugore n'abana barimo gukina umupira

2) **Mugereranije ibi muri kubona ku mashusho biri kutubwira iki?** Biri kutubwira ko tugiye kwiga inkuru ishushanyije.

**Gusoma bucece**

Mwarimu arabereka amerekezo yo gusoma inkuru ishushanyije.
Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku nkuru ishushanyije bigaragaza ko basomye.

***Ingero z'ibibazo byo gusuzuma ko basomye bucece n'ibisubizo:***

1) **Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru ishushanyije ?** Muri iyi nkuru ishushanyije haravugwamo umukecuru, umugore witwa Nyiramana n'umwana witwa Sekidende

2) **Umukecuru uvugwa muri iyi nkuru ishushanyije afite ikihe kibazo?** Uyu mukecuru yari avuye gukura ibijumba yabuze Sekidende ngo aze abitware.

3) **Muri iyi nkuru ishushanyije uyu mugore Nyiramana yabwiye ngo iki uyu mukecuru?** Yamubwiye ko abana bagomba gukina bitababujije gufasha ababyeyi imirimo.

4) **Iyi nkuru irangira ite?** Iyi nkuru irangira uyu mwana Sekidende yavuyemo urwara rw'ino, umukecuru agiye gushaka ibyatsi ngo abe ari byo amuvuza ariko yagaruka agasanga abandi bana bamujyanye kwa muganga.

**Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

Mu matsinda abanyeshuri barasoma inkuru ishushanyije banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye

***Urugero rw'amagambo akomeye basobanura***

a) **Akabande:** ahantu hashashe munsi y'umusozi.
b) **Guhangaza izuba:** kugenda ku zuba ryinshi.
c) **Nyabu:** akajambo gakoreshwa ku muntu w'igitsina gore ushaka kumwereka ko umwubashye.
d) **Sinafashe bike:** nagiye mfata ibindi bitego byinshi mbere yawe.
e) **Izamu naryigiye munsi y'amazi:** kurinda izamu ndabizi cyane.
f) **Ibijumba by'amatare:** ibijumba binini kandi bikomeye.
g) **Bwaki:** indwara iterwa n'imirire mibi, itera kubura intungamubiri zitandukanye zirimo ibyubaka umubiri n'ibirinda indwara.
h) **Mwokabyara mwe:** ni ijambo ryo gutangara.
i) **Byo kanyagwa!** Ni igitutsi kiva ku kunyagwa. Byababagaho kera umuntu yaba yarakugabiye inka, yakubonaho ikosa akazikwaka zose.
j) **Komora:** ni ukuvura igisebe kikimara gukomereka.
k) **Kuvuguta ibyatsi:** gukandakanda ibyatsi ukoresheje intoki kugeza igihe bizaniye amazi.
l) **Tetanosi:** indwara ituruka mu mwanda winjiye mu gisebe kikiri gishya.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo buri muntu ku giti ke. Abagenera igihe bagomba gukora uwo mwitozo, icyo gihe cyarangira akabayobora maze bagakosorera hamwe uwo mwitozo.

A) **Gutanga interuro imwimwe irimo aya magambo akurikira bigaragaza ko wumvise icyo asobanura:**

a) **Yatutubikanye:**

Umuntu ukora cyane akazi k'ingufu usanga yatutubikanye.

b) **Kuvuguta:**
Gukanda ukaraga ibyatsi cyangwa ibibabi by'ibiti ukoresheje intoki, ku buryo bihinduka nk'imboga ukabikamuramo amazi.

c) **Amwomore:**
Umuntu wakomeretse bagerageza kumwomora bakoresheje imiti itandukanye, ariko birinda gushyira umwanda ahakomeretse.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva inkuru ishushanyije

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 63)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku nkuru ishushanyije bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma no kumva inkuru ishushanyije bahuza amashusho n'amagambo no gusubiza ibibazo byabajijwe ku nkuru.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Abanyeshuri bangana n'umubare w'abavuga mu nkuru barahitamo abakinankuru basomera mu mwanya, hanyuma bagende basoma.

Mu matsinda abanyeshuri barasubiza ibibazo byabajijwe ku nkuru.

**Ibibazo n'ibisubizo ku nkuru ishushanyije.**

1. **Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru ishushanyije?** Haravugwamo umukecuru, umugore witwa Nyiramana, Sekidende n'abandi bana bakinaga na we.
2. **Umwana uvugwa muri iyi nkuru ishushanyije umukecuru yamubuze yagiye hehe?** Yamubuze yagiye gukina umupira
3. **Ukurikije ibivugwa muri iyi nkuru ishushanyije abana bafite ubuhe burenganzira?** Abana bafite uburenganzira bwo gukina no kwidagadura.
4. **Ukurikije ibivugwa muri iyi nkuru ishushanyije abana bafite izihe nshingano?** Abana bafite inshingano zo gufasha ababyeyi babo ndetse n'ababarera.
5. **Ko umukecuru yagiye gushaka ibyatsi byo komora Sekidende, abandi bana bakamunyarukana bakamujyana kwa muganga, ubona barakoze ibiri byo?** Sobanura. Bakoze ibiri byo kuko ibyatsi bishobora gutera ubundi burwayi nka tetanosi. Iyo umuntu arwaye agomba kwivuza kwa muganga.

## Igice cya gatatu : Kwitoza gusoma inkuru ishushanyije

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 64)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku nkuru ishushanije bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi riranguruye, badategwa, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa kandi bahuza ibivugwa n'amashusho.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Mwarimu arabaha urugero rwo gusoma neza.
Abanyeshuri bangana n'umubare w'abavuga mu nkuru barahitamo abakinankuru basomera mu mwanya, hanyuma bagende basoma.

## Igice cya kane: Gukina bigana

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 64)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gukina bigana abakinnyi batandukanye, kandi bashyiramo isesekaza

**Imfashanyigisho:** inkuru ishushanyije, ibikoresho bitandukanye byakoreshejwe n'abakinankuru: inkoni y'umukecuru, isuka, umupira, umufuka wo gushyiramo ibijumba, .... Ibikoresho badashobora kubona nk'ibijumba, barabisimbuza ibindi bintu bisa na byo nk'amabuye.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri

umwe asoma ibyanditse mu kazu kamwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza gusoma, umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Abanyeshuri bangana n'umubare w'abafite uruhare mu nkuru barakora amatsinda atandukanye , hanyuma bagende bakina inkuru, bayisubiremo kenshi ku buryo bayifata mu mutwe bakayikina batari kuyireba.

## Igice cya gatanu: Gusesengura inkuru ishushanyije no gutahura ibiyiranga

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 64)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nkuru ishushanije amaze gusoma no kumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko.

**Imfashanyigisho: Inkuru ishushanyije.**

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka mu isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

### Gusesengura inkuru ishushanyije.

### Ibibazo:

a) Mu matsinda nimwerekane ingingo z'ingenzi zigize iyi nkuru.
b) Mu matsinda nimugerageze gutahura ibiranga inkuru ishushanyije muhereye ku buryo yanditse musubiza ibibazo bikurikira:
    i) Mukireba kuri iyi nkuru mutaranayisoma mubona igizwe n'iki?
    ii) Amagambo y'abakinnyi yanditse he? Agaragazwa n'iki ko ari ay'umukinnyi runaka?
    iii) Ibice bigize inkuru bikurikirana gute? Iyo uyisoma uhera he ugana he?

Amatsinda atandukanye arahabwa gukora ku kibazo cya a), andi ahabwe gukora icya b), hanyuma bahurize ku kibaho ibyo amatsinda atandukanye yakoze. Abatakoze ku kibazo baragenda babaza ibibazo bituma basobanukirwa kugeza bageze ku mwanzuro bandika mu makayi.

*Urugero w'ibyava mu matsinda*

a) **Ingingo z'ingenzi zigize inkuru ishushanyije**
   - Gukina ni uburenganzira bw'abana ariko ntibigomba kubibagiza inshingano zabo.
   - Abana bagomba gukora imirimo yoroheje ntibasuzugure ababyeyi mu gihe babatumye.
   - Mu gihe ukomeretse ni byiza kujya kwa muganga aho gukoresha ibyatsi bishobora kubanduza izindi ndwara.

b) **Ibiranga inkuru ishushanyije**

   Inkuru ishushanyije igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi: ibishushanyo n'amagambo. Umwanditsi ahuriza hamwe ibyo bice bibiri agakora inkuru. Amagambo avugwa mu nkuru aba ari mu tuziga dufite akambi kaganisha ku uvuga cyangwa utububumbe tugaragaza ko umuntu arimo gutekereza. Hari n'amagambo asobanura uko abantu bitwaye mu nkuru. Inkuru ishushanyije isomwa uva ibumoso ugana iburyo no kuva hejuru ugana hasi nk'uko wasoma inkuru yanditse bisanzwe.

   Mu gushushanya amashusho ya bene iyi nkuru, hitabazwa uburyo bukoreshwa muri firime. Hakoreshwa amashusho y'ubwoko butatu: amashusho agaragaza agace gato mu bigize ishusho nko mu maso h'umuntu ukwegereye cyane.

## Igice cya gatandatu: Guhanga inkuru ishushanyije.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku biranga nkuru ishushanyije amaze gutahura, umunyeshuri araba ashobora guhanga inkuru ishushanyije ajyanisha amashusho n'amagambo.

**Imfashanyigisho:** ibitabo birimo inkuru zishushanyije zitandukanye, amakaramu y'amabara atandukanye, ikaramu y'igiti, igome.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka mu isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda bitegereza imbata y'inkuru ngufi

**Guhanga inkuru ishushanyije.**

Umwarimu aribukiranya hamwe n'abanyeshuri ibiranga inkuru ishushanyije. Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bakora kugira ngo bahange inkuru ishushanyije. Abanyeshuri bari mu matsinda barakusanya ibyakorwa kugia ngo bahange inkuru ishushanyije.

**Ibitekerezo byava mu matsinda ku byakorwa mu guhanga inkuru ishushanyije:**

- Gutekereza inkuru, igihe yabereye n'aho yabereye n'abagize uruhare muri iyo nkuru.
- Guha amazina abagize uruhare muri iyo nkuru ukabahindura abakinankuru.
- Guhimba ikiganiro hagati y'abakinankuru.
- Gukora imbonerahamwe ifite nibura inkingi ebyiri n'imirongo ingana n'uburebure bw'inkuru.
- Kugenda wandika amagambo y'abakinankuru mu tuzu dutandukanye tw'imbonerahamwe kandi amagambo ya buri mukinankuru agashyirwa mu kazu cyangwa mu kaziga gafite ingobe igana ku munwa we.
- Gushushanya amashusho y'abakinnyi batandukanye ajyana n'ibyo bagiye bavuga kandi bakagaragazwa bafite imyitwairire ivugwa mu magambo.
- Uko abakinankuru bagenda binyagambura bava ahantu bajya ahandi, ni ko n'amashusho yimuka ava mu kazu ajya mu kandi.

## Umukoro

Abanyeshuri barahabwa umukoro wo guhanga inkuru ishushanyije kuri iyi nsanganyamatsiko:

**Insanganyamatsiko: Andika inkuru ishushanyije ivuga ku ngingo y'uburenganzira bw'abana cyangwa indi ngingo wihitiyemo.**

Mu gukosora umwarimu areba cyane uko inkuru itondetse n'ubuyo yumvikana ntiyite ku mashusho cyane kuko gushushanya atari impano ya bose. Gusa ntibibuza ko umunyeshuri ufite impano mu gushushanya akora amashusho meza, maze n'abandi bakaba bamwigana.

## 2.6. Ibibazo n'ibisubizo by' isuzuma risoza umutwe wa kabiri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 65)

### Ibyagendeweho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura mu buryo buboneye inkuru ishushanyije igaragaza uturango twayo.
- Ubushobozi bwo guhimba interuro akata uko bikwiye **na**, **nka** na **nyiri**.
- Ubushobozi bwo guhimba interuro akoresha neza indango ihakana n'indango yemeza.

- Ubushobozi bwo guhimba interuro zirimo amarangamutima n'inyigana bikoreshejwe uko bikwiye.

**Umwandiko: Igisobanuro cy'uburenganzira bwa muntu**

Umwarimu yaduhaye umukoro wo kuzagaruka ku ishuri dushobora gutanga ibisobanuro ku bijyanye n'uburenganzira bwa muntu, cyanecyane ubw'abana, ubw'abanyantege nke ndetse n'uburenganzira ku mutungo.

Natekereje ku ijambo «uburenganzira» numva ntarisobanukiwe neza kuko bwari na bwo bwa mbere ndyumva. Si ge warose ngera mu rugo. Nuko nsaba ababyeyi bange uruhushya rwo kujya kwa Muyoboke, umunyamategeko duturanye ngo amfashe gusobanukirwa n'umukoro umwarimu yaduhaye.

Nuko ngeze kwa Muyoboke arambaza ati: «Kanyamatsiko se kandi nakumarira iki?» Ako ni akazina yampimbye kuko nkunze kumubaza utuntu twinshi. Ni ko kumubwira nti: «Nagira ngo munsobanurire ibijyanye n'uburenganzira bw'abana. Ariko munsobanurire mbere na mbere iryo jambo «uburenganzira » mbanze ndyumve neza.»

Muyoboke ni ko kumbwira ati: «Mu Rwanda ndetse no ku isi yose, buri muntu uwo ari we wese n'ubwo yaba ari umwana muto afite uburenganzira bwinshi. Uburenganzira umuntu arabuvukana. Ni nk'izina ryawe, indeshyo yawe, ururimi uvuga cyangwa ibyo wizera. Ni bimwe mubikugize. Uburenganzira ntibugurishwa. Abantu mu bihugu byose biyemeje kubwubahiriza, kuko ari bwo butuma bubahana. Ubwo burenganzira buboneka mu cyo twita amategeko, haba mu Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko. Aya mategeko afata ibikureba byose nk'ibintu bifite agaciro karemereye kuruta ibindi byose. Kandi ibyo bikureba biba bigomba kurengerwa hakurikijwe ayo mategeko. Ni yo mpamvu igihe hagize ubangamira uburenganzira bwawe, Leta igomba kukurengera. Bityo ukaba ugomba kumenya uburenganzira bwawe kugira ngo igihe bibaye ngombwa ubuharanire.

Muri make, uburenganzira ni ibyo amategeko akwemerera. Kandi ibyo amategeko akwemerera ntawemerewe kubikuvutsa kuko bigenze bityo yaba aguhohoteye. Dukunze kugira inama abantu ngo bage bamenya amategeko kugira ngo bamenye ibyo bemerewe n'ibyo batemerewe.

Amategeko y'u Rwanda, Itegeko Nshinga ndetse n'andi mategeko, arengera uburenganzira bwa buri wese. Hari kandi n'amategeko mpuzamahanga arengera abantu banyuranye. Ayo mategeko n'Igihugu cyacu kirayemera kandi cyayashyizeho umukono, kinayinjiza mu Itegeko Nshinga. Igihe ibihugu byinshi bifite amategeko, bikubahiriza uburenganzira harimo n'ubw'abana, bivuga ko uburenganzira bw'abana ari ingenzi. Nk'ubu, buri wese afite uburenganzira bwo kubaho no kwiyubaha, kugira umutungo, kuvurwa, kwiga no kuba twese tureshya imbere y'Ubutabera. Amategeko y'u Rwanda arengera ubwo burenganzira atitaye ku myaka y'umuntu. Rero igihe uwo ariwe wese akoze ikosa ryo kuvutswa uburenganzira bwawe aba yishe ayo mategeko yose. Kandi uwishe amategeko arabihanirwa. Igihe uzi icyo amategeko avuga ku

burenganzira bwawe ukaba waharanira ubwo burenganzira biba byatunganye, kuko icyo gihe no gufata ibyemezo birakorohera.»

**A. Ibibazo n'ibisubizo ku nyunguramagambo**

1. Koresha aya magambo mu nteruro zumvikana kandi ziboneye:
   a) **Uburenganzira:** Buri muntu afite uburenganzira bwo kubaho no kurindirwa ubuzima.
   b) **Kurengerwa:**Abantu bafite intege nke bagomba kurengerwa n'ubuyobozi.
   c) **Aguhohoteye:** Umuntu aramutse aguhohoteye ugomba kwitabaza ubuyobozi ukarenganurwa.
   d) **Ibyemezo:** Ibyemezo umuntu agenda afata ni byo biganisha ubuzima bwe ahantu heza cyangwa ahabi.
   e) **Umunyamategeko:** Abanyamategeko ni abantu baba ari impuguke mu mategeko kandi bagaharanira ko ashyirwa mu bikorwa.
2. Andika amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya:
   a) **Gusinya:** Gushyira umukono ku nyandiko.
   b) **Gukurikizwa:** Kubahirizwa
   c) **Umuntu wize cyangwa umuntu ukora ibijyanye n'amategeko:** Umunyamategeko.
   d) **Umuntu ufite inyota yo kumenya ibintu:** Kanyamatsiko

**B. Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka**

1. **Nk'uko bivugwa mu mwandiko, uburenganzira ni iki?** Uburenganzira umuntu arabuvukana, uburenganzira ni ibyo umuntu yemererwa n'amategeko
2. **Ni ubuhe bumwe mu burenganzira buri muntu wese yemerewe, buvugwa muri uyu mwandiko?** Uburenganzira bwo kugira izina, uburenganzira bwo kugira ururimi uvuga,uburenganzira bwo kubaho, uburenganzira bwo kugira umutungo, uburenganzira bwo kuvurwa no kwiga, uburenganzira bwo kuba abantu bose bareshya imbere y'amategeko.
3. **Ni ayahe mategeko avugwa mu mwandiko?** Amategeko avugwa mu mwandiko ni aya : Itegeko nshinga ry'u Rwanda, amategeko mpuzamahanga
4. **Iyo umuntu atubahirije uburenganzira bwawe, aba akoze iki? Bigenda gute?** Iyo umuntu atubahirije uburenganzira bwawe aba aguhohoteye, aba yishe amategeko. Amategeko aramuhana.
5. **Ni irihe somo uvanye muri uyu mwandiko?** Isomo mvanye muri uyu mwandiko ni uko buri wese afite uburenganzira yemerewe n'amategeko kandi buri wese agomba kubahiriza uburenganzira bwa mugenzi we.

C. **Indango ihakana n'indango yemeza**

**Gushyira inshinga mu ndango yemeza cyangwa ihakana.**

1. **Ndaza:** Sinza
2. **Ndaje**: ntabwo nza
3. **Nuza ndishima:** Nutaza sindi bwishime
4. **Nimukora muzatera imbere:** Nimudakora ntimuzatera imbere

**Shyira mu ndango yemeza.**

1. **Ntituzahahurira: Tuzahahurira**
2. **Nudatsinda sinzaguhemba: Nutsinda nzaguhemba.**
3. **Ntimugahorane impungege z'uko muzamera ejo: Muge muhorana impungenge z'uko muzamera ejo.**

**Kwandika uko bikwiye amagambo akatwa mu nteruro**

1) Amazi numwuka duhumeka ni ibintu dukenera kurusha nibyo turya.
   → Amazi n'umwuka duhumeka ni ibintu dukenera kurusha n'ibyo turya.
2) Muge mukundana nkabavandimwe.
   → Muge mukundana nk'abavandimwe.
3) Abana bose, baba abafite ubumuga nabatabufite, ntibagomba kuvutswa uburenganzira bwo kwiga.
   → Abana bose, baba abafite ubumuga n'abatabufite, ntibagomba kuvutswa uburenganzira bwo kwiga.

D. **Kwandika inkuru wabwira abantu mubana ku bijyanye n'uburenganzira bw'umwana mwize n'ibyagushimishije.**

Uratangira uti:"

Muri iyi minsi twize ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu butandukanye: ubw'abana, ubw'abafite ubumuga n'ubw'abanyantege nke. Twagiye dusoma imyandiko itandukanye, tukanayisesengura, ndetse hari n'uwo twakinnye.

Mu burengazira bw'abana twize ko abana bafite uburenganzira bwo kugaburirwa, bakarerwa, kandi bagahabwa ibya ngombwa byose ngo babeho neza.

Twize kandi ko abana bagomba kurindwa imirimo ivunanye, bakavuzwa, bagahabwa uburenganzira bwo gukina no kwidagadura.

Ku bijyanye n'uburenganzira bw'abafite ubumuga twize ko bagomba kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko kugira ngo bagire uburenganzira nk'ubw'abandi. Ni ngombwa kandi gukoresha imvugo nziza idasesereza abafite ubumuga.

Ku bijyanye n'uburenzira bw'abanyantege nke, twabonye ko abanyantege nke ari abana n'abagore cyanecyane abatwite n'abafite abana bato hamwe n'abantu bageze mu za bukuru. Twize ko abo bantu baba bafite intege nke bagomba kurindwa ihohoterwa cyanecyane mu gihe k'intambara.

Mu kwanzura navuga ko ubu maze kumenya uburenganzira bwose bwa muntu. Ngomba kubuharanira kandi nkabishishikariza n'abandi.

# 3 Gufata neza ibidukikije

**(Umubare w'amasomo:24)**

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije.
- Kwandika inshinga akoresha neza ingiro nkora n'ingiro ntega.

## 3.1. Umwandiko: Ibidukikije

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 69)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 72)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Gufata neza ibidukikije", igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu nkuru.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga ,akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turabona imisozi ibiri iteganye iriho amashyamba, amaterasi y'indinganire, ibihingwa nk'urutoki, ibigori n'ibishyimbo; hagati hari ikibaya gitembamo umugezi ugana mu kiyaga abana babiri umuhungu n'umukobwa bahagaze babireba umwe yereka undi n'akaboko.

b) **Ubusanzwe amashyamba amara iki?** Amashyamba aturwamo n'inyamaswa, atanga inkwi, avamo imbaho.

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubumbura ibitabo ku rupapuro ruriho umwandiko bagomba gusoma.

### Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Gufata neza ibidukikije"** akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza mu gusuzuma ko basomye.*

a) **Ibidukikije bigizwe n'iki?** Ibidukikije muri rusange bigizwe n'umuntu, ubutaka, ibiburiho n'ibiburimo, amazi n'ibiyarimo, umwuka n'ikirere, ibinyabuzima biri ku isi n'ibikorwa by'umuntu.
b) **Ni ayahe mashyamba ya kimeza avugwa mu mwandiko?** Amashyamba ya kimeza avugwa ni Nyungwe, Gishwati, Mukura, Cyamudongo, urugano rwo mu Birunga, ishyamba riboneka muri Parike y'Akagera n'ishyamba rya Busaga.
c) **Umwanditsi avuga ko iyo utemye igiti kimwe ubigenza ute?** Nutema kimwe jya utera bibiri.
d) **Kuki amazi y'imigezi asa n'igitaka?** Ni ukubera isuri itwara ubutaka bwo ku misozi.
e) **Ni iyihe migezi yo mu Rwanda yiroha mu ruzi rwa Kongo?** Iyo migezi yiroha mu ruzi rwa Kongo twavuga nka Sebeya, Karunduru na Rusizi.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.
Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

### *Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda*

**Amagambo mashya**

a) **Imisozi yisakaye amashyamba:** imisozi itwikiriwe n'amashyamba.
b) **Intaho:** Aho abantu cyangwa inyamaswa zitaha
c) **Gusatira:** Kwegera
d) **Ibihaha by'isi:** Ibiti bihumekera mu mababi bigatanga umwuka mwiza.

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

### *Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo.*

### Gukoresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura :

a) **Gusatira**: Imbwa yansatiriye ngira ubwoba nange nsubira inyuma nsatira urugi.
b) **Intaho:** Uyu mwobo ni intaho y'inzoka y'inshira.
c) **Ibihaha:** Umuntu agira ibihaha bibiri biba mu gatuza.

### Kuzurisha amagambo ukuye mu mwandiko interuro zikurikira

a) Pariki ya **Nyungwe** iherereye hagati y'Intara y'amajyepfo n'iy'Iburengerazuba.
b) Muri pariki y'**Ibirunga** habayo ingagi zinjiza amadovize.
c) Isunzu rya**Kongo-Nili** Rigabanya amazi y'uruzi rwa **Nili** n'uruzi rwa **Kongo**
d) Abana na bo barasabwa kutanduza amazi y'**umugezi** n'ay'**ibiyaga**.

### Impuzanyito

a) Ibihingwa = **imyaka**
b) Akuze cyane =**ashaje**
c) Ibibondo=**abana**

### Imbusane

a) Migufi ≠ **miremire**
b) Minini ≠**mito**
c) Byiza ≠ b**ibi**

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 72)

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwadiko mu magambo ye bwite.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Gufata neza ibidukikije", igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana ibivugwa mu nkuru.

**Isubiramo:**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma. Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho.

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko*

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

1) **Uyu mwandiko uribanda kuki?** Uyu mwandiko uribanda ku bidukikije.
2) **Kuki u Rwanda rwitwa urw'imisozi igihumbi?** U Rwanda rwitwa urw'imisozi igihumbi kubera ubwinshi bw'imisozi irugize.
3) **Andika nibura inyamaswa eshatu ziba mu mazi zivugwa mu mwandiko.** Mu nyamaswa ziba mu mazi harimo: ingona, imvubu n'amafi.
4) **Kuki abana nabo bagomba kubungabunga ibidukikije?** Abana nabo bagomba kubungabunga ibidukikije kuko imibereho yabo ari byo ishingiyeho.
5) **Andika nibura ibintu bibiri abana basabwa mu kurengera ibidukikije.** Ibyo bikorwa byaba nko gukora ubusitani, gutera indabyo, gutera ibiti, gutoragura imyanda inyanyagiye aho bakinira, gusiba utwobo turekamo amazi y'imvura, gukubura, korora amatungo magufi nk'inkoko, ihene, intama, ingurube, imbata, imbeba za kizungu, inkwavu n'izindi. Bashobora na none kurema amatsinda agamije kurengera ibidukikije, guhimba indirimbo n'imivugo ijyanye no kurengera ibidukikije, gukinira ku bibuga bateyeho ibyatsi.
6) **Ni hehe abana bakura amakuru yo kurengera ibidukikije?** Bashobora gusoma ibitabo, ibinyamakuru, kubaza ababyeyi n'abarimu babo, abashakashatsi, abayobozi, kumva radiyo cyangwa kureba ibiganiro bya tereviziyo.

## Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye no kurengera ibidukikije.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza:*

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko uvuga ku bidukikije.
b) **Ibidukikije twabonye ko ari iki?** Ibidukikije muri rusange bigizwe n'umuntu, ubutaka, ibiburiho n'ibiburimo, amazi n'ibiyarimo, umwuka n'ikirere, ibinyabuzima biri ku isi n'ibikorwa by'umuntu.
c) **Ni ba nde bakwiye kwita ku bidukikije?** Abantu bose baba abana cyangwa se abakuru bakwiye kwita ku bidukikije.
d) **Kuki dukwiye kwita ku bidukikije?** Kugira ngo tugire ubuzima bwiza tugomba kurengera ibidukikije.

### Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abafite ubumuga bwo kutumva n'abafite ubumuga bwo kutabona niba bahari.

### *Urugero rw'ibibazo yabaha:*

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
b) Erekana ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

### *Urugero rw'ibisubizo.*

1) **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**
Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko yo gufata neza ibidukikije.

2) **Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko**
   Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:
   - Ibidukikije icyo ari cyo
   - Imisozi y'u Rwanda iriho amashyamba aya kimeza n'ay' amaterano; hakavugwa ibyiza byayo n'uko twayabungabunga.
   - Imigezi yo mu Rwanda n'ingaruka z'isuri itwara ubutaka.
   - Imisozi, ibirunga, ibitwa, ibisiza n'ibibaya byo mu Rwanda n'aho biherereye.
   - Ibiyaga byo mu Rwanda n'inyamaswa zibamo n'uko byakwitabwaho.
   - Ibikorwa by'abantu bakuru mu kwita ku bidukikije.
   - Ibikorwa by'abana mu kwita ku bidukikije.
   - Aho abana bakura amakuru ajyanye no kurengera ibidukikije.
   - Inama abana bagirwa mu kubungabunga ibidukikije.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye no gufata neza ibidukikije; akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be adategwa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga. Abanyeshuri bavuga muri make ibyo bibuka mu isomo baherutse kwiga.

### *Urugero rw'ibibazo yabaza:*

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura umwandiko "Gufata neza ibidukikije"
b) **Ni iki kivugwa mu mwandiko?** Havugwa ibidukikije byo mu Rwanda n'uko byakwitabwaho.

### Kungurana ibitekerezo

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku **byiza n'ibibi byo gutema ibiti**; akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo bakagisoma mu ijwi riranguruye ndetse akabasaba no kucyandika ku kibaho.

a) **Andika ingaruka ziterwa no gutema ibiti bigashira ku musozi.**
   - Bitera isuri, yangiza ubutaka.
   - Bituma imvura itagwa neza.

- Bituma umwuka wo guhumeka uba muke.
- Bishobora gukurura ubutayu.

b) **Garagaza isomo ukuye muri iyi nkuru.**

Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni uko ngomba kwita ku bidukikije, nkatera ibiti, nkirinda kubyangiza , ngafata neza ahari amasoko y'amazi n'ibiyaga nirinda kujugunyamo imyanda.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu ayobora abanyeshuri mu gukora inshamake iboneye y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo hanyuma bayandike mu makaye yabo.

Mu gukosora umukoro barahuriza hamwe inshamake iboneye ku kibaho bafashijwe n'umwarimu, hanyuma bayandike mu makaye yabo.

## Igice cya gatanu: Ingiro nkora n'ingiro ntega

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 73)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri azaba ashobora gutanga inshoza y'ingiro nkora n'ingiro ntega, kuzitahura mu nteruro no kuzikoresha neza mu nteruro zatanzwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba kugaragaza imiterere n'umumaro by'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zatanzwe.

Abaha igihe cyo kubikora cyagera bakagaragaza ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora.

### Ivumburamatsiko

**Nimusome interuro zikurikira maze muzishyire mu matsinda mukurikije ko ari ruhamwa ikora igikorwa cyangwa ko ikorerwaho igikorwa.**

a) Abantu bose **barinde** ibidukikije kwangirika!
b) Ibidukikije **birindwe** n'abantu bose kwangirika!
c) Ibiti **biduha** akuka keza.
d) **Duhabwa** akuka keza n'ibiti.
e) Ababyeyi bakwiye **gutoza** abana kwita ku bidukikije bakiri bato.
f) Abana bakwiye **gutozwa** n'ababyeyi babo kwita ku bidukikije bakiri bato

### Umwanzuro:

Iyo bavuze ingiro y'inshinga baba bashaka kuvuga uburyo inshinga ihindura imiterere bitewe n'uko ruhamwa yitwaye mu gikorwa kivugwa n'inshinga.

1. Bavuga ko inshinga iri mu ngiro **nkora** iyo ruhamwa ari yo ikora igikorwa kivugwa n'inshinga.
2. Bavuga ko inshinga iri mu ngiro **ntega** iyo ruhamwa ari yo ikorerwaho igikorwa kivugwa mu nshinga.

### Imyitozo

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo umunyeshuri awukora ku giti ke.

**A. Hindura interuro zikurikira mu ngiro nkora cyangwa ntega**

1. **Aababyeyi bigisha abana.**
   Abana bigishwa n'ababyeyi.
2. **Abantu bagurisha ibiti bakabona amafaranga.**
   Ibiti bigurishwa n'abantu amafaranga akabonwa nabo
3. **Imbwa yapfuye irahambwa, ntijugunywa mu mazi.**
   Imbwa yapfuye barayihamba, ntibayijugunya mu mazi
4. **Abana b'abahungu n' ab' abakobwa bagomba gutera ibiti?**
   Ibiti bigomba guterwa n'abana b'abahungu n'ab'abakobwa.

**B. Subirisha ijambo utoranyije mu dukubo**

1. **Gutema amashyamba ................... isuri (bitera, biterwa)**.
   Gutema amashyamba bitera isuri.
2. **N'ibidukikije ........................na jenoside (byashenywe, byashenye)**.
   N'ibidukikije **byashenywe** na jenoside.
3. **Koga amazi mabi ......indwara ya tirikomonasi (bitera, biterwa)**.
   Koga amazi mabi bitera indwara ya tirikomonasi.
4. **Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri...... na bo bakiga (barafasha, barafashwa)**.
   Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri barafashwa na bo bakiga.

## 3.2. Ibibazo n'ibisubizo ku isuzuma risoza umutwe wa gatatu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 74)

### Ibyagenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no gufata neza ibidukikije.
- Ubushobozi bwo guhimba interuro akoresha neza ingiro nkora n'ingiro ntega.

### Umwandiko: Imihindagurikire y'ikirere cyacu

Imiterere y'ikirere yagiye ihinduka uko ibihe bigenda biha ibindi. Kuri ubu, isi imaze hafi imyaka miriyari eshanu iriho. Muri icyo gihe cyose yabayeho, ibintu byagiye bihinduka, ibihe bigahinduka, n'imiterere y'ikirere ikagenda ihindagurika.

Turebye uko isi yacu iteye, izengurutswe n'ikirere kigizwe n'imyuka itandukanye. Iyo myuka itabayeho, nta kinyabuzima cyaba ku isi.

Ikirere gikikije isi yacu rero twakigereranya n'inyanja zuzuye imyuka. Iyo myuka igenda isunikana, hazamo imiyaga, ikibirindura, igatembera. Ni yo mpamvu burya iyo imvura igiye kugwa, habanza kubaho imiyaga. Ni imyuka yo mu kirere iba isunikana. Ibyo ni byo bituma ikirere kidukikije kigenda gihinduka, rimwe hagakonja, ubundi hakaza ubushyuhe, ikindi gihe imvura ikagwa.

Uko iyo myuka itembera rero ni ko ihindura ikirere cy'ahantu aha n'aha. Hamwe imvura iba iri kugwa, ahandi izuba rikava. Iyo myuka ni yo itanga ibihe by'ubuhinzi kuko ituma igihe kimwe kiba ik'imvura ikindi kikaba ik'izuba.

Muri icyo kirere ni ho dusanga umwuka duhumeka witwa okisijene, ndetse n'umwuka wa karuboni ibimera bikenera kugira ngo bishobore gukura.

Abantu n'ibimera rero ni magirirane. Impamvu ni uko umwuka basohora ari wo bikenera, na ho byo uwo bisohora tukaba ari wo twe tuba dukeneye kugira ngo duhumeke.

Mu by'ukuri, imiterere y'ikirere k'isi yacu dutuyemo, igirwamo uruhare rukomeye n'izuba. Ni ryo ryohereza urumuri n'ubushyuhe ku isi. Iyo myuka isanzwe iri mu kirere, ifite akamaro kuko ituma ku isi habaho ubushyuhe bugereranyije n'ubukonje butarenze urugero. Iyo myuka rero iboneza imirasire y'izuba hakatugeraho itabangamiye ubuzima bwacu. Ni na yo igarura ubushyuhe ku isi igatuma hataba ubukonje bukabije. Muri iki gihe tugezemo, muri iyo myuka hivangamo ituruka mu myotsi y'ibyo ducana: amashyamba yahiye, imyuka ituruka mu nganda, imyotsi y'amamodoka n'amapikipiki. Iyo myuka mu by'ukuri itari myiza igenda ibangamira imiterere y'ikirere kandi igenda yiyongera uko bwije n'uko bukeye.

Uko abantu bagiye biyongera ku isi bakanahakorera ibikorwa byinshi bitandukanye, ni ko ikirere gikikije isi kigenda kinjiramo imyuka myinshi kidakenewe. Iyo myuka abantu bohereza mu kirere, ni yo ituma kigenda gihindagurika.

Ibyo bigira ingaruka ku mihindagurikire y'ikirere, rimwe imvura ikabura ntigwire igihe, ubundi yagwa ikaza ari nyinshi igatera imyuzure. Haba ubwo igwa igihe gito ikagenda imyaka itarera, ubundi ikagwa igihe kirekire imyaka yeze ikayiboza. Izuba na ryo iyo ricanye riza rikaze cyane, rigatera abantu bamwe kurwara, amazi agakama aho yari ari, ubwatsi bw'amatungo bukabura.

Ibyo byose kera ntibyahozeho. Imvura yagwiraga igihe cyayo, abantu bakamenya igihe bagomba guhingira n'igihe bazasarurira.

Ibyo rero bikwiye gutuma twibaza tuti : «Ese nibikomeza gutya, mu gihe kiri imbere bizaba bimeze bite?» Nidukomeza se kohereza mu kirere imyuka icyangiza, abadukomokaho ejo ubuzima bwabo ntibuzahahungabanira ? Nibikomeza se, ntihazagera igihe ikirere kigahinduka burundu, izuba ryava rigatwika ikinyabuzima cyose kiri ku isi cyangwa imvura ikagwa, ahantu henshi hakuzura amazi.

Aha rero birasaba ko abantu bose babimenya, maze buri wese agafata ingamba ku bimureba, kugira ngo ubuzima bukomeze busagambe ku isi.

## I. Inyunguramagambo

**1. Tanga ibisobanuro by'aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

a. **Uko ibihe bigenda biha ibindi:** Uko ibihe bigenda bisimburana
b. **Okisijene:** Umwuka mwiza usohorwa n'ibimera, ari na wo dukeneye mu guhumeka.
c. **Karuboni**: Umwuka mubi usohorwa n'abantu n'inyamaswa.
d. **Turi magirirane:** Turakenerana.

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.**

1. **Uko ibihe bigenda biha ibindi:** Uko ibihe bigenda biha ibindi ikirere kigenda cyangirika.
2. **Umwuka wa Okisijeni:** Abantu n'inyamaswa bakenera umwuka wa Okisijeni utangwa n'ibimera.
3. Umwuka wa karuboni: Umwuka dusohora mu guhumeka, witwa karuboni, ariko ibimera byo biwuhinduramo umwuka mwiza wa okisijeni.
4. **Ibintu ni magarirane:** Ibintu byose byo ku isi ni magarirane, ni yo mpamvu kimwe kivuyemo n'ibindi byahungabana.

## II. Ibibazo ku mwandiko n'urugero rw'ibisubizo.

**Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.**

1. **Ni gute abantu n'ibimera ari magirirane?**
   Ibimera bihumeka umwuka usohorwa n'abantu, byo bigasohora ukenewe n'abantu.
2. **Kuki iyo imvura igiye kugwa habanza kubaho imiyaga?**
   Ni uko imyuka iremereye iba ibisikana n'imyuka itaremereye.
3. **Izuba ridufitiye akahe kamaro?**
   - Riratumurikira.
   - Ritanga ubushyuhe ku isi.
   - Rituma amazi ahinduka umwuka bityo na wo ukazahinduka amazi maze imvura ikagwa.
   - Rituma ibimera bikura.
4. **Ni ibihe bintu bivugwa mu mwandiko bituma mu kirere hajyamo imyuka itari myiza ?**
   Ibyo ducana, gutwika amashyamba, inganda, imyotsi y'amamodoka
5. **Hari ibindi wowe uzi bitavuzwe mu mwandiko byangiza ikirere?**
6. **Ubona hakorwa iki kugira ngo hagabanywe imyuka ihumanya ikirere?**
   Ni ukugabanya imyuka y'inganda, tugacana n'ibintu bitohereza imyuka mu kirere, tukirinda gutwika amashyamba
7. **Tanga urugero rw'uruganda rwo mu Rwanda rwangiza ikirere.**

## III. Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko

**Ingingo yo gutangaho ibitekerezo:**
Inganda zirakenewe kuko ari zo zitunganya ibintu dukenera mu buzima bwacu bwa buri munsi. Nyamara zohereza imyuka mibi mu kirere, ku buryo byatangiye kugira ingaruka ku buzima bw'abantu. Hari abicwa n'ubushyuhe bukabije, hari aho imyaka itakera kubera ihindagurika ry'ikirere. Mubona hakorwa iki ? Inganda zihagarikwe cyangwa tureke ikirere cyangirike n'ubwo cyo kidashobora gusanwa?

Inganda ntizahagarikwa kuko na zo zikora ibintu dukenera. Ariko hakwiye kugabanywa ubwinshi bwazo, izidakenewe nk'izikora intwaro zigahagarikwa.

## E. Gushyira mu bikorwa ibivugwa mu mwandiko

## IV. Ikibonezamvugo

1. **Soma interuro zikurikira maze uvuge niba inshinga yanditse itsindagiye iri mu ngiro nkora cyangwa mu ngiro ntega.**
   a) Abantu **<u>bangiza</u>** ibidukikije
      **Bangiza:** Ingiro nkora.
   b) Ibidukikije **<u>byangizwa</u>** n'abantu.
      **Byangizwa:** Ingiro ntega.
   c) Amazi **<u>anyobwa</u>** nta bara agira, ntanuka, **<u>ntahumura</u>**.
      **Anyobwa:** Ingiro ntega
      **Ntahumura:** Ingiro nkora
   d) **Gukunda** no gukundwa birashimisha.
      **Gukunda**: Ingiro nkora.
      **Gukundwa:** Ingiro ntega.
2. **Shyira inshinga ziciyeho akarongo mu ngiro ntega maze uhindure ibikenye guhinduka kugira ngo ubutumwa bukomeze kuba bumwe.**
   a) Ababyeyi bagomba **<u>kurinda</u> abana ihohoterwa.**
      Abana bagomba **<u>kurindwa</u>** ihohoterwa n'ababyeyi.
   b) **Abana bagomba <u>kubaha</u>** ababyeyi.
      Ababyeyi bagomba **<u>kubahwa</u>** n'abana.
   c) Kuzigama **ifaranga rimwe biruta** kwinjiza **amafaranga ijana**.
      Ifaranga rimwe rizigamwe riruta amafaranga ijana yinjijwe.
   d) **Abantu twese twifuza** gukunda.
   Abantu twese twifuza gukundwa.

# 4 kuboneza ubuzima bw'imyororokere
(Umubare w'amasomo:24)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye n'ubuzima bw'imyororokere,
- Gusesengura izina rusange mbonera; gusesengura ntera, izina ntera n'igisantera no kubikoresha mu nteruro no kunoza imyandikire.
- Gukoresha ntera, izina ntera n'igisantera mu nteruro

## 4.1. Umwandiko: Tuboneze ubuzima bw'imyororokere.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 78)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 80)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko **"Tuboneze ubuzima bw'imyororokere"**, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru, igitabo k'ikibonezamvugo.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

Ni iki mubona kuri aya mashusho? Turabona abana bane bari mu kigero cy'ubugimbi n'ubwangavu bambaye impuzankano. Babiri b' abakobwa batangiye gupfundura amabere. Bahagaze ahantu hari amatara yo ku muhanda.

### Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Iuboneze Ubuzima bw'imyororokere" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo bishoboka***

1. **Abana bavugwa mu mwandiko ni bangahe?** Mu mwandiko haravugwamo abana bane.
2. **Baraganira ku ki?** Baraganira ku bijyanye no kwirinda imibonano mpuzabitsina.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

***Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda***

### Ibisobanuro by'amagambo mashya yakoreshejwe mu mwandiko

a) **Umwangavu:** umukobwa utangiye gupfundura amabere
b) **Ku bizigira:** igice cy'akaboko hagati y'inkokora n'urutugu.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

*Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo*

1. **Gukoresha amagambo mu nteruro:**
   a) **Umwangavu**
      Umukobwa wange yabaye umwangavu dore yapfunduye amabere.
   b) **Ingimbi**
      Ijwi ryawe ryaranize kuko wabaye ingimbi.
2. **Kuzurisha amagambo ukuye mu dukubo interuro zikurikira(agakingirizo, kuniga, ingimbi, umwangavu, gusama).**
   a) Uyu mukobwa amaze kuba **umwangavu**.
   b) Yakoze imibonano mpuzabitsina akoresha **agakingirizo** kuko atifuzaga **gusama** inda.
   c) Umuhungu w' **ingimbi** atangira kumera ubwoya no **kuniga** ijwi.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 81)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko"Iuboneze ubuzima bw'imyororokere", igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru, igitabo k'ikibonezamvugo.

**Isubiramo:**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma. Umwarimu arasaba abanyeshuri kujya mu matsinda, bagasoma umwandiko basubiza ibibazo byawubajijweho.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko*

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

1. **Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?** Mu kiganiro haravugwamo Manzi, Sugi, Mudahemuka na Sano.
2. **Ni zihe ngaruka zishobora kugera ku mukobwa w'umwangavu wishoye mu mibonano mpuzabitsina?** Ashobora gutwara inda akiri muto cyangwa akandura

indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

3. **Ni ryari umunyeshuri wo mu wa gatanu yatwara inda?** Iyo umukobwa yatangiye kujya mu mihango y'abakobwa aba ashobora gusama mu gihe akoze imibonano mpuza bitsina idakingiye.
4. **Ni zihe ngaruka zishobora kugera ku bahungu b'ingimbi bishoye mu mibonano mpuzabitsina?** Bashobora kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, ariko bangirika no mu bwonko, bagata ishuri cyangwa bagahinduka inzererezi.
5. **Abanyeshuri bavugwa mu kiganiro bafashe ikihe kemezo?** Bose biyemeje kutazigera bishora mu mibonano mpuzabitsina ndetse biyemeza no kubirinda abandi.

## Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 81)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye no kuboneza ubuzima bw'imyororokere.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza:*

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma**? Ni ikiganiro kivuga ku kuboneza ubuzima bw'imyororokere.
b) **Ni nde wasobanuriye Manzi na Sugi icyo amazina yabo avuga**? Ni Mudahemuka.

### Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga niba bahari.

*Urugero rw'ibibazo yabaha:*

1. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
2. Ni irihe somo ukuye muri iki kiganiro?

Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.

Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

*Urugero rw'igisubizo gishoboka.*

1) **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**
   Muri iki kiganiro baratubwira insanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere.
2) **Isomo ryo mu kiganiro**
   Kwirinda imibonano mpuzabitsina ku ngimbi n'abangavu no kwirinda gushukwa.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 81)

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku byemezo yafata kugira ngo yirinde kwishora mu mibonano mpuzabitsina akiri muto?

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

*Urugero rw'ibibazo yabaza:*

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?** Duheruka gusesengura ikiganiro "Kuboneza ubuzima bw'imyororokere."
b) **Muri uwo mwandiko abana baganiraga ku ki?** Baganiraga ku bijyanye n'abashuka abana bato bakabakoresha imibonano mpuzabitsina.

### Ingingo yo kungurana ibitekerezo

Ni ibihe byemezo wafata kugira ngo wirinde kwishora mu mibonano mpuzabitsina ukiri muto?

*Urugero rw'igisubizo cy'umwitozo wo kungurana ibitekerezo*

Ibyemezo nafata kugira ngo nirinde kwishora mu mibonano mpuzabitsina nkiri muto:

- Kwirinda kugira irari y'ibintu bitandukanye ntahabwa n'ababyeyi bange.

- Kwirinda impano z'abantu batari mu kigero cyange kandi tudafitanye isano.
- Kwirinda kugirana imishyikirano n'abantu bakuru ahantu hiherereye batari abo duhuje igitsina.
- Kubaza ababyeyi no kubagisha inama ku bintu byose.
- Guhana nkatsembera umuntu wese washaka kunganisha mu bijyanye n'imibonano mpuzabitsina.
- Kwirinda kumva ibishuko ahubwo nkagendea ku nama z'ababyeyi n'abarezi.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora inshamake iboneye y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo.

## 4.2. Igice cya gatanu: Uturemajambo tw'amazina mbonera arimo amategeko y'igenamajwi ajyanye n'ingombajwi.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 82)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri azaba ashobora gusesengura amazina rusange mbonera ashaka uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda, akabasaba kugaragaza indomo, indanganteko n'igicumbi by'amagambo yatanzwe.

Abaha igihe cyo kubikora cyagera bakagaragaza ibyavuye mu matsinda agenda abafasha kubinonosora.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza amagambo aciyeho akarongo muri uyu mwandiko akabasaba kuyashakira: Intego, indomo, indanganteko n'igicumbi.

Nibura umukobwa yagombye gutegereza kugeza ku myaka cumi n'umunani kugira ngo abe yashobora kubyara. Ndetse amategeko y'**Igihugu** yo ateganya ko agomba gushaka ku myaka makumyabiri n'umwe. Kubyara mbere y'iyo myaka, bigira ingaruka zikomeye haba ku mubiri we ndetse no mu mibereho ye, mu bukungu no mu mibanire ye n'abandi.

Mu gihe umukobwa ageze mu gihe cy'ubwangavu, aba akwiye gusobanurirwa ibijyanye n'imihango, uburyo bwo kwisukura, n'uburyo agomba kwitwara mu gihe ari mu mihango. Umukobwa agomba gutegurirwa ibikoresho byabugenewe byo kwibindisha, nk'**udutambaro** dusukuye cyangwa kotegisi, amazi asukuye n'isabune byo kwisukura. Uruhare rw'ababyeyi, urw'abarezi ndetse n'abo babana ruba rukenewe

mu gufasha umukobwa muri iki **gihe.** Bagomba kumusobanurira ibizamubaho hakiri kare, bakamwumvisha neza ko ari ibintu bisanzwe bibaho ku bakobwa bose bafite ubuzima butarimo ikibazo.

| Izina | Intego | imvugo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| Igihugu | i-ki-hugu | i-gi-hugu | k→g/-GR |
| udutambaro | u-tu-tambaro | u-du-tambaro | t→d/-GR |
| Igihe | i-ki-he | i- gi-he | k→g/-GR |

**Gereranya intego n'imvugo maze ushake amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

Kugira ngo umuntu agere ku mategeko y'igenamajwi agereranya intego n'imvugo, maze akagerageza kuvumbura impamvu amajwi amwe n'amwe yagiye ahinduka.
Dore izindi ngero z'amazina, uturemajambo twayo, uko avuga n'amategeko y'iganamajwi akoreshwa.

| Izina | Intego | Imvugo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| Inzira, inzuki | i-n-yira /i-n-yuki | inzira / inzuki | y→z/ n- |
| Indabo | i-n-rabo | indabo | r→d/n-<br>indunduro, indengo, indatwa, indango, … |
| Inzugi | i-n- ugi | inzugi | Ibicumbi bifata z:<br>inzugi<br>Inzuzi<br>Inzego<br>Inzagwa<br>Inzembe<br>Inzuho |
| Uduti | u-tu-ti | uduti | t→d/-GR: r ihin-duka d iyo iri imbere y'ingombajwi y'indagi: ingombajwi z'indagi ni : c, f, h, k, p, s, t.<br>udufi, udupira, udu-koko, … |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Imfizi | i-n-pfizi | imfizi | p→Ø /n-f: p iburi-zwamo iyo iri hagati ya n na f.<br>n→m/-f: n ihinduka m iyo iri imbere ya f. |
| Imboga<br>Impu<br>Imfuruka<br>Imvubu | i-n-boga<br>i-n-hu<br>i-n-furuka<br>i-n-vubu | imboga<br>impu<br>imfuruka<br>imvubu | n→m/-b,<br>-h<br>-f<br>-v |
| Igiti | i – ki - ti | igiti | k→g/- GR: n ihinduka g iyo iri imbere y'ingombajwi y'indagi: ingombajwi z'indagi ni : c, f, h, k, p, s, t. igituza, agafi, ugut-wi, agatambaro, … |

**Ikitonderwa**

Hari ibicumbi bifata ingombajwi "z" mu nteko ya 10 bitari biyisanganywe.

***Ingero :***

Urugi → inzugi
Uruyuzi → inzuzi
Urwabya →inzabya

**Mfashe ko:**

- Uturemajambo tw'izina mbonera ari indomo, indanganteko n'igicumbi
- Amategeko y'igenamajwi akora mu izina ajyanye n'ingombajwi ni: y→z/n- ; r→d/n- ; t→d/-GR ; p→Ø/m-f ; n→m/-b ; k→g/-GR .

**Imyitozo**

Umwarimu aha abanyeshuri imyitozo yo gusuzuma ubumenyingiro bwo gusesengura amazina rusange mbonera batanga n'amategeko y'igenamajwi.

Garagaza intego, imvugo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe mu mazina akurikira :

1. Inzuki : i-n-yuki y→z/n-
2. Inzoga : i-n-yoga y→z/n-
3. Udutebo : u- tu-tebo t→d/-GR
4. Induru: i-n- ruru r→d/n-
5. Imfizi: i-n-pfizi n→m/- f

6. Impuha: i- n-huha  n→m/- h, mh→mp mu nyandiko
7. Imvaho: i-n-vaho  n→m/- v
8. Imbogo: i-n-bogo  n→m/- b

## 4.3. Twirinde abadushora mu mibonano mpuzabitsina

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 85)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa  87)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko «Twirinde abadushora mu mibonano mpuzabitsina», igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho**? Turahabona abana b'abahungu bicaranye ku rubaho munsi y'igiti. Abo bahungu barumva iradiyo. Hari kandi n'abakobwa babiri barikugendana

b) **Ubucuti bw'umukobwa n'umuhungu akenshi buganisha ku ki**? Baba bashobora kubana, gukorana imibonano mpuzabitsina n'ibindi.s

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubumbura ibitabo ku ku rupapuro ababwiye.

**Gusoma bucece**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "Twirinde abadushora mu mibonano mpuzabitsina" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza*

1. **Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?** Mu mwandiko haravugwamo Kagabo, abana bakinanaga, na se wa Kagabo.
2. **Uyu mwandiko uradushishikariza iki muri rusange?** Uradushishikariza kwirinda imibonano mpuzabitsina.

*Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda*

**Ibisobanuro by'amagambo mashya yakoreshejwe mu mwandiko**

1. **Gukika amasomo:** kurangiza amasomo. Binakoreshwa ku "gukika imirimo" bisobanura kurangiza imirimo.
2. **Gushyirwa**: kunyurwa, gushira amatsiko.
3. **Kumira bunguri**: - kwemera ibitekerezo ugejejweho n'abandi utabanje gushishoza.
   - Kumira utabanje guhekenya

   Biva ku gutamira ikintu ukakimira utabanje kugikanjakanja.
4. **Imisemburo**: ni ibintu biba mu mubiri, bituma ugenda uhinduka uko umuntu akura.
5. **Gushinga imizi**: gukomera cyane bitanyeganyaga.
6. **Kotsa umuntu igitutu:** kumuhatira gukora ikintu.

**Imwitozo y'inyunguramagambo**

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

*Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo*

**Gukoresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**

a) **Gukika amasomo:** Iyo dukitse amasomo mu gihe cya saa kumi ni bwo tujya gukina.
b) **Kumira bunguri:** Jya ubanza ushishoze, ntukamire bunguri ibintu byose abantu bakubwiye ngo wumve ko ari byo.
c) **Imisemburo:** Mu mubiri wacu harimo imisemburo ituma tugenda duhinduka uko dukura.
d) **Kotsa umuntu igitutu:** Mu isiganwa ry'amagare n'ubwo haba uba uwa mbere, usanga n'abandi begenda bamwotsa igitutu..

**Kuzurisha amagambo ukuye mu dukubo interuro zikurikira (ingimbi, ikemezo, urukundo, inzandiko, igitutu).**

a) Hari **inzandiko** zandikwa zikaba zifite agaciro gakomeye.
b) Nafashe **ikemezo** cyo kwirengagiza igitutu banshyiraho bampatira gukora ibyo ntashaka.
c) Iyo ufite **urukundo** ukunda n'abanzi bawe.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 87)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bw'umwana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku nkuru ishushanyije baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu abasomera by'intangarugero
Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

1. **Kugira ibiheri mu maso bisobanura ko ukeneye gukora imibonano mpuzabitsina? None se biterwa n'iki? Uburwaye yabigenza ate?** Oya. Ibiheri biza mu maso ntibikizwa no gukora imibonano mpuzabitsina. Ibyo biheri akesnshi biterwa n'imisemburo iba igenda ihinduka mu mubiri. Ubirwaye yagisha inama muganga ariko akenshi birikiza.
2. **Ese ujya wereka urukundo ababyeyi, abavandimwe n'inshuti? Ubigenza ute?** Mbafasha mu mirimo ngasangira na bo.
3. **Umuhungu n'umukobwa bashobora kugirana ubucuti butaganisha ku gukora imibonano mpuzabitsina? Babigenza bate?** Yego. Bashobora kujya basobanurirana amasomo, bagakina, bakandikirana bisanzwe, bagahana impano, mbese bakajya bungurana ibitekerezo.

4. **Ese biroroshye gukora ibintu bitandukanye n'ibya bagenzi bawe?** Nta bwo byoroshye ariko iyo wiyemeje kureka ibibi wabishobora.
5. **Ni iki cyagufasha gufata ibyemezo byawe bwite?** Kubanza gutekereza ku byo ugiye gukora niba ari byiza cyangwa se ko ari bibi.

## Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 88)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye no kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza:*

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?** Ni umwandiko uvuga ku kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina.
b) **Kuki ari ngombwa kubanza gutekereza ku byo bagusabye gukora?** Gutekereza ku byo bagusabye gukora bituma ufata ikemezo kiboneye.

### Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo **afashe abafite ubumuga bwo kutumva no kutabona niba bahari.**

### *Urugero rw'ibisubizo byatangwa:*

1. Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko
   Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.
   Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora igisubizo gikwiye.

***Urugero rw'igisubizo gishoboka.***

a) **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**
Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko yo kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina.

b) **Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko**
Muri uyu mwandiko haravugwamo ingingo z'ingenzi zikurikira:
- Uyu mwandiko utangira Kagabo agirwa inama mbi n'abana bakinanaga.
- Ukomeza Kagabo asobanuza se ku bijyanye n'igitekerezo bagenzi bari bamuhaye anamugisha inama ku buryo yagirana ubucuti n'abakobwa.
- Urangira se wa Kagabo amugira inama, ndetse anatanga inama ku bana bose. Abangira inama yo kwirinda imibonano mpuzabitsina, no kubaza ababyeyi babo ibijyanye n'imibiri yabo kuko bo badashobora kubashuka.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 88)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ijyanye no kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina, akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be adategwa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yabaza:***

1. **Ni irihe somo duheruka kwiga?**
Duheruka gusesengura umwandiko"kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina."

2. **Ni izihe nama se wa Kagabo yamugiriye?**
Yamushimiye ko yashoboye kumubaza, amusobanurira ko ashobora kugirana n'umukobwa ubucuti budashingiye ku mibonano mpuzabitsina, kandi amusaba kujya agisha inama ababyeyi be n'abandi bantu bakuru ku bijyanye n'imihindagurikire y'ububiri we.

### Ingingo yo kunguranaho ibitekerezo

Ese wowe ujya ubaza ababyeyi bawe ku bijyanye n'imihindagurikire y'umubiri wawe no ku bijyanye n'imikorere y'imyanya ndangabitsina? Bwira abandi inama bakugiriye.

Abanyeshuri bari mu matsinda barungurana ibitekerezo babyandika, hanyuma

uhagagariye buri tsinda avuge ibyo bagezeho. Niba hari abanyeshuri bavuze ko batajya bagisha inama ababyeyi babo umwarimu arababaza impamvu bataganira na bo, hanyuma abagire inama uko babyitwaramo.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo ku kibazo banditse ku kibaho no kugira icyo bavuga ku bitekerezo bitangwa na bagenzi babo.

**Umukoro**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gukora inshamake y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo.

Mu gukosora umukoro, umwarimu arafasha abanyeshuri guhuriza ku kibaho inshamake itunganye bandika mu makaye yabo.

***Urugero rw'inshamake:***

Ingimbi n'abanganvu bashobora kugirana ubucuti ariko bakirinda kugwa mu mutego wo gukora imibonano mpuzabitsina. Bakwiye gutegereza ubukure buhagije bw'imibiri yabo bakabana mu buryo bwemewe n'amategeko.

## 4.4 Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 89)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 90)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina**", igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga ,akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho n'ibisubizo bishoboka:*

1. **Ni iki mubona mubona kuri aya mashusho?** Turahabona umukozi ukora mu isuzumiro ari kumwe n'umurwayi usa n'urembye.
2. **Ubusanzwe indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ni iki?** sNi indwara umuntu yandura kubera ko yakoranye imibonano mpuzabitsina idakingiye n'umuntu uzirwaye.

### Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko **"Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina**" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza*

1) **Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ni iki?** Indwara zandurirwa mu mibonano mpuzabitsina ni indwara ziva ku muntu uzirwaye zikajya ku wundi mu gihe k'imibonano mpuzabitsina.

2) **Ni izihe ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zivugwa mu mwandiko?** Indwara z'umwijima bita epatite B (hepatite B) na Sida, imitezi, mburugu, n'uburagaza naho indiririzi zigatera tirikomunanse (tricomonase).

## Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

## Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

### *Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda*

**Ibisobanuro by'amagambo mashya yakoreshejwe mu mwandiko**

1) **Agakingirizo:** agakoresho koroherereye bambika igitsina kugira ngo abakora imibonano mpuzabitsina batandura indwara cyangwa hakabaho gutwara inda.
2) **Guca inyuma uwo mwashakanye:** gukorana imibonano mpuzabitsina n'undi muntu mutashakanye rwihishwa.
3) **Kwisuzumisha:** kujya kwa muganga akagenzura ko utanduye indwara cyangwa ko utasamye inda.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

***Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo byatangwa***

**Gukoresha amagambo mu nteruro :**

1) **Agakingirizo**
   Umuntu unaniwe kwifata, akoresha agakingirizo aho kugira ngo yandure indwara cyangwa ahure n'ibibazo byo gutera inda no guterwa inda atabiteguye.
2) **Guca inyuma uwo mwashakanye.**
   Sinzaca inyuma uwo twashakanye ntazinjiza vurusi itera SIDA mu muryango wange.
3) **Kwisuzumisha**
   **Ukoroye igihe kirekire ajya kwisuzumisha igituntu.**
   **Kuzurisha amagambo ukuye mu dukubo interuro zikurikira (ubushakashatsi, miriyoni, SIDA, igitsina)**
   (i) Buri munsi umuntu azigamye amafaranga igihumbi mu minsi igihumbi yaba afite **miriyoni.**
   (ii) **Ubushakashatsi** ntiburavumbura umuti wa SIDA ngo ikire burundu.
   (iii) Uburagaza bushobora gutuma **igitsina** kivaho kigacika.

**Umukino wo gutahura amagambo: Kuzuza interuro ukoresheje amagambo utahuye mu kinyatuzu**

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| A | U | I | S | B | A | G | I | T | E | R | I |
| K | B | S | I | D | A | B | A | N | A | N | F |
| A | U | I | F | U | M | U | G | A | B | O | I |
| T | R | N | I | U | U | M | U | G | O | R | E |
| O | A | D | L | M | B | U | R | U | G | U | R |
| O | G | W | I | M | I | T | E | Z | I | I | I |
| W | A | E | S | K | W | I | F | A | T | A | A |
| H | Z | V | I | R | U | S | I | D | A | D | A |
| O | A | B | A | N | T | U | R | W | A | Y | E |

## Interuro

a) Si byiza guha **akato** abanduye virusi itera sida.
b) Abantu banywa ibiyoga bitujuje ubuziranenge barangwa n'**isindwe**.

c) Umuryango w'Abibumbye wita ku Buzima ari wo **WHO** mu magambo ahinnye y'icyongereza uvuga ko **umugabo** n'**umugore** bakoze imibonano mpuzabitsina baranduye indwara nka **mburugu**, **uburagaza** n'**imitezi** bashobora kubyara abana banduye.
d) **Abana** basabwa **kwifata** ntibakore imibonano mpuzabitsina kuko baba bakiri bato.
e) **Ifi** iba mu mazi kandi ifite agaciro kanini mu bukungu bw'u Rwanda.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bw'umwana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatanzwe byo kumva umwandiko*

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

1. **Ni izihe ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zivugwa mu mwandiko?** Mu mwandiko haravugwa indwara z'umwijima bita epatite B (hepatite B) na SIDA, imitezi, mburugu, n'uburagaza naho indiririzi zigatera tirikomunanse (tricomonase).

2. **Ni ibiki biranga uwanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?** Bimwe mu bimenyetso biranga uwanduye indwara zifata imyanya ndangagitsina ni ukuribwa kuri iyo myanya kubagore, udusebe cyangwa uduheri ku gitsina cy'umugabo cyangwa icy'umugore, amashyiraaturuka mu gitsina cy'umugabo, kokerwa igihe umuntu yihagarika, kwishimagura, kuzana ubushye no guhinda umuriro, twavuga ndetse n'amashyira mu maso y'abana bakivuka.
3. **Ese twakwirinda dute indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?** Twakwirinda twifashe tukareka ingeso y'ubusambanyi. Byananirana tugakoresha agakingirizo
4. **Andika ingaruka zo kutivuza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ?** Iyo uzirwaye ativuje, zimunga umubiri we zikangiza imyanya ndangagitsina ku mugabo no ku mugore, bikaba byanavamo ubundi bumuga bwageza ku gucika igitsina cyangwa no gupfa.
5. **Ni uwuhe mwanzuro ufashe umaze gusoma uyu mwandiko?** Buri munyeshuri aravuga umwanzuro afashe ku giti ke.

## Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora kuvuga insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza:*

a) **Ni uwuhe mwandiko duheruka gusoma?**
Ni umwandiko uvuga ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
b) **Ni iyihe ndwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina iterwa n'indiririzi?**
Indwara yandurira mu mibonano mpuzabitsina iterwa n'indiririzi ni terekomonansi.

### Gukorera mu matsinda

Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura insanganyamatsiko n'ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abafite ubumuga bwo kutumva n'ubwo kutabona niba bahari.

***Urugero rw'ibibazo yabaha:***

**a) Ni iki kivugwa muri rusange muri uyu mwandiko?**

**b) Garagaza ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.**
Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.
Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo batanze mbere yo kubyandika mu makaye yabo.

***Urugero rw'igisubizo cyatangwa.***

a) **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko**
Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko ijyanye n' Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

b) **Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko ni izi zikurikira.**

- Icyo indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Uko indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina."
- Imibare y'abantubandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ku isi.
- Uko u Rwanda rwahagurukiye kurwanya indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Ibimenyetso biranga abarwaye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina."
- Ibyiza byo kwirinda n'ingaruka zo kutivuza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina."

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 92)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri azaba ashobora kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko ijyanye n' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, akagira icyo avuga ku bitekerezo bya bagenzi be adategwa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

**Isubiramo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yabaza:***

**Ni irihe somo duheruka kwiga?**

**Duheruka gusesengura umwandiko "indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina." Kungurana ibitekerezo**

a) Ese ubona wakora iki mu gihe ushaka kutandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina kandi ushaka no kubyara abana?

b) Ni gute twahagarika ikwirakwira ry'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?

Amatsinda arahabwa gukora ku kibazo cya mbere andi akore ku cya kabiri. Buri tsinda rirahabwa umwanya rivuge ibitekerezo ryateguye, hanyuma abandi bagende babunganira.

**Ibitekerezo byatangwa kuri ibi bibazo byombi:**

Mu gihe umuntu ashaka kubyara abana, agomba guhitamo uwo bazabana, ariko bakabanza kwipimisha kwa muganga mbere yo gukora imibonano mpuzabitsina nk'abashakanye.

Bamaze gushakana na bwo bagomba kwirinda gucana inyuma, bakabana mu budahemuka. Mu gihe kandi hagize ucikwa agakora imibonano mpuzabitsina n'uwo batashakanye agomba gukoresha agakingirizo.

Kugira ngo ikwirakwira ry'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina rihagarare buri wese uyirwaye agomba kwivuza neza kwa muganga wemewe, kandi abantu bakirinda ubusambanyi, abo binaniye bagakoresha agakingirizo.

**Umukoro**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gukora inshamake y'ibyo bunguranyeho ibitekerezo.

Umukoro ukosorerwa hamwe ku kibaho bagakora inshamake iboneye mbere yo kubyandika mu makaye yabo.

## 4.5. Ubugimbi n'ubwangavu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 93)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 96)

**Intego zihariye:**

Ahereye ku mwandiko uvuga ku bugimbi n'ubwangavu, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko; gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu , igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

## Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga ,akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho n'ibisubizo bishoboka:*

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turabona umugabo n'umuhungu w'ingimbi bicaye mu cyumba cy'uruganiriro barebana baganira.

b) **Ubusanzwe umuhungu ugeze mu kigero nk'icy'uyu muhungu yitwa ngo iki? Naho se umukobwa we yitwa ngo iki?** Umuhungu yitwa ingimbi, naho umukobwa ni umwangavu.

## Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Ubugimbi n'ubwangavu**" akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza*

a) **Mahungu yabwiwe ko ubugimbi ari iki?** Ubugimbi ni igihe k'impinduka mu mubiri no mu bitekerezo, bugatangira mu bihe bitandukanye ku bana. Bamwe babutangira hagati y'imyaka 10 na 15, cyangwa mbere y'aho gato, bukaba bushobora gukomeza kugeza ku myaka 21.

b) **Ni iki cyashimishije se wa Mahungu?** Ku kigo cyabo abahungu bafite ubwiherero bwabo n'abakobwa bakagira ubwabo. Yageze mu bw'abakobwa asanga hari acyumba kigenewe abakobwa bari mu mihango ku buryo umwana bitunguye ahasanga amazi n'amasabune byo kwisukuza ndetse na kotegisi ( cotex) akoresha kugira ngo amaraso atagaragara ku myenda ye.

## Gusoma baranguruye

Umwarimu asomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

### *Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda*

**Ibisobanuro by'amagambo mashya yakoreshejwe mu mwandiko**

1) **Ubucakwaha:** Ubwoya bumera mu kwaha.
2) **Insya:** Ubwoya abantu bamera ku gitsina.
3) **Impwempwe:** Ubwoya bumera mu gatuza.
4) **Ibigango:** Imbaraga z'umuntu munini
5) **Intanga:** Ingirabuzima fatizo zigirwa n'inyamaswa zikaba zikorwa n'imyanya ndangagitsina zivamo abana iyo intanga ngore yahuye n'intanga ngabo; bivugwa ku nyamaswa.
6) **Kuvuga ni ugutaruka:** Kureka ingingo waganiragaho itararangira ugafata indi.
7) **Nta mpungenge:** Nta guhangayika.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

### *Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo bishoboka*

1. **Gukoresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura**
   a) **Ubucakwaha:** Ubwo bucakwaha uzabwogoshe buteye umwanda.

b) **Insya:** Mu nsya hazamo indiririzi bita inda iyo umuntu adakaraba.
c) **Impwempwe:** Impwempwe ziba mu gatuza naho ubwanwa buba ku munwa.
d) **Ibigango:** Umugabo w'ibigango aterura ibiremereye.
e) **Intanga:** Iyo intanga ari ibihuhwa umuntu ntabyara.
f) **Kuvuga ni ugutaruka:** Kuvuga ni ugutaruka reka duhindure ikiganiro tuvuge ibindi.

**2. Gutanga imbusane z'amagambo akurikira uyakuye mu mwandiko**

a) Abahungu # **abakobwa**
b) Mukuru# **muto**
c) Ku manywa# **nijoro**
d) Uguhangayika# **umutuzo**

**3. Gutanga impuzanyito z'amagambo ari mu dukubo uyakuye mu mwandiko.**

a) Uguhangayika = impungenge
b) Abari = abakobwa
c) Sifilisi = Mburugu

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 96)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku myandiko ivuga ku bugimbi n'ubwangavu, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo ye bwite.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asomera abanyeshuri by'intangarugero
Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

**Gusomera umwandiko mu matsinda**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.

Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.

Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko***

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

**Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo.**

1. Iyo bavuze ubugimbi cyangwaubwangavu wumva iki?
   **Iyo bavuze ubugimbi cyangwa ubwangavu wumva iki?**
   Ubugimbi n'ubwangavu ni igihe kigera umwana akaba atakiri muto kandi akaba na none atari yaba umuntu mukuru. Mu gihe cy'ubugimbi umubiri w'umuhungu n'uw'umukobwa bigira impinduka - baba barebare kandi banini, imyanya ndangagitsina igakura, bamera ubwoya n'imisatsi ahantu hadasanzwe. Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, umukobwa ashobora gutwita naho umuhungu ashobora gutera inda.
2. Ni ku yihe myaka umuhungu aba ingimbi na ho umukobwa akaba umwangavu?

   **Ni ku yihe myaka umuhungu n'umukobwa baba ingimbi/umwangavu?**
   Ubugimbi/ubwangavu bugaragazwa n'impinduka zose zo mu mubiri umwana anyuramo kugira ngo azabe umuntu mukuru. Ubusanzwe abakobwa batangira ubwangavu mbere y'abahungu. Abakobwa benshi batangira impinduka hagati y'imyaka 8 na 13, abahungu bagatangira hagati y'imyaka 10 na 15. Bishobora gutangira vuba cyangwa bigatinda ho gato. Buri muntu wese burya atandukanye n'undi, buri wese rero anyura mu bugimbi/bwangavu ukwe. Imihindukire y'umubiri n'ibitekerezo birakomeza kugeza ku myaka 19 cyangwa 20.

3. **Ni izihe mpinduka z'umubiri abahungu bagira iyo bageze mu bugimbi?**
   Imyanya ndangagitsina yawe irabyibuha, ukamera ubucakwaha, insya, ubwanwa, impwempwe ndetse n'ubwoya ku maguru ukaba muremure, ukagira ibigango, ndetse ukabira ibyuya byinshi.
4. **Ni izihe mpinduka z'umubiri abakobwa bagira iyo bageze mu bwangavu?**

Kimwe n'abahungu na bo muri iki kigero barakura bakaba barebare, bakamera ubucakwaha, amabere n'insya. Nabo bakunze kubira ibyuya kurenza ibisanzwe kandi bakazana ibiheri mu maso.

5. **Ni uwuhe mwihariko ibigo bimwe bigenera abakobwa bajya mu mihango? Ubivugaho iki**? Hari akumba kagenewe abakobwa bari mu mihango ku buryo umwana bitunguye ahasanga amazi n'amasabune byo kwisukuza ndetse na kotegisi ( cotex) akoresha kugira ngo amaraso atagaragara ku myenda ye.
6. **Wowe wumva watinyuka kubaza ababyeyi bawe ibyakubayeho bijyanye n'imihindagurikire y'umubiri wawe? Kubera iki?** Buri munyeshuri arasubiza uko abyumva. Hanyuma atange igisobanuro. Niba hari abavuga ko batabitinyuka, umwarimu arababaza impamvu abasobanurire ko bagomba kubaza ababyeyi babo.
7. **Ni iki wumva wungutse umaze gusoma uyu mwandiko?** Buri wese aravuga icyo yungutse.
8. **Ni iyihe nama ukuye muri uyumwandiko?** Inama ni ukutishora mu mibonano mpuzabitsina kubera ko numva mu mubiri wange binzamo.

## Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 97)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku myandiko ivuga ku bugimbi n'ubwangavu, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa , kwerekana ingingo z'ingenzi zavuzwe mu mwandiko no kuvuga isomo akuye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu , igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshui umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

### Gusomera mu matsinda no gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:

Umwarimu abasaba kujya mu matsinda bagasoma umwandiko bashaka ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Umwitozo wo gusesengura umwandiko**

1) **Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu"**

   - Ikibazo Mahungu yari yagize kubera kwiroteraho.
   - Se yamusobanuriye ko ari impinduka z'igihe agezemo kandi ko hagiye kumubaho impinduka nyinshi ku mubiri we no mu bitekerezo bye, bugaragaza ko atangiye gukura ko ariko bitavuze ko agomba gutangira kwishora mu mibonano mpuzabitsina.
   - Se yamubwiye ko n'abakobwa bageze mu gihe cy'ubwangavu na bo bagira impinduka ku mubiri no mu bitekerezo.
   - Yarangije amubwira ko icyo gihe bagezemo ari igihe cyo kwitwararika neza kuko n'ubwo imibiri yabo iba ihinduka, bataba bakuze bihagije ku buryo bashaka cyangwa ngo bishore mu mibonano mpuzabitsina.

2) **Garagaza isomo ukuye muri iyi nkuru.**
   Ingimbi n'abangavu bakwiye kubaza ababarera iyo hari icyo badasobanukiwe ku bijyanye n'umubiri wabo.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 97)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko uvuga ku bugimbi n'ubwangavu, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gutanga ibitekerezo bifite ireme ku ngingo yatanzwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu , igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

### Gusomera mu matsinda no gutanga ibitekerezo ku ngingo yatanzwe.

Umwarimu abasaba kujya mu matsinda bagasoma inkuru zihari hanyuma bagatanga ibitekerezo ku bibazo babajijwe.

**Ibibazo n'ibisubizo ku ngingo yo kungurana ibitekerezo**

1. **Hakwiye gukorwa iki kugira go ingimbi n'abangavu basobanukirwe imihindagurikire y'umubiri wabo?**
   Abanyeshuri bari mu matsinda baratanga ibitekerezo byabo kuri iki kibazo, hanyuma baze kubihuriza hamwe ku kibaho bafashijwe n'umwarimu wabo.
   Ababyeyi, abarezi, abanditsi n'abandi bantu bazi iby'ubuzima bw'imyororokere bakwiye kwegera abana bakabasobanurira imihindagurikire y'umubiri.
2. **Musome izi nkuru maze mwungurane ibitekerezo ku kibazo mwabajijwe**.
   a) **Karekezi ni mubyara wa Mahungu. Ubusanzwe akunda gukina n'abandi bana. Umunsi umwe Mahungu yamubonye aho gukina yicaye iruhande rw'ikibuga yigunze afite ibitekerezo byinshi. Ni ko kumwegera aramubaza ati: " Bite shahu ko ndeba nta kigenda?"Mubyara we ni ko kumubwira ati: "Yewe, ibintu byaraye bimbayeho byanyobeye. Nabyutse, nsanga agakabutura kange katose mbona n'ibindi bintu ntazi byanyanduje. Sha ubanza narwaye ya mitezi bavuze!"**

**Ikibazo**

**- Wumva wafasha iki uyu muhungu kugira ngo ibyamubayeho bitamutesha umutwe?**

Namubwira ko ageze mu gihe kidasanzwe cy'ubuzima bwe kitwa 'ubugimbi'. Ko ari yo mpamvu yiroteyeho ku atari uburwayi.

- **Ni iki wigiye ku nkuru ya Mahungu no ku bisobanuro bijyanye n'ikigero cy'ubwangavu n'ubugimbi?**

Kubera inama za se ubu nta mpungenge ngifite ku mihindukire y'umubiri wange. Ahubwo niteguye kuganiriza bagenzi bange ku byambaho kubera ubugimbi n'ubwangavu no kubagira inama igihe bibabayeho.

b) **Karara yatunguwe no kubona imihango bwa mbere ari ku ishuri. Igihe cy'akaruhuko ko hagati y'amasomo kigeze atinya gusohoka nk'abandi kuko yibwiraga ko kuba yanduje imyenda ye abandi babibona bakamushungera, bikaba byamutera isoni n'ikimwaro.**

**Ikibazo**

**Wamufasha ute gukemura ikibazo afite?**

Namubwira ko hari acyumba cyagenewe abakobwa bari mu mihango ku buryo umwana bitunguye ahasanga amazi n'amasabune byo kwisukuza ndetse na kotegisi ( cotex) akoresha kugira ngo amaraso atagaragara ku myenda ye.

3) **Ese birasanzwe ko abahungu bamwe cyangwa abakobwa bakura vuba kurusha abandi?**
   Yego. Bamwe mu bahungu batangira ubugimbi ku myaka 10, abandi

bagategereza no kugeza ku myaka 15. Abakobwa bamwe batangira ubwangavu kare nko ku myaka 8 abandi bagategeza kugeza ku myaka 13 ndetse bamwe bakarenzaho. Buri muntu wese uko ateye biba ari bizima.

4) **Kuki ibice bimwe by'umubiri bikura vuba kurenza ibindi?**

   Mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu, hari gahunda imihindukire y'umubiri ubusanzwe ikurikiza. Ku bahungu, gukura kw'amabya biba mbere y'ibindi. Ariko rero, imihindukire ishobora kuza uko yishakiye, kandi byose biba ari bizima.

5) **Gushyukwa ni iki?**

6) **Ese amasohoro ashobora gusohokera rimwe n'inkari?**

   Inkari n'amasohoro, ari yo matembabuzi asohoka mu gitsina cy'umugabo, byombi binyura mu nzira imwe. Ariko, agapfundikizo kari ku muyoboro w'inkari uva mu ruhago, gakora ku buryo inkari n'amasohoro bidashobora gusohokera igihe kimwe.

7) **Gusiramura ni iki?**

   Gusiramura ni ukubaga bagakuraho agahu gatwikira umutwe w'igitsina cy'umugabo. Nta mpungenge byatera umuhungu iyo bamusiramuye, nta ngaruka n'imwe bizagira ku gitsina ke.

8) **Ni gute wasukura imyanya ndangagitsina y'umuhungu?**

   Woza witonze igitsina cy'umugabo n'amazi n'isabune buri munsi. Iyo umuhungu adasiramuye, ashobora gusubiza inyuma uruhu yitonze maze akoza aho ruvuye.

9) **Intanga ngabo ni iki?**

   Intangangabo ni intanga iva mu mugabo. Intanga zikorerwa mu mabya zigasohokera mu matembabuzi yitwa amasohoro iyo igitsina cyashyutswe. Mu gatonyanga kamwe k'amasohoro habamo amamiriyoni y'intanga. Iyo amasohoro agiye mu gitsina cy'umukobwa, ashobora gusama. Intanga ngabo kandi ni yo igena igitsina cy'umwana (umukobwa cyangwa umuhungu) igihe habayeho isama. Iyo umuhungu akoranye imibonano mpuzabitsina n'umukobwa akamwiyaka agasohorera hanze, na bwo ashobora kumutera inda. Ibyo biterwa n'uko bitoroshye kumwiyaka hakiri kare kandi hari n'intanga ziba zageze kare mu miyoboro mbere yo gusohora nyirizina.

10) **Gutera inda bisaba iki?**

    N'ubwo uko umuntu akoze imibonano mpuzabitsina atari ko atera inda, gutera inda bisaba guhura kw'ibintu bitatu:

    1) Hagomba kuba hari intanga y'umugore mu miyoboro ye, aho inyura ijya mu mura, ha handi umwana akurira iyo ari mu nda;
    2) Hagomba ko intanga y'umugabo ihura n'iy'umugore kugira ngo iryo hura ry'intanga zombi havemo igi rizavamo umwana.
    3) Iryo gi noneho na ryo rigomba aho rishyika ni ukuvuga aho ritura mu mura w'umugore rikahaguma.

11) **Ni gute umuntu yakwirinda gutera inda?**

Iyo umugabo agiranye imibonano mpuzabitsina n'umugore badateganya kubyara, bashobora gukoresha uburyo bwabarinda gusama. Hari uburyo bwinshi harimo agakingirizo, ibinini, inshinge, agapira bashyira mu mura, n'uburyo bwo kwifata. Ugomba gushaka umukozi w'ubuzima akagusobanurira neza iby'ubwo buryo bwose noneho ugahitamo ubukubereye. Iyo abashakanye bakoreresheje neza uburyo bwo kwirinda gusama, bibarinda gusama. Iyo bakoresheje agakingirizo hamwe n'ubundi buryo, bibarinda gusama no kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

## 4.6. Isuku y'imyanya ndangagitsina

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 99)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 101)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko uvuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko « Isuku y'imyanya ndangagitsina », igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga ,akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:***

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?** Turahabona icyumba k'uvuriro, abaganga babiribita ku murwayi uryamye ku gitanda , hari kandi n'umukobwa wicaye ku gitanda avuye gukaraba.

b) **Ni nk'ikihe kibazo k'ibanga abantu bakunze kubaza muganga biherereye?** Akenshi babaza ibijyanye n'imikorere y'imyanya myibarukiro yabo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kubumbura ibitabo ku rupapuro ruherereyeho umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura igitabo cyabo ahari umwandiko "**Isuku**

**y'imyanya ndangagitsina**", akabasaba kuwusoma bucece nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### *Urugero rw'ibibazo yababaza*

a) **Uyu mwandiko uribanda kuki?** Uyu mwandiko uribanda ku isuku y'imyanya myibarukiro.

b) **Ni izihe nama z'ingenzi baha abakobwa ku bijyanye n'isuku y'imyanya ndangabitsina?** Inama zigirwa abakobwa zirimo, gusukura kenshi imyenda y'imbere, gukaraba kenshi mu gihe bari mu mihango, no kwirinda imyenda ibegereye cyane.

c) **Ni izihe nama z'ingenzi baha abahungu?** Abahungu bagirwa inama yo kwikebesha no gusukura utwenda twabo tw'imbere.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asomera abanyeshuri by'intangarugero
Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.
Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

### Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo mashya kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.
Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.
Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.

### *Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda*

**Ibisobanuro by'amagambo mashya:**

1. **Ubushobozi kamere bw'umubiri:** ububasha umubiri ufite mu kurwanya indwara wo ubwawo
2. **Kuvubura:** gusohora amatembabuzi.
3. **Kwitwararika:** kwigengesera ngo utagira ibyo wangiza/ ubangamira
4. **Kwambarana:** gutizanya imyenda umwe akambara iy'undi.

5. **Imibavu:** ubwoko bw'amavuta ahumura umwuka wayo ugatama hose.
6. **Ubudahangarwa:** ububasha umubiri ufite mu kurwanya indwara

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

### *Urugero rw'umwitozo w'inyunguramagambo n'urugero rw'ibisubizo*

1. **Gukoresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura.**

    a) **Ubushobozi kamere bw'umubiri:** Umubiri w'umuntu ufite ubushobozi kamere bwo kurwanya indwara.
    b) **Kuvubura:** Ino soko ivubura amazi meza.
    c) **Kwitwararika:** Tugomba kwitwararika mu gukora y'imyambaro y'imbere abakomerekejwe na jenoside.
    d) **Kwambarana:** Kwambarana imyenda bikwirakwiza indwara.

    e) **Imibavu:** Imibavu ikorwa mu ndabo.
    f) **Ubudahangarwa:** Umubiri winjiwemo na virusi itera SIDA utakaza ubudahangarwa bwawo.
2. **Uzurisha amagambo akurikira mu nteruro zatanzwe: umutungo kamere, kwitwararika, ivubura, ubudahangarwa.**
    a) Igihugu cyacu gifite **umutungo kamere** mu butaka no mu mazi.
    b) Iyi soko **ivubura** amazi meza.
    c) Amazi anyobwa ni ayatetswe agashyuha akageza kuri **dogere** ijana.
    d) Tugomba **kwitwararika** kugira ngo tudakomeretsa abahuye n'ihohoterwa.
    e) Umubiri winjiwemo na virusi itera SIDA utakaza **ubudahangarwa** bwawo.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 101)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko uvuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko « Isuku y'imyanya ndangagitsina » , igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu nkuru.

**Isubiramo**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

**Gusoma mu ijwi riranguruye.**

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Abanyeshuri barasoma umwumwe umwandiko, basimburana, umwarimu agende abakosora aho basomye nabi.

**Gusomera mu matsinda.**

Abanyeshuri barasomera umwandiko mu matsinda banasubiza ibibazo by kumva umwandiko.

**Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka.**

1) **Ari igitsina gore n'igitsina gabo ni ikihe gikwiriye kugirirwa isuku cyane ?**
   Ibitsina byombi bikeneye isuku.
2) **Isuku y'igitsina gabo ikorwa ite?**
   Abahungu n'abagabo bagirwa inama yo kwisiramuza kuko birinda za mikorobe zakwitekera munsi y'igihu gitwikiriye umutwe w'igitsina cyabo.ka ndi bakiyuhagira.
3) **Kuki ari ngombwa gukaraba intoki mbere yo gukora ku gitsina?**
   Ni ngombwa gukaraba intoki mbere yo gukora ku gitsina kugira ngo imyanda itajya mu gitsina bigatera uburwayi.
4) **Sobanura ukuntu kwirinda biruta kwivuza?**
   Uwivuza aba yarwaye. Hari ibyo ahomba kandi umubiri ukangirika. Uwirinze nta cyo aba.
5) **Ni ibihe bikoresho by'ingenzi byifashishwa mu isuku y'imyanya ndangagitsina gore ?**
   Urwembe, isabune igitambaro cy'amazi, kotegisi, udutambaro….
6) **Hari inama zirenga icumi zivugwa mu mwandiko ku isuku y'imyanya ndangagitsina gore: tangamo nibura eshanu.**

***Urugero rw'inama yatanga:***

a) Kutambara imyenda igufashe igihe kirerekire kuko bituma iyo myanya itutubikana hakaba hazamo impumuro mbi cyangwa za mikorobe;
b) Kutambarana n'abandi amapantaro, amakabutura n'amakariso;
c) Guhanagura ubwiherero bwicarwaho n'umuti wabigenewe cyangwa gushyiraho agatambaro;
d) Kugira umuco wo gusiga utanduje ubwiherero, kugira ngo umuntu uza kubujyamo nyuma yawe atahagirira ibibazo;
e) Mu gihe k'imihango, guhindura udutambaro tw'isuku ukurikije uko uva; no gukaraba byibuze inshuro ebyiri ku munsi.

## Igice cya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko uvuga ku isuku y'imyanya ndangabitsina, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa , kwerekana ingingo z'ingenzi zavuzwe mu mwandiko no kuvuga isomo akuye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Isuku y'imyanya ndangabitsina , igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

### Gusomera mu matsinda no gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko:

Umwarimu abasaba kujya mu matsinda bagasoma umwandiko bashaka ingingo z'ingenzi ziwugize.

### Umwitozo wo gusesengura umwandiko

1. **Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko "Isuku y'imyanya ndangabitsina"**
    - Isuku y'imyanya ndangabitsina ni ngombwa ku bitsina byombi.
    - Ku bakobwa n'abagore bakwiye gukaraba kenshi mu gihe bari mu mihango, kwamabara amakariso asukuye kandi akozwe mu ipamba, .
    - Imyenda y'imbere igomba gufurwa kenshi kandi ikanikwa ku zuba, aho bishoboka igaterwa ipasi.
    - Abahungu n'abagabo bo baragiwa inama yo kwisiramuza.
    - Birakwiye kurushaho kugirira isuku imyanya ndangagitsina no kubitoza abana, kuko bibarinda indwara.
2. **Kugaragaza isomo ukuye muri iyi nkuru.**
    Birakwiye kurushaho kugirira isuku imyanya ndangagitsina no kubitoza abana, kuko bibarinda indwara.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko uvuga ku bugimbi n'ubwangavu, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa no gutanga ibitekerezo bifite ireme ku ngingo yatanzwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Isuku y'imyanya ndangabitsina, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abivugwa mu nkuru.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

### Gusomera mu matsinda no gutanga ibitekerezo ku ngingo yatanzwe.

Umwarimu abasaba kujya mu mastinda bagasoma umwandiko hanyuma bagatanga ibitekerezo ku kibazo babajijwe.

### Ingingo yo kunguranaho ibitekerezo:

Bwira abandi ingaruka zo kutagirira isuku imyanya ndangabitsina.
Buri munyeshuri aratanga ibitekerezo hanyuma babikusanyirize ku kibaho bahitamo ibiri byo.

### Ibitekerezo bishobora gutangwa n'abanyeshuri:

- Kutagirira isuku imyanya ndangabitsina bitera uburwayi.
- Bituma umuntu anukira abandi.
- Ni umwanda.
- Bishobora gutera ipfunwe mu bandi.
- Bituma umuntu agaragara nk'udafite ubwenge, ...

## 4.7. Ntera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 102)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku nteruro zakoreshejwemo ntera, umunyeshuri azaba ashobora gutahura ntera mu nteruro cyangwa mu mwandiko, kuzisesengura agaragaza uturemajambo twazo no kuzikoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri , imyandiko cyangwa interuro zirimo ntera zitandukanye.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu aha abanyeshuri umwandiko cyangwa interuro zirimo ntera zagaragajwe bazicaho akarongo cyangwa bazandika mu nyuguti zitsindagiye.

Abanyeshuri barasoma interuro bitonze bagerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yagaragajwe kurusha ayandi mu nteruro.

Tugomba guharanira ubuzima **bwiza** bw'imyororokere kugira ngo tugire amagara mazima. Kugira ngo ibyo tubigereho tugomba kunywa amazi **meza**. Imisarane twitumamo igomba kuba ari **miremire** cyangwa igahora ikorerwa isuku. Imyenda twambara ikwiye kuba ari **mishyashya** itarambawe n'abandi cyanecyane iy'imbere nk'amakariso. Icyumba turaramo kigomba kuba ari **kigari** kandi gisukuye.

Mumenye rero ko indwara **nyinshi** ahanini ziterwa n'amazi **mabi** maze muharanire kuzirinda.

1. Amagambo yanditse atsindagiye ni ayahe?
2. Ukurikije ibisobanuro byayo muri rusange urumva avuga iki?
3. Aya magambo afite uwuhe mumaro ku magambo ku magambo ajyana na yo?
4. Aya magambo mwayita iki muhereye ku bisubizo mumaze kubona?
5. Musabwe gutanga igisobanuro k'izina muhaye aya magambo, mwrisobanura ngo iki?
6. Mugoragoje aya magambo mwabona agizwe n'utuhe turemajambo?

### Inshoza

Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rigifite indanganteko yaryo ho indangasano.
Mu rwego rw'iyigantego, ntera ni ijambo rirangwa n'uturemajambo tubiri aritwo: Indangasano n'igicumbi,

### Uturango

- Ntera yisanisha n'izina biri kumwe.
- Ifata indanganteko yaryo ikaba ari yo iba indangasano yayo. Haba amagambo agira indanganteko yihishe. Iyo ntera iyakurikiye irayigaragaza (Imana nzima; ishyamba rigari).
- Mu nteruro ntera yisanisha n'izina igaragiye, igahuza inteko na ryo.
- Ntera ishobora kwinjira mu nteko zose z'amasano.

**Intego ya ntera**

Muri izi nteruro nimwitegereze noneho imiterere ya ntera zirimo n'uburyo zagiye zihinduka maze musubize ibibazo bikurikiraho:

1. Umwenda **mwiza** ugira amabara **meza** n'indodo nshyashya.
2. Ahantu heza ni ahari akuka **keza** n'ikirere **kiza** kidakonja bikabije cyangwa ngo gishyuhe bikabije.

**Ibibazo:**

1. Muri izi nteruro ntera zirimo ni izihe?
2. Izo ntera uzigereranyije n'amazina ubona zibura zifite inyuguti izitangira kimwe n'amazina? Niba ari oya ubona akaremajambo zibura ari akahe?
3. Ni ikihe gice cyagiye gihinduka bitewe n'izina ntera iherekeje? Icyo gice twakita ngo iki, tugereranyije n'igice kitwara nka cyo mu mazina?
4. Ni ikihe gice kitagiye gihinduka ku mazina yose ntera yagaragiye?
5. Ni iyihe myanzuro mwafata muhereye ku bisubizo mumaze gutanga?

Ntera ntigira indomo.

Ntera igira uturemajambo tubiri tw'ingenzi: indangasano (RS) n'igicumbi (C).

Igice gihinduka ni indangasano naho ikidahinduka ni igicumbi.

**Indangasano ya ntera.**

Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye. Ihinduka bitewe n'izina iherekeje.

**Imbonerahamwe igaragaza imikoreshereze ya ntera, intego, amategeko y'igenamajwi mu nteko zitandukanye.**

Ibicumbi bya ntera bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| Inteko | Indangasano | Ingero z'imikoreshere | Intego(uturemajambo) | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|
| 1 | mu | Umuntu munini | mu-nini | - |
| 2 | ba | Abantu bakuru | Ba- kuru | a+i→e |
| 3 | mu | Umutego mutindi | mu-tindi | - |
| 4 | mi | Imirima migari<br><br>Umwenda mushya/ mushyashya | mi-gari<br><br>mu-shya/ mu-shyashya | -<br><br>- |
| 5 | ri | Ishuri ryiza, ibuye ritaraga | ri-iza,ri-taraga | i→y/-J, - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **6** | ma | Amazi masa/masa-masa | ma-sa/ma-sa-ma-sa | - |
| **7** | ki | Ikigori gito/gitoto/gitogito | ki-to/ki-toto/ki-to-ki-to | k→g/-GR |
| **8** | bi | Ibigori bike/bikeya/bikebike | bi-ke/bi-keya/bi-ke-bi-ke | - |
| **9** | n | Inka nzima | n-zima | - |
| **10** | n | Inkwi mbisi | n-bisi | n→m/-b |
| **11** | ru | Urugo ruhire | ru-hire | - |
| **12** | ka | Akadodo kagufi/Kagufiya | ka-gufi/ka-gu-fiya | - |
| **13** | tu | Utunyoni twinshi | tu-inshi | U→w/-J |
| **14** | bu | Ubutaka butagatifu | bu-tagatifu | - |
| **15** | ku | Ukuguru kurekure | ku-re-ku-re | - |
| **16** | ha | Ahantu hanzinya/hanzunyu hanzu-nyu/haniya | ha-nzinya/ha-nzunyu/ ha-niya | - |

1. **Mumaze kubona ibicumbi byose bya za ntera zikoreshwa mu Kinyarwanda mwavuga iki ku bicumbi bya za ntera zikurikira?**
   (i) muremure, gitogito.
   (ii) gitoto na gishyashya.
2. **Ibicumbi zinya, zunya, zugurunyu, mubona bisobanura iki? Bitanduniye he?**

**Mfashe ko:** Igicumbi ni igice cya ntera kidahinduka na rimwe akaba ari na cyo kibumbatiye igisobanuro cyayo.

Mu bicumbi bya ntera harimo byisubiramo ari byo –to na –shya

**Urugero:** gitoto / gishyashya.
Harimo n'ibyisubiramo bijyana n'indangasano zabyo ari byo: -re na - to.

**Urugero**: muremure na gitogito.

Harimo n'ibicumbi bivuga utuntu duto cyangwa duke bigenda bihinduka bitewe n'imvugo z'uturere ari byo: -zinya, zunya, -zugurunyu, ...

## Umwitozo n'ibisubizo kuri ntera

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri munyeshuri ku giti ke.

**Tahura ntera zakoreshejwe muri uyu mwandiko uzishyire mu mbonerahamwe, uvuge n'inteko zirimo.**

Muri iyi si **nini** kandi **nziza** dutuye, harimo ibintu **byinshi** kandi bidushimisha.

Ubuzima ubwabwo ni **bwiza** iyo ufite amagara **mazima.**

Tubugiramo iminsi **mikuru** itunezeza.

Iyo tugeze mu mpera z'umwaka, intashyo zo kwifurizanya umwaka **mushya muhire** ziracicikana. Muri izo ntashyo kandi bifurizanya kugira ubuzima **burebure**, n'amahoro.

Muri icyo gihe cy'impea z'umwaka, abana **bato** n'abantu **bakuru** baba bambaye imyenda **mishyashya** kandi barangwa n'ibyishimo.

Isi kandi iriho ibiti bitoshye n'ibyatsi **bibisi** bihumeka umwuka mubi dusohora ariko bigasohora umwuka mwiza dukeneye. Iriho amazi **magari** arimo amafi atandukanye arimo udufi **tunzinya** kandi **tugufi** tugana n'agatoki n'andi **manini** angana n'inzu. Ayo mafi aryoha cyane iyo afshwe akiri **mataraga**.

Nyamara mu bintu **byiza** byose tuboma kuri iyi si, nta kintu kiruta kwiga ukamenya.

| Ntera | Inteko |
|---|---|
| 1. nini | Nt.9 |
| 2. nziza | Nt.9 |
| 3. byinshi | Nt.8 |
| 4. bwiza | Nt.14 |
| 5. mazima | Nt.6 |
| 6. mikuru | Nt.4 |
| 7. mushya | Nt.3 |
| 8. muhire | Nt.3 |
| 9. burebure | Nt. 14 |
| 10. bato | Nt.2 |
| 11. bakuru | Nt.2 |
| 12. bibisi | Nt.8 |
| 13. magari | Nt.6 |
| 14. tunzinya | Nt.13 |
| 15. tugufi | Nt.13 |
| 16. manini | Nt.6 |
| 17. mataraga | Nt.6 |
| 18. byiza | Nt.8 |

## 4.8. Izina ntera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 107)

**Intego zihariye:**

Ahereye ku nteruro zakoreshejwemo amazina ntera, umunyeshuri azaba ashobora gutahura amazina ntera mu nteruro cyangwa mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko cyangwa interuro zirimo amazina ntera atandukanye.

## Ivumburamatsiko

Umwarimu aha abanyeshuri umwandiko cyangwa interuro zirimo amazina ntera yagaragajwe bayacaho akarongo cyangwa bayandika mu nyuguti zitsindagiye.

Abanyeshuri barasoma interuro bitonze bagerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yagaragajwe kurusha ayandi mu nteruro.

**Soma izi nteruro maze ugerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.**

1) **Umwiza** arahenda, **umwiza** sinamurenganya
2) **Akeza** karigura.
3) **Aheza** ho gutura ni ahatari mu gishanga kandi ntihabe ku musozi
4) **Ababi** bazahanwa, abeza bahembwe.

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu ma tsinda abasabe gusubiza ibibazo yabahaye. Hanyuma bahurize hamwe ibisubizo kugirango bimufashe kwigisha izina ntera

## Mu matsinda musubize ibi bibazo:

a) Aya magambo yanditse atsindagiye afite uwuhe mumaro?
b) Aya magambo yanditse atsindagiye yashobora kubangikana n'amazina akayagaragira?
c) Ibicumbi byayo biteye nk'iby'ayahe magambo twize?

## Inshoza

Izinantera ni ijambo riteye nk'izina ku ruhande rumwe ku rundi rikitwara nka ntera.

Ku ruhande rumwe, risa n'izina kuko rigira indomo kimwe n'izina; kandi rikaba rishobora gufata umwanya n'umumaro waryo mu nteruro.

**Urugero:** Aheza tuzahurirayo.
Ku rundi ruhande risa na ntera kuko rifite igicumbi gisa n'icya ntera, mbese ugasanga ari ntera yafashe indomo. Nyamara bitandukanywa n'uko ritagaragira izina ngo ririsobanure, ahubwo rikarisimbura.

***Urugero:***

Tuvuze ngo" Ahantu aheza tuzahurirayo" iyo nteruro yaba ikocamye.

**Uturango:**

Izinantera ku ruhande rumwe ryitwara nk'izina ku rundi rikitwara nka ntera. **Ryitwara nk'izina kuko** rigira indomo.

**Ryitwara nka ntera kuko:**
- rigira igicumbi gisa n'icya ntera.

**Ingero:** ab**eza**, ab**enshi**, aba**hire**
- ryisanisha mu nteko zitandukanye.

**Ingero**: umwiza, abeza, urwiza, ikiza, inziza, aheza, .....

**Imyitozo**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri munyeshuri ku giti ke.

1. **Vuga niba ijambo ryanditse ritsindagiye ari izina, ntera cyangwa izinantera ukurikije ibibiranga maze unasobanure impamvu y'icyo wahisemo.**

Iyo abageni bashyingiranywe ababagaragiye bose babifuriza urugo **ruhire,** bakabifuriza ishya n'ihirwe no kubyara bagaheka.
**Uruhire** rugaragazwa n'urukundo **rutagatifu** ruranga abashakanye, abana bakarerwa neza, bagakurana ubuntu n'ubuziranenge. **Urubi** rurangwa n'intonganya n'umwiryane, induru z'urudaca, n'uburerere **bubi** ku bana.

Uburere **bubi** n'**ubwiza** ni byo bituma mu bana habonekamo **abeza** cyangwa **ababi,** naho ubundi abana bose baba bameze kimwe mu ivuka.

Kera rero bacaga umugani ngo" urushako **ruto** rurica"cyangwa ngo "**ubuto** buroshya bugashukana". Muzirinde rero kwihutira gushaka mukiri **bato**, mubanze mutegereze imyaka y'ubukure, mwige muminuze.

Izo ni zo nama **nziza** mbahaye, **imbi** muzazigendere kure.

| Ijambo | Ubwoko | Igisobanuro |
|---|---|---|
| 1. ruhire | Ni ntera | Kuko iherekeje izina |
| 2. Uruhire | Ni izinantera | Kuko ifite indomo kandi yasimbuye izina |
| 3. Rutagatifu | Ni ntera | Kuko iherekeje izina. |
| 4. Urubi | Ni izinantera | Kuko ifite indomo kandi yasimbuye izina. |
| 5. Bubi | Ni ntera | Kuko iherekeje izina. |
| 6. Ubwiza | Ni izinantera | Kuko ifite indomo kandi yasimbuye izina. |
| 7. Abeza | Ni izinantera | Kuko ifite indomo kandi yasimbuye izina. |

| | | |
|---|---|---|
| 8. Ruto | Ni ntera | Kuko iherekeje izina. |
| 9. Ubuto | Ni izina | Kuko nta zina ryasimbuye |
| 10. Bato | Ni ntera | Kuko iherekeje izina. |
| 11. Imbi | Ni izinantera | Kuko ifite indomo kandi yasimbuye izina. |

## 4.9. Ibisantera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 109)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nteruro zakoreshejwemo ibisantera, umunyeshuri azaba ashobora gutahura ibisantera mu nteruro cyangwa mu mwandiko no kubikoresha mu nteuro ziboneye.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko cyangwa interuro zirimo ibisantera bitandukanye.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu aha abanyeshuri umwandiko cyangwa interuro zirimo ibisantera byagaragajwe babicaho akarongo cyangwa babyandika mu nyuguti zitsindagiye.

Abanyeshuri barasoma interuro bitonze bagerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yagaragajwe kurusha ayandi mu nteruro.

**Mu matsinda nimusome izi nteruro maze mugerageze gutahura imiterere n'umumaro by'amagambo yanditse atsindagiye.**

1) Imyanya **ndangagitsina** ikwiye kugirirwa isuku
2) Imibonano **mpuzabitsina**
3) Umuco **nyarwanda** nimuwukomeze.
4) Umugabo **mbwa** aseka imbohe.
5) Umutima **muhanano** ntiwuzura igituza.
6) Uburere **mboneragihugu**.
7) Imikino **mpuzamahanga**.

**Mu matsinda nimusubize ibi bibazo:**

a) Aya magambo yanditse atsindagiye muri izi nteruro mubona amariye iki amagambo yandi bijyana?
b) Mu myitwarire no mu mimaro yayo mubona ajya gusa n'ubuhe bwoko bw'amagambo twize.

c) Ni iki mubona kiyatandukanya n'ubwo bwoko bw'amagambo byitwara kimwe?

## Inshoza y'ibisantera

Igisantera ni ijambo rigaragira izina rikarivugaho imiterere, imimerere kimwe na ntera ariko rikaba ridafite igicumbi cya ntera kandi rikaba ritisanisha igihe cyose n'izina biri kumwe.

*Ingero:*

**Tuvuga:** Umuco nyarwanda; ntituvuga: Umuco munyarwanda

Ariko dushobora kuvuga: Amazi masabano, tukongera tukavuga: Ikibindi gisabano.

## Uturango tw'ibisantera

**A) Uturango duhuza ibisantera na ntera**
Ibisantera byitwara nka ntera kuko biherekeza amazina.
Bifite umumaro nk'uwa ntera wo gusobanura amazina bigaragiye.
Bitandukanaywa na ntera n'uko ibicumbi byabyo atari bimwe n'ibya ntera.

**B) Uturango dutandukanya ibisantera na ntera.**
Ibicumbi by'ibisantera bitandukanye n'ibya ntera.
Ibisantera ntibishobora kwisanisha n'amazina bigaragiye mu nteko zose kimwe na ntera.

## Imyitozo:

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri munyeshuri ku giti ke.

1. **Ca akarongo ku bisantera biri muri aka kandiko uhereye ku turango twabyo.**

   Umuco mwiza uranga Abanyarwanda ugaragarira mu ndirimbo n'imbyino gakondo. Umuco **nyarwanda** uri mu mico ishimwa n'abanyamahanga, kuko bagikomeye ku ndangagaciro zabo, bakaba badapfa kwakira imico **mvamahanga** ituma umuco **karande** wabo wangirika.

   Ibyo bizakomeza kwitabwaho abana nibakomeza guhabwa uburere **mboneramuco**, abakuru bagahabwa inyigisho **mbonezamubano** zo kubahugura.

   Gusa uko byagenda kose, Abanyarwanda ntibakumira imico itandukanye **mvamahanga** ngo bikunde, kubera ko ubuhahirane **mpuzamahanga** bugenda butera imbere. Bahurira na bo mu mikino **ngororamubi**, mu myidagaduro n'ibitaramo **ndangamuco**, kandi ni ho isi igeze.

   Icya ngombwa ni uko bagomba kumenya kwakira ibyiza, ibibi bakabirekera bene byo.

2. **Tanga izindi nteruro ukoreshemo ibisantera nibura icumi.**

1) Imyanya ndangagitsina.
2) Imibonano mpuzabitsina.
3) Umuco nyarwanda nimuwukomeze.
4) Umugabo mbwa aseka imbohe.
5) Umutima muhanano ntiwuzura igituza.
6) Uburere mboneragihugu.
7) Imikino mpuzamahanga.

## 4.10. Imyandikire y'amagambo aranga ahantu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 111)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku nteruro zakoreshejwemo amagambo aranga ahantu, umunyeshuri azaba ashobora gutahura imyandikire yayo no kuyakoresha mu nteuro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko cyangwa interuro zirimo ibisantera bitandukanye.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma akandiko gakurikira bitegereza amagambo atsindagiye akabasaba gutahura amategeko agenga imyandikire yayo basubiza ibibazo biri hasi.

**Iwacu imuhira** i Huye dukunda gukina hamwe n'abana duturane. Hari igihe dukina umukino wo kumenya ibyerekezo vuba. Uyobora umukino agenda avuga ibyerekezo bitandukanye agira ati: "**Iburyo, ibumoso, imbere, inyuma.**" Ugiye mu kerekezo gitandukanye n'icyo yavuze aba atsinzwe. Nagiye i Nyamasheke nsanga na bo bakina nkatwe. Ese namwe **iwanyu iheru** iyo mu majyaruguru iyi mikino irahaba? Ndifuza gutemberera ahantu hatandukanye mu Rwanda rwacu nkareba uko abana baho bakina. Nzajya i Rwamagana, i Byumba, i Karongi, i Nyagatare, i Rubavu, n' i Kigali mu murwa mukuru.

Ariko nimbasura iyo **iwanyu** nkarara, muzamenye ko nikundira kuryama ivure kuko nitinyira imbeho. Kandi bambwiye ko aho mu mu majyaruguru hakonja.

Nzabasura rero dukine dusabane.

**Subiza ibi bibazo:**

1) **Sobanura aya magambo: iheru, ivure.**
**Iheru**: ni ijambo riranga ahantu rivuga ruguru iyo ahahera, kure.
**Ivure**: ni ijambo riranga ahantu rivuga uruhande w'igitanda baryamaho ahegamiye ku rukuta rw'inzu.

2) **Amagambo iwacu, imuhira, iburyo, ibumoso, imbere, inyuma, iwanyu, iheru, ivure:**
   a) **Aranga iki?**
      Aya magambo aranga ahantu.
   b) **Yanditse ate?**
      Yandikwa afatanya na i y'indangahantu.
3) **Inyuguti ya i, ibanziriza izina bwite iranga iki? Yandikwa ite?**
   Yandikwa itandukanye n'izina bwite ibanziriza kandi yo ikandikwa mu nyuguti nto keretse iyo itangira interuro.

### Umwanzuro:

Amagambo aranga ahantu (**imuhira**, **iheru**, **iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, inyuma**) n'amagamabo akomoka kuri « **i** » y'indangahantu ikurikiwe n'ikigenera « wa » n'ikinyazina ngenga (**iwacu, iwanyu, iwabo…**) yandikwa mu ijambo rimwe.
Ariko iyo « **i** » y'indangahantu ikurikiwe n'izina ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina kandi yo ikandikwa mu nyuguti nto keretse iyo itangira interuro.

***Ingero:*** i Butare, i Kigali, i Kibungo

**Umwitozo n'ibisubizo byawo bishoboka**

**Ikibazo: Kosora amakosa y'imyandikire**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Uyu mwitozo ukorwa na buri munyeshuri ku giti ke.

[….]Bahaguruka **ku K**amonyi, bataha **ku K**a**cy**iru. Bukeye baboneza iy'**i G**isaka barara i Rwamagana, bucya bajya **i** Mukiza kwa Kimenyi. Bagezeyo babwira Kimenyi, bati: "Ndabarasa yadutumye ngo wamutumyeho umuntu w'umukogoto muzarushanwa kumasha, none twamuzanye".

Kimenyi ati: "Nimunyereke uwo mwazanye!" Babwira Kazenga arahaguruka, yari akiri agasore k'ingaragu. Kimenyi amukubise amaso aramusuzugura, ati: "Uru ruhinja ni rwo rwaje kurushanwa na Kimenyi!" Intumwa za Ndabarasa, ziti: "Ni uwo, ahasigaye tubwire igihe tuzahurira mukarushanwa."

Kimenyi, ati: "Umusibo n**i e**jo, ej**ob**undi nkamusezerera mukitahira."

Nuko Abanyarwanda barikubura basubira mu icumbi ryabo[…..]

## 4.6. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa kane

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 112)

### Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no kuboneza ubuzima

bw'imyororokere.

- Ubushobozi bwo guhimba interuro akoresha neza ntera, izinantera n'igisantera.
- Ubushobozi bwo kwandika mu buryo buboneye interuro zirimo amagambo y'ahantu.
- Ubushobozi bwo gusesengura amazina rusange mbonera agaragaza neza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

**Umwandiko: Kwirinda abadushora mu mibonano mpuzabitsina.**

Iyo uganiriye n'urubyiruko ku bijyanye n'ingaruka ziterwa no gukora imibonano mpuzabitsina, abenshi basubiza ko ingaruka ari ukwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina no guterwa inda ku bakobwa.

Nyamara abenshi ntibamenya ingaruka zijyanye n'ibyiyumvo, nko kumva wisuzuguye, cyangwa kumva wanze ubuzima nk'uko bikunze kugendekera abenshi mu bakoze imibonano mpuzabitsina batiteguye cyangwa igihe kitaragera.

Hari rwose n'abahindura imyitwarire, bagatangira gusuzugura ababyeyi n'abarezi babo. Bagahinduka inzererezi, kwiga bikabananira. Bagatangira kurangwa n'imyambarire idahwitse, no kurara aho babonye.

Nyamara urubyiruko rumenye izo ngaruka, rwafata ingamba zo kwirinda imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera. Burya n'iyo hatabayeho guterwa inda cyangwa kwandura indwara zandurira mu myanya ndangabitsina, bisigira ibikomere biremereye ubikoze, ugasanga ubuzima buramunaniye, agata ishuri cyangwa agashaka imburagihe.

Gutwara inda bituma ubuzima buhinduka. Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina byo bituma imibereho iba mibi, ndetse n'ubuzima bukaba bwahatakarira.
Gukoresha agakingirizo n'ubwo birinda ibyo byombi, ntibirinda ingaruka zo mu rwego rw'ibyiyumvo. Izo ngaruka  zirimo izo kumva ufite ikimwaro mu bandi, kwiyanga, ndetse no kuraruka.  Hari n'indwara zishobora kwandurira ku ruhu, aho agakingirizo katagera, nka candidoze.

Gukora imibonano mpuzabitsinna ntibigarukira ku bitsina gusa no ku mubiri. Ahubwo byinjira mu byiyumvo, mu bwonko, mu bitekerezo, ndetse no mu myitwarire. Mbese umubiri n'ubuzima bwose bugerwaho n'icyo gikorwa. Ni yo mpamvu n'ingaruka zitagarukira ku mubiri gusa, ahubwo zigera no mu mitekerereze no mu byemezo tugenda dufata nyuma yaho.

Ni yo mpamvu ari ngombwa ko tuganira ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina, abantu bakamenya ingaruka zayo ku muntu uyishoyemo igihe kitaragera.

Abenshi muri mwe ntibarumva ibijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Ababyeyi banyu wenda ntibarabibabwira. Hari ibitangazamakuru na za firimi zimwe na zimwe usanga bibigaragaza nk'aho ari ibintu byiza.

Nyamara ntihagire ubashuka. Ibyo mwigishwa n'umwarimu mu ishuri cyangwa abayeyi banyu cyangwa abandi babarera ni byo kuri. Kwigisha abana ko bagomba kwirinda bakoresheje agakingirizo cyangwa bagakoresha imiti ibuza gusama na byo ni amaburakindi. Impamvu ni uko ibyongibyo bitabarinda kwangirika mu byiyumvo, mu mitekerereze no mu myitwarire.

Guhora yicuza icyo yabikoreye, kumva afite ikimwaro, guhindura imyitwarire, kurarukira iyo mibonano ntiyongere kwitangira, ni zimwe mu ngaruka zitari izo ku mubiri zigaragara mu bana bato bishoye mu mibonano mpuzanbitsina.

Ikintu cya mbere ugomba gukora rero waba umukobwa cyangwa umuhungu ni ukwanga. Iyo uhakanye, ugomba no kubyerekana wiyaka ushaka kugushuka, ukamubwira ko utabishaka.

Ikigaragara ni uko abenshi babivuga, badashikamye. Ntabwo ukwiye gushidikanya rero iyo wanga. Abashobora kugushora mu mibonano mpuzabitsina barimo abantu bakuze bagushukisha impano n'amafaranga. Barimo inshuti zawe zishobora kugushuka baba abo muhuje igitsina bakwigisha ibibi cyangwa abo mudahuje igitsina bagushukisha urukundo rutariho. Ikindi ni ukureba firime zigaragaramo imibonano mpuzabitsina, uba witera ibishuko bitari ngombwa.

Bana rero ntimukajenjeke kuri iyo ngingo kandi ntimuzihemukire na gato.

## I. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) **Kuraruka:** Gutangira kwitwara nabi kubera irari uterwa no gushaka ibigushimisha utabona aho uri.

b) **Amaburakindi:** Ni ugupfa kwakira ibyo ubona kuko ibyo wifuza bidashobora kuboneka.

c) **Gushikama:** Kwiyemeza ikintu ukomeje. Gushikama ku kintu ni ukugikomeraho ntuhindure imigambi yawe n'ubwo haza iki.

d) **Ntimuzajenjeke:** Ntimubifate ku buryo bworoheje. Kujenjeka ku kintu ni ukugifata nk'aho cyoroshye.

e) **Gushaka imburagihe:** Ni ugushyingirwa ukaba umugabo cyangwa umugore utarageza imyaka y'ubukure.

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.**

a) **Kuraruka:** Abana b'abanyeshuri bakunze kurarurwa no kujya kureba amafirime bagata ishuri.

b) **Kwangirika mu myitwarire:** Abana bahuye n'ikibazo cyo gukoreshwa

c) **Amaburakindi:** Abantu benshi bumva kunywa amazi ari amaburakindi kandi ari cyo kinyobwa k'ingenzi.

d) **Gushikama ku kintu:** Iyo umuntu afite ikintu kiza agomba kugishikamaho ntikimucike.

e) **Ntimuzajenjeke**: Mwihatire kwiga ntimuzajenjeke kuko ubumenyi buraharanirwa.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.**

**1. Wowe wumva ingaruka ziterwa no gukora imibonano mpuzabitsina ari izihe?**
- Gutwara inda ku mukobwa.
- Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Gushinga urugo utarageza igihe.
- Kubyara umwana utateguye.
- Guhagarika amashuri
- Guhinduka indaya cyangwa inzererezi, ….

**2. Ingaruka zijyanye n'ibyiyumvo, imitekerereze n'imyitwarire ku muntu wakoze imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera zigaragazwa n'iki?**
Zigaragazwa no kurarukira gukora imibonano mpuzabitsina ntiwongere kwitangira, guhinduks inzererezi no gutangira kurara aho abonye hose.

**3. Ababyeyi bawe bari bakubwira ibijyanye n'ubuzima bwawe bw'imyororokere n'uko ugomba kubyitwaramo? Niba ari oya, wowe uzabibabazaho ryari ko ukeneye kubimenya?**
Buri munyeshuri arasubiza uko abyumva. Hanyuma asobanure igihe yumva azabibabariza.

**4. Ni abahe bantu bashobora gushuka umuhungu cyangwa umukobwa gukora imibonano mpuzabitsina? Sobanura igisubizo cyawe.**
- Harimo abantu bakuru bashobora kumushukisha impano n'utundi tuntu turibwa.
- Hari n'abo bangana bashobora kumubeshya ko ari uburyo bwo kugaragaizanya urukundo.

**5. Kureba firime bishobora gutuma dukora imibonano mpuzabitsina igihe kitaragera. Urumva wakora iki kugira ngo utagwa muri uwo mutego?**
Najya ndeba firime zitarimo ibijyanye n'imibonano mpzabitsina, kandi n'aho mbibonye nkabifata nk'imikino itandeba.

## III. Ikibonezamvugo

1. **Andika interuro ebyirebyiri ukoreshemo ntera, amazinantera n'ibisantera**.
Aha umwarimu areba niba interuro abanyeshuri batanze akabafasha kuzinonosora.
2. **Sesengura aya mazina ugaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe**
   a) Umunyu: u-mu-unyu: u →Ø /-J
   b) Amazi: a-ma-zi

c) Umwuko: u-mu-uko: u →w /-J
d) Ibyifuzo: i-bi-ifuzo: i-bi-ifuzo: u →y /-J
e) Udutambaro: u-tu-tambaro: t→d/-GR

3. **Andukura aka gace k'umwandiko ugenda ukosora ahari amakosa y'imyandikire.**

Hari abantu benshi bumva ko kujya i Kigali bakava iwabo mu cyaro ari byo byiza. Urubyiruko usanga ruva i Karongi, i Huye, i Rusizi, i Byumba, n'ahandi hatandukanye mu gihugu rukaza gushakira imibereho mu mugi wa Kigali. Abenshi muri urwo rubyiruko iyo bageze i Kigali bavuye iwabo, barahagera bakabura akazi. Abakobwa bibaviramo kwiyandaika naho abahungu bagahinduka abajura n'inzererezi.

Nyamara ibyo si byo kuko ahantu hose hari ubuzima. Aho **iwanyu** ubu mushobora kuhigira mukarangiza amashuri yisumbuye. Mushobora kwiga imyuga, mukorora cyangwa mugahinga. Mwitegereje **iburyo** n'**ibumoso** bwanyu mwahabona abantu babayeho neza kandi bataragombye kujya **i Kigali.**

Nimwicare rero iwanyu imuhira, mubanze mutekereze neza, mushake icyo gukora hafi yanyu mbere na mbere, aho kugishakishiriza ikantarange.

# 5 Kwimakaza imiyoborere myiza.

**(Umubare w'amasomo:24)**

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza,
- Gukoresha mu nteruro ibinyazina ngenga n'ibinyazina nyereka, ibihe n'amezi bya Kinyarwanda n'ubutumwa bugufi.

## 5.1. Umwandiko: Gufatira ibyemezo hamwe

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 117 )

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 119)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo bakitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko «Gufatira ibyemezo hamwe». Ababaza ibibazo bigamije kubafasha gusobanura icyo ayo mashusho avuga. Ibisubizo by'abanyeshuri bigenda binozwa ku bufatanye bwabo na mwarimu.

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:*

a) **Murabona iki kuri iyi  shusho?** Turahabona abantu bicaye mu cyumba basa n'abari mu nama. Umwe arimo kuvugira muri mikoro, abandi bateye intoki, basaba ijambo, abandi bo bateze amatwi barakurikira batuje.

b) **Uko ukeka aba bantu baba ari ba nde?** Aba bantu bashobora kuba ari abadepite bari mu nteko bicaye imbere y'abagize ubuyobozi bw'inteko.
c) **Baba barimo gukora iki?** Baba barimo kungurana inama ku mishinga y'amategeko ngo babone uko bayemeza.
d) **Iyi shusho ihuriye he n'umutwe w'umwandiko?** Nk'uko umutwe w'uyu mwandiko ubivuga, abantu bagomba kungurana ibitekerezo kugira ngo bashobore gufata ibyemezo bemeranyijweho.

Abanyeshuri barasubiza ibibazo, umwarimu agende abayobora abaganisha ku nsangamatsiko.

### Gusoma

Nyuma yo gusobanura iyo shusho, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko ujyanye no gufatia hamwe ibyemezo, maze akabasaba kurambura ibitabo kuri uwo rupapuro bagasoma umwandiko uhari.

### Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko « Gufatira ibyemezo hamwe » batahura amagambo batumva banafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Ni na bwo abasaba gutahura ingingo z'umwandiko, kumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Mu gihe basoma bucece, mwarimu abasaba kudahwihwisa kugira ngo batarogoya bagenzi babo bakababuza kumva ibyo basoma, cyangwa ishuri rigahinduka urusaku n'akajagari. Abasaba kandi kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kuko bibangiza amaso kandi bikabananiza ku buryo badakurikira neza igice k'isomo gisigaye.

Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko.

### Gusoma barangurye

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umuwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

### Ibisobanuro by'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.

1) **Ibikorwa remezo:** Uburyo abaturage bahabwa kugira ngo imibereho yabo irusheho kuba myiza. Mu bikorwa remezo habarirwamo nk'imihanda, amazi, amashanyarazi…
2) **Uburezi budaheza:** Uburezi butavangura abana, bose bakigira hamwe baba abafite ibibazo baba n'abatabifite.
3) **Guhwitura:** Gukosora umuntu ugamije kumwibutsa ibyo ashinzwe gukora.
4) **Ubusugire bw'Igihugu:** Ukutagira uwivanga mu miyoborere yacyo atari umwenegihugu.
5) **Urujijo:** Ikintu kidasobanutse, kitumvikana neza.
6) **Gukorera mu bwiru:** Kutagaragaza neza ibyo ukora, guhishahisha ibintu ntubishyire ku mugaragaro.
7) **Gutura ibyemezo hejuru y'abantu:** Kugeza ku bantu ibyo bagomba gukora utabanje kubabaza icyo babitekerezaho.
8) **Kugisha inama:** Gusaba ko abantu baguha ibitekerezo ku kintu runaka.
9) **Uruhare:** Umwanya umutu agenera ikintu, icyo agomba kugikoraho.
10) **Kudaheza:** Kutagira uwo wigizayo, uwo ubuza amahirwe abandi bafite.
11) **Gufata umwanzuro:** Gutanga igisubizo ku kibazo kiganirwaho.
12) **Kuniganwa ijambo:** Kudahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo, wo kugira icyo uvuga ku bibazo biriho.
13) **Itsinda:** Ihuriro rinini cyangwa rito ry'abantu biyemeje gukorera hamwe

### Umwitozo w'inyuguramagambo

Kugira ngo abanyeshuri berekane ko bumvise amagambo bamaze gushakira ibisobanuro ni uko baba bashobora kuyakoresha mu nteruro mbonezamvugo. Ni umwanya wo gukoresha amagambo bungutse mu nteruro cyangwa kuyuzurisha mu nteruro, nk'uko babisabwa mu bibazo bikurikira.

**1. Koresha mu nteruro yawe bwite amagambo akurikira.**

   a) **Ibikorwa remezo :** Kubaka mu midugudu bituma abaturage bagezwaho ibikorwa remezo ku buryo bworoshye.
   b) **Guhwitura:** Umwana narangara jya umuhwitura bizatuma adatsindwa.
   c) **Gukorera mu bwiru:** Muri demokarasi kirazira gukorera mu bwiru.
   d) **Kugisha inama**: Fata akamenyero ko kugisha abandi inama igihe uhuye n'ibibazo bikugoye.
   Mbere yo gufata ikemezo, umuyobozi mwiza agisha inama abo ayobora.
   e) **Uruhare:** Uruhare rwawe mu kubaka Igihugu rurakenewe.

f) **Kudaheza:** Ntugaheze bagenzi bawe bafite ubumuga, bemerere bakwegere, ubaganirize birabubaka.

g) **Kuniganwa ijambo:** Iwacu nta muntu uniganwa ijambo mu nama iyo ari yo yose.

2. **Uzurisha interuro zikurikira amagambo ukuye muri iki kinyatuzu.**
Kubera ko mwarimu aba yateguye isomo rye, ateguza abanyeshuri ko bagiye gukina umukino wo gutahura amagambo.

Abasaba kurambura igitabo cyabo ahari uwo mwitozo bakitegereza neza imbonerahamwe ihari. Hashira akanya akababaza niba byibuze hari ijambo basomye mu mwandiko bavumbuyemo. Iyo baribonye ababaza uburyo barigezeho, bo bakamusobanurira ko basomye imbonerahamwe wenda bateranya inyuguti zo mu tuzu bava ibumoso bajya iburyo n'ubundi nk'uko basanzwe babikora mu myandiko iri mu gitabo cyabo. Ababaza niba nta kindi kerekezo basomamo imbonerahamwe ngo bavumbure andi magambo. Uwabonye icyo kerekezo arabivuga. Iyo bamaze gutanga ibyo bisobanuro, mwarimu abasaba gusoma imbonerahamwe mu byerekezo byose kugira ngo barebe ko nta jambo ryaba ryihishemo, mbese akaba ari wo mukino yababwiraga wo guhiga no kuvumbura amagambo mu kinyatuzu. Amagambo bavumbuyemo baba basigaje kuyuzurisha interuro zituzuye bahawe nanone bubahiriza ko zigira igisobanuro kiboneye.

| | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | D | E | M | O | K | A | R | A | S | I | U | N |
| K | N | D | A | U | B | U | S | A | B | A | B | U |
| L | L | T | B | U | S | A | B | A | N | E | U | B |
| I | A | M | A | T | H | I | R | I | P | O | R | W |
| T | O | K | J | N | I | Y | Z | S | E | M | E | I |
| R | A | B | A | N | Y | A | G | I | H | U | G | U |
| A | M | I | N | A | M | A | R | K | T | N | A | N |
| M | F | A | A | F | K | N | E | U | D | U | N | G |
| B | M | T | M | P | B | Z | Y | A | G | E | Z | E |
| E | H | U | A | I | U | B | U | M | W | E | I | W |
| R | A | G | C | U | B | U | S | U | G | I | R | E |
| E | A | M | A | T | E | G | E | K | O | G | A | O |

1. Umuyobozi mwiza areba inyungu z'**abanyagihugu**.
2. Umuyobozi mwiza aharanira **iterambere** ry'abanyagihugu.

3. Umuyobozi mwiza akomera ku **busabane** bw'abanyagihugu.
4. Umuyobozi mwiza aharanira **ubumwe** n'**ubwiyunge** by'abanyagihugu.
5. Umuyobozi mwiza agomba kuba **intangarugero** muri byose.
6. Umuyobozi mwiza yungurana **inama** n'abo ayobora.
7. Umuyobozi mwiza afata abo ayobora nk'**abajyanama**.
8. Umuyobozi mwiza yubahiriza **amategeko** Igihugu kigenderaho.
9. Umuyobozi mwiza aharanira **ubusugire** bw'Igihugu.
10. Umuyobozi mwiza yubahiriza **uburenganzira** bwa muntu.
11. Muri **demokarasi** ntawuniganwa ijambo.

### Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 120)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe no gusobanura bimwe mu bijyanye n'imiyoborere myiza bigaragara mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku bijyanye n'imiyoborere myiza, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo ku mwandiko n'ibisubizo bishoboka

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko, mwarimu arabanza akabibasomera kugira ngo niba harimo abafite ibibazo bitandukanye byo gusoma bashobore kubyumva, akanabibasobanurira kugira ngo babyumve neza bataza gutandukira mu bisubizo batanga; agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Muri ibi bibazo, abanyeshuri bashobora kubazwa ibibazo bibasaba gutekereza bahereye ku bivugwa mu mwandiko maze bakabihuza

n'ibyo bahura na byo mu buzima busanzwe hanyuma bakaba bagira isomo bakuramo ryatuma bashobora kugira imigambi y'ubuzima bwabo bafata. Ibibazo basabwa gusubiza kuri uyu mwandiko ni ibi bikurikira :

1) **Ni ibihe byiza bizanwa n'imiyoborere myiza?** Ibyiza bizanwa n'imiyoborere myiza ni nk'iterambere, ubusabane hagati y'abayobozi n'abayoborwa, gushyira imbere gahunda z'Igihugu zigamije iterambere n'imibereho myiza by'abanyagihugu…
2) **Ni iyihe mpamvu ituma imiyoborere myiza ishoboka ?** Imiyoborere myiza ishoboka kubera abayobozi beza.
3) **Wifuza ko umuyobozi mu nzego za Leta yarangwa n'iki?** Kumva ibibazo by'abaturage no kubagisha inama ku buryo byakemuka bagafatira ibyemezo hamwe; kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu; kubahiriza amategeko Igihugu kigenderaho; kudakorera mu bwiru;…
4) **Wumva iki iyo bavuze ngo "imiyoborere myiza irangwa na demokarasi"?** Numva ko umuturage ari umujyanama w'abayobozi, ijambo rye rikaba ngombwa kugira ngo ibyemezo bifatwe ku bibazo bivutse kandi bishobora kumugiraho ingaruka, umuturage kandi aba ashobora gutuma abo yitoreye bahagarariye inyungu ze mu nzego zifatirwamo ibyemezo, akaba yanabakuraho asanze badakora uko bikwiye.
5) **Ni iki ubuyobozi bwiza bugomba gukora kugira ngo budasigira ibibazo urubyiruko?** Ubuyobozi bwiza bugomba kwirinda gusigira abakiri bato amacakubiri ashingiye ku buyozi cyangwa ku ivangura iryo ari ryo ryose, bugaharanira kutangiza umutungo w'Igihugu, n'umutungo kamere urimo n'ibidukikije.
6) **Wumva wakurikirana ute ibijyanye n'imiyoborere myiza mu gihe ukiri muto utarageza imyaka yo kwitorera abayobozi?** Najya nkurikirana ibyo abayobzi bakorera abaturage, ahari akarengane cyangwa ruswa nkabivuga.

### Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 120)

***Intego yihariye:***

Nyuma y'iki gice abanyeshuri baaba bashobora gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusesengura umwandiko ni ngombwa ko babanza kongera kuwusoma kugira ngo bashobore kuwiyibutsa.

**Isesengura**

Nyuma yo gusobanura umwandiko abanyeshuri basesengura ku buryo bwimbitse umwandiko bize, bashaka ingingo z'ingenzi zivugwamo hanyuma bagende bahuriza ku kibaho bafatanya n'umwarimu kubinonosora

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo :***

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?**
   **Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko**
   - Akamaro k'imiyoborere myiza;
   - Umuyobozi mwiza nk'ishingiro ry'imiyoborere myiza;
   - Ibiranga umuyobozi mwiza;
   - Ibiranga imiyoborere myiza.
2. **Inshamake y'umwandiko**
   Abayobozi beza ni bo batanga imiyoborere myiza. Imiyoborere myiza na yo ishingira ku matora akozwe mu mucyo aha abaturage uburenganzira bwo kwitorera abayobozi kandi bakaba banashobora kubakuraho babinyujije mu matora n'ubundi.

   Umuyobozi mwiza arangwa kandi no kutaba umunyagitugu, akubahiriza uburenganzira bw'abo ayobora, akagendera ku ndangagaciro zo kurwanya ruswa, ukuri , ubutabera n'amahoro.

   Ubuyobozi bwiza kandi buharanira gusigira urubyiruko Igihugu kiza, bubarinda amacakubiri, bwirinda gusesagura umutungo no kwangiza ibidukikije.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 120)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza, kungurana ibitekerezo ku ngingo ijyanye no gufatira ibyemezo hamwe, kugaragaza umuco wo gushyikirana no kubaha abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

**Isubiramo:**

Umwarimu abanza gusoma no gusobanura neza ikibazo kugira ngo abanyeshuri bose bacyumve kimwe. Akurikizaho kubashyira mu matsinda kugira ngo bakage impaka ku kibazo gikurikira:

**Gutanga ibitekerezo ku byavuzwe mu mwandiko**

**Mukorere mu matsinda maze musubize ikibazo gikurikira**

Mu miyoborere y'inzego z'ibanze z'aho mutuye, mubona amahame y'imiyoborere myiza yavuzwe mu mwandiko yubahirizwa. Niba ari yego yubahirizwa ate, niba ari oya, ayo ubona atubahirizwa ni ayahe?

### Gutanga ibitekerezo

Buri munyeshuri agendeye kuri ibyo bisobanuro, agaragaza ubushobozi bwe bwo gukoresha ururimi atanga ibitekerezo bye bijyanye n'uko yumva ikibazo yabajijwe. Igitekerezo cyangwa ibitekerezo bye ashobora kuba abisangiye n'abandi cyangwa ari we wenyine ubyumva atyo bikaba ari byo bibyara impaka. Mwarimu aba agomba kubafasha kubihuriza hamwe no kubivanamo umwanzuro bakurikiza mu mibereho yabo no mu mibanire yabo n'abandi.

### Umukoro

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gukorera mu matsinda akabaha igihe cyo kuwukora cyagera akabasaba kugaragaza ibyavuye mu matsinda akabafasha kubinonosora.

### Ubushakashatsi no gusoma ibyo bihitiyemo: Umukoro mu matsinda.

Nimukore urutonde rw' ibintu cumi by'ingenzi mwumva ubuyobozi bwiza bukwiye gukorera abanturage.

***Urugero rw'igisubizo***

- Kubaha uburenganzira bwo kwihitiramo ababayobora.
- Kubahiriza uburenganzira bwabo bwo kubaho.
- Gukemura ibibazo by'abaturage.
- Kubagezaho ibikorwa remezo.
- Kubahiriza ubutabera.
- Kubarindira umutekano.
- Kubaha uburezi bwiza.
- Guteganyiriza abazabakomokaho.

## 5.2. Umwandiko: Gukorera mu mucyo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 121)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanukirwa umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 123)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Ivumburamatsiko

Mwarimu yereka abanyeshuri ishusho iri mu gitabo cyabo akabasaba kuvuga icyo babonaho. Hariho umuyobozi w'umugore wakira umugabo umugezaho ibibazo bye mu biro bifunguye ku buryo n'abandi baturage bategerereje hanze bababona. Mwarimu akomeza ababaza icyo ibiro bifunguye byerekena. Bamushiza ko byerekana gukora ibintu ku mugaragaro. Akomeza ababaza icyo bene iyo mikorere yakemura mu bibazo Igihugu gishobora guhura na byo. Bamusubiza ko iyo mikorere yo gukorera ahabona yaca ikibazo cya ruswa.

### Gusoma

Nyuma yo gusobanura ibyo bishushanyo, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko ujyanye na byo maze akabasaba kurambura ibitabo byabo ku rupapuro ruriho umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko « Gukorera mu mucyo ». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira :

a) **Gukorera mu mucyo bifitiye abayobozi izihe nyungu?** Gukorera mu mucyo bituma abayobozi bagirirwa ikizere n'abayoborwa.
b) **Bimarira iki abaturage?** Bituma abaturage bihangira udushya bagamije kubaka ejo hazaza heza.
c) **Igihugu se cyo kibyungukiramo gite?** Abashoramari bava hanze bakazana

imishinga y'amajyambere, bagashyiramo abafaranga, iterambere rikihuta kuko baba badatinya gutanga ruswa ngo babone uko bakora.

d) **Umuyobozi yagaragaza ate ko akorera mu mucyo?** Yagaragariza abaturage ibyo akora kandi akabemerera no kuba bagenzura imikorere ye.

## Gusoma barangurye

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

## Gusomera umwandiko mu matsinda

## Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.
Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

## *Ur*ugero rw'amagambo basobanura:

**a) Ipiganwa:** Irushanwa.
b) **Ikenewabo**: Kwita ku muntu kubera ko mufitanye amasano.
c) **Gushishikara**: Kugira umurava.
d) **Guca ukubiri n'ikintu**: Gutandukana n'ikintu.
e) **Ubudakemwa:** Ukutagira ikibi kikugaragaraho cyangwa ukekwaho.
f) **Ingengo y'imari:** Amafaranga ateganyirizwa igikorwa runaka.
g) **Impinduramatwara:** Imikorere mishya, uburyo bwo gukora butandukanye n'ubwari busanzwe.
h) **Igenzuramikorere:** Ibikorwa byo gukurikirana uko imirimo ikorwa.
i) **Umwete n'umurava:** Uburyo bwogukora ikintu ukitayeho nta kwiganda.
j) **Bagashira amatsiko:** Bakamenye ibyo bari bafitiye inyota.

## Imyitozo y'inyunguramagambo

Nyuma yo gusobanura amagambo mashya, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'inyunguramagambo w'ubumenyingiro bwo gukoresha mu nteruro amagambo bungutse akajya abafasha kunonosora ibisubizo byabo.

**1. Guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo:**

| | |
|---|---|
| 1. Ipiganwa | a) Amafaranga ateganyirizwa igikorwa runaka. |
| 2. Gushishikara | b) Guha umuntu ibyo atakoreye. |
| 3. Ubudakemwa | c) Ukutagira ikibi kikugaragaraho cyangwa ukekwaho. |
| 4. Kubera | d) Kukigendera kure, kutagikora. |
| 5. Indangagaciro | e) Kwerekana. |
| 6. Guca ukubiri n'ikintu | f) Imigenzereze myiza, ibikorwa byiza umuntu ahamagarirwa gukora. |
| 7. Kumurika | g) Gukora ikintu ukitayeho. |
| 8. Ingengo y'imari | h) Irushanwa rigamije kugaragaza urusha abandi ubushobozi mu kintu runaka. |
| 9. Isuzuma | i) Imikorere mishya, uburyo bwo gukora butandukanye n'ubwari busanzwe. |
| 10. Igenzuramikorere | j) Ibikorwa byo gukurikirana uko imirimo ikorwa |
| 11. Impinduramatwara | k) Igenzura rigamije kureba amafaranga yakoreshejwe. |

## 2. Gukoresha amagambo mu nteruro

Kugira ngo abanyeshuri berekane ko bumvise amagambo bamaze gushakira ibisobanuro mu mbonerahamwe, ni uko baba bashobora kuyakoresha mu nteruro mbonezamvugo. Kuko ijambo rishobora kugira ibisobanuro byinshi, mwarimu asaba abanyeshuri guhimba interuro zifite icyo zisobanura ariko bahereye ku gisobanuro bahaye ijambo mu mbonerahamwe, nk'uko bigaragara mu ngero zikurikira.

1) **Ipiganwa:** Ipiganwa ryakuyeho ubwironde n'ikimenyane mu gutanga akazi.
2) **Gushira amatsiko:** Bamaze kunyereka amanota yange numvise nshize amatsiko.
3) **Ubudakemwa:** Buri mukozi wa Leta asabwa kugira ubudakemwa mu mico no mu myifatire.
4) **Indangagaciro:** Imyifatire n'imyitwarire bitagayitse bihesha agaciro ababifite.
5) **Kwimika:** Nimuze twimike indangagaciro y'ubworoherane.
6) **Kumurika:** Imishinga y'amajyambere imurikirwa abaturage mbere y'uko itangira.
7) **Amakimbirane:** Birakwiye ko buri kigo k'ishuri kigira akanama gashinzwe gukemura amakimbirane yakivukaho.
8) **Impinduramatwara:** Hagomba impinduramatwara kugira ngo umutungo wa rubanda urusheho gucungwa neza.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 124)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byabajiwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshui umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

### Gusomera mu matsinda no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko:

Umwarimu abasaba kujya mu matsinda bagasoma umwandiko banasubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umwandiko

Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.

### Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo.

Muri ibi bibazo byo kumva umwandiko, mwarimu ateguza abanyeshuri ko harimo ibibasaba gutekereza bahereye ku bivugwa mu mwandiko maze bakabihuza n'ibyo bahura na byo mu buzima busanzwe bityo bakaba bari bukuremo isomo ryatuma bashobora kugira imigambi y'ubuzima bwabo bafata. Akurikizaho kubabanza kubasomera ibibazo byose kugira ngo niba harimo abafite ingorane zitandukanye zo gusoma bashobore kubimenya. Akurikizaho kubibasobanurira kugira ngo babyumve neza bataza gutandukira mu bisubizo batanga. Agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Iyo arangije, abanyeshuri batangira kubisubiza. Ibibazo n'ibisubizo byabyo kuri uyu mwandiko ni ibi bikurikira:

**Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka**

1) **Gukorera mu mucyo ni rime mu mahame agenga imiyoborere myiza. Iryo hame risaba iki?** Iryo hame risaba ko ibikorwa byose by'ubuyobozi bigomba gushyirwa ahagaragara abaturage bakabimenya, kandi bakabigiramo uruhare.
2) **Ubona abayobozi bo ku ishuri wigaho bakorera mu mucyo? Sobanura**. Buri munyeshuri aravuga uko abibona. Icya ngobwa ni ugusobanura ibyo yavuze. Mu bisobanuro ashobora gutanga harimo: hari komite y'abanyeshuri ibahagarariye mu nama y'ishuri, abanyeshuri bakoreshwa inama n'umuyobozi kandi bakagira uruhare mu kubaza ibibazo ku byo badasobanukiwe, …
3) **Gukorera mu mucyo bijyana no kugeza amakuru y'ibikorwa ku bo bigenewe. Ubona abaturage b'aho utuye bagezwaho amakuru n'abayobozi gute?** Bakorana na bo inama kenshi, hari inama njyanama ihagarariye abaturage, …
4) **Ubona gukorera mu mucyo bishobora gute kuba bumwe mu buryo bwo kurwanya ruswa n'akarengane n'ikenewabo?** Gutanga akazi bwajya bica mu mucyo kagahabwa uwagatsindiye. Nta muntu watanga ruswa kandi atari bubone ibyo adafitiye uburenganzira. Buri wese ahawe ibijyanye n'uburenganzira bwe kandi mu gihe gikwiriye, byagabanya ruswa n'akarengane.
5) **Ni izihe ndangagaciro zijyana no gukorera mu mucyo?** Gukorera mu mucyo bijyana no kuvugisha ukuri, ubutabera, no kuba inyangamugayo.
6) **Mwebwe nk'abanyeshuri mumaze gusoma uyu mwandiko, ni izihe ngamba mwafata none zo kugendera ku kuri no kuguharanira?** Ingamba abanyeshuri bafata:

   Gufasha abaturage batize kumenya amakuru y'ibikorerwa aho batuye, kwamagana ruswa n'akarengane aho bigaragara, no kubaza abayobozi mu gihe babona hari ibyo badasobanukiwe..

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 125)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

**Isubiramo**

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusesengura umwandiko ni ngombwa ko babanza kongera kuwusoma kugira ngo bashobore kuwiyibutsa.

**Isesengura**

Nyuma yo gusobanura umwandiko abanyeshuri basesengura ku buryo bwimbitse umwandiko bize, bashaka ingingo z'ingenzi zivugwahomo. Basubiza ibi bibazo :

**Buri munyeshuri arakora wenyine maze asubize ibi bibazo.**

1. Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Kora inshamake itarengeje imirongo icumi y'ibyavuzwe muri uyu mwandiko.

**Ibisubizo bishobora gutangwa:**

1. **Ingingo z'ingenzi z'umwandiko**
   - Gukorera mu mucyo ni ihame ry'imiyoborere myiza risaba abayobozi kugeza amakuru ku bo bayobora kandi bakabaha uruhare rugaragara mu bibakorerwa.
   - Gukorera mu mucyo na byo byakuraho ruswa, ikenewabo no gutonesha.
   - Bibumbye indangagaciro zitandukanye zirimo ukuri, ubutabera n'ubunyangamugayo.
   - Abanyeshuri bakwiye gutozwa kugendera ku kuri no kuguharanira.
2. **Inshamake.**

   Gukorera mu mucyo ni rimwe mu mahame y'imiyoborere myiza risaba ko abaturage bagezwaho amakuru y'ibikorwa n'abayobozi. Iryo hame ribumbye indangagaciro zo kugendera ku kuri, ubutabera no kurwanya ruswa. Ni ryo hame risaba ko umutungo w'Igihugu ucungwa neza, kandi buri muyobozi akagenzurwa mu mikorere ye.

   Abanyeshuri bakwiye kwigishwa iyo ndangagaciro kugira ngo bakure bagendera ku kuri, bazavemo abaturage bajijutse n'abayobozi beza.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 125)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza, kujya impaka ku ngingo ijyanye no gukorera mu mucyono kugaragaza umuco wo gushyikirana no kubaha abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

**Isubiramo:**

Mwarimu abanza gusomera no gusobanurira neza abanyeshuri ikibazo kugira ngo bose bacyumve kimwe. Akurikizaho kubashyira mu matsinda ngo bage impaka ku

ngingo yo gukorera mu mucyo. Abafasha guhuriza hamwe ibitekerezo byabo no kubivanamo umwanzuro bakurikiza mu mibereho yabo no mu mibanire yabo n'abandi. Ikibazo babazwa gusubiza ni iki:

**Kungurana ibitekerezo**

Buri munyeshuri agendeye kuri ibyo bisobanuro, atanga ibitekerezo bye bijyanye n'uko yumva ikibazo yabajijwe. Igitekerezo cyangwa ibitekerezo bye ashobora kuba abisangiye n'abandi cyangwa ari we wenyine ubyumva atyo bikaba ari byo bibyara umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora inshamake iboneye y'ibitekerezo byagiye bitangwa n'amatsinda atandukanye.

## 5.3. Uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demukarasi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 125)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 127)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye, gusoma no kwandika umwandiko yubahiriza utwatuzo no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo bakitegereza amashusho ajyanye n'umwandiko « Uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi ». Ababaza ibibazo bigamije kubafasha gusobanura icyo ayo mashusho avuga. Ibisubizo by'abanyeshuri bigenda binozwa ku bufatanye bwabo na mwarimu.

**Ibibazo yababaza n'ingero z'ibisubizo:**

a) **Murabona iki kuri aya mashusho?** Kuri aya mashusho turabonaho umuntu uhagaze imbere y'imbaga y'abaturage avugira muri mikoro ngo « ababyemeye bamanike akaboko ». Bamwe  mu baturage bamanitse akaboko bagaragaza ko bemeye ibyo bagejejweho, abandi bifashe ntibakamanika.
b) **Iyi myifatire y'abaturage iragaragaza iki?** Iyi myifatire iragaragaza ko umuntu afite uburenganzira bwo kwemera ibitekerezo agejejweho akaba yabishyigikira cyangwa kubyanga akifata ntabishyigikire.
c) **Uruhare rw'aba bantu mu byo babajijwe rugaragazwa n'iki?** Urwo ruhare rugaragazwa no kubyemeza bamanika akaboko cyangwa kutabishyigikira batamanika akaboko.

## Gusoma

Nyuma yo gusobanura ibyo bishushanyo, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko ujyanye na byo maze akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

## Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko « Uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi ». Abasaba kudahwihwisa kugira ngo batarogoya bagenzi babo bakababuza kumva ibyo basoma, cyangwa ishuri rigahinduka urusaku n'akajagari. Abasaba kandi kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kuko bibangiza amaso kandi bikabananiza ku buryo badakurikira neza igice k'isomo gisigaye. Abasaba gusoma bitonze bagerageza kumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo bituma batahura amagambo batumva banafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo.

Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira :

1) **Demokararasi bisobanura iki ?** Demokarasi ni ubutegetsi bwa rubanda bushyirwaho na rubanda kandi bugakorera rubanda.
2) **Bene ubu butegetsi bwubahiriza yahe mahame?** Bene ubu butegetsi bwubahirizwa amahame y'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko, bafite uburenganzira bumwe kandi bishyira bakizana akaba ari nta wuhezwa ku myanya y'ubuyobozi.
3) **Abaturage bafatwa bate mu butegetsi bugendera kuri demokarasi?** Abaturage bafatwa nk'urwego rwa poritiki rushobora kugishwa inama mu gufata ibyemezo mu miyoborere y'Igihugu.
4) **Abaturage bagira uruhare bate mu butegetsi bugendera kuri demokarasi?** Abaturage bagira uruhare mu butegetsi bugendera kuri

demokarasi bishyiriraho abayobozi mu matora cyangwa babakuraho mu gihe batubahirije inshingano zabo.

### Gusoma baranguruye

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umuwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

### Gusomera umwandiko mu matsinda no gusubiza ibibazo byawubajijweho.

Mwarimu ateguza abanyeshuri ko bagiye gukina agakino kitwa "Fora ndi nde?" Ababaza icyo gufora ari cyo kugira ngo abone uko abasobanurira ibyo bagomba gukora. Iyo batakizi arakibasobanurira ababwira ko ari ugutahura ikihishe inyuma y'igisobanuro cy'amagambo bahawe. Muri ako gakino rero, barahera ku bisobanuro bahawe maze bashake mu mwandiko amagambo arebana n'ubutegetsi aganisha kuri ibyo bisobanuro. Ibibazo n'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Uyu ni umwitozo wo gutekereza no gusubiza vuba: umwarimu cyangwa umunyeshuri arasoma ikibazo abandi batanguranwe kuvuga igisubizo bahereye ku byavuzwe mu mwandiko.

### Fora ndi nde?

1) Ngirwa n'abaturage, ngatangwa na bo maze nkabakorera. Ubwo ndi nde? **Ndi ubutegetsi.**
2) Mbakorera bose ntitaye ku banshyizeho kandi abanshyigikiye n'abatanshyigikiye mbareshyeshya imbere y'amategeko. Ubwo ndi nde? **Ndi demokarasi.**
3) Uko ndi ni uko simpinduka ngomba gukurikizwa gutyo ibihe byose. Ubwo ndi nde? **Ndi ihame.**
4) Uruhare rwange ni ngombwa kugira ngo habeho ubutegetsi buhamye kandi bubereye bose. Ubwo ndi nde? **Ndi amatora.**
5) Aho mba aha ngira akageso ko kutifuza ko hagira uwo dufatanya kuyobora kandi ibyemezo mfashe ngenyine ntibivuguruzwa. Ubwo ndi nde? **Ndi umunyagitugu, umutegetsi w'igitugu.**
6) Nakira abaturage bangannye nkabaha ubushobozi bwo kwishyiriraho abayobozi no kumvikanisha ibitekerezo byabo. Ubwo ndi nde? **Ndi ishyaka, ishyirahamwe rya poritiki.**

7) Banshyiraho kugira ngo bangendereho mbarinde kubangamirana mu nyungu zabo bwite. Ubwo ndi nde? **Ndi amategeko**.
8) Iyo byakomeye baranyitabaza kugira ngo mbahurize mu biganiro bigamije ubwumvikane muri poritiki. Ubwo ndi nde? **Ndi imishyikirano.**
9) Mfatwa n'abahagarariye abaturage kugira ngo ndengere inyungu zabo. Ubwo ndi nde? **Ndi ikemezo**.
10) Ni nge ngenyine usobanukiwe n'uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi ku buryo buri gihe bantumira kugira ngo mbisobanurire abaje mu mahugurwa. Ubwo wanyita ngo iki? **Nakwita inzobere.**
11) Mu buzima bwange gufata ibyemezo nta we mbisabye ni uburenganzira budakorwaho. Ibyo babyita ngo iki ? **Ibyo babyita kwishyira nkizana.**
12) Ntabwo wemerewe gusuzugura amategeko ku bushake ngo wikorerere ibyo wishakiye. Ubwo urabuzwa iki? **Ubwo ndabuzwa kwigomeka**.
13) Noneho musigaye mwikorera ibyo mwishakiye kubera kutagira uwo mwikanga. Ibyo mukora babyita ngo iki? **Ibyo dukora babyita kwirara.**
14) Njya aho nshaka hose mu gihugu cyange cyangwa hanze yacyo igihe cyose mbishakiye ntawushobora kubimbuza. Uko kubahirizwa k'uburenganzira bwo kujya aho nshatse babyita ngo iki? **Uko kubahirizwa k'uburenganzira bwo kujya aho nshatse babyita ubwisanzure.**

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 128)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri bavuga muri make ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma.

### Gusoma mu ijwi riranguruye:

Umwarimu asaba umunyeshuri umwumwe gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye, abandi bagakurikira mu bitabo byabo.

**Gusomera mu matsinda no gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko:**

Umwarimu abasaba kujya mu matsinda bagasoma umwandiko banasubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko.

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka byo kumva umwandiko*

Muri ibi bibazo byo kumva umwandiko, harimo ibyo abanyeshuri basabwa gutekereza bahereye ku bivugwa mu mwandiko maze bakabihuza n'ibyo bahura na byo mu buzima busanzwe byababera isomo rituma bafata imigambi y'ubuzima bwabo. Mbere y'uko batangira gusubiza, umwarimu abanza kubibasomera kugira ngo niba harimo abafite ibibazo bitandukanye byo gusoma bashobore kubyumva, akanabibasobanurira kugira ngo bataza gutandukira mu bisubizo batanga. Agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Ibibazo basabwa gusubiza kuri uyu mwandiko b'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:

1) **Iyo bavuze demokarasi wumva iki?** Iyo bavuze demokarasi numva ubutegetsi bwa rubanda, bushyirwaho na rubanda kandi bugakorera rubanda. Ubu butegetsi buba bufitwe n'abaturage bakabuha abazabahagararira bitoreye. Bukorera abaturage bose kabone n'abatabushyigikiye. Muri demokarasi abaturage bose barareshya imbere y'amategeko, bagira uburenganzira bungana kandi bakishyira bakizana. Buri wese aba ashobora kuyobora kuko aba ashobora gutorwa.
2) **Wagira ute uruhare mu guteza imbere demokarasi?** Nakwitabira amatora yo gushyiraho abayobozi mu nzego zinyuranye; nakwiyamamariza inzego z'ubuyobozi kandi ngaharanira inyungu za rubanda kurusha izange bwite; nakwifatanya n'abandi mu gufata ibyemezo birengera inyungu zacu mu gihe hatumijwe inama yiga ku bibazo bivutse; nakwifatanya n'abandi mu gushyiraho porogaramu na poritiki zinogeye abaturage, mu kuzishyira mu bikorwa no mu kugenzura uburyo zubahirizwa; natanga ibitekerezo byange mu gukemura ibibazo by'abayobozi bakora nabi...
3) **Ni akahe kamaro k'amatora muri demokarasi?** Amatora atuma hajyaho abayobozi bashoboye kandi abaturage bashaka. Abaturage bashobora kuyifashisha bagakuraho abayobozi bakora nabi. Amatora atuma abaturage bareshya kuko uwo waba uri wese hubahirizwa ihame ry'umuntu umwe, ijwi rimwe. Amatora atuma hatabaho inzobere muri poritiki kuko buri wese aba ashobora kugera ku buyobozi binyuze muri yo.
4) **Usanga Igihugu cyakwitwa ko kigendera ku matwara ya demokarasi ryari?** Igihugu cyakwitwa ko kigendera ku matwara ya demokarasi mu gihe abaturage bashobora kwishyiriraho abayobozi, kandi bashobora no kubakuraho igihe batubahirije inshingano zabo; mu gihe baba bafite uruhare rungana mu miyoborere y'Igihugu kandi bakagena n'iby'ingenzi bigomba gushingirwaho mu miyoborere yacyo.

5) **Uruhare rw'umuturage mu miyoborere y'Igihugu rugaragarira he?** Uruhare rw'umuturage mu miyoborere y'Igihugu rugaragarira mu kwihitiramo abayobozi, mu kubakuraho igihe batubahirije inyungu ze no mu kuba abo bayobozi bamugomba ibisobanuro mu byo bakora igihe abibabajije.
6) **Usanga abaturage bagira ibihe bibazo mu gihugu kitarangwamo demokarasi?** Nsanga hatabayeho amatora hatanabaho isimburana ku butegetsi. Hayobora umuntu umwe urusha abandi ingufu, agasimburwa n'uwo ashatse cyangwa se umurushije ingufu. Habaho ubutegetsi bw'igitugu butubahiriza uburenganzira bwa muntu. Nta mashyirahamwe ya poritiki yabaho bityo n'abaturage ntibabona aho banyuza ibyifuzo byabo n'aho banyura ngo bagera ku butegetsi.
7) **Kuba umuturage afite uruhare mu miyoborere y'Igihugu bifite akahe kamaro?** Bituma abayobozi batirara ngo bamwigomekeho; bituma hatabaho ubutegetsi bw'igitugu, imiyoborere igahinduka imishyikirano igamije ubwumvikane no kubaka hagati y'abayobozi n'abayoborwa.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 128)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice abanyeshuri baraba bashobora gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no kuvuga muri make isomo bakuye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusesengura umwandiko ni ngombwa ko babanza kongera kuwusoma kugira ngo bashobore kuwiyibutsa.

### Isesengura

Nyuma yo gusobanura umwandiko abanyeshuri basesengura ku buryo bwimbitse umwandiko bize, bashaka ingingo z'ingenzi zivugwahomo. Basubiza iki kibazo:

### Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.

**Buri munyeshuri arakora wenyine maze asubize ibi bibazo.**

1. Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2. Kora inshamake itarengeje imirongo icumi y'ibyavuzwe muri uyu mwandiko.

**Urugero rw'ibisubizo byatangwa:**

1. **Ingingo z'ingenzi z'umwandiko**
   - Demokarasi ni ubutegetsi bw'abaturage, bushyirwaho n'abaturage kandi bugakorera abaturage.
   - Ni ubutegetsi bwubahiriza ihame ry'uko abaturage bareshya imbere y'amategeko
   - Muri demokarasi abaturage bagomba kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu.
   - Demokarasi ntisigana n'amatora .
2. **Inshamake.**
   Demokarasi ni ubutegetsi bw'abaturage, bushyirwaho n'abaturage kandi bugakorera abaturage. Ni ubutegetsi bwubahiriza ihame ry'uko abaturage bareshya imbere y'amategeko.Muri demokarasi abaturage bagomba kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu. Demokarasi ntisigana n'amatora kuko ari yo abaturage bakoresha bahitamo abayobozi cyangwa bakabasimbuza abandi.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 129)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo no gusobanura bimwe mu bijyanye n'ingingo y'uruhare rw'umuturage mu guteza imbere demokarasi.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko yo kwimakaza imiyoborere myiza; amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivuga yerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu kinyarwanda.

**Isubiramo:**

Umwarimu abanza gusomera no gusobanurira neza abanyeshuri ikibazo kugira ngo bose bacyumve kimwe. Akurikizaho kubashyira mu matsinda ngo bage impaka ku ngingo y'uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi. Abafasha guhuriza hamwe ibitekerezo byabo no kubivanamo umwanzuro bakurikiza mu mibereho yabo no mu mibanire yabo n'abandi.

**Ikibazo babazwa gusubiza ni iki:**

**Wumva ute ingingo ijyanye n'uruhare rw'abaturage mu guteza imbere demokarasi?**

Buri munyeshuri agendeye ku bisobanuro bya mwarimu, atanga ibitekerezo bye bijyanye n'uko yumva ikibazo yabajijwe. Igitekerezo cyangwa ibitekerezo bye ashobora kuba abisangiye n'abandi cyangwa ari we wenyine ubyumva atyo bikaba ari byo bibyara impaka.

### Umwanzuro w'ibyava mu kungurana ibitekerezo

Abaturage bagira uruhare mu guteza imbere demokarasi:

- Bitorera ababayobora.
- Bahabwa ijambo mu bibakorerwa.
- Baramutse bafite uburenganzira bwo gukuraho abayobozi bakoze nabi badategereje ko barangiza manda zabo.

Ibyo bisaba ko abaturage baba bajijutse kandi bashyize hamwe.

## 5.4. Ikinyazina nyereka

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 129)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa abanyeshuri baraba bashobora gusobanura inshoza y'ikinyazina nyereka, kurondora amoko ibinyazina nyereka, gutahura inshoza n'uturango by'ikinyazina nyereka no gukoresha ikinyazina nyereka mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Interuro cyangwa umwandiko byiganjemo ibinyazina nyereka, igitabo k'ikibonazamvugo

### Ivumburamatsiko

Isomo abanyeshuri biga mu kibonezamvugo ni ikinyazina nyereka. Kugira ngo aryigishe mwarimu ahera ku nteruro zakuwe mu mwandiko zirimo amagambo afite igisobanuro kihariye cyo kwerekana, aba yanditse mu nyuguti zitsirimye. Ayo magambo ni yo asaba abanyeshuri kuvumburira icyo gisobanuro kiyahuza. Izo nteruro mwarimu ashobora no kuba yazanditse ku kibaho, cyangwa agasaba bamwe mu banyeshuri kuzandika ku kibaho, noneho amagambo basabwa gushakira igisobanuro kihariye agashyirwa mu ibara ryihariye. Ashobora no gusaba abanyeshuri kwitegereza izo nteruro aho zanditse mu gitabo cyabo.

Mwarimu nanone aba azi neza ishuri rye, azi ubushobozi n'imbogamizi abanyeshuri be bafite agateganya uburyo yazikemura kugira ngo abafite ibibazo byihariye na bo bagendane n'abatabifite. Birumvikana ko niba hari abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona atazabasaba kwitegereza interuro kandi batabishobora. Bizamusaba kuzibasomera, akanabasomera amagambo bagomba gushakira ibisobanuro byihariye.

Kubera ko nk'aha, ibinyazina byose bitagaragara mu mwandiko, azasaba abanyeshuri gutanga ingero bakoreshamo ibinyazina bibura. Nyuma yo kwitegereza no kuvumbura igitekerezo kihariye cy'ayo magambo, haba hasigaye gutahura ubwoko bwayo n'intego yayo. Ibyo byose abanyeshuri babigeraho babifashijwemo na mwarimu na we yifashishije ibibazo nk'ibi agenda ababaza:

1) **Itegereze izi nteruro zikurikira, uzisome witonze, maze utahure igisobanuro kihariye amagambo ari mu ibara ry'igikara tsiri ahuriyeho.**
   a) Ubutegetsi bushyizweho kuri **ubwo** buryo bukora mu nyungu rusange z'abaturage bose.
   b) Kugira ngo **iyi** mishyikirano ishoboke, abaturage bahurira mu mashyirahamwe ya poritiki.
   c) Uruhare rw'abaturage mu miyoborere y'Igihugu rutuma hatabaho **bwa** bwikanyize bw'umuntu umwe bubyara gutegekesha igitugu.
   d) **Ayo** mashyirahamwe ni inkingi za ngombwa zituma habaho ubwumvikane mu miyoborere y'Igihugu.
      → Aya magambo **ubwo, iyi, bwa, ayo** ahuriye ku gisobanuro cyo kwerekana.
2) **Amagambo afite umwihariko wo kwerekana ikintu yitwa ngo iki mu Kinyarwanda?**
   → Amagambo afite umwihariko wo kwerekana ikintu yitwa ibinyazina nyereka.
1) **Tanga mu nteruro zawe bwite izindi ngero z'ibinyazina nyereka bitakoreshejwe.**
   - **Bariya** bana barashaka iki?
   - **Barya** bagabo bavugaga ukuri.
   - **Bano** bantu barasa cyane.
2) **Ongera usome witonze izi nteruro maze usobanure aho ibyerekanwa n'amagambo ari mu nyuguti z'igikara tsiri biherereye.**
   a) Ubutegetsi bushyizweho kuri **ubwo** buryo bukora mu nyungu rusange z'abaturage bose.
      → **Ubwo** ryekana ikimaze kuvugwaho, ikizwi n'ubwirwa cyangwa **ikegereye** ubwirwa.
   b) **Ayo** mashyirahamwe ni inkingi za ngombwa zituma habaho ubwumvikane mu miyoborere y'Igihugu.
      → **Ayo** yerekana ikintu **kegereye ubwirwa, kimaze kuvugwa(ho)** cyangwa kizwi n'ubwirwa.
   c) Kugira ngo iyi mishyikirano ishoboke, abaturage bahurira mu mashyirahamwe ya poritiki.
      → **Iyi** yerekana ikintu kikimara kuvugwaho ako kanya, ikigiye kuvugwaho cyangwa kegereye uvuga.
   d) Uruhare rw'abaturage mu miyoborere y'Igihugu rutuma hatabaho bwa bwikanyize bw'umuntu umwe bubyara gutegekesha igitugu.
      → **Bwa** yerekana ibyigeze kuvugwaho, uvuga n'ubwirwa baziranyiho, bigeze kuvuga cyangwa babonye bari hamwe.

e) **Bariya** bana barashaka iki?
   → **Bariya** yerekana abari kure y'uvuga n'ubwirwa.
f) **Barya** bagabo bavugaga ukuri.
   → **Barya** yerekana abavuzweho mu bihe byigiyeyo ariko uvuga n'ubwirwa baziranyiho.
g) **Bano** bantu barasa cyane.
   → **Bano** yerekana abari hafi y'uvuga ku buryo yabakoraho, kurusha uko baba begereye ubwirwa berekwa. Usibye ko n'ubwirwa werekwa ashobora kuba yegeranye n'uvuga umwereka.

### Inshoza y'ikinyazina nyereka

Ikinyazina nyereka ni ijambo ryerekana cyangwa rikibutsa irindi jambo. Ibinyazina nyereka birimo amoko atandatu bikurikije aho ibyo byerekana biherereye cyangwa uburyo ubwabyo biteye.

### Uturango tw'ikinyazina nyereka

### Hakurikijwe aho ibyo byerekana biherereye

Ibyerekanwa bishobora kuba biri hafi y'uvuga cyangwa kure ye, bishobora kuba biri hafi cyangwa kure y'ubwirwa cyangwa bikaba biri hafi cyangwa kure ya bombi. Ibinyazina nyereka kandi bigira ibisobanuro bitandukanye bitewe n'ibihe ibyerekanwa birimo: hashobora kubaho ibihe bya vuba cyangwa ibya kera. Bisobanura ko ibinyazina bishobora kuganisha ku bintu bitewe n'aho biri cyangwa bitewe n'ibihe byabereyemo. Duhereye ku ngero zatanzwe, ibinyazina nyereka byagabanywamo amoko atandatu ku buryo bukurikira:

Ibyerekana ibyo uvuga afashe yerekana cyangwa ibyo agiye kuvuga (iyi);
- Ibyerekana ibiri hafi y'uvuga ashobora gukoraho cyangwa ibyo amaze kuvugaho ako kanya (**bano**);
- Ibyerekana ibiri kure y'uvuga ariko bikaba hafi y'ubwirwa (**ayo, ubwo**);
- Ibyerekana ibiri kure y'uvuga n'ubwirwa bombi babona (**bariya**);
- Ibyerekana ibyo uvuga n'ubwirwa baziranyeho mu bihe byahise bya vuba (**barya**);
- Ibyerekana ibyo uvuga n'ubwirwa bibukiranya bya kera, ibyigeze kuvugwaho hakaba hashize umwanya muremure (**bwa**).

### Hakurikijwe imiterere yacyo.

Ikinyazina nyereka kigenda gihinduka gikurikije ijambo rigiherekeje kerekana. Muri uko guhinduka, hari agace kacyo kadahinduka kagenda kagaruka ku mpera zacyo. Ako gace ni ko bita igicumbi cyacyo. Gusa mu itsinda ry'ibinyazina byerekana ibyo uvuga afashe yerekana cyangwa ibyo agiye kuvuga, ako gace gasa hose ntikagaragara kuko inyajwi zibigize zigenda zihindagurika zisa n'izitangira amagambo byerekana. Kuba ako gace katagaragara ariko ntibisobanura ko ntako bifite. Biragafite kakandikwa

n'ikimenyetso -ø gisobanura "ubusa". Ku yandi matsinda y'ibinyazina nyereka, ako gace karigaragaza kuko kadahinduka ku binyazina byose bigize itsinda. Ibyo biragaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka mu matsinda yavuzwe haruguru hakurikijwe ibyo byerekana**

| Inteko | Itsinda 1 | Itsinda 2 | Itsinda 3 | Itsinda 4 | Itsinda 5 | Itsinda 6 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Nt.1 u- | Uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| Nt.2 ba- | Aba | bano | abo | bariya | barya | ba |
| Nt.3 u- | Uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| Nt.4 i- | Iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| Nt.5 ri- | Iri | rino | iryo | ririya | rirya | rya |
| Nt.6 a- | Aya | ano | ayo | ariya | arya | ya |
| Nt.7 ki- | iki | kino | icyo | kiriya | kirya | cya |
| Nt.8 bi- | Ibi | bino | ibyo | biriya | birya | bya |
| Nt.9 i- | Iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| Nt.10 zi- | Izi | zino | izo | ziriya | zirya | za |
| Nt.11 ru- | Uru | runo | urwo | ruriya | rurya | rwa |
| Nt.12 ka- | Aka | kano | ako | kariya | karya | ka |
| Nt. 13 tu- | Utu | tuno | utwo | turiya | turya | twa |
| Nt.14 bu- | Ubu | buno | ubwo | buriya | burya | bwa |
| Nt.15 ku- | Uku | kuno | uko | kuriya | kurya | kwa |
| Nt.16 ha- | Aha | hano | aho | hariya | harya | ha |

**Umwitozo.**

Imyitozo ku kibonezamvugo iri mu gitabo cy'umunyeshuri ifasha abanyeshuri gucengera inshoza yacyo n'andi mategeko mu mvugo no mu nyandiko. Ni nk'ingero umwarimu yaheraho agatanga n'izindi nyinshi kugira ngo abanyeshuri barusheho gusobanukirwa. Imyitozo izafasha umwarimu kubona ingorane abanyeshuri bafite no kunoza imyigishirize ye. Umwitozo abanyeshuri basabwa gusubiza n'ibisubizo byawo ni ibi bikurikira :

**Soma witonze uyu mwandiko maze usimbuze utudomo dutatu … ikinyazina nyereka gikwiye ukurikije aho ibivugwa bihereye.**

**Bugabo akizwa n'imbeba.**

Bugabo yabaye aho n'umugore we. **Uyu** mugore kimwe n'abandi bose yaje gusama. Hashize iminsi abwira umugabo we ati : « Ndashaka inyama y'ikibirima ». Umugabo arahagarara ariyumvira ni ko kwibaza ati : « Ariko **izi** nyama z'ikibirima **uyu** mugore

anyaka ni iza rubanza ki ? » Gusa ntiyabitindaho, ahamagara imbwa ye bajyana guhiga. Ageze mu ishyamba aratega, arangije arataha. Bukeye ajya gusura umutego asanga wafashe imbeba.

Nuko imbeba iramubwira iti : «Yewe wa mugabo we, wankijije **iri** zuba, ko nange nazagukiza imvura!" Bugabo arayisubiza ati: «Ubwo unyise umugabo, reka ngukize. **Rino** si izuba ni icyago ! » Arayitegura irigendera, ajya gutega ahandi. Mu gitondo agarutse, asanga noneho hafashwe ikibirima. Arakikorera, arakijyana. Imvura iza kugwa, ajya kugama munsi y'urutare, imbwa ye iramukurikira. **Urwo** rutare rukaba rutuwemo n'impyisi.

Impyisi itahutse, ikibirima kirasimbuka ngo kihungire. Impyisi ibwira Bugabo iti: «Garura **kiriya** kibirima vuba ! Nari niriwe n'ubusa, none mbonye ibyo ndya. » Kubera ubwoba Bugabo n'imbwa ye biruka kuri **icyo** kibirima barakigarura. Impyisi ni ko kumubwira iti : «Umva rero  wa mugabo we, bwira **iyo** mbwa yawe irye **icyo** kibirima, nirangiza uyirye, maze nange nkurye». Ikibivuga, ibona ingwe irinjiye. Imbwa iyibonye iti: «Turururururu!» Ingwe iba ifashe ikibirima, ibwira Bugabo iti: «Iruka kuri iriya mbwa uyifate uyinzanire. Bitabaye ibyo ndakwica. » Ayirutseho arayifata ayizanira ingwe, na yo iramubwira iti: « Yibwire irye **kino** kibirima, nawe uyirye, impyisi ikurye, nange nyirye.»

Intare iba irahageze, ibwira Bugabo ko abwira imbwa ye ikarya ikibirima, na we akayirya, impyisi ikamurya, ingwe na yo ikayirya, maze iyo ngwe na yo intare ikayirya. Bugabo ni ko kwibwira mu mutima we yigaya ati: « Ni ge wizize burya umuntu arizira ! **Cya** gihe nirukaga ku mbwa iyo nikomereza singaruke koko? » Akiri muri ibyo, abona **ya** mbeba yakijije irinjiye, iti: « **Iyo** nduru numva **hano** yatewe n'iki? » Bugabo watitijwe n'ubwoba bwo kuba ahagararanye n'intare ati : « **Iyi** ntare irambwira ngo nindye **ino** mbwa yange, na yo irye **kiriya** kibirima, **iriya** mpyisi ureba na yo iyirye, na yo iriya ngwe iri hariya iyirye, hanyuma mu kurangiza …(**iyi**) ntare na yo iyirye.» Imaze kubyumva, imbeba yigirayo yegera ikibirima maze iraterura iti: «Yewe wa mugabo we, bwira iyo mbwa yawe nirye **kino** kibirima, na we uyirye, impyisi ikurye, ingwe iyirye, intare na yo irye ingwe, maze na nge mbone uko mbarya mwese.»

Intare yitegereza ingano y' **iyo** mbeba, n'agasuzuguro iravuga iti: «**Kano** kagabo ntikirarira ye!» Itambuka ijya kuyikandagira. Nuko imbeba ivuza induru maze izindi mbeba zirahurura. Imbeba zigeze **aho**, intare irazireba, iti: «Singiye kuribwa n' **ubu** busa ». Intare irigendera. Ingwe ibibonye iti: «None **iriya** ntare igiye yagaruka ikansanga aha ikanyica naba nzize iki?» Na yo irigendera. Impyisi na yo iti: «None **iriya** ntindi y'ingwe irenga yaza kugaruka ntiyanyica ra? Naba nzize iki?»  Iragenda. Byose bimaze kugenda **ya** mbeba yawe ibwira Bugabo iti: «Sinakubwiye ko nunkiza izuba nzagukiza imvura?» Iyo utankiza rirya zuba wansanzeho, haba hacuze iki? Cyo ngaho igendere.»

Nuko Bugabo aratahan n'imbwa ye na cya kibirima akikoreye. Ageze imuhira ashyikiriza umugore we ikibirima yari yamutumye. Umugore atitaye ku byabaye ku mugabo we, arateka ararya.

## 5.5. Amasaha ya Kinyarwanda.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 133)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura amasaha ya kinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 134)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora gutahura ibiranga amasaha ya kinyarwanda no kuyahuza n'aya kizungu.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga bihe bya kinyarwanda; amashusho ajyanye n'imyandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivuga yerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu kinyarwanda.

**Ivumburamatsiko**

Mwarimu yifashishije isaha yambaye ku kuboko cyangwa terefoni ngendanwa abaza abanyeshuri icyo ibyo bikoresho byabamarira. Bamusubiza ko isaha yabafasha kubara igihe, ko terefoni yabafasha guhamagara ariko kandi na yo yanabafasha kubara no kumenya igihe. Akomeza ababaza uko isaha na terefoni bigaragaza igihe. Bamusubiza ko yarekana amasaha, iminota n'amasogonda. Akomeza ababaza niba ubwo buryo Abanyarwanda barabuhoranye iteka ryose. Bashobora kumusubiza ko batabizi cyangwa hakaba abamubwira ko byazanywe n'umwaduko w'abazungu. Akomeza ababaza uko Abanyarwanda babaraga igihe, baba batabizi akababwiro ko ari byo bagiye kwiga muri ako kanya. Ubwo abasaba gufungura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko bagasoma amakuru arebana n'amasaha ya Kinyarwanda.

**Amasaha ya Kinyarwanda.**

Kera amasaha ya kizungu ataraza, Abanyarwanda bari bafite amasaha bagenderaho. Ntabwo yerekanaga igihe gihamye buri gihe, byaterwaga n'uduce tunyuranye n'ibihe. Byaterwaga kandi n'ibikorwa binyuranye by'abantu n'imirimo bakoraga mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi. Dore uko yabaga akurikiranye kuva mu gitondo kugeza mu kindi gitondo:

| **Imvugo yakoreshwaga mu Kinyarwanda.** | **Amacishirizo y'igihe mu masaha y'ubu.** |
|---|---|
| Mu bunyoni | Saa kumi n'imwe za mu gitondo |
| Inka zigiye ku nama | Saa kumi n'imwe n'igice. |
| Abantu beguye amasuka | Saa kumi n'ebyiri. |
| Inka zikamwa | Saa kumi n'ebyiri. |
| Inka zihumuje | Saa kumi n'ebyiri n'igice. |
| Abantu bamaze kugera mu mirima | Saa moya. |
| Agasusuruko | Saa moya n'igice. |
| Amanywa y'abashotsi | Saa sita. |
| Amashoka y'inka | Saa saba. |
| Amahingura | Saa saba. |
| Amanywa akambye | Saa saba |
| Amakuka y'inka | Saa saba n'igice kugeza saa munani. |
| Inyana zisubiye iswa | Saa kenda. |
| Izuba rihumbye | Saa kumi. |
| Igicamunsi | Saa kumi n'imwe. |
| Izuba rya kiberinka | Saa kumi n'imwe n'igice. |
| Izuba ry'igishukabaja | Saa kumi n'ebyiri. |
| Inkoko zitaha | Saa kumi n'ebyiri n'igice |
| Inyana zitaha | Saa moya z'umugoroba |
| Inka zitaha | Saa mbiri z'ijoro. |
| Inka zikamwa | Saa mbiri n'igice. |
| Inka zihumuje | Saa tatu. |
| Mu matarama | Saa tatu kugeza saa yine z'ijoro |
| Abantu buriye uburiri | Saa ine z'ijoro |
| Abantu bashyizweyo | Saa tanu z'ijoro. |
| Igicuku kinishye | Saa sita z'ijoro kugeza saa saba. |
| Abantu bicuye bwa mbere | Saa munani z'ijoro. |
| Abantu bicuye ubwa kabiri | Saa kenda z'ijoro |
| Inkoko za mbere | Saa kenda z'ijoro. |
| Inkoko za kabiri | Saa kumi n'imwe za mugitondo. |
| Mu ruturuturu | Saa kumi n'imwe za mugitondo. |
| Umuseke weya | Saa kumi n'imwe n'igice za mu gitondo. |
| Urukerera | Saa kumi n'ebyiri. |

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 135)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora gusobanura amagambo akomeye no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Isubiramo

Iyo abanyeshuri bamaze gusoma ibivugwa ku masaha ya Kinyarwanda mwarimu abafasha gusubiza ibibazo babajijwe. Ibyo bibazo ni ibigereranya amasaha ya Kinyarwanda n'aya kizungu. Umwitozo abanyeshuri bakora ugizwe n'ibibazo 12, buri kibazo gihabwa ibisubizo bitatu ariko kimwe gusa akaba ari cyo kiri cyo. Abanyeshuri basabwa kuvumbura icyo kiri cyo. Mwarimu abafasha abasaba kugendera ku ngero babamo buri munsi kuko iwabo inkoko zirabika, inyoni ziravuga, izuba rirarasa, rikarenga…kandi bazi igihe ibyo byose bibera. Ibibazo byabajijwe n'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:

### Guhitamo igisubizo kimwe kiri cyo.

### Ikiri cyo ni icyanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri.

**Umaze gusoma uru rutonde rw'amasaha ya Kinyarwanda, ugereranyije n'amasaha ya kizungu:**

1. Mu bunyoni ni nka:
   a. Saa kenda za mu gitondo
   b. Saa kumi z'umugoroba
   c. **Saa kumi n'imwe za mugitondo**
2. Mu nkoko za mbere ni nka :
   a. Saa saba z'ijoro
   b. **Saa kenda n'igice z'ijoro**
   c. Saa kumi za mugitondo
3. Ku gasusuruko ni nka:
   a. Saa mbiri za mu gitondo
   b. **Saa yine za mugitondo**
   c. Saa saba z'ijoro
4. Inyana zitaha ni nka:
   a. Saa kumi z'umugoroba
   b. Saa kumi n'imwe z'umugoroba
   c. **Saa kumi n'ebyiri n'igice z'umugoroba**

5. Inka zitaha ni nka:
   a. Saa kumi n'imwe z'umugoroba
   b. **Saa kumi n'ebyiri z'umugoroba**
   c. Saa moya z'umugoroba
6. Inka zikamwa nka:
   a. Saa kumi n'ebyiri z'umugoroba
   b. Saa moya z'umugoroba
   c. **Saa mbiri z'umugoroba**
7. Mu gicuku ni nka:
   a. Saa sita z'amanywa
   b. **Saa sita z'ijoro**
   c. Saa kumi za mu gitondo
8. Mu matarama ni nka:
   a. Saa mbiri z'ijoro
   b. Saa sita z'ijoro
   c. **Saa tatu z'ijoro, saa yine**
9. Abantu buriye uburiri ni mu ma :
   a. Saa moya z'ijoro
   b. Saa mbiri z'ijoro
   c. **Saa tatu z'ijoro**
10. Iyo witegereje usanga ibi bihe bya kinyarwanda byagenwe:
    a. Nta cyo bashingiyeho
    b. **Bashingiye ku myitwarire y'abantu n'iy'inyamaswa**
    c. Babitegetswe n'abakoroni
11. Abantu bashyizweyo ni nka:
    a. Saa saba z'ijoro
    **b. Saa tanu z'ijoro**
    c. Saa kumi za mu gitondo
12. Mu ruturuturu ni nka:
    a. Saa munani z'ijoro
    b. **Saa kumi n'imwe za mu gitondo**
    c. Saa mbiri z'amanywa

Nk'uko bigaragara, ibi bibazo ntibikemura ingorane zose abanyeshuri baba bafite mu guhuza amasaha ya Kinyarwanda n'aya kizungu. Ni yo mpamvu umwarimu ashobora kubaha umukoro wo kujya kubaza ababyeyi babo, ababarera se cyangwa n'abandi bantu bakuru bashobora kuganira na bo kubabwira amasaha ya kizungu yahura n'aya Kinyarwanda batashoboye guhuza. Ibisubizo babonye baza kubihuriza hamwe mu ishuri mu masomo akurikira. Bityo bakaba bungutse ubumenyi nyuma yo kwikorera ubushakashatsi.

## 5.6. Amezi ya Kinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 137 )

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 137)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko, gutahura amezi ya Kinyarwanda no gusobanukirwa n'umwaka wa Kinyarwanda no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo n'indangaminsi.

#### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri kumubwira muri make ibyo babonye mu masomo ya nyuma baheruka kwiga. Bamusubiza ko babonye uko Abanyarwanda babaraga igihe mu mwanya w'amasaha cyangwa mu mwanya y'amezi ya kizungu. Akomeza ababaza ikintu k'ingenzi cyahaga Abanyarwanda uburyo bwo kugena igihe. Agenda abayobora ahereye ku byo babonye mu masomo yabanje ku buryo bamusubiza ko ari izuba.

Mwarimu akomeza abaza abanyeshuri niba usibye kugenga amasaha, iminsi n'amezi nta kindi izuba rimaze. Bamusubiza ko rituma abantu bashyuha, rigatuma habaho umwuka mwiza bahumeka, rigatuma habaho umunsi n'ijoro, rigatuma hagwa imvura, n'ibindi.

#### Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo kuri urwo rupapuro maze bagasoma umwandiko uhari. Kuko uyu mwandiko atari muremure, asaba abanyeshuri bake yagennye kuwusomera bagenzi babo baranguruye ijwi, batarya amagambo kandi bubahiriza utwatuzo. Asaba abadasoma gukurikira no kwandika amagambo batumva kugira ngo baze gufatanya kuyashakira ibisobanuro bakurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko. Iyo gusoma birangiye bakurikizaho gusobanura ayo magambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Kumva no gusobanukirwa umwandiko**

## Inyunguramagambo

Umwarimu asaba buri munyeshuri gusoma umwitozo bahawe mu gice k'inyunguramagambo no kuwumva. Iyo barangije abasaba kubanza kuwandika mu makaye yabo, nyuma bakongera gusoma neza umwandiko kugira ngo bashobore kugereranya buri jambo n'ibisobanuro byatanzwe mu mwitozo bagendeye ku buryo ryakoreshejwe mu nteruro. Baramutse bahuye n'ikibazo kibabuza kumva neza umwandiko ariko kidaturutse ku ijambo babajijwe mu mwitozo, bashobora gusobanuza mwarimu cyangwa bagenzi babo. Iyo bamaze kuvumbura igisobanuro kiri cyo bagihuza n'ijambo gisobanura bakoresheje akambi. Amagambo arahuzwa ku buryo bukurikira:

Umwarimu yitwaza indangaminsi akabaza abanyeshuri akamaro kayo. Abanyeshuri bamusubiza ko kuri indangaminsi bahabona imyaka, amezi, ibyumweru n'iminsi ari yo bita amatariki. Akomeza ababaza kwerekana kuri indangaminsi ayo makuru atandukanye bamaze kumuha basubiza ikibazo yari ababajije.

Ubwo bamwereka imyaka, amezi, ibyumweru n'iminsi. Aboneraho akabasaba kwerekana amezi ya Kinyarwanda ayo ari yo, na bo bakayamwereka cyangwa bakabinanirwa. Akomeza ababaza niba umwaka wa kizungu n'uwa Kinyarwanda kuva na kera na kare byari bimeze kimwe nk'uko bimeze kuri ubu. Hari igihe haboneka abavuga ko byari bitandukanye, abandi ko batabizi, cyangwa hakaba n'abemeza ko byari bimeze kimwe. Kugira ngo basobanukirwe bose abasaba gusoma umwandiko mugufi uri mu gitabo cyabo. Asaba umwe mu banyeshuri, cyangwa babiri biramutse bibaye ngombwa, gusoma aranguruye ijwi atarya amagambo kandi yubahiriza utwatuzo ku buryo bagenzi be bashobora kumukurikira neza. Uwo mwandiko ni uyu ukurikira:

## Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo

Nk'uko babivuga mu Kinyarwanda, imfura y'amezi ni **Nzeri,** kuko ari yo itangira umwaka gakondo wa Kinyarwanda. **Nzeri** yatangiraga umwaka kimwe n'ibiba ry'imyaka ryo mu kwa kenda. Umwaka wa Kinyarwanda wagiraga amezi cumi n'atatu. Ukwezi kwa Kinyarwanda kwamaraga iminsi makumyabiri n'umunani gusa (28) kukaba kwarakurikizaga ukwezi ko ku ijuru (imboneko, inzora, imyijima n'impera zako), kugakurikiza kandi ukwezi k'umugore kimwe n'ukwezi kw'inka. Ayo mezi yakurikiranaga atya mbere y'umwaduko w'abazungu: **Nzeri, Ukwakira, Ugushyingo, Ukuboza, Mutarama, Gashyantare, Werurwe, Mata, Gicurasi, Kamena, Nyakanga, Kanama, Tumba nyakime.**

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 137)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku mezi ya Kinyawanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko

Iyo gusoma birangiye abanyeshuri basubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Ibyo bibazo ni interuro bagomba gutahuramo izivuga ibihuje n'ibyo basomye mu mwandiko bakazikurikiza akajambo **yego**, naho izivuga ibinyuranye na byo bakazikurikiza **oya**. Mwarimu abasomera ibibazo noneho akabayobora ku buryo bagera ku bisubizo biri byo. Ibibazo n'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:

1. Umwaka wa Kinyarwanda watangiraga muri Mutarama kubera ko babaga babiba amasaka. (**Oya**)
2. Umwaka wa Kinyarwanda watangiranaga n'ibikorwa by'ubuhinzi muri Nzeri. (**Yego**)
3. Umwaka wa kizungu wari uhuje nezaneza amezi n'umwaka wa Kinyarwanda. (**Oya**)
4. Amezi ya Kinyarwanda n'aya kizungu yari ahuje iminsi. (**Oya**)
5. Umwihariko w'amezi ya kizungu ni uko ahindagurika iminsi. (**Yego**)
6. Ukwezi kwa Kinyarwanda n'uko ku ijuru byamaraga iminsi ingana. (**Yego**)
7. Ukwezi k'umugore ni iminsi amara kugira ngo ahembwe amafaranga yakoreye. (**Oya)**

8. Itandukaniro hagati y'umwaka wa kizungu n'uwa Kinyarwanda ni uko amezi atangana kandi n'amezi ntanganye iminsi. (**Yego**)
9. Umwaka wa kizungu n'uwa Kinyarwanda binganya iminsi. (**Oya**)
10. Ukwezi k'umugore ni iminsi amara hagati y'imihango n'indi. (**Yego**)
11. Ukwezi kw'inka ni uko zibyaramo cyane. (**Oya**)

## 5.6. Ibihe bya Kinyarwanda

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 138)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 139)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri azaba ashoboa gusobanura amagambo akomeye no gutahura ibiranga ibihe by'umwaka wa Kinyarwanda n'amezi bijyana na yo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri kumubwira muri make ibyo babonye mu masomo ya nyuma baheruka kwiga. Bamusubiza ko babonye uko Abanyarwanda babaraga igihe mu mwanya w'amasaha cyangwa mu mwanya y'amezi ya kizungu. Akomeza ababaza ikintu k'ingenzi cyahaga Abanyarwanda uburyo bwo kugena igihe. Agenda abayobora ahereye ku byo babonye mu masomo yabanje ku buryo bamusubiza ko ari izuba.

Mwarimu akomeza abaza abanyeshuri niba usibye kugenga amasaha, iminsi n'amezi nta kindi izuba rimaze. Bamusubiza ko rituma abantu bashyuha, rigatuma habaho umwuka mwiza bahumeka, rigatuma habaho umunsi n'ijoro, rigatuma hagwa imvura, n'ibindi.

Akomeza ababaza ijambo bakoresha ryakomatanya amasaha, iminsi, amezi n'imvura mu mwaka. Iryo jambo ni ibihe. Ubwo ababwira ko bagiye kurebera hamwe ibikubiye mu mwandiko uri mu gitabo cyabo ahari uwo mwandiko.

### Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo kuri urwo rupapuro maze bagasoma umwandiko uhari. Kuko uyu mwandiko atari muremure, asaba abanyeshuri

bake yagennye kuwusomera bagenzi babo baranguruye ijwi, batarya amagambo kandi bubahiriza utwatuzo. Asaba abadasoma gukurikira no kwandika amagambo batumva kugira ngo baze gufatanya kuyashakira ibisobanuro bakurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko. Iyo gusoma birangiye bakurikizaho gusobanura ayo magambo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

**Kumva no gusobanukirwa umwandiko**

Inyunguramagambo: Gusomera umwandiko mu matsinda

Umwarimu asaba buri munyeshuri gusoma umwitozo bahawe mu gice k'inyunguramagambo no kuwumva. Iyo barangije abasaba kubanza kuwandika mu makaye yabo, nyuma bakongera gusoma neza umwandiko kugira ngo bashobore kugereranya buri jambo n'ibisobanuro byatanzwe mu mwitozo bagendeye ku buryo ryakoreshejwe mu nteruro. Baramutse bahuye n'ikibazo kibabuza kumva neza umwandiko ariko kidaturutse ku ijambo babajijwe mu mwitozo, bashobora gusobanuza mwarimu cyangwa bagenzi babo. Iyo bamaze kuvumbura igisobanuro kiri cyo bagihuza n'ijambo gisobanura bakoresheje akambi. Amagambo arahuzwa ku buryo bukurikira:

**Huza amagambo n'ibisobanuro byayo.**

**Urugero rw'ibyava mu matsinda.**

| | |
|---|---|
| 1) Kugena → e) | a) Ibitekerezo |
| 2) Gukakamba → d) | b) Igihe k'izuba ryinshi kiva muri Kamena kikagera muri Kanama. |
| 3) Imyumvire → a) | c) Igihe ukwezi kuba ari uruziga rwuzuye kubonesha cyane |
| 4) Ibuguma → f) | d) Kurira ikintu bikugoye |
| 5) Impeshyi → b) | e) Gushyiraho |
| 6) Inzora → c) | f) Inka ishaje cyane |

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 139)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku mezi ya Kinyawanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Isubiramo**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

**Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Ibibazo n'ibisubizo ku mwandiko**

Umwarimu abanza gusomera abanyeshuri ibibazo byo kumva umwandiko kugira ngo niba harimo abafite ibibazo bitandukanye byo gusoma bashobore kumenya icyo basabwa gukora, akabibasobanurira kugira ngo bataza gutandukira mu bisubizo batanga. Akomeza abateguza ko muri ibi bibazo hari ibyo basubiza bahereye ku mwandiko kuko arimo basanga ibisubizo, ariko kandi hakaba hari n'ibyo basubiza bakurikije ibyo babona mu buzima bwabo bwa buri munsi. Agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Ibibazo basabwa gusubiza kuri uyu mwandiko n'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:

1) **Mu myumvire y'Abanyarwanda, izuba barigereranyaga n'iki?** Kubera iki? Abanyarwanda barigereranyaga n'ikinyabuzima kiva amaraso, kuko babonaga ijuru rihinduka umutuku izuba rirenze bakabigareranya n'amaraso, kandi kiribwa, gifite ubushobozi bwo guhora cyivugurura kuko bakibonaga buri munsi gituruka ahantu hamwe.
2) **Ko uryama ugasinzira, ubwirwa n'iki ko bukeye?** Mbibwirwa n'uko inyoni zongeye kuvuga, wa mutuzo w'ijoro ugasimburwa n'urusaku.
3) **Ukurikije imyitwarire y'izuba umunsi wawugabanyamo ibihe bice?** Nawugabanyamo ibice bitanu bikurikira: igitondo ari cyo gihe izuba ritaraba ryinshi; ku manywa igihe izuba ryumvikana cyane; ku gicamunsi, igihe rihumbye ritacyumvikana cyane; ku mugoroba igihe rirenga n'ijoro, igihe bwahumanye hatakibona urumuri rw'izuba rwazimye.
4) **Imyitwarire y'ikirere yatangaga ibihe bihe?** Habaga ibihe by'izuba n'ibihe by'imvura bidahinduka kuko byazaga mu mezi adahinduka.
5) **Aho mutuye imihindagurikire y'ikirere iteza ibihe bibazo?** Buri munyeshuri asubiza akurikije ibyo abona. Muri rusange ibihe by'izuba bigenda bisimburana n'iby'imvura. Hari aho izuba riva cyane rigatera amapfa, hakaba n'aho imvira igwa ari nyinshi igateza imyuzure n'inkangu.)
6) **Abanyarwanda bagenaga igihe bamaze ku isi bahereye ku ki?** Abanyarwanda baheraga ku bintu byababaga byarabaye nk'ibyago [(inzara nka Ruzagayura,

Rumanurimbaba, Gakwege...), ibyishimo (urwimo rw'umwami runaka, umwaduko w'abazungu wazanye imyambaro, amafaranga....), imirimo y'ubuhinzi (isarura n'ibiba ry'imyaka)]

7) **Mu bihe tugezemo igihe kigenwa gite?** Ubu icyo gihe kigenwa hifashishijwe imyaka, amezi, ibyumweru, iminsi, amasaha, iminota n'amasogonda. Imyaka, amezi ibyumweru n'iminsi bakunze kubishyira kuri karendari, naho amasaha, iminota n'amasogonda bigatangwa n'isaha cyangwa terefoni zigendanwa.

8) **Ugereranyije n'ibihe tugenderaho kuri ubu, ni ryari izuba riba rigeze ijuru hagati? Umuntu yabibwirwa n'iki?** Ni saa sita z'amanywa. Ubibwirwa n'uko uba ushobora gukandagira igicucu cyawe mu mutwe uhagaze hamwe.

9) **Ukeka ko ari ukubera iki Abanyarwanda bavugaga ko Nyakanaga yanga amabuguma?** Muri Nyakanga, ubwatsi buba bwarumye imisozi inyerera. Kugira ngo inka zirishe bisaba abashumba kwirirwa bazizerereza bazijyana aho zabona ubwatsi. Muri urwo rugendo, amabuguma yashoboraga gutemba nko ku mabanga y'imisozi ntabyuke bikaba ngombwa ko bayababaga. Kwanga amabuguma ni uko kuyabuza ubuzima bayababaga kubera gutemba.

10) **Ukeka ko amazina Kanama, Ukwakira n'Ukuboza yaba yaraturutse he?** Ni ukubera ko Kanama kwari ukwezi gushyuha cyane izuba rigacana rigatwika ibyatsi byose, ubutaka bugasigara bubereye aho, umuyaga wahuha umukungugu ugatumuka ugatwikira ikirere. Uwo mukungugu ntiwatumuka ubutaka butanamye, butambaye ubusa. Kwari ukwezi k'ubutaka bwanamye, bwambaye ubusa rero. Ukwakira ni uko ari ukwezi kwakira imbuto zose ziba zaratangiye kubibwa muri Nzeri, naho Ukuboza akaba ari ukwezi kugwamo imvura nyinshi iboza ibishyimbo biba bigeze igihe k'isarura emwe n'ibyeze byasaruwe baburiye izuba ngo babyanike.

### Imyitozo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasomera ibibazo bigize imyitozo, akabibasobanurira, maze bagafatanya kubisubiza.

### A. Uzuza mu nteruro zikurikira ibihe bya Kinyarwanda bikurikira: ku kwezi, mu museke, mu gicuku, ijoro ryose, mu nkoko za mbere, nijoro

1) Yabategetse kujya bizindura **mu nkoko za mbere** bakaza kumufasha guhanura.
2) Yakundaga guhanura **nijoro** akangutse.
3) Mwene se we yakundaga guhanura **mu gicuku** rubanda bicuye.
4) Yaraye agenda **ijoro ryose** bucya angezeho.
5) Kuko hari **ku kwezi**, yabyutse bwangu akeka ko ari **mu museke.**

B. **Uhereye ku bisobanuro uhabwa, uzuza uyu mwandiko ushyira amezi ya Kinyarwanda ahari utudomo dutatu ... Nurangiza, wandukure igika cya kabiri cyawo ukurikije uko Abanyarwanda batondekaga amezi y'umwaka:**

Abanyarwanda b'ubu bazi kandi bemera ko mu kwita amazina amezi ya Kinyarwanda, abakurambere bayasanishije n'ibyarangagaga imibereho yabo mu buhinzi n'ubworozi cyane cyane baganisha ku kirere no kumusaruro. Hari benshi bayabona kuri karendari bakibaza ibisobanuro byayo. Mu gukora uyu mwitozo barashira amatsiko.

Mu kwezi kwa **Nzeri** abahinzi begura amasuka bagatangira imirimo yabo y'ubuhinzi kuko ibihe biba bitangiye kumera neza, imvura itangiye kuboneka, ubwatsi na bwo bwongeye kumera. Ukwezi gukurikiraho k' **Ukwakira** na ko kukakira neza imyaka yose iba yatewe cyangwa yabibwe mu kwezi kubanza. Nyuma y'uku kwezi ko kweza cyane no gusarura, hahita haza ukwezi ko guhunika imyaka, kukitwa ... (**Ugushyingo**). Iyo myaka yahunitswe ihura no kubura izuba ikagenda isaza, indi ikiri mu mirima kuko iba yareze ntisarurwe bikayiviramo kubora. Bakakwita **Ukuboza** kuboza imyaka. Mu kwezi kwa **Mutarama**, abantu batinda kuryama bari mu gitaramo kuko nta mirimo baba bafite ituma bazinduka. Hakurikiraho ukwezi kwa **Gashyantare** kurangwa n'igihe k'izuba rikaze cyane ku buryo abantu batinya kwicara ku bitare by'amabuye kubera ubushyuhe bwinshi biba bifite. Muri **Werurwe** hagwa imvura nyinshi, bakayiha rugari maze ikerura ikagwa. Birumvikana ko iyo mvura ituma habaho urwuri ruba rutoshye cyane, inka zikarisha zigahaga zigatubura umukamo. Ibyo bigashya bishyira ukwezi kwa **Mata**. Hakurikiraho ukwezi kwa **Gicurasi,** aho ibicu byinshi bibyuka byabuditse hasi.

Kuvaho haza ukwezi kwa **Kamena** aho amasaka aba yeze cyane yabaye menshi maze amasekuru akameneka kakahava kubera umuhini usekura ubudatuza. Hataho ukwezi kw'izuba ryinshi, inka ziba zishonje kubera kubura urwuri, kukazirana n'inka zishaje kuko muri icyo gihe ari zo zihura n'akaga cyane zitembagara mu mabanga y'imisozi. Ni yo mpamvu bakwita **Nyakanga** yanga amabuguma. Iryo zuba risiga ibintu byose byanamye, ndetse iyo imvura ikomeje gutinda kugwa, muri uku kwezi ni ho izuba ryangiza ibintu byinshi cyane ndetse hakaba n'amapfa abantu bagasuhuka. Uko kukaba ukwezi kwa **Kanama.**

## 5.8. Ubutumwa bugufi

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 142)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanukira umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 143)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri azaba ashobora gusobanura amagambo akomeye, gutahura imiterere y'ubutumwa bugufi, gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko, kwandika no kohereza ubutumwa bugufi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Ivumburamatsiko**

Umwarimu yereka abanyeshuri ishusho iri mu gitabo cyabo ahari umwandiko akababaza icyo babonaho. Babonaho ibiganza bifashe terefoni igendanwa zirimo kwandika ubutumwa. Akomeza ababaza niba muri bo hari ababa baragerageje kwandika ubutumwa bugufi. Ababikoze barabivuga n'abatarabikoze na bo bakabivuga. Ku babikoze umwarimu abasaba kuzabisobanurira bagenzi babo mu gihe bizaba bibaye ngombwa. Ababaza icyo bumva baba bagiye kwiga. Bamusubiza ko bagiye kwiga ibirebana n'ubutumwa bwandikwa kuri terefoni zigendanwa.

**Gusoma**

Nyuma y'ibisobanuro bitangwa n'abanyeshuri ku ishusho riri mu gitabo cyabo, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko ujyanye na byo maze akabasa kurambura ibitabo byabo ahari umwandiko bakawusoma..

**Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko «**Ubutumwa bugufi**». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo.

Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira:

a) **Ni iki kivugwa muri uyu mwandiko ?** Haravugwamo ibijyanye n'ubutumwa bugufi bwoherezwa kuri terefone.

b) **Ni iki gikwiye kwitabwano mu kwandika ubutumwa bugufi?** Mu kohereza ubutumwa bugufi uwandika aba agomba kumenya guhina amagambo kandi akandika neza, akabanza gusoma ibyo yanditse mbere yo kubyohereza.

**Gusoma barangurye**

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umuwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko

noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

**Kumva no gusobanukirwa umwandiko**

## Inyunguramagambo

Abanyeshuri barafatanya na mwarimu gusobanura amagambo akomeye bahuye na yo mu mwandiko igihe basomaga bucece. Ayo magambo asobanurwa hakurikijwe uko yakoreshefwe mu nteruro zigize umwandiko. Mu matsinda basanzwe bakoreramo, babanza kongera gusoma umwandiko wose kugira ngo bawiyibutse, banoze n'ibisobanuro bahaye amagambo noneho babone uko babigeza kuri bagenzi babo. Amatsinda adatahiwe kuvuga agenda akurikira ibisobanuro bya bagenzi babo, aho bibaye ngombwa bakabikosora cyangwa bakabyuzuza. Mwarimu nk'umufasha, abaha uburyo bwo kunoza ibisobanuro byabo. Akabunganira anoza cyangwa yuzuza inyito batanze, kugira ngo barusheho kuzumva neza no gukoresha amagambo bungutse ku buryo bukwiye. Ashobora kandi kubabaza ku magambo batavuze ariko we abona ko yabakomerera. Iyo asanze batazi icyo asobanura abafasha kubitahura yifashishije interuro, inkuru, amashusho, ibigereranyo, imbusane, imvugakimwe,... Muri uyu mwandiko, ingero z'amagambo yakomera abanyeshuri n'ibisobanuro byayo ni izi zikurikira :

**A. Inyunguramagambo**

**Mu matsinda ya babiribabiri mushake ibisobanuro by'aya magambo**

1) **Itumanaho:** ni uguhanahana amakuru n'ubutmwa butandukanye hagati y'abantu.
2) **Kwamamaza:** Ni ukuranga ibicuruzwa byawe ubitaka kugira ngo wongere umubare w'abaguzi.
3) **Kurondogora:** kuvuga byinshi ukavuga n'ibidakenewe.

## Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubira mu matsinda bagakora umwitozo w'inyunguramagambo nyuma bakaza guhuriza hamwe ibisubizo, umwarimu kababafasha kubinonosora.

Sobanura uyu mugani ngo" akarenze umunwa karushya ihamagara", maze unawukoreshe mu nteruro iboneye.

**Akarenze umunwa karushya ihamagara:** iyo usohoye uvuze ijambo idakwiye ntushobora kurigarura ahubwo utangira kugorwa noi gutanga ibisobanuro ku cyo wavuze.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 144)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku butumwa bugufi, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko basomye.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Kumva umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma neza umwandiko kuko ari ho bakura ibisubizo buzurisha interuro basabwe kuzuza. Asaba abanyeshuri kandi, nyuma yo kumva neza umwandiko, kuza guhimbamo agakino kagaragaza imyifatire y'abakavugwamo batandukanye. Kugira ngo gukina byorohe kandi biryohere ababireba, mwarimu asaba abanyeshuri gukina abo bantu batandukanye mu mbamutima zabo no kwegeranya ibikoresho bakenera, ibyo badashoboye kubona akabibashakira. Bamaze gusoma umwandiko abanyeshuri bagombye kuzuza interuro bahawe no guhimba agakino kabo ku buryo bukurikira:

### Ibibazo byo kumva umwandiko n'urugero rw'ibisubizo byatanzwe.

1. **Ubutumwa bugufi bwoherezwa kuri terefone bworoheje gute itumanaho?** Bworoheje itumanaho kuko bushobora kohererezwa abantu benshi icyarimwe kandi bukabagereraho rimwe bukaba kandi bunahendutse kurusha kuvugisha umuntu.
2. **Kuki bisaba guhina amagambo iyo wandika ubutumwa bugufi?** Ni uko ibyo ugomba kwandika biba bibaze, kandi ubwo butumwa bugomba kuba bugufi koko nk'uko izina ryabwo ribivuga.

3. **Ni uwuhe mwihariko gukoresha ubutumwa bugufi birusha guhamagara ukavugana n'uwo wifuza kugezaho ubutumwa?** Bushobora koherezwa mu ibanga abo uri kumwe na bo batamenye icyo wavuze. Bufasha umuntu uri kamwe n'abandi atababangamira abasakuriza igihe bakeneye umutuzo.
4. **Kwandika mu nshamake bigirira akahe kamaro uwohereza ubutumwa bugufi?** Bimufasha kuzigama igihe n'amafaranga no kutabangamira abo abwoherereza.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 144)

***Intego yihariye:***

Nyuma y'iki gice, abanyeshuri baraba bashobora gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gukora inshamake yawo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusesengura umwandiko ni ngombwa ko babanza kongera kuwusoma kugira ngo bashobore kuwiyibutsa.

### Isesengura

Nyuma yo gusobanura umwandiko abanyeshuri basesengura ku buryo bwimbitse umwandiko bize, bashaka ingingo z'ingenzi zivugwamo.

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:*

1) Erekana ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.
2) Hina uyu mwandiko mu mirongo ibiri gusa ku buryo wavamo ubutumwa bugufi bwoherezwa kuri terefone.

### Ingingo z'ingenzi zigize umwandiko

- Icyo ubutumwa bugufi ari cyo.
- Akamaro k'ubutumwa bugufi.
- Uko ubutumwa bugufi bukwiye gukoreshwa.

### Inshamake y'umwandiko

Ubutumwa bugufi burafasha cyane mu itumanaho. Ubwandika aba akwiye kwandika mu nshamake kandi agasoma neza ibyo yanditse mbere yo kubyohereza.

**Umukoro**

Nyuma y'isomo umwarimu aha abanyeshuri umwitozo w'ubumenyingiro ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, wo kwandika ubutumwa bugufi, bakazerekana aho bawukoreye mu isomo rizakurikiraho.

Andika ubutumwa bugufi wakohererereza inshuti yawe uyibwira amakuru yawe ku ishuri, cyangwa ababyeyi bawe ugira icyo ubasaba.

### Urugero rw'ubutumwa bugufi bakwandika :

Babyeyi, ndabasuhuza cyane. Nkeneye amafaranga y'urugendo. Ahandi meze neza nta kibazo. Mubane n'Imana.

## 5.9. Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma risoza umutwe wa gatanu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 144 )

### Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko mu kwimakaza imiyoborere myiza
- Ubushobozi bwo gukoresha neza ibihe n'amezi ya Kinyarwanda mu mvugo no mu nyandiko.
- Ubushobozi bwo gukoresha neza ibinyazina ngenga n'ibinyazina nyereka no kubitahura mu nteruro.
- Ubushobozi bwo kwandika mu buryo busobanutse ubutumwa bugufi.

### Umwandiko: Kubaza abayobozi ibyo bakora

Imiyoborere myiza ntibumbye gusa ingufu z'abayozi mu gushyira muri gahunda ibyo biyemeje. Imiyoborere myiza ishingira ku kugendera ku mategeko, gukorera mu mucyo, no kubazwa ibyo ukoze nk'umuyobozi ari byo twakwita igenzuramikorere. Abayobozi bagomba kujyaho mu nzira ziboneye, ntibafate ubutegetsi ku ngufu batabihawe n'abaturage, kandi bagakoresha ubwo buyobozi neza.

Ubutegetsi bugomba kugabanywamo ibice bitatu kandi buri kimwe kikigenga, ariko byose bikagenzurana. Ibyo uko ari bitatu ni ibi bikurikira. Icya mbere ni inteko ishinga amategeko igizwe n'abadepite n'abasenateri. Icya kabiri kigizwe n'abayobozi bashyira ayo mategeko mu bikorwa, ari bo bagize inzego z'ubuyobozi kuva kuri Perezida wa Repubulika kugera ku muyobozi w'umudugudu. Igice cya gatatu ni urwego rw'ubucamanza rushinzwe guhana abatubahiriza amategeko mu buryo butabera kandi budafite aho bubogamiye.

Mu rwego rwo kugendera ku mategeko, amategeko agomba kurengera abantu bose nta vangura kandi ntihagire umuntu ujya hejuru y'itegeko. Baba abayobozi, baba abayoborwa, ukoze ikosa agomba kubibazwa. Ibyo bisaba ko haba hariho ubucamanza bwigenga, kandi butavugirwamo n'abayobozi.

Mu gihugu kigendera ku mategeko usanga abaturage bita ku mategeko atari uko bayatinya ahubwo kubera ko bazi akamaro kayo. Kugendera ku mategeko rero si ukuyashyiraho gusa cyangwa kuyakoresha mu gutera abaturage ubwoba. Buri gihugu cyaba icyamunzwe na ruswa cyangwa igikoresha iterabwoba ku baturage, na cyo kigira amategeko kigenderaho. Nyamara ubutegetsi bugendera ku mategeko bwimakaza imikoranire y'abaturage n'ubuyobozi.

Inkozi z'ibibi icyo gihe zihanwa n'amategeko, ariko zikanandagazwa mu itangazamakuru kandi zikigizwayo n'abaturage ku buryo zibura imyanya no mirimo ya Leta.

Gukorera mu mucyo na byo biranga imiyoborere myiza. Hagomba rero kubaho amashyirahamwe yigenga ageza ku baturage amakuru kugira ngo bamenye ibyo abayobozi bakora. Muri yo twavuga ubutabera bwigenga n'itangazamakuru ridakorera mu kwaha kwa Leta ariko n'amashyirahamwe ategamiye kuri Leta na yo aba akenewe. Amategeko n'amabwiriza yose ashyirwaho agomba kwigwaho kandi akaba yumvikana. Ubuyobozi bukorera mu mucyo bushyira ahagaragara ibyo bukora n'impamvu bikorwa, ugomba kubikora, n'icyo bigamije.

Kubazwa ibyo ukora nk'umuyobozi ni ngombwa, kuko uba uri intumwa y'abaturage. Ni ukwemera kugenzurwa kandi mu byo ukora, kandi ugakora wumva ko ibyo ukora hari undi uzabikubazaho. Hagomba kubaho uburyo bwemewe na Leta bwo kubaza buri muyobozi ibyo yakoze mu gihe ayobora.

Abanyamakuru, ndetse n'abagize amashyaka abangikanye n'iriri ku buyobozi, bagomba guhora bacungira abaturage, ibitagenda neza bakabibabwira, amakosa y'abayobozi agashyirwa ahagaragara, abakora nabi bakegura. Abaturage kandi bagomba kugira uruhare mu bibakorerwa no mu igenamigambi ry'Igihugu.

## I. Inyunguramagambo

**Shaka ibisobanuro by'aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) **Igenzuramikorere:** Isuzuma rigamije kureba ko abayobozi bashyira mu bikorwa ibyo bashinzwe.

b) **Inteko ishinga amategeko:** Rimwe mu mashami y'ubutegetsi rigizwe n'intumwa zatowe n'abaturage akaba ari bo bashyiraho amategeko Igihugu kigenderaho.

c) **Abayobozi bashyira mu bikorwa ayo mategeko:** Ishami ry'ubutegetsi rigizwe na perezida, abaminisitiri, Abayobozi b'Intara n'Uturere , Imirenge, Utugari n'Imidugudu akaba ari bo bashinzwe gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'amategeko babishishikariza n'abaturage.

d) **Urwego rw'ubucamanza:** Ishami ry'ubutegetsi rishinzwe kuburanisha no guhana abarenga ku mategeko Igihugu kugenderaho.

e) **Kujya hejuru y'itegeko:** Kutarebwa n'itegeko kubera ko ukomeye mu butegetsi cyanwa mu bukungu.

f) **Igihugu cyamunzwe na ruswa:** Igihugu kirimo ruswa.
g) Kwandagazwa: Gushyirwa ku ka rubanda, cyangwa kuvugwaho ibibi mu ruhame.
h) **Amashyirahamwe ategamiye kuri Leta:** Imiryango ikorera abaturage ariko itari mu nzego ziyobora Igihugu.
i) **Amashyaka abangikanye n'iriri ku buyobozi:** Amashyaka atari mu buyobozi ariko na yo aharanira kuyobora.
j) **Igenamigambi ry'Igihugu:** Igihugu gifite igenamigambi ryiza ni cyo gitera imbere vuba.

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.**

a) Igenamigambi ry'Igihugu: Igenamigambi ry'Igihugu rishingira ku mubare w'abaturage bagituye.
b) Igenzuramikorere: Kugira ngo abayobozi baruhseho gukora neza, Igihugu kigomba guteganya uburyo habaho igenzuramikorere ihoraho.
c) Inteko ishinga amategeko: Inteko ishinga amategeko ni yo itora amategeko Igihugu kigendaraho.
d) Kujya hejuru y'itegeko:Nta muntu ukwiye kujya hejuru y'itegeko yaba umuyobozi cyangwa undi wese.

## II. Ibibazo byo kumva umwandiko

**Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.**

a) **Ni ayahe mahame aranga imiyoborere myiza?** Imiyoborere myiza ishingira ku kugendera ku mategeko, gukorera mu mucyo, no kubazwa ibyo ukoze nk'umuyobozi ari byo twakwita igenzuramikorere
b) **Vuga ibice by'ubutegetsi mu buyobozi bugendera kuri demukarasi.** Ubutegetsi nshingamategeko, ubutegetsi nyubahizategeko, n'ubucamanza.
c) **Ni ba nde bashinzwe kugenzura abayobozi?** Abashinzwe kugenzura abayobozi ni abacamanza, abanyamakuru n'abaturage muri rusange.
d) **Itangazamakuru rimarira iki abaturage mu butegetsi bugendera kuri Demukarasi?** Itangazamakuru rigeza amakuru ku baturage. Ni nk'itara ibamurikira.

## III. Ikibonezamvugo

Koresha ikinyazina nyereka ukurikije icyo amagambo ari mu nyuguti z'igikara tsiriri agusobanurira, maze uhindure ibikwiye guhinduka.

a) Umugabo twahuye umwaka ushize turi kumwe yambwiye ngo mutahe.
→ **Wa** mugabo twahuye umwaka ushize turi kumwe yambwiye ngo mutahe.
b) Umugabo tureba twembi ari mu biki ?
→ **Uriya** mugabo tureba twembi ari mu biki ?

c) Umwana unyegereye ni mwishywa wange.
   → **Uyu** mwana unyegereye ni mwishywa wange.
d) Umwana nkozeho ni umuhanga.
   → **Uno/uyu** mwana nkozeho ni umuhanga.
e) Igiti kikwegereye ni nde wakivunnye umutwe ?
   → **Icyo** giti kikwegereye ni nde wakivunnye umutwe ?
f ) Abantu uzi twahuye cya gihe bari abasirikare.
   → **Ba** bantu uzi twahuye cya gihe bari abasirikare.

# 6 Umuco w'amahoro

## (Umubare w'amasomo:24)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro,
- Gukoresha mu nteruro ikinyazina ngenera, ngenga na ndafutura no kwandika uko bikwiye amagambo aranga igihe n'ibaruwa isanzwe yubahiriza imiterere yayo.

### 6.1. Umwandiko: Umwana n'ingona

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 148)

### Igice cya mbere: Kumva no gusobanukirwa umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 152)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Isubiramo**

Umwarimu abanza kwibukiranya n'abanyeshuri insanganyamatsiko baganiriyeho mu mutwe wa gatanu. Baganiriye ku nsanganyamatsiko y'imiyoborere myiza. Bakibukiranya ko umuyobozi mwiza aba afitiwe ikizere n'abo ayobora bityo bagafatanya ibikorwa bigamije kugeza Igihugu ku iterambere rirambye. Umwarimu akomeza abaza abanyeshuri umwuka uba uri hagati y'umuyobozi n'abayoborwa utuma iryo terambere rirambye rishobora kugerwaho. Abanyeshuri basubiza ko haba hari umwuka mwiza w'ubwumvikane n'amahoro. Mwarimu akomeza abwira abanyeshuri ko mu mutwe wa gatandatu batangiye bagiye kwibanda ku nsanganyamatsiko ivuga ku muco w'amahoro n'ibyo uwo muco ushobora gutuma abantu bageraho.

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza amashusho ari mu gitabo cyabo, akababaza ibibazo biganisha ku mwandiko.

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:*

a) **Kuri iri shusho murahabona iki?** Kuri iri shusho turahabona umwana wikoreye ingona mu kirago, imbere ye hari urukwavu rumuha itegeko ryo kugenda rukoresheje urutoki.
b) **Kwikorera ingona birasanzwe ku mwana?** Oya ntibisanzwe, ibi biba mu mugani.
c) **Murakeka iyi ngona uyu mwana ayijyanye he?** Abanyeshuri batanga ibisubizo binyuranye. Ariko kugira ngo babimenye neza ni ngombwa ko basoma umwandiko "Umwana n'ingona" uri mu gitabo cyabo.

### Gusoma bucece

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko bagasoma bucece umwandiko "Umwana n'ingona", nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.

### *Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:*

a) **Igisimba kivugwa muri uyu mwandiko ni ikihe?** Ni ingona Busunzu.
b) **Iki gisimba cyari he?** Mbere na mbere iki gisimba cyari ku mugezi watembaga mu gishanga, nyuma kiza kuba ku mugezi umwana yari yakijyanyeho agihungisha ngo batakica nk'uko bishe ibindi byabanaga na cyo.
c) **Icyo umwana atumvikanaho n'ingona ni iki?** Ni ku nyiturano y'ineza yagiriwe.
d) **Ni iki cyateye ingona gushaka guhemuka?** Ni inzara.

### Gusoma baranguruye

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umuwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

### Kumva no gusobanukirwa umwandiko

### Inyunguramagambo

Abanyeshuri barafatanya na mwarimu gusobanura amagambo akomeye bahuye na yo mu mwandiko igihe basomaga bucece. Ayo magambo asobanurwa hakurikijwe uko yakoreshefwe mu nteruro zigize umwandiko. Mu matsinda basanzwe bakoreramo, babanza kongera gusoma umwandiko wose kugira ngo bawiyibutse, banoze

n'ibisobanuro bahaye amagambo noneho babone uko babigeza kuri bagenzi babo. Amatsinda adatahiwe kuvuga agenda akurikira ibisobanuro bya bagenzi babo, aho bibaye ngombwa bakabikosora cyangwa bakabyuzuza. Mwarimu nk'umufasha, abaha uburyo bwo kunoza ibisobanuro byabo. Akabunganira anoza cyangwa yuzuza inyito batanze, kugira ngo barusheho kuzumva neza no gukoresha amagambo bungutse ku buryo bukwiye. Ashobora kandi kubabaza ku magambo batavuze ariko we abona ko yabakomerera. Iyo asanze batazi icyo asobanura abafasha kubitahura yifashishije interuro, inkuru, amashusho, ibigereranyo, imbusane, imvugakimwe,... Muri uyu mwandiko, ingero z'amagambo yakomera abanyeshuri n'ibisobanuro byayo ni izi zikurikira :

## A. Inyunguramagambo

1. **Mu matsinda mushake ibisobanuro by'aya magambo mukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.**
    a) **Busunzu:** Irindi zina rihabwa ingona.
    b) **Ibuguma:** Inka ishaje cyane.
    c) **Insumba:** Inka y'ingore.
    d) **Ikinani:** Ahantu hadahinze haraye hakamera ibyatsi n'ibihuru.
    e) **Kudogagira:** Kugenda buhoro kubera intege nke.
    f) **Kwikurugutura:** Kwishyira urutoki mu gutwi ukuzibura kugira ngo wumve neza.
    g) **Kubogaboga:** Kuzura kugera ku rugara, kuzura cyane ugasendera.
    h) **Kwanika amagufa:** Kunanuka cyane.
    i) **Kubera ibamba:** Kwanga ikintu ugatsemba.
    j) **Iminyago:** Ibintu byasahuwe, byafatiwe ku rugamba.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kongera gushaka amagambo. Ubwo bahera ku bisobanuro bihabwa amagambo ari mu mwandiko noneho umukino ukaba uwo gushaka mu mwandiko amagambo afite ibyo bisobanuro. Aho badashoboye kubonera ijambo umwarimu abafasha kuribona abasomera interuro bashobora kurisangamo anababaza ikibazo cyatuma batangaho iryo jambo igisubizo. Muri uyu mwandiko, ibisobanuro abanyeshuri bashakira amagambo n'amagambo bagomba gutahura mu mwandiko ni ibi bikurikira:

1. **Shaka muri uyu mwandiko amagambo afite igisobanuro kiri hasi aha: Ibisubizo**
    a) Gusinzira kubera ubushyuhe: **Guhondobera**
    b) Kugwa mu mazi ugaheramo: **Kurohama**

c) Kubura ntiwongere kuboneka: **Kuzimira**
d) Kuyoba cyane, kutamenya aho uri: **Guhaba**
e) Umugozi ukomeye wo guhambiriza: **Umurunga**
f) Kwikorera: **Gukubita ku mutwe**
g) Umutwaro uremereye:**Umuzigo**
h) Guterura ikintu kiremereye ukagenda wihuta: **Kubangatana**
i) Ubutaka bukora ku mugezi bukarinda amazi guta inzira yayo: **Inkombe**
j) Igikorwa cy'ubugiranabi: **Ubuhemu**
k) Kujya kunywa amazi: **Gushoka**
l) Kuva ku mugezi kunywa amazi: **Gukuka**
m) Ahantu hari ubwatsi bwinshi kandi bwiza inka zirisha: **Urwuri**
n) Inka y'ingabo: **Ikimasa**
o) Gukorera umuntu nk'ibyo yagukoreye: **Kwitura**
p) Udukoko tuba ku nka tukayinyunyuza amaraso: **Uburondwe**
q) Kuvuga ufite ukuri: **Gukiranura**
r) Kwambara mu ruhanga cyangwa mu ijosi: **Gutamiriza**
s) Kwambikwa, gutakwa: **Gutamirizwa**
t) Gushira kw'iminsi: **Kwihirika**

**2. Guhuza amagambo ari mu nkingi ya A n'ibisobanuro byayo mu nkingi ya B**

| | |
|---|---|
| 1) Igitambambuga | a) Kuva ahantu hashize akanya gato |
| 2) Gukanira | b) Kubona, gukubita amaso |
| 3) Gushisha | c) Umwana muto: |
| 4) Mataraga | d) Guhambira ugakomeza cyane |
| 5) Bene ako kageni | e) Kubyibuha cyane |
| 6) Kurabukwa | f) Mazima atarwaye |
| 7) Gutirimuka | g) Gutyo, muri ubwo buryo, bimeze bityo |

1= c, 2=d, 3=e, 4= f, 5=g, 6=b, 7=a

**3. Guhimba interuro yawe bwite mu magambo akurikira.**

Mu rwego rwo kwerekana ko abanyeshuri bumvise icyo amwe mu magambo baherewe ibisobanuro avuga, baba bagomba kuyubakisha interuro mbonezamvugo. Dore ingero z'ayo magambo n'interuro yakoreshwamo :

## B. Ibisubizo byatanzwe:

a) **Guhondobera:** Abasaza n'abakecuru akenshi baba bahondoberera ahari ubushyuhe bwinshi.
b) **Kuzimira:** Mutabazi ababajwe n'ihene ye yazimiye.

c) **Gukubita ku mutwe:** Kubita icyo gitoki ku mutwe ukijyane ku isoko.
d) **Kubangatana**: Reba uwo mwana ngo arabangatana ririya buye.
e) **Kubogaboga:** Uno muvure urabogaboga umutobe w'umuhama.
f) **Kudogagira:** Reka mbe nidogagirira nzi ko nta ntege mfite zo kuza kugendana namwe.
g) **Kurabukwa:** Mukanya ndabutswe Kamana ku maduka ari kumwe na Bosiko.
h) **Igitambambuga:** Ntukifate nk'igitambambuga kandi uciye akenge.
i) **Gukiranura:** Ba bagabo bapfaga imirima yo mu kabande, abunzi bamaze kubakiranura.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 153)

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku mwana n'ingona, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

### Ibibazo n'ibisubizo

Ongera usome neza umwandiko maze wuzuze interuro zikurikira :

1. Uwanditse uyu mugani yashakaga kwerekana ko **iyo ugomba gukemura amakimbiane ubanza kumva neza icyayateye, hanyuma warangiza ukarenganura urengana.**
2. Umwana yagiriye neza ingona kuko yayirokoye urupfu ayibuza gusubira aho yari yaturutse kandi akayihungisha akayigeza ku mugezi nk'uko yari yabimusabye.

3. Umwana yababajwe n'uko **yagiriye neza ingona igahindukira igashaka kumurya.**
4. Muri uyu mwandiko ingona yagaragaje ko mu buzima hari **abantu b'indashima bahemukira ababagiriye neza**
5. Hagati y'umwana n'ingona hari a**makimbirane, ubushyamirane, ukutavuga rumwe ku nyiturano y'ineza.**
6. Icyo umuntu yanenga ibuguma n'ifarasi ni uko **byabogamye mu gukiranura ababyitabaje bigakurikiza akababaro kabyo aho kubanza gusobanuza impamvu z'impaka zari hagati y'umwana n'ingona.**
7. Ibaza ingona ibibazo, Bakame yashakaga gusuzuma **niba ingona isanzwe iziranye n'uwo mwana ngo hagati yabyo habe hari impamvu igaragara yatuma ineza ingona yagiriwe n'umwana ikwiye koko kwiturwa inabi.**
8. Bakame yakemuye **amakimbirane** mu bushishozi n'ubutabera.

## Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 154)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro, gutanga ibitekerezo ku ngingo ijyanye no gukemura amakimbirane no gushima no kunenga abavugwa cyangwa ibivugwa mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo:

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri bavuga muri make ibyo ibikubiye mu mwandiko baheruka.

### Ibisubizo bishobora gutangwa kuri izi ngingo

Umwarimu asomera abanyeshuri ikibazo bajyaho impaka akakibasobanurira kugira ngo bose bacyumve kimwe. Abasaba kujya mu matsinda bagasubiza ibi bibazo bakurikije ibyo babona aho baba.

1. **Mutekereza iki kuri uyu mugani w'umwana n'ingona iyo mwitegereje ibibera aho muba? Mukunze kubona ineza yiturwa inabi cyangwa ineza ikunze kwiturwa ineza? Mutange ibitekerezo n'ingero zifatika zishyigikira ibitekerezo byanyu.**

   Abanyeshuri bahereye ku buzima babamo basanga abantu akenshi bahemukira ababagiriye neza noneho bakabigaya kuko ari ububwa kuba umuntu yagukiza urupfu wowe ugahindukira ugashaka kumwica cyangwa kumwicisha. Banasanga

kandi ari ubugabo, ubutwari se kugirira neza umuntu waguhemukiye cyangwa no kwirengagiza ubuhemu yakugiriye ugakomeza kubana na we nk'aho ntacyabaye. Batanga ingero biboneye cyangwa bumvise zishimangira ibyo bavuze nka gahunda y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge hagati y'abarokotse jenoside yakorewe abatutsi n'abayikoze mu 1994 mu Rwanda. Abarokotse bababariye ababiciye bemera kongera kubana na bo batihoreye ngo na bo babice.

2. **Mwari gukemura mute izi mpaka iyo Busunzu n'umwana bibitabaza ?**
   Uko bari gukiranura Busunzu n'umwana babitangira impamvu zumvikana atari ukuvuga gusa ngo nari gukora iki cyangwa kiriya.

## Igice cya kane: Umwitozo w'ubumenyingiro

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 154)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko basomye, abanyeshuri baraba bashobora gukina imyandiko yasomwe bigana abakinankuru bavugwamo, gukoresha ururimi rw'Ikinyarwanda ataruvangira izindi ndimi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

**Isubiramo:**

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri bavuga muri make ibyo ibikubiye mu mwandiko baheruka.

Mwarimu yicaza abanyeshuri mu matsinda, akabasomera ikibazo babajijwe, akanabaha ibisobanuro bihagije bituma bahimba agakino bahereye ku magambo ingona, umwana, ibuguma, indogobe ishaje ndetse na bakame bivugwa mu mwandiko bajya. Icyo kibazo ni iki:

Muhereye ku nkuru mumaze gusoma, nimuhimbe agakino mwigana ibisimba bivugwa mu nkuru maze mugakinire mu ishuri.

Abanyeshuri bahimba agakino bahereye ku magambo ibisimba bivuga mu mwandiko bakaza kugakina bigana imyitwarire yabyo uko ivugwa mu mwandiko kandi bihinduye nka byo. Umukino nk'uyu utuma banyeshuri batinyuka kuvugira mu ruhame no kuvuga bashize amanga. Ni kandi n'igihe cyo kumenya gutondeka neza ibitekerezo byabo ku buryo bavanamo umwandiko ufite icyo wigisha.

## 6.2. Ikinyazina ngenga (uvuga, ubwirwa, ikivugwa)

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 154)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku nteruro cyangwa umwandiko wiganjemo ibinyazina ngenga, umunyeshuri araba ashobora gutahura ibinyazina ngenga no kubikoresha mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko neza kugira ngo bawiyibutse. Iyo barangije abasomera interuro zakuwe mu mwandiko akabasaba gusubiza ibibazo byazibajijweho.

## Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababaza ibibazo bibafasha gutahura ubwoko bw'amagambo yanditse mu nyunguti z'igikara tsiriri Umwarimu abaza kandi abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina ngenga.

Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo bituma bashobora kwivumburira icyo ikinyazina ngenga ari cyo.
Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereze izi nteruro zakuwe mu mwandiko bamaze gusoma maze akabasaba gusubiza ibibazo bikurikiyeho.

a) Si **ge** wahera.
b) Ntabwo ari **yo**.
c) Umwana ayisanga iri **yonyine** mu gihuru.
d) **Bose** baragushima.
e) Ngaho **mwembi** nimuve mu mazi.
f) Ndumva **twembi** tubyumva kimwe!
g) Ubu ni **wowe** umfiteho ububasha.
h) Ibibando ni **byo** binsohora mu rugo!
i) Ikorere ndebe ni **cyo** nshaka.
j) **Mwebwe** muravuga!

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo

1) **Aya magambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiri ahagarariye ba nde?** Ahagarariye muri rusange, uvuga, ubwirwa, uvugwa, ikivugwa, abavuga, ibivugwa.
2) **Bene ayo magambo yerekana iki mu nteruro?** Yerekana ukora igikorwa k'inshinga.

3) **Aya magambo ni bwoko ki?** Aya magambo ni ibinyazina ngenga.

## Inshoza y'ikinyazina ngenga

**Umwanzuro:** Ikinyazina ngenga ni ijambo rihagarariye uvuga, ubwirwa, ababwirwa, uvugwa, abavugwa n'ibivugwa. Kerekana ukora cyangwa abakora igikorwa mu nteruro. Dore uko biteye:

## Mu nteko ya mbere :

Ngenga ya mbere y'ubumwe ni iy'uvuga: **ge (gewe) ; nge (ngewe).**
Ngenga ya kabiri y'ubumwe ni iy'ubwirwa: **wowe.**
Ngenga ya gatatu y'ubumwe ni iy'uvugwa: **we.**

## Mu nteko ya kabiri:

Ngenga ya mbere y'ubwinshi ni iy'abavuga: **twe** cyangwa **twebwe.**
Ngenga ya kabiri y'ubwinshi ni iy'ababwirwa: **mwe c**yangwa **mwebwe.**
Ngenga ya gatatu y'ubwinshi ni iy'abavugwa: **bo.**

## Uturango tw'ibinyazina ngenga

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda maze akabasa gusubiza ikibazo cyanditse ku kibaho. Mu gukosora, afasha abanyeshuri gutahura uturango tw'ikinyazina ngenga.

**Gereranya izi nteruro ebyirebyiri zikurikira maze uvuge itandukaniro riri hagati y'amagambo azirimo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri.**

a) Ni **bo** bagushima.
b) **Bose** baragushima.
c) Ni **mwe** nsaba kuva mu mazi.
d) Ngaho **mwembi** nimuve mu mazi.
e) **Yo** yari mu gihuru yigunze.
f) Umwana ayisanga iri **yonyine** mu gihuru.
g) **Mwe** muravuga!
h) **Mwebwe** muravuga!

Izi nteruro zigaragaza ko ibinyazina ngenga bishobora kwiyongeraho uduce **-se, -mbi, -nyine, -bwe** . Utu duce twitwa **imisuma.**

## Ibisubizo by'ibibazo

1) **Iyo witegereje usanga imisuma ari iki?** Ni uduce t'amagambo twiyongera ku kinyazina tukongeraho igitekerezo kihariye.
2) **Imisuma yongera iki ku kinyazina ngenga?** Yongeraho ingingo zitandukanye

nk'ikintu kitagira ikindi biri kumwe, nk'umubare kabiri gusa cyangwa urenze kabiri, cyangwa kuba ikintu kitagabanyijeho.

3) **Umaze kwitegereza neza ingero wahawe, usanga ikinyazina ngenga kitwara gite mu nteruro?** Kisanisha n'ijambo gihagarariye mu nteko zose.

### Imisuma

Iyo witegereje usanga imisuma ari uduce tw'amagambo twiyongereye ku kinyazina ngenga tukongeraho igisobanuro kihariye. Iyo kiyongereyeho umusuma -**mbi,** ikinyazina ngenga kiba kivuga **abantu babiri batarenze/ibintu bibiri bitarenze**. Naho iyo, kiyongereyeho umusuma **-se** kiba kivuga **abantu benshi barenze babiri/ ibintu byinshi birenze bibiri.** Umusuma –**nyine** wongera ku kinyazina ingingo isobanura ko **usibye ikivugwa nta kindi kiyongeraho.** Ikindi kigaragara ni uko ikinyazina ngenga kigenda gifata indangasano y'inteko y'izina gisimbura. Ubwo kikisanisha n'amazina yo mu nteko zose.

### Ibiranga ikinyazina ngenga.

Kuba ikinyazina ngenga gishobora guhindura inteko bisobanura ko gihindura akaremajambo kacyo gahagarariye inteko kirimo. Ako karemajambo nta kandi ni **indangasano**. Aka karemajambo gakurikirwa n'igicumbi na cyo kigashobora gukurikirwa n'umusuma. Bityo rero ikinyazina ngenga kikaba gishobora kugira **uturemajambo dutatu**. Buri gihe kagira **indangasano n'igicumbi**. Rimwe na rimwe **hakiyongeraho umusuma** bitewe n'icyo umuntu yashatse kuvuga, nk'uko byasobanuwe hejuru aha. Uturemajambo tw'ikinyazina ngenga n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe biragaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira.

### Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenga.

| Ngenga | Ikinyazina ngenga | Imisuma | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | -we/ bwe | -nyine | -se | -mbi |
| Ng.1bu. | ge (nge) | - | (n)genyine | - | - |
| Ng.1bw. | twe | ngewe | twenyine | twese | twembi |
| Ng.2bu. | wowe | - | wenyine | wese | - |
| Ng.2bw. | mwe) | mwebwe | mwenyine | mwese | mwembi |
| Ng.3 nt.1 | we | - | wenyine | wese | - |
| Nt.2 | bo | - | bonyine | bose | bombi |
| Nt.3 | wo | - | wonyine | wose | - |
| Nt.4 | yo | - | yonyine | yose | yombi |
| Nt.5 | ryo | - | ryonyine | ryose | - |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Nt.6 | yo | - | yonyine | yose | yombi |
| Nt.7 | cyo | - | cyonyine | cyose | - |
| Nt.8 | byo | - | byonyine | byose | byombi |
| Nt.9 | yo | - | yonyine | yose | - |
| Nt.10 | zo | - | zonyine | zose | zombi |
| Nt.11 | rwo | - | rwonyine | rwose | - |
| Nt.12 | ko | - | konyine | kose | - |
| Nt.13 | two | - | twonyine | twose | twombi |
| Nt.14 | bwo | - | bwonyine | bwose | bwombi |
| Nt.15 | ko | - | konyine | kose | - |
| Nt.16 | ho | - | honyine | hose | hombi |

**Imyitozo**

Mu rwego rwo gusuzuma ko abanyeshuri basobanukiwe n'icyo ikinyazina ngenga ari cyo, umwarimu abasaba gukora imyitozo ikurikira. Iyi myitozo ikosorerwa hamwe, aho bigaragaye ko abanyeshuri bafite intege nke, umwarimu akarushaho kuhatsindagira agendeye ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu gice bamaze kwiga. Dore ibibazo byababajijwe n'uko byasubijwe :

A. **Uzuza izi nteruro ukoresheje ikinyazina ngenga gikwiye.**
   1) **Nge** si ko mbyumva.
   2) **Twese** ntawuvuyemo twemeye ibyo utubwiye.
   3) **Gewe** simbyemera maze ndore!
   4) Ari Karori, ari na Karani **bombi** ni abanyamafuti.
   5) Kuki mwaje **mwese** mwa bana mwe imuhira hasigaye nde?
   6) Sigara aho **wenyine** niba udashaka kwifatanya n'abandi!
   7) Si **bo** Mana yacu nibarorere tuzirwanaho.
   8) Ni **mwebwe** mbwira nimuze tugende.
   9) Na **ko** kazane ntugasige.
   10) Kuki mwe mutabikora harabura iki?
   11) Urakire! **Twese!**
   12) Uzi ko **twembi** tuberanye di! Karo?

B. **Himba interuro zawe bwite ukoresheje ibinyazina bikurikira: zonyine, twombi, wo, mwebwe, yose, ho, rwonyine, wose, byose, bwombi.**
   **Ibisubizo bishoboka:**
   1) Si byiza kurya inyama **zonyine**.
   2) Utu twana **twombi** ni utwange.
   3) Umuriro **wo** wazimye kera.
   4) Karori na Kayihigi, **mwembi** muri incuti zange.
   5) Ayo masaka **yose** muyasheshe ejo nzanana andi.

6) Ha handi **ho** baraye bahagurishije.
7) Rwa tukwavu rusigaye **rwonyine** izindi zarapfuye.
8) **Wose** wuzane turawukeneye.
9) **Byose** ni ubusa koko ga Mwungeri wa Nyankaka!
10) Ubwo buhungu **bwombi** mubunzanire mbubaze icyo bupfa.

## 6.3. Porisi y'u Rwanda irakangurira abaturarwanda kwirinda inkongi z'umuriro.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 158)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 160)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri aaba ashobora gusobanura amagambo akomeye, gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Isubiramo**

Umwarimu yibukiranya n'abanyeshuri ingingo baganiriyeho mu mwandiko uheruka. Bamusubiza ko baganiriye ku ngingo yo gukemura amakimbirane. Akomeza ababaza ikibazo nyamukuru cyavugwaga mu mwandiko, bakamusubiza ko ari impaka hagati y'umwana n'ingona ku nyiturano y'ineza wagiriwe. Akomeza ababaza uko ikibazo cyarangiye. Bamusubiza ko Bakame yaje umwana n'ingona bikayisaba kubikiranura, maze yasanga ingona ari yo iri mu makosa igakoresha amayeri yayo umwana akongera akayihambira, Bakame ikamugira inama yo kuyijyana iwabo bakayirya nk'igihano gihabwa abatazirikana ineza bagiriwe. Asoza ababaza icyo Bakame yakoreye uwo mwana wari ugiye kuribwa n'ingona. Abanyeshuri bagombye kumusubiza ko yamutabaye.

**Gusoma**

Nyuma y'ibisobanuro bitangwa n'abanyeshuri ku mashusho ari mu gitabo cyabo, umwarimu ababwira ko bagiye kwiga umwandiko ujyanye na byo maze akabasa kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko.

**Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko «**Porisi y'u Rwanda**

**irakangurira abaturarwanda kwirinda inkongi z'umuriro**». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Nyuma y'iminota yabahaye ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira :

1) **Uyu mwandiko ushingiye kuki ?** Ushingiye ku nkongi z'umuriro zagiye zihitana ubuzima bw'abantu zikanangiza ibintu byinshi.
2) **Izo nkongi z'umuriro zagiye zihoshwa na nde?** Zagiye zihoshwa na porisi y'u Rwanda.
3) **Imaze guhosha izo nkongi yarekeye aho?** Oya.
4) **Yakoze iki?** Yahuguye abaturage ku bijyanye n'ubutabazi bw'ibanze no ku bijyanye no guhangana n'inkongi z'umuriro inabagira inama zatuma bazirinda.

## Gusoma baranguruye

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe, umwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

## Inyunguramagambo

Abanyeshuri barafatanya na mwarimu gusobanura amagambo akomeye bahuye na yo mu mwandiko igihe basomaga bucece. Ayo magambo asobanurwa hakurikijwe uko yakoreshejwe mu nteruro zigize umwandiko. Mu matsinda basanzwe bakoreramo, babanza kongera gusoma umwandiko wose kugira ngo bawiyibutse, banoze n'ibisobanuro bahaye amagambo noneho babone uko babigeza kuri bagenzi babo. Amatsinda adatahiwe kuvuga agenda akurikira ibisobanuro bya bagenzi babo, aho bibaye ngombwa bakabikosora cyangwa bakabyuzuza.

## Amagambo yakomerera abanyeshuri n'ibisobanuro byayo.

a) **Akaga:** Ibyago bikomeye
b) **Bwangu:** Vuba bidatinze
c) **Kwirara:** Kumva ko nta kibazo ushobora kugira ntugire icyo witaho cyangwa utegenya

d) **Iperereza:** Ikurikiranwa ry'ibyabaye habazwa ababibonye biba, hanegeranywa ibimenyetso
e) **Impanuka:** Icyago kiza kidateguje/ gitunguranye
f) **Ubuziranenge:** Ukuba ibintu nta bwandu bifite ari bizima nta we byagirira nabi.
g) **Itadowa:** Agatara gakozwe mu bikombe byavuyemo sositomati, karimo urutambi, katagira ikirahure, gacumba umwotsi mwinshi iyo gacanye
h) **Inkongi:** Umuriro ugurumana
i) **Kubererekera:** Kuvira mu nzira
j) **Kizimyamwoto:** Igikoresho kifashishwa mu kuzimya umuriro
k) **Gukumira:** Kubuza ikintu kuba.
l) **Ikiza:** Icyago giterwa n'imvura nyinshi, izuba ryinshi cyangwa umuyaga mwinshi.
m) **Ubukangurambaga:** Ibiganiro byumvisha abantu ububi bw'ikintu kandi bibakangurira kukirinda.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubira mu matsinda bagakora umwitozo w'inyunguramagambo nyuma bakaza guhuriza hamwe ibisubizo, umwarimu ababafasha kubinonosora.

***Ingero z'interuro bakora mu magambo bahawe.***

a) **Akaga:** Guhisha inzu n'ibiyirimo ni akaga gakomeye.
b) **Kwirara:** Nimwirara ntimuzatsinda.
c) **Bwangu:** Fatisha imbabura bwangu duteke dore burije.
d) **Ubuziranenge:** Nta gicuruzwa kinjira mu Rwanda kitujuje ubuziranenge.
e) **Kubererekera:** Mubererekere abo bahetsi bahite akayira ni gato.
f) **Itadowa:** Turapfuna ibimwira by'umukara kubera umwotsi w'iyi tadowa.
g) **Ubukangurambaga:** Kubera ubukangurambaga bwakoze mu Rwanda, SIDA yagabanyije umuvuduko.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 160)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye, gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Isubiramo**

Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku mwandiko.
Abanyeshuri bari mu matsinda basoma umwandiko banasubiza ibibazo byawubajijweho.

### Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo

Mbere y'uko batangira gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko, mwarimu abanza kubibasomera kugira ngo niba harimo abafite ibibazo bitandukanye byo gusoma bashobore kubyumva, akanabibasobanurira kugira ngo bataza gutandukira mu bisubizo batanga. Agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Ibibazo basabwa gusubiza kuri uyu mwandiko ni ibi bikurikira:

1) **Ni ibihe byago porisi y'Igihugu yahagurukiye kurwanya mu minsi ishize?**
   Mu minsi ishize porisi y'Igihugu yahagurukiye kurwanya inkongi y'umuriro.
2) **Ibyo byago byagiye biterwa n'iki?**
   Byagiye biterwa n'uburangare, ibikoresho bidafite ubuziranenge, abakozi badahugukiwe n'iby'amashanyarazi, ibikoresho bikoreshwa nabi bicomekwamo ibibisumbije imbaraga.
3) **Ubaye ushinzwe kurwanya inkongi z'umuriro, wafasha ute abaturage kugira ngo birinde?**
   Nabagira inama yo kugura za kizimyamwoto, kwiga uko zikoreshwa, gusuzumisha buri gihe ko ari nzima, gufata ubwishingizi bw'inkongi z'umuriro, kutabika ibikomoka kuri peterori mu mazu yabo, kudasiga buji yaka ngo bage kure…
4) **Ni izihe ngamba porisi yafashe mu guhangana n'inkongi z'umuriro?**
   Yashyizeho ishami rishinzwe by'umwihariko kurwanya inkongi no gutabara abari mu kaga, yahuguye abantu mu butabazi bw'ibanze no mu kuzimya inkongi z'umuriro, yashyizeho gahunda yo kugenzura ibijyanye n'ubwishingizi bw'inkongi mu nyubako nini n'into, inyuza ibiganiro kuri radiyo na tereviziyo bikangurira abantu kwirinda, ikora ubukangurambaga mu kwirinda no kurwanya inkongi ahahurirwa n'abantu benshi, haguzwe imodoka zizimya inkongi y'umuriro ziba ku kicaro cya porisi muri buri Ntara hanashyirwaho imirongo ya terefoni y'ubuntu cyangwa yishyurwa yo guhamagara mu gihe hakenewe ubutabazi.
5) **Umuturanyi wanyu agize ibyago agahisha inzu itwitswe n'amashanyarazi nta bikoresho byo kuzimya afite wabyitwaramo ute?**
   Namugira inama yo gukata amashanyarazi mbere yo gutangira kuyizimya, hanyuma tugashaka amazi, umucanga cyangwa ibitaka byumutse tugatera ahafashwe; mu gihe bazimya namutabariza porisi.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 161)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura bimwe mu bijyanye no kwimakaza umuco wo gutabara abari nu kaga no gukorera mu matsinda bavumbura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusesengura umwandiko ni ngombwa ko babanza kongera kuwusoma kugira ngo bashobore kuwiyibutsa.

### Isesengura

Nyuma yo gusoma umwandiko abanyeshuri basesengura ku buryo bwimbitse umwandiko bize, bashaka ingingo z'ingenzi zivugwamo. Basubiza iki kibazo:
Ni izihe ngingo z'ingenzi uyu mwandiko wubakiyeho?

### Ibisubizo bishobora kuva mu matsinda:

Ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko ni izi zikurikira:
- Inkongi z'umuriro zibasiye inyubako mu minsi ishize;
- Icyateye izo nkongi;
- Inama zo kwirinda porisi y'u Rwanda igira abaturage;
- Ingamba za porisi mu rwego rwo gukumira no kurwanya inkongi.

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 161)

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gutanga ibitekerezo ku ngingo ijyanye no kurinda inkongi z'umuriro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri bavuga mu nshamake ibyo bibuka kuri uwo mwandiko.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda, akabasomera ikibazo bunguranaho ibitekerezo, akakibasobanurira kugira ngo bose bacyumve kimwe.

### Ikibazo bunguranaho ibitekerezo:

Ubonye umuntu yagize ikibazo runaka utashobora kukimukuramo wenyine wabigenza ute?

### Ibikorwa by'abanyeshuri

Abanyeshuri bajya mu matsinda buri wese agatanga ibitekerezo bye umwanditsi

abyandika ku rupapuro, nyuma bakaza kubihuriza hamwe bakabifataho umwanzuro wa rusange bafata nk'ibikorwa by'umuhuzabikorwa ushinzwe gutabariza abaturage bahuye n'akaga ku buryo butandukanye.

***Urugero rw'ibitekerezo byafatwa nk'igisubizo bishobora kuva mu matsinda***

- Nagerageza kumenya ikibazo yahuye na cyo.
- Nahamagara abantu bahegereye bakamfasha.
- Nagerageza kubona terefone nkahamagaa inzego bireba.
- Abaye yakomeretse nabanza gushaka uburyo yagezwa kwa muganga.

## 6.4. Malala Yusafuzayi n'imyigire y'abakobwa muri Pakistani

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 161)

### Igice cya mbere: Gusoma no gusobanukirwa umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 163)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Isubiramo**

Mwarimu abanza kwibukiranya n'abanyeshuri ingingo baheruka kuganiraho mu mwandiko baheruka kwiga. Bamusubiza ko ari ingingo ijyana n'ubutabazi ku bantu bahuye n'akaga ko guhisha inzu. Bibukiranya ko ubwo butabazi bwakozwe na porisi y'u Rwanda kandi ko yanagiriye inama abaturage ku buryo bakwirinda izo nkongi z'umuriro.

**Ivumburamatsiko**

Mwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho iri mu gitabo cyabo ahari uwo mwandiko, bakavuga icyo bayibonaho. Ni ishusho y'umukobwa witwikiriye igitambaro gitukura mu mutwe. Mwarimu akomeza ababaza icyatumye iyo shusho ishyirwa mu gitabo. Abanyeshuri basubiza ko uwo mukobwa yaba ari we ugiye kuvugwaho mu mwandiko uyiherekeje.

**Gusoma**

Nyuma y'ibisobanuro bitangwa n'abanyeshuri ku ishusho iri mu gitabo cyabo, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko ujyanye na ryo maze

akabasa kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko bagasoma umwandiko uhari.

### Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko «Malala Yusafuzayi n'imyigire y'abakobwa muri Pakisitani ». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira:

1) **Malala Yusafuzayi ni muntu ki?** Malala Yusafuzayi ni umwangavu w'imyaka 17 waharaniye ko abana b'abakobwa biga mu gihugu ke cya Pakisitani bikamuviramo kuraswa amasasu mu mutwe n'intagondwa y'Umutalibani.
2) **Amaze gukomereka yavurijwe he?** Amaze gukomereka yavurijwe mugihugu cy'Ubwongereza.
3) **Ibikorwa bye byamenyekanye bite?** Yabitangazaga ku rubuga rwa BBC abifashijwemo na se.
4) **Ibikorwa bye yari abihuje na nde?** Yari abihuje n'umusaza w'umuhinde witwaga Kayirashi Satiyariti.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

### Gusoma no gusobanura umwandiko

### Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

| | |
|---|---|
| 1) Abatalibani | a) Umuntu ukomera ku bitekerezo bye akaba atahinduka uko byagenda kose. |
| 2) Akarishye | b) Kuba ukiri muzima utarapfa. |
| 3) Kwihimura | c) Kurwanira. |
| 4) Kurenganura | d) Kugirira nabi umuntu kuko umurusha imbaraga cyangwa ububasha. |
| 5) Intagondwa | e) Abarwanyi bigometse bahanganye na Leta ya Pakisitani. |
| 6) Guhohotera | f) Kwemeza ikintu inshuro irenze imwe. |
| 7) Kubamo akuka | g) Akomeye cyane. |
| 8) Guharanira | h) Gukorera umuntu ikibi wagiriwe kuko utashoboye kugera ku wagikoze. |
| 9) Gushimangira | i) Gukiza umuntu ibyari bimubangamiye, ibimutera ibibazo. |

1. **Huza aya magambo n'ibisobaniro afite mu mwandiko ukoresheje akambi**.

   1=e, 2=g, 3=h, 4=i, 5=a, 6=d, 7=b, 8=c, 9=f,

2. **Gutondeka amagambo ku buryo abyara interuro iboneye.**
   Mu mwanya wo gukora interuro bahereye ku magambo bahawe, mwarimu asaba abanyeshuri gutondeka amagambo bakurikije inyurabwenge ku buryo bakora interuro iboneye. Ayo magambo n'interuro atanga ni ibi bikurikira :
   a) **Ubushobozi-kuko-Umugore-kubonwamo-ntakwiye-buke-na arashoboye-we.**
      Umugore ntakwiye kubonwamo ubushobozi buke kuko na we arashoboye.
   b) **Kwihutira-abana-Umugore-kujyana-abahungu-mu-akwiye-ishuri-baba- cyangwa-abakobwa.**

Umugore akwiye kwihutira kujyana abana mu ishuri baba abahungu cyangwa abakobwa.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 164)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu mamgambo ye bwite, atandukuye interuro ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Isubiramo**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

**Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.
Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.
Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

**Ibibazo byo kumva umwandiko**

umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma bucece umwandiko kugira ngo bashobore gutahuramo igisubizo nyacyo bahitamo muri bitatu byatanzwe. Icyo gisubizo bagihitamo bandika inyuguti ikibanjirije mu ikaye yabo niba ari a. ni yo yandikwa, niba ari b. cyangwa c. ni zo bandika bakurikije inyuguti ikurikiwe n'igisubizo kiri cyo.

**Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo.**

**Hitamo muri ibi bisubizo bitatu biri hasi ikiri cyo maze ucyandike mu ikaye yawe. Igisubizo kiri cyo cyanditse mu kazu.**

1. **Araswa mu mutwe Malala Yusafuzayi:**
   a) Yari afite imyaka 17
   b) Yari afite imyaka 11
   c) Yari afite imyaka 15
2. **Malala Yusafuzayi yazize:**
   a) Kubuza abana b'abakobwa kwiga
   b) Kurwanya amatwara yabuzaga abana b'abakobwa kwiga
   c) Kujya kwiga muri bisi.
3. **Ihohoterwa rivugwa muri uyu mwandiko ni:**
   a) Ukwirukana Abatalibani mu gihugu cyabo cya Pakisitani.
   b) Ukubuza abana b'abakobwa kujya mu ishuri n'abagore kugira akazi ako ari ko kose bakora usibye kuguma mu rugo bakarera abana.
   c) Ukurwanya amatwara y'Abatalibani.
4. **Basenya amashuri, Abatalibani :**

a) Bavugaga ko barwanyaga uburozi bw'abazungu mu bana babo.
b) Bihimuraga kuri se wa Malala wakuraga ibifaranga mu mashuri ye ntabaheho.
c) Bihimuraga ku Banyepakisitani kuko bari barirukanywe mu gihugu cyabo.

**5. Atabariza abana b'abakobwa babujijwe kwiga, Malala Yusafuzayi:**
a) Yabifashijwemo na se na BBC
b) Yabifashijwemo n'abaturage bw'Igihugu ke
c) Yabifashijwemo n'abatanga igihembo kitiriwe Nobeli.

**6. Abatalibani barwanyaga ko abakobwa biga kuko:**
a) Bari bamaze kwirukanwa mu gihugu cyabo n'ingabo za Amerika.
b) Byari mu myemerere yabo.
c) Bari Abanyapakisitanikazi gusa.

7. **Malala Yusafuzayi atangira urugamba rwe yari azi ko :**
a) Abatalibani bamumenye bamwica
b) Azahabwa igihembo kitiriwe Nobeli
c) Abatalibani bazirukanywa mu karere ka Swati.

**8. Igihembo kiruta ibindi Malala Yusafuzayi yahawe ni:**
a) Ugushimwa n'Igihugu ke ko yarwanyije akarengane k'abana b'abakobwa
b) Ikitiriwe Nobeli
c) Ukuba yaragiye kuvurizwa mu Bwongereza.

**9. Igihembo Malala yahawe agikesha kuba:**
a) Yari afite se uzwi wubatse amashuri menshi mu majyaruguru ya Pakisitani.
b) Yararashwe azira guharanira uburenganzira bw'abana b'abakobwa bwo kwiga.

c) Yarahagaritse amashuri ye kugira ngo yifatanye n'abandi bakobwa bari bambuwe ubwo burenganzira.

10. **Igihembo Malala yahawe cyatumye :**
a) Yikenura, akenura n'umuryango we ndetse ashyira n'ibifaranga byinshi kuri konti
b) Ashobora gushyira mu bikorwa umugambi we wo kurenganura abana b'abakobwa
c) Ashobora kugura intwaro zo kwihimura ku Batalibani bari barabamujije uburenganzira bwo kwiga.

## Igice cya gatatu: Gusengura umwandiko.

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 165)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora kuvuga ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko no kwandika mu nshamake ibikubiye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

## Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka kuri uwo mwandiko.

## Ibibazo byo kunguranaho ibitekerezo n'ibisubizo byatanzwe:

**1) Ni izihe ngingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko?**

- Malala Yusafuzayi yaharaniye uburenganzira bw'abana b'abakobwa bwo kujya kwiga muri Pakisitani aho abitwa abatalibani bari barashyizeho amategeko ko nta mwana w'umukobwa ugomba kujya ku ishuri.
- Ibitekerezo bye yabinyuzaga ku mbuga nkoranyambaga.
- Byamuviriyemo kuraswa mu mutwe ariko aratabarwa ajya kuvurizwa mu gihugu cy'Ubwongereza.
- Nyuma yaho yahawe igihembo kitiriwe Nobeli cy'amahoro.

**2) Andika mu nshamake itarengeje imirongo icumi ibivugwa muri uyu mwandiko**.

Malala Yuzafuzayi ni umukobwa wo muri Pakisitani waharaniye uburenganzira bw'abakobwa bwo kwiga mu gihugu ke. Byaje kumuviramo kuraswa n'intagondwa z'Abatalibani babirwanyaga, ku bw'amahirwe aravurwa arakira. Nyuma yaho yahawe igihembo kitiriwe Nobeli cy'amahoro, gihabwa abitangiye abandi.

## Igice cya kane : Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 165)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura bimwe mu bikorwa bijyanye no kurwanya ihohoterwa, kungurana ibitekerezo ku ngingo yo gutabariza abahohoterwa no gushishikarira ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, **inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.**

## Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

**Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabasomera ibibazo bunguranaho ibitekerezo akanabibasobanurira kugira ngo bumve icyo basabwa gukora.

Abanyeshuri bajya mu matsinda bagasubiza ibibazo babajijwe buri wese atanga igitejerezo ke. Ibitekerezo birandikwa hakaza kuvamo umwanzuro wa rusange ari wo ugaragaza ibyo bakora mu kurwanya ihohoterwa bafatiye urugero kuri Malala Yusafuzayi.

**Ibibazo n'ibisubizo bishobora gutangwa ni ibi bikurikira:**

1. **Malala Yusafuzayi ni iki kuri wowe? Icyo wamwigiyeho ni iki?**
   Ni urugero rw'intwari ikiri nto kandi ikiriho kuko yatinyutse gukora ibyo abantu bakuru batari batinyutse. Namufataho urugero mu kurwanira uburenganzira bwange ndamutse mbwambuwe cyangwa mbwimwe.
2. **Ubaye mu gihugu kidashaka ko abana b'abakobwa bajya mu ishuri, gishaka ko abagore baguma mu rugo bagatekera abagabo babo bakanarera abana** wabyitwaramo ute ku myaka yawe ubu?
   Abanyeshuri bose ari abahungu ari abakobwa bahuriza hamwe mu kurwanya iyo mikorere ibangamira uburenganzira bw'umwana w'umukobwa n'ubw'umugore kuko abana bose, abantu bose bagomba kureshya imbere y'amategeko. Basobanura uburyo barwanya iyo mikorere. Bakwitabaza itangazamakuru banyuzamo inyandiko zabo, ariko bagasaba ko amazina yabo adatangazwa, babiganira n'urungano bakabanza kwiyumvisha bose ko ari bibi, bagafatira hamwe ikemezo cyo kubyamagana, mu myigaragambyo ituje, bityo bakaba baharaniye uburenganzira bwabo.

**Umukoro: Guhanga bandika**

**Andika utabariza umwana cyangwa undi muntu wahohotewe n'uko yahohotewe.**

Umwarimu arasomera abanyeshuri ingingo yo guhangaho umwandiko anayibasobanurire.

Buri munyeshuri arandika umwandiko akurikije ibyo bize bijyanye n'ibice bigize

umwandiko.

Mu gukosora umwarimu arebe uko abanyeshuri bubahirije imiterere y'umwandiko n'ireme ry'ibitekerezo batanga.

## 6.5. Ukuri kwa Minani

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 166)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 168)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Isubiramo

Mwarimu asaba abanyeshuri kumwibutsa ikibazo baheruka kuganiraho mu masomo aheruka. Bamusubiza ko baheruka kuganira ku banyeshuri bataje mu kizamini hanyuma bagaha mwarimu impamvu zitari zo na we akabaha ikizamini kigamije kubereka ko ibyo bavuze ari ibinyoma. Akomeza ababaza icyo batekereza ku ngeso yo kubeshya. Abanyeshuri bitewe n'ibibi by'ikinyoma basubiza bamagana ingeso yo kubeshya banabitangira impamvu.

### Ivumburamatsiko

Mwarimu akomeza ababaza abanyeshuri ikinyuranyo cyo kubeshya bakamusubiza ko ari ukuvugisha ukuri. Ababaza hagati yo kuvugisha ukuri no kubeshya icyo bahitamo no kubitangira impamvu. Bashobora kumubwira ko bahitamo kuvugisha ukuri kuko bihesha umuntu amahoro. Hashobora no kubonekamo bake bavuga ko batarwanya ukuri ko ariko rimwe na rimwe biba ngombwa kubeshya kugira ngo umuntu yirengere. Babyunguranaho ibitekerezo mu rwego rwo kureba niba nta kindi cyakorwa mu mwanya wo kubeshya nko gusaba imbabazi, kumvikanisha ko ibyabaye byatewe n'intege nke n'ibindi. Ababwira ko bagiye kurebera hamwe zimwe mu nyungu zo kuvugisha ukuri bityo bakaba bakunda ukuri bafite urugero rufatika bagenderaho. Ubwo abasaba kubumbura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko akabasaba kuwusoma.

### Gusoma

Nyuma y'aka kaganiro agirana n'abanyeshuri, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko ujyanye na ko maze akabasaba kurambura ibitabo byabo aho wanditse bakawusoma.

**Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko «Ukuri kwa Minani». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko.

**Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira :**

1. **Minani ni muntu ki?** Minani ni umukozi w'isosiyete.
2. **Sosiyete bakoreraga yamwohereje he?** Yamwohereje mu mahugurwa.
3. **Ayo mahugurwa yagengwaga n'ayahe mategeko?** Mu gihe arangiye mbere y'isaha yateganyijwe, abakozi bagombaga gusubira ku kazi.
4. **Ayo mategeko yarubahirijwe?** Minani yarayubahirije ariko bagenzi be bayarenzeho baridomokera ntibagaruka ku kazi.
5. **Urugero wafatira kuri Minani ni uruhe? Kubera iki?** Urugero namufatiraho ni ukuba umunyakuri kuko bibyara inyungu.

**Gusoma baranguruye**

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko non-eho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agen-zura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo ba-ruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

**Gusoma no gusobanura umwandiko**

**Inyunguramagambo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri abashakisha amagambo akomeye bakagerageza kuyasobanura. Umwarimu abasaba guhuriza hamwe ibisobanuro byayo akabafasha kubinonosora.

***Urugero rw'amagambo akomeye basobanura:***

1) **Isosiyete:** Ikigo cy'abantu bishyize hamwe bagamije inyungu runaka.
2) **Imishyikirano:** Ukugirana ubwumvikane ku kintu runaka.

3) **Gushinga imizi:** Gukomera.
4) **Irari:** Urukumbuzi rw'ikintu runaka udaheruka.
5) **Gutwikira amakosa :** Guhisha amakosa.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Mwarimu asobanurira abanyeshuri umwitozo bagiye gukora. Bafite interuro ziburamo amagambo, ibyo bigaragazwa n'utudomo dutatu, kandi ayo magambo ari mu mwandiko. Kugira ngo bayavumbure bagomba kubanza gusoma neza izo nteruro. Muri buri nteruro hihishe igisobanuro k'iryo jambo ribura. Hari aho icyo gisobanuro kibanziriza utudomo dutatu, hari n'aho rikurikira utwo tudomo. Abanyeshuri ni cyo babanza gutahura, barangiza bagahiga ijambo mu mwandiko ryahabwa icyo gisobanuro. Ibibazo n'ibisubizo by'uyu mwitozo ni ibi bikurikira:

**Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko kugira ngo ugaragaze ko wayumvise. ( umururumba, agoreka, yararambye, bahanganye, kugubwa nabi, kunyitwaraho umwikomo, guhabwa)**

1. **Uyu mugabo yamazwe n'... ku buryo afite ugushaka gukabije kw'ibintu, n'ibyo abonye ntibimunyura ahora yifuza ibirenzeho.**
   Uyu mugabo yamazwe n'umururumba ku buryo afite ugushaka gukabije kw'ibintu, n'ibyo abonye ntibimunyura ahora yifuza ibirenzeho.

2. **Uyu we buri gihe ... ibintu abiha ku bushake igisobanuro bidafite mu by'ukuri.**
   Uyu we buri gihe agoreka ibintu abiha ku bushake igisobanuro bidafite mu by'ukuri.
3. **Urebye igihe kirekire yari amaze uyu musaza ...**
   Urebye igihe kirekire yari amaze uyu musaza yararambye.
4. **Reka ... ngo ni uko navuze ko ari wowe wibye amafaranga y'abandi.**
   Reka **kunyintwaraho umwikomo** ngo ni uko navuze ko ari wowe wibye amafaranga y'abandi.
5. **Ukuri kugomba ... maze ikinyoma kigakubitirwa ahakubuye.**
   Ukuri kugomba guhabwa intebe ikinyoma kigakubitirwa ahakubuye.
6. **Kubera kutumva ibintu kimwe, aba bagabo bahora ...**
   Kubera kutumva ibintu kimwe, aba bagabo bahora bahanganye.
7. **Kurya ibiryo bidafite ubuziranenge byamuteye ...**
   Kurya ibiryo bidafite ubuziranenge byamuteye **kugubwa nabi.**

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 169)

**Intego zihariye:**

Ahereye ku mwandiko yasomye, umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo ye bwite atandukuye interuro ziri mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Isubiramo

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.
Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

### Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye.

Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

### Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka.

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko wose kugira ngo bawiyibutse, barangiza bagasubiza ibibazo bikurikira.

1. **Minani atangira akazi yari mu kihe kigero?**

   Yari afite imyaka 18.

2. **Yakoraga iki?**

   Yimenyerezaga akazi kandi agakurikirana amahugurwa ajyanye n'ibyo akora.

3. **Yagenderaga ku yihe ngengabihe?**

   Iminsi ibiri mu cyumweru yagombaga gukurikirana amahugurwa, indi minsi agakora akazi gasanzwe. Gusa iyo amahugurwa yabaga arangiye kare, yagombaga gusubira ku kazi aho gutaha cyangwa ngo yigire mu bye.

4. **Umuyobozi ushinzwe amahugurwa aje ku kazi yavumbuye iki?**

   Yahasanze Minani wenyine abandu bajyanye mu mahugurwa badahari.

5. **Minani yitwaye ate mu bibazo yabajijwe n'umuyobozi we?**

   Yavugishije ukuri ku bimureba, amusobanurira ko amahugurwa arangiye we yagarutse ku kazi nk'uko abisabwa n'amategeko ikigo kigenderaho. Yirinze kugira icyo avuga ku bya bagenzi be asaba ko ari bo babyisobanurira.

6. **Imyitwarire ya Minani yamugiriye akahe kamaro?**

   Yatumye umutima utamucira urubanza, umukoresha we yamugiriye ikizere, amuhindurira urwego rw'akazi, igihe kigeze amuha umwanya w'ubuyobozi, amushimira ukuvugisha ukuri kwe kandi amwumvisha ko kuvugisha ukuri kwe ari byo akesha umwanya arimo.

7. **Umuntu w'umunyakuri agaragara ate mu bandi?**

   Arizerwa, akavugwa neza kandi ibyo aganiriye na bo bakabyumva vuba n'imishinga ateganya igashyigikirwa kandi igatanga umusaruro.

8. **Ni iki gitera abantu kubeshya?**

   Abantu babeshya kubera umururumba n'irari bishingiye ku bwikunde, ku gushaka gukira vuba, kugira ububasha, cyangwa kuzamuka mu nzego badakwiriye. Abantu kandi batinya ko baramutse bavugishije ukuri byabagwa nabi cyangwa bigatuma abandi babibazaho, bakareka kubakunda cyangwa kubemera maze icyo kifuzo cyo gushaka gushimisha abantu kigatuma bagoreka ukuri, kugira ngo batwikire amakosa yabo, bahishe ibintu bidashimishije byababayeho, bashaka kugaragara neza mu maso y'abantu.

## Igice cya gatatu: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 169)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura bimwe mu bikorwa bijyanye no kuvugisha ukuri.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

**Isubiramo:**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku isomo riheruka
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Mwarimu asomera abanyeshuri ikibazo akanakibasobanurira amaze kubashyira mu matsinda.

**Ikibazo: Hari aho wari wahura n'ikibazo ukumva ari ngombwa ko ubeshya?**

Kugira ngo abanyeshuri bisuzume kandi bacike ku ngeso yo kubeshya ikunze

kubagaragaraho, umwarimu abasaba gutekereza kuri ibi bibazo bahawe mu rwego rwo kugira ngo binenge kandi bafate imigambi mishya yo kwimika umuco wo kuvugisha ukuri.

Buri munyeshuri avuga impamvu atanga harimo iz'ukuri n'izibeshya hanyuma bagenzi be bakagira icyo bazivugaho. Iz'ibinyoma barazamagana kuko kubeshya ari icyaha. Iz'ukuri barazishima bagashima na nyiri ukuzitanga. Biyemeza kujya bavugisha ukuri kuko ikinyoma kibabaza ukibwiwe cyane cyane iyo ari umurezi ugamije gucengeza mu bo arera indangagaciro zigamije kubaka umuntu muzima.

Bitewe n'uko abanyeshuri babana na mwarimu buri munsi, baba banitegereza imyifatire ye n'imyitwarire ye mu bihe binyuranye. Nta kuntu batabona ko mwarimu wabo ababazwa n'uko abanyeshuri bamubeshya, kandi rimwe na rimwe agahana abo yatahuyeho iyo ngeso mbi mu rwego rwo kubagorora ngo bayicikeho.

Nk'umwarimu ashobora kureka umunyeshuri akiga ariko nyuma akazakurikirana ukuri kuri mu byo yabwiwe, yasanga ari ibinyoma umunyeshuri akabihanirwa amaze kugirwa inama. Umwarimu ni umurezi kandi umurezi ni ugorora si ugoreka. Ingeso mbi yatahuye ku wo arera aba agomba kuyimwereka, akamusobanurira ahabi imuganisha kandi akamugirira inama yo guhinduka ava ahabi agana aheza.

## Igice cya kane: Kujya impaka

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 169)

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora kurondora inyungu zo kuvugisha ukuri n'imbogamizi zo kubeshya, kujya impaka ku ngingo ijyanye no kuvugisha ukuri, no gushishikarira kuvugisha ukuri no kubishishikariza abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Umwarimu abwira abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga mu nshamake ibikubiye mu mwandiko baheruka gusoma. Mwarimu asomera abanyeshuri ikibazo bajyaho impaka akanakibasobanurira. Icyo kibazo ni iki gikurikira:

### Kujya impaka

### Insangamatsiko zo kujyaho impaka :

Ari wowe Minani wari kumusubiza iki? Wari kubeshya cyangwa wari kuvugisha ukuri maze bagenzi be bagahura n'ingorane bigatuma bakwitwaraho umwikomo

kuko wabareze? Kutavugisha ukuri se byo byari bikwiye?

Abanyeshuri bamwe basanga rimwe na rimwe kubeshya biba ngombwa kugira ngo umuntu yikize, abandi bakagaragaza ko nta mpamvu yo kubeshya ko ari bibi, bakaza kugera ku mwanzuro wo kuvugisha ukuri kuko harimo inyungu nyinshi. Bakagaruka ku byabaye kuri Minani nk'urugero rufatika rushimangira ibyo bavuga. Ubwo kubeshya bakabyamagana kuko nta nyungu bitewe n'uko iyo umuntu abifatiwemo atakaza ikizere mu bantu, nk'umunyeshuri akaba yahanwa, yakwirukanwa se n'ibindi.

Mu rwego rwo kwereka abanyeshuri ububi bw'ikinyoma, no kubafasha gufata umwanzuro wo kubicikaho burundu, mwarimu ashobora kubasangiza agakuru kajyanye n'ububi bwo kubeshya.

## 6.6. Ikinyazina ndafutura

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 170)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku nteruro cyangwa umwandiko byiganjemo ibinyazina ndafutura, abanyeshuri baraba bashobora gutahura mu mwandiko ikinyazina ndafutura, kuvuga inshoza y'ikinyazina ndafutura, gusesengura ikinyazina ndafutura agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi no gukoresha uko bikwiye ikinyazina ndafutura mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko neza kugira ngo bawiyibutse. Iyo barangije abasomera interuro zakuwe mu mwandiko akabasaba gusubiza ibibazo byazibajijweho.

### Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Umwarimu abaza kandi abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina ndafutura.
Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo ahari uwo mwandiko bituma bashobora kwivumburira icyo ikinyazina ndafutura ari cyo.

**Itegereze izi nteruro zakuwe mu mwandiko umaze gusoma maze usubize ibibazo wabajijwe.**

1) Bajyagayo iminsi ibiri mu cyumweru **indi** minsi bakajya ku kazi gasanzwe.
2) **Izindi** mpamvu zitera kubeshya ni ugushaka gukira vuba no kugira ububasha.

3) **Andi** makosa aba agamije gutuma bagaragara neza mu maso y'abantu.
4) **Abandi** banyeshuri barisohokeye bajya kwinezeza.

### Ibibazo

1) **Aya magambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri ahuriye ku kihe gitekerezo?**
   Aherekeje izina ariko ntasobanura ku buryo bwumvikana ibivugwa.
2) **Aya magambo ni bwoko ki?**
   Bene aya magambo ni ibinyazina ndafutura.

### Inshoza y'ikinyazina ndafutura

Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n'izina ariko ntirisobanure ku buryo bwumvikana uvugwa, abavugwa cyangwa ibivugwa.

### Amoko y'ibinyazina ndafutura

| Ikinyazina ndafutura **kigufi** | Ikinyazina ndafutura **kirekire** |
|---|---|
| **Indi** minsi bajyaga ku kazi gasanzwe. | **Izindi** mpamvu zitera kubeshya ni ugushaka gukira vuba no kugira ububasha. |
| **Andi** makosa aba agamije gutuma bagaragara neza mu maso y'abantu. | **Abandi** banyeshuri barisohokeye bajya kwinezeza. |

Abanyeshuri bamaze kwitegereza izi nteruro, bayobowe na mwarimu, batahura ko ibinyazina ndafutura birimo amoko abiri : ibinyazina ndafutura bigufi n'ibinyazina ndafutura birekire. Imbonerahamwe ikurikira irabyerekana.

### Uturango n'intego y'ikinyazina ndafurura mu mbonerahamwe.

| **Inteko** | **Ikinyazina ndafurura kigufi** | **Ikinyazina ndafurura kirekire** |
|---|---|---|
| nt.1 | undi | uwundi |
| nt.2 | - | abandi |
| nt.3 | undi | uwundi |
| nt.4 | indi | iyindi |
| nt.5 | - | irindi |
| nt.6 | andi | ayandi |
| nt.7 | - | ikindi |
| nt.8 | - | ibindi |
| nt.9 | indi | iyindi |
| nt.10 | - | izindi |
| nt.11 | - | urundi |
| nt.12 | - | akandi |

| | | |
|---|---|---|
| nt.13 | - | utundi |
| nt.14 | - | ubundi |
| nt.15 | - | ukundi |
| nt.16 | - | ahandi |

Imiterere rusange y'ikinyazina ndafutura kigufi ni RS+C, naho iy'ikinyazina ndafutura kirekire ni D+RS+C. Igicumbi k'ikinyazina ndafutura ni –ndi. RS bisobanura indangasano, C ni igicumbi naho D ni indomo.

### Imyitozo

Mu rwego rwo gusuzuma ko abanyeshuri basobanukiwe n'ibyo bize ku kinyazina ndafutura, umwarimu abasaba gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:

Gukoresha ibi binyazina ndafutura mu nteruro abanyeshuri bihimbiye: undi, indi, ayandi, ahandi, ukundi, iyindi, andi, akandi, ubundi, urundi.

a) **Undi** munsi tuzahuriraho ni ku wa kabiri.
b) **Indi** minsi ntabwo mboneka.
c) **Ayandi** magambo muyareke nta cyo amaze.
d) Usibya hano ahandi hose harafunze.
e) **Ukundi** kuboko kurarwaye.
f) **Iyindi** mishyikirano ni umwaka utaha.
g) Zana **andi** matafari ayo nari mfite nayamaze.
h) Urashaka akandi gatabo ngo nkakugurire?
i) **Ubundi** buryo ntibushoboka.
j) **Urundi** rugi si ngombwa.

## 6.7. Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 172)

## Igice cya mbere: Gusoma no gusobanua umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye, gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusesengura umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

**Ivumburamatsiko**

Ahereye kuri icyo gisubizo cya nyuma, umwarimu yereka abanyeshuri igishushanyo kiri mu gitabo cyabo ahari uwo mwandiko akabasaba kumubwira icyo babonaho. Hariho umwami ufashe umwana, imbere ye hahagaze abagore babiri abaza nyina w'umwana uwo ari we. Akomeza ababaza ku bwabo uwo basanga ari we nyina w'umwana. Bamusubiza ko bigoye guhita umuntu amumenya bitewe n'uko bombi bashobora kuba baramubyaye. Umwarimu akomeza ababaza impamvu y'iki gishushanyo. Bashobora kumusubiza ko cyaba kivuga ko umwami agomba gukiranura aba bagore babiri aha umwana uri nyina w'ukuri, ubwo umwami akaba asabwa kubakiranura. Kimwe n'uko bashobora kumubwira ko batabizi. Ku basobanuye ko umwami asabwa gukiranura abo bagore, akomeza abaza icyo umwami ashingiraho n'icyo araba yubahirije. Bamusubiza ko umwami ashingira ku kuri kugira ngo abe yubahirije ubutabera. Kugira ngo barusheho gusobanukirwa, abasaba kurambura ibitabo byabo ahari uwo mwandiko akabasaba kuwusoma.

**Gusoma**

Nyuma y'ibisobanuro bitangwa n'abanyeshuri ku ishusho iri mu gitabo cyabo, umwarimu ababwira ko bagiye kwiga umwandiko ujyanye na byo maze akabasaba kurambura ibitabo byabo kuri urwo rupapuro bagasoma umwandiko uhari.

**Gusoma bucece**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko « Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo basome umwandiko bucece, umwarimu abasaba gufunga ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira :

a) **Umwami uvugwa mu mwandiko ni nde?** Ni Salomoni.
b) **Aravugwaho iki?** Aravugwaho gukiranura abagore babiri baburanaga umwana.

**Gusoma baranguruye**

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umuwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we. Ntabwo yibanda kuri bamwe kuko byaca abandi intege. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko

ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

**Kumva no gusobanukirwa umwandiko**

**Inyunguramagambo**

Abanyeshuri barafatanya na mwarimu gusobanura amagambo akomeye bahuye na yo mu mwandiko igihe basomaga bucece. Ayo magambo asobanurwa hakurikijwe uko yakoreshejwe mu nteruro zigize umwandiko. Babanza kongera gusoma umwandiko wose kugira ngo bawiyibutse, banoze n'ibisobanuro bahaye amagambo noneho babone uko babigeza kuri bagenzi babo. Amatsinda adatahiwe kuvuga agenda akurikira ibisobanuro bya bagenzi babo, aho bibaye ngombwa bakabikosora cyangwa bakabyuzuza. Mwarimu nk'umufasha, abunganira anoza cyangwa yuzuza inyito batanze, kugira ngo barusheho kuzumva neza no gukoresha amagambo baba bungutse ku buryo bukwiye. Ashobora kandi kubabaza ku magambo batavuze ariko we abona ko yabakomerera. Iyo asanze batazi icyo asobanura abafasha kubitahura yifashishije interuro, inkuru, amashusho, ibigereranyo, imbusane, imvugakimwe,... Muri uyu mwandiko, ingero z'amagambo yakomera abanyeshuri n'ibisobanuro byayo ni izi zikurikira :

1) **Kubogama:** kwirengagiza ukuri kubera kumenyana cyangwa kugirana isano n'uwakoze icyaha
2) **Gushishoza:** gutekereza mbere yo gufata ibyemezo
3) **Gushyira mu gaciro:** gukora igikwiye ikidakwiye ukakireka
4) **Guhengera:** gukora ikintu uko umwanya ubonetse
5) **Intabera**: umunyakuri, ukurikiza ukuri kw'ibintu, intabogama

**Umwitozo w'inyuguramagambo**

Kugira ngo abanyeshuri berekane ko bumvise amagambo bamaze gushakira ibisobanuro ni uko baba bashobora kuyakoresha mu nteruro mbonezamvugo. Ni umwanya wo gukoresha amagambo bungutse mu nteruro iboneye nk'uko babisabwa. Interuro zishoboka ni nk'izi:

a) **Kubogama:** Ubutabera busaba ukiranura abafitanye ibibazo kwirinda kubogama.
b) **Gushishoza:** Banza ushishoze mbere yo kwemeza ufite ukuri.
c) **Gushyira mu gaciro:** Kugira ngo babashe gukemura ibibazo by'abaturage abayobozi baba bagomba bushyira mu gaciro.
d) **Guhengera:** Ahengereye ndeba hirya ampishira ikaye.
e) **Intabera:** Dusabwa kuba intabera nk'uko Imana ari intabera.

## Igice cya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174)

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku burenganzira bw'umwana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**Isubiramo**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka mu mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

**Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.

Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

**Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo bishoboka**

Mbere y'uko abanyeshuri batangira gusubiza, umwarimu abanza kubasomera ibi bibazo kugira ngo niba harimo abafite ibibazo bitandukanye byo gusoma bashobore kubyumva, akanabibasobanurira kugira ngo bataza gutandukira mu bisubizo batanga. Agenda abayobora kugira ngo batange ibisubizo byuzuye. Ibibazo basabwa gusubiza kuri uyu mwandiko n'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:

1) **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**
   Abagore babiri baburana umwana, abana babo babiri, umuzima n'uwapfuye, umwami Salomoni n'abaturage batumiwe mu birori.
2) **Ikibazo gihari ni ikihe?**
   Umugore umwe mu babana mu nzu yaryamiye umwana we arapfa abibonye aramufata amushyira mu mwanya wa mugenzi we atwara uwe. Uwaguraniwe umwana yaje kuregera umwami Salomoni ngo amurenganure amusubize umwana we.
3) **Umwami yitwaye ate mbere yo gukemura ikibazo?**
   Yarabanje atega amatwi ikirego n'uko abagore bombi baterana amagambo.
4) **Yavumbuye ate ubeshya n'uvugisha ukuri?**
   Yategetse ko bazana inkota umwana bakamusaturamo ibipande bibiri bakamugabanya abo bagore bombi buri wese agatwara igipande. Nyina w'umwana yaratakambye asaba umwami kutamwicira umwana ko ahubwo yamuha uwo mugore wundi akamujyana ari muzima. Utari nyina w'umwana yasabye ko

bamusaturamo kabiri bakamuhomba bombi. Kuri ibyo bisubizo ni ho yamenyeye nyina w'umwana (uvugisha ukuri) n'utari we (ubeshya).

5) **Ubutabera bugaragarira he?**
   Bugaragarira aho umwana yahawe nyina aho kwicwa nk'uko uwamwibye yari yabyifuje.

## Igice cya gatatu: Gusesengura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no kuvuga isomo akuye mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Isubiramo:

Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

### Gusoma umwandiko

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.

Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

Umwarimu arasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Barabisoma mu ijwi riranguruye banabyandike ku kibaho kugira ngo n'abatumva babisome.

### Ibibazo n'ibisubizo

1. **Vuga ingingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko.**
   a) Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni.
   b) Abagore babiri baburana umwana imbere ya salomoni.
   c) Salomoni agaragaza ubushishozi.
   d) Salomoni akiza urubanza gaha umwana nyirawe.
2. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

   Inama: Guharanira ubutabera n'ubushishozi

## Igice cya kane: Kungurana ibitekerezo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, umunyeshuri azaba ashobora gutanga ibitekerezo bye mu ruhame.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

### Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.
Urugero rw'ibibazo yabaza:
Ni irihe somo duheruka kwiga?
Duheruka gusesengura umwandiko."

### Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye insanganyamatsiko yunguranwaho ibitekerezo, akanabasaba kuyandika ku kibaho kugira ngo n'abatumva bayisome.

### Insanganyamatsiko:

Muri iki gihe tugezemo mwakwitabaza ubuhe buryo kugira ngo mukemure iki kibazo aba bagore bombi bari bafitanye?

### Ibitekerezo byatangwa kuri iki kibazo:

Ikibazo nk'iki ubundi kijyanwa mu rukiko. Hari uburyo bwo gukurikirana ibibazo bijyanwa mu nkiko.

Abanyeshuri bakwitabaza mu gukemura bene iki kibazo cyabaye batari aho cyabereye: hari ugusaba buri wese gutanga ibimenyetso bigaragaza ko umwana ari uwe koko hanyuma bigasuzumwa kugira ngo hagaragare uvuga ukuri; hari ugupimisha amaraso y'umwana n'ay'abavuga ko bamubyaye bagamije kureba uwo bahuza ngo abe ari we bamuha; hari ugushyikiriza umucamanza amakuru yose babonye akaburanisha uregwa n'urega agakemura impaka.

## Igice cya gatanu: Gushaka irindi herezo ry'inkuru

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 174)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iki gice umunyeshuri araba ashobora kuvuga irindi herezo rishoboka ry'umwandiko yasomye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka kuri uwo mwandiko.

### Gushaka irindi herezo ry'inkuru

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri akabasaba kujya mu matsinda ya banebane bakacyunguranaho ibitekerezo.Iyo barangije bungurana ibitekerezo bakumvikana ku iherezo ryashoboka umwarimu akabafasha kubinonosora.

**Ikibazo:** Tekereza maze uvuge ubundi buryo umwandiko washoboraga kurangira butandukanye n'ubwo yarangiyemo.

### Urugero rw'irindi herezo rishoboka:

Umwami yashoboraga kwibeshya akamuha utari we.
Umugore wibye umwana bashoboraga kumufunga,…

### Umukoro wo gukina bigana

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ikibazo cyo gukina bigana kiri mu gitabo cy'umunyeshuri, akanabasaba kucyandika ku kibaho kugira ngo n'abatumva bagisome.

### Ikibazo:

Muhimbe agakinamico, muteganye umwami ushyikirizwa ikirego n'abagore babiri bari kuburana umwana. Umwami arashyikirizwa ikirego n'umwe mu bagore, ahamagaze mugenzi we hanyuma baburane.

Mu guhimba agakinamico, abanyeshuri bateganya umwami ushyikirizwa ikirego n'abagore babiri n'u mwana bari kuburana. (Si ngombwa ko bajya gushaka umwana koko ahubwo umunyeshuri umwe yigira umwana.) Umukino urangira urubanza rusomwa, nyina w'umwana amwegurirwa naho uwashakaga kumwiba ahabwa igihano nk'uko amategeko abiteganya. Umwarimu agenda abayobora ku buryo umukino wabo utungana nk'aho haba hari ababuranyi mu rukiko n'abaje gukurikirana urubanza. Ikigamijwe ni ukuraba uko ababuranyi bafata ijambo, uko bavuga mu mvugo igamije kwemeza ko buri wese afite ukuri agerageza kugaragariza icyubahiro umwami.

## Igice cya gatandatu: Ikinyazina ngenera

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 175)

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki gice, umunyeshuri azaba ashobora gutahura mu mwandiko ikinyazina ngenera, kuvuga inshoza y'ikinyazina ngenera no gukoresha ikinyazina ngenera mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ikibonezamvugo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

### Isubiramo

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko neza kugira ngo bawiyibutse. Iyo barangije abasomera interuro zakuwe mu mwandiko akabasaba gusubiza ibibazo byazibajijweho.

### Isesengura

Umwarimu abwira abanyeshuri gusubira mu matsinda yabo. Ababaza ibibazo bibafasha kugaragaza uturemajambo tw'amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiri no kugaragaza amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa. Umwarimu abaza kandi abanyeshuri ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina ngenera, uturemajambo twacyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Abanyeshuri basubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo bituma bashobora kwivumburira icyo ikinyazina ngenera ari cyo. Ibyo bibazo ni ibi:

**Soma izi nteruro zikurikira usobanure isano iri hagati y'amagambo ahuzwa n'utujambo twanditse mu nyuguti z'umukara tsiri.**

### Ibibazo n'ibisubizo:

a) Umuhungu w'uyu mugore yapfuye azize ko nyina yamuryamiye.
Aha, isano ni uko uyu mugore ari we **nyiri** umwana. Ni **uwe** yaramwibyariye.

b) Kera habayeho umwami w'igihangange **wo** mu Bayisiraheli akitwa Salomoni.
Aha, isano ni uko umwami ari igihangange.Ni wo **mwihariko** we. Ikindi yihariye ni **aho abarizwa.**

c) Salomoni yari yarahawe n'Imana imirimo **yo** kuyobora rubanda.
Aha isano ni icyo gisobanura k'imirimo yashinzwe ari yo yo kuyobora rubanda.

d) Imana yari yaramuhaye impano **yo** kuba intabera.
Aha isano ni icyo gisobanuro k'impano ye ari byo kugira iyo myitwarire y'intabera.

e) Abaturage **ba** Salomoni bamenye uko yakijije urwo rubanza barabimwubahiye cyane.

Aha isano ihari ni uko Salomoni ababereye umuyobozi na bo bakaba abe.

1. **Bene aya magambo yitwa ngo iki?** Yitwa ibinyazina ngenera.
2. **Iyo uyitegereje usanga yitwara ate mu nteruro cyanecyane ku mpera zayo?** Iyo uyitegereje usanga aherwa n'inyajwi ebyiri a cyangwa o, ubundi inyajwi ihera igakatwa.
3. **Ibyo biba gihe ki?** Ikinyazina ngenera giherwa na a iyo gihuza amazina abiri cyangwa izina n'ikinyazina nyamubaro, kigaherwa na o iyo gihuza izina n'inshinga idatondaguye (imbundo), cyangwa iyo gihuza izina n'itsinda ry'amagambo ritangiwe n'indangahantu mu cyangwa ku. Inyajwi ihera ikinyazina ngenera ikatwa iyo gikurikiwe n'ijambo ritangirwa n'inyajwi.

### Inshoza y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera ni ijambo rigaragaza nyiri ikintu, nyiri ahantu, nyiri umuntu cyangwa nyiri igikorwa. Rihuza amazina abiri agaragaza iyo sano kandi yuzuzanya cyangwa izina n'inshinga iri mu mbundo byuzuzanya, izina n'ikinyazina nyamubaro, cyangwa izina n'itsinda ry'amagambo ritangirwa n'indangahantu. Iyo witegereje ikinyazina ngenera usanga gishobora guherwa n'inyajwi ebyiri :–**a** na -o. Giherwa na a iyo gihuza amazina abiri cyangwa izina n'ikinyazina nyamubaro, kigaherwa na o iyo gihuza izina n'imbundo cyangwa izina n'itsinda ry'amagambo atangirwa n'indangahantu. Iyo gikurikiwe n'ijambo ritangirwa n'inyajwi, inyajwi yacyo irakatwa.

### Imiterere y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera kigira ibice bibiri: igicumbi n'indangasano ihinduka uko inteko y'ijambo ikinyazina giherekeje ihinduka. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uturemajambo twacyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

| **Inteko** | **Ibinyazina** | | **Ingero** |
|---|---|---|---|
| | Ibiherwa na **a** | Ibiherwa na **o** | |
| nt.1 | wa | wo | Nyina w'umwana. Umwana wo konsa. |
| nt.2 | ba | bo | Abaturage ba Salomoni. Abaturage bo kuyobora. |
| nt.3 | wa | wo | Umurimo wa Salomoni. Umwenda wo guhingana. |
| nt.4 | ya | yo | Imirimo ya Salomoni. Imirimo yo kuyobora abaturage. |
| nt.5 | rya | ryo | Itegeko rya Salomoni. Itegeko ryo gukata umwana mo kabiri. |
| nt.6 | ya | yo | Amagambo y'abagore. Amategeko yo gukurikiza. |
| nt.7 | cya | cyo | Igihugu cy'Abayisiraheli. Icyaha cyo kwiba umwana. |
| nt.8 | bya | byo | Ibirori bya buri mwaka. Ibirori byo kwakira abashyitsi. |
| nt.9 | ya | yo | Inkota ya Salomoni. Impano yo kuba intabera. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| nt.10 | za | zo | Imanza za hato na hato. Imanza zo mu cyaro. |
| nt.11 | rwa | rwo | Urubanza rwa mbere. Urubanza rwo muri Bibiliya. |
| nt.12 | ka | ko | Akababaro k'umubyeyi. Akana ko mu jisho. |
| nt.13 | twa | two | Utunono tw'inyana. Utuyuzi two mu rubibi. |
| nt.14 | bwa | bwo | Ubuhanga bwa Salomoni. Uburyo bushya bwo guca imanza. |
| nt.15 | kwa | ko | Ukuri kwa Salomoni. Ukwezi ko guca imanza. |
| nt. 16 | ha | ho | Ahantu ha kane. Aheza ho gutura. |

**Imbonerahamwe y'ibinyazina ngenera**

**Imyitozo**

Mu rwego rwo gusuzuma ko abanyeshuri basobanukiwe n'ibyo bize ku kinyazina ngenera, umwarimu abasaba gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo.

**Ibibazo babajijwe n'ibisubizo byabyo ni ibi bikurikira:**

1) Ongera usome uyu mwandiko maze utahure ibinyazina byose wize birimo ubyuzuze mu mbonerahamwe ikurikira.
2) Kora interuro iboneye wifashishije ibi binyazina wavumbuye mu mwandiko.

| Ikinyazina nyereka | Ikinyazina ndafutura | Ikinyazina ngenga | Ikinyazina ngenera |
|---|---|---|---|
| Uyu<br>iri<br>uwo<br>wa<br>urwo | Uwundi<br>undi<br>ikindi | We<br>byo<br>wowe<br>mwe | Wa<br>wo<br>yo<br>ba |
| - **Uyu** mugabo aracumbagira.<br>- **Iri** shusho ni rinini.<br>- **Uwo** muhungu yaberewe.<br>- **Wa** mwana yasinziriye atariye.<br>- Mpereza **urwo** rukiza ninywesehereze amazi. | - **Uwundi** munsi duhisemo ni uwo kuwa mbere.<br>- **Undi** muti nzawufata ngeze imuhira.<br>- Zana **ikindi** kibiriti kino cyashize. | - Na **we** mubwire aze.<br>- Na **byo** ndabishaka.<br>- **Wowe** ubigenzemo ute?<br>- **Mwe** sinzi aho mwanyuze. | - Ntukigire nk'umwana **w'**ingayi.<br>- Nahuye na Karori **wo** kwa Rugamba.<br>- Yaguze isuka **yo** guhinga ibikoro.<br>- Nimuze bana **ba** mama twigendere. |

**Ibisubizo ni ibi bikurikira:**

3) Tondeka neza aya magambo ku buryo ukora interuro iboneye:
   abaturage ibikoresho by'Porisi inama kuzimya yo gutunga Rwanda ibanze igira y'u byo inkongi.

Porisi y'u Rwanda igira inama abaturage yo gutunga ibikoresho by'ibanze byo kuzimya inkongi.

## 6.6. Umwandiko: Mahoro Keziya yandikiye Rukundo

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 178)

## Igice cya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 179 )

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo bijyanye n'ibaruwa yasomye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo.

### Ivumburamatsiko

Umwarimu yereka abanyeshuri igishushanyo kiri mu gitabo cyabo akababaza icyo babonaho. Bamusubiza ko babonaho umunyeshurikazi wambaye ikanzu ya kotoni uri kwandika ibaruwa. Ku rupapuro amaze kwandikaho umwirondoro we mu ruhande rw'ibumoso ahagana hejuru. Akomeza ababaza icyo ibyo bisobanura. Bamusubiza ko uyu mwana w'umukobwa arimo kwandika ibaruwa.

### Gusoma

Nyuma y'ibisobanuro bitangwa n'abanyeshuri ku ishusho riri mu gitabo cyabo, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibaruwa akabasa kurambura ibitabo byabo ahari ibaruwa bakayisoma.

### Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko « Mahoro Keziya yandikiye Rukundo ». Abasaba kudahwihwisa no kudashyira urutoki mu byo basoma ngo abe ari rwo bakurikira no kutunamiriza mu byo basoma kubera impamvu bazi. Abasaba kandi gusoma bumva ibyo basoma no gutegura ibyo bari busobanuze. Ibyo ni byo bituma batahura amagambo batumva bagafatanya kuyashakira ibisobanuro baza gutanga mu gice k'inyunguramagambo. Nyuma y'iminota yahaye abanyeshuri ngo

basome ibaruwa bucece, umwarimu abasaba kubumba ibitabo byabo, akababaza ibibazo byo gusuzuma niba basomye koko. Ibyo bibazo ni nk'ibi bikurikira:

1. **Uyu mwandiko uravuga iki?** Umwandiko uravuga amakuru Mahoro Keziya ageza kuri Rukundo.
2. **Ayo makuru ni ayahe?** Ni uko azaza kumusura ku wa kane nimugoroba.
3. **Keziya aramusaba iki?** Aramusaba kuzamuhishira agashera.

### Gusoma baranguruye

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibibazo babajijwe nyuma yo gusoma bucece, umwarimu abasaba kongera kurambura ibitabo byabo ahanditse wa mwandiko noneho bakawusoma baranguruye ijwi, batarya amagambo, batagemura ahubwo bigana umuntu ubwira undi amakuru kandi bubahiriza utwatuzo. Ahitamo umubare runaka w'abanyeshuri asomesha ku buryo buri wese agira umwanya we kandi agasoma ku buryo arangiza ibaruwa yose. Agenzura ko basoma uko bikwiye batarya amagambo, batajijinganya cyangwa ngo baruhukire ahadakwiye. Igihe abona ko hari abagifite ingorane, akoresha uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza uko bikwiye bumvikanisha neza ibitekerezo basoma.

### Gusomera mu matsinda

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bakongera bagasoma umwandiko bakagerageza gusubiza ibibazo byabajijweho. Iyo barangije bahuriza hamwe ibisubizo umwarimu akabafasha kubinonosora.

### Ibibazo n'ibisubizo

1. **Uyu mwandiko ugamije iki?** Uyu mwandiko ugamije gusuhuza inshuti, no kuyigezaho amakuru y'uwanditse n'ayo mu muryango we, ndetse no kumubaza amakuru yo ku ruhande rwe.
2. **Utaniye he n'indi myandiko yabanje nk'umwandiko "Ubuhanga n'ubushishozi bwa Salomoni? "** Bitandukanijwe n'uko muri uyu mwandiko uwandika abanza kuvuga umwirondoro we, agasuhuza uwo yandikiye ndetse na we akamugezaho amakuru ye. Ni umwandiko ugamije ubusabane.

3. **Umwandiko uteye utya witwa ngo iki?** Witwa ibaruwa.

## Igice cya kabiri: Gusesengura ibaruwa

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 180)

***Intego zihariye:***

Ahereye ku ibaruwa yasomye, nyuma y'iki gice, umunyeshuri araba ashobora gutahura imiterere y'ibaruwa isanzwe n'ibice bigize, kwandikira mungenzi we

ibaruwa amumenyesha amakuru kandi anamubaza amakuru ye yubahiriza imbata y'ibaruwa isanzwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkoranyamagambo, ibyuma bigaragaza inyandiko cyangwa amashusho.

**Isubiramo:**
Umwarimu abaza abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.
Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera kwitegereza umwandiko neza bari mu matsinda ya banebane, akabasaba kugerageza gutahura inshoza n'ibice byawo. Abaha igihe cyo kubikora cyarangira akabasaba kugaragaza ibyavuye mu matsinda.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

**Inshoza y'ibaruwa isanzwe cyangwa ya gicuti**

Abantu bagira uburyo bwinshi bwo guhanahana amakuru. Bashobora kuvugana imbonankubone, bashobora guterefonana kimwe n'uko bashobora kwandikirana. Abantu bakunze kwandikirana iyo umwe ari kure y'undi. Umwana ashobora kwandikira umubyeyi, incuti ye se. Umubyeyi yakwandikira umwana we. Muri uko kwandikirana, uwandika aba akeneye kugira icyo abwira uwo yandikiye, kandi anakeneye ko uwo yandikiye na we amusubiza muri ubwo buryo bw'inyandiko. Ikinyabupfura gitegeka uwandikiwe gusubiza uwamwandikiye. Urwo rwandiko abantu bandikirana umwe agezaho undi amakuru ye cyangwa ayamubaza, uwo abajije na we akamusubiza akoresheje inyandiko, ni rwo bita ibaruwa isanzwe cyangwa ibaruwa ya gicuti. Mu ibaruwa ya gicuti baba babwirana cyangwa babazanya amakuru. Indeshyo y'urwo rwandiko iterwa n'icyo uwandika akeneye kubwira uwo yandikira. Uwandika avuga ibimushimishije kimwe n'uko ashobora kuvuga ibimubabaje cyangwa ibimubangamiye, ibyo yabonye cyangwa ibyo yumvise, uko yiyumva, ibyo akunda n'ibyo yanga… Uwandika ibaruwa isanzwe yemerewe kuvuga byose ariko mu kinyabupfura, akandika ibitunganye.

**Ibice bigize ibaruwa isanzwe**

Abanyeshuri babifashijwemo na mwarimu batahura ibice bigize ibaruwa ya gicuti bafatiye urugero ku ibaruwa Mahoro Keziya yandikiye incuti ye Rukundo. Ibyo bice ni ibi bikurikira bigaragaza:

1. Uwandika n'aho abarizwa byandikwa hejuru mu nguni y'ibumoso bw'urupapuro. Muri make ibi umuntu yabyita "Uwandika n'aho abarizwa". Icyo gice ni iki gikurikira:

MAHORO Keziya
Ikigo cy'amashuri abanza cya KINUNGA
GIKONDO-KICUKIRO

2. Aho ibaruwa yandikiwe n'itariki yandikiweho. Ibyo bijya hejuru mu nguni, iburyo bw'urupapuro. Icyo gice ni iki:

Gikondo, tariki ya 30/3/2016

3. Uwandikiwe n'aho abarizwa bijya munsi ya aderese y'uwanditse. Icyo gice ni iki:

Ku ncuti yange nkunda cyane Rukundo
GATSATA-NYARUGENGE.

4. Amagambo ahamagara uwandikiwe nk'aho yamusabye guhuguka ngo yakire ubutumwa. Icyo gice cyandikwa munsi ya aderese y'uwandikiwe, kigaherwa buri gihe n'akitso, ni iki gikurikira:

Nshuti nkunda Rukundo,

5. Munsi y'iki gice, haza igika gikubiyemo indamutso uwanditse aha uwo yandikiye n'amakuru make ku miterere y'ubuzima bwe n'ubw'umuryango we. Icyo gice ni iki:

Uraho urakoma? Nange ndaho ndakomeye. Iwacu bose baraho kandi baragutashya. Bahora bakumbaza nkababwira ko nange amakuru yawe natayaheruka. Ngo bashimihwaga n'uburyo twafatanyaga mu masomo, tugakorera imikoro hamwe. Gusa ubu nabonye abandi bana dufatanya kwiga nimugoroba, ariko wowe wramfashaga cyane kuko wari uzi cyane indimi. Abo dusigaranye bose usanga mbarusha bikaba ngombwa ko ari nge ubasobanurira ariko nge simbyungukiramo cyane.

6. Hakurikiraho igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina. Ubwo burumwa bushobora kuba ari ubutanga amakuru, bushobora no kuba ari ubuyabaza. Aha buramenyesha uwandikiwe umunsi azasurirwaho n'uwamwandikiye, n'ibyo umushyitsi ateze ku ncuti ye. Ibi nta kinegu kirimo, uwandika yabigiriye ko uwo yandikira baziranyi cyane kandi bakaba basanzwe ari incuti. Icyo gice ni iki:

Ikinteye kukwandikira rero ndagira ngo nkumenyeshe ko nzaza kubasura ejobundi ku wa kane nimugoroba. Sindamenya neza igihe nzakugereraho ariko ndateganya guhaguruka ino aha nka saa kenda n'igice. Nkumbuye bya bitaramo bya nijoro muzehe na mukecuru baducira imigani. Uwo nibuka cyane ni wawundi wa Maguru n'insibika. Ube ubantahirije cyaaane, mu gihe ntari nahagera ngo mbagwe mu nda.

7. Igika gisezera kirimo n'ibyiza uwandika yifuriza uwo yandikiye. Icyo gika ni iki:

| |
|---|
| Umbababrire rero nta makuru menshi mfite muri aka kanya. Nanditse nihuta cyane kuko nangaga ko Minani Nshaka guha iyi baruwa anshika ntamugutumyeho.<br>Tashya bose, ni ah'ejo. |

8. Umusozo w'ibaruwe n'umukono w'uwanditse. Icyo gice ni iki gikurikira:

| |
|---|
| Uwawe utakwibagirwa,<br>MAHORO Keziya. |

Ibindi umwarimu afasha abanyeshuri kuvumbura bamaze kwitegereza ibaruwa ya Mahoro ni ibi bikurikira:

- Uwandika ibaruwa yitwararika gusiga umwanya ibumoso n'iburyo bw'urupapuro kugira ngo uwakira ubutumwa abone aho afata abusoma atabuhishe n'intoki bubera kubufatamo.
- Ibaruwa yanditse neza ibamo ibika ku buryo buri gitekerezo kiharira igika cyacyo. Buri gika gitangira umurongo. Hagati y'igika n'ikindi hasigara umurongo utanditsemo.
- Ibaruwa yanditse neza kandi iba ihumeka, ni ukuvuga ko utwatuzo tugomba gukoreshwa neza mu nteruro: akitso kagatandukanya ibice bibiri by'interuro, akabago kagatandukanya interuro ebyiri, akabazo kagasoza interuro ibaza, agatangaro kagasoza interuro itangara, cyangwa amarangamutima …
- Byaba byiza hakoreshejwe interuro ngufi kuko zituma igitekerezo cyumvikana neza kurushaho. Uwandikiwe asoma ubutumwa bwe kandi akabwumva bimworoheye. Bituma kandi n'uwanditse atavangavanga ibitekerezo kubera kujijishwa n'interuro ndende cyane.

**Imbata y'ibaruwa ya gicuti.**

Bahereye nanone ku ibaruwa ya Mahoro Keziya mwarimu akomeza kubahata kwitegereza, abanyeshuri bashyira ibice by'ibaruwa ya gicuti ku rupapuro umuntu yakwita imbata y'ibaruwa isanzwe:

Doe imbata y'ibaruwa isanzwe. NImuyitegereze, muyishushanye, muyifate mu mutwe ku buyo muzajya muyubahiriza mu kwandika bene iyo baruwa.

| |
|---|
| Itariki n'ahantu ibaruwa yandikiwe<br>Uwandika na aderese ye<br><br><br>Uwandikiwe n'aho abarizwa<br><br>Amagambo ahamagara uwandikiwe,<br><br><br>Igika gisuhuza<br>……………………………………………………………………………………<br><br>Igika cyangwa ibika bikubiyemo ubutumwa nyirizina<br>……………………………………………………………………………………<br>……………………………………………………………………………………<br>……………………………………………………………………………………<br><br>Igika gisezera<br>……………………………………………………………………………………<br>Umusozo w'ibaruwa<br>Izina ry'uwanditse<br>Umukono w'uwanditse |

## Igice cya gatatu: Imyandikire y'amagambo aranga igihe

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 184)

*Intego zihariye:*

Ahereye ku nteruro zirimo amagambo aranga igihe, umunyeshuri araba ashobora gusobanura imyandikire y'amagambo aranga igihe no kwandika interuro bakoresha neza amagambo aranga igihe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'ikibonezamvugo, imyandiko cyangwa interuro zirimo amagambo aranga igihe.

**Isubiramo:**

Umwarimu asaba abanyeshuri kuvuga muri make ibikubiye mu isomo baheruka kwiga. Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku isomo baheruka kwiga.

Umwarimu arandika ku kibaho interuro zirimo amagambo aranga igihe agnde ayagaragaza ayandika mu ibara cyangwa ayacaho akarongo.

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza interuro zakuwe mu mwandiko zirimo amagambo aranga igihe, abafite ibibazo byo kutabona akazibasomera aranguruye ijwi, akagenda ababaza ibibazo (ryari, gihe ki, ku yihe saha?...) bituma batahuramo amagambo aranga igihe. Iyo bamaze kuyatahura, bayandika ku kibaho mu ibara ryihariye ari mu nteruro yatahuwemo. Ayo magambo ari mu nyuguti z'igikara tsiri mu nteruro zikurikira:

1. Nzaza kubasura **ejobundi ku wa kane nimugoroba.**
2. **Ubushize** ubwo mperuka aho karandyoheye.
3. Numva **ubutaha** ningaruka bizarushaho kuba sawa.
4. Kagufata mu nda iyo ukabyukiyeho **mu gitondo**.
5. Ndateganya guhaguruka hano **nyuma ya saa sita nka saa kenda n'igice.**
6. **Nkumbuye bya bitaramo bya nijoro.**
7. Nta makuru menshi mfite muri **aka kanya**.
8. Ni ah'**ejobundi.**

Aya magambo ahuriye ku ngingo yo kuranga igihe. Hari igihe kivuga:

- **Iminsi:** ejobundi; ku wa kane;
- **Amasaha:** saa sita, saa kenda n'igice;
- **Ibihe by'umunsi:** nimugoroba, mu gitondo, nyuma ya saa sita, nijoro, ku manywa, ku gicamunsi...
- **Umwanya ibintu byabereyemo,biberamo cyangwa bizaberamo:** ubushize, aka kanya, ubutaha...

Iyo abanyeshuri bamaze gutahura amagambo aranga igihe baba basigaje kwitegereza uburyo yanditse.

**Umwanzuro:**

Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **"nimunsi", "nijoro (ninjoro)", "nimugoroba", "ejobundi".**

*Ingero:*

- Aragera ino **nijoro.**
- Araza **nimugoroba.**
- Yatashye **ejobundi**.

Ijambo "**munsi"** ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

Amagambo “**ku**” na “**mu**” yandikwa atandukanye n’ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo “**ku wa”** na “**mu wa**” abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry’umunsi

***Ingero:***

- Sindiho **ku bwabo**
- Navutse **ku wa** 12 Ugushyingo.
- Azaza **ku wa** Mbere.
- Yiga **mu wa** kane.

Ijambo “**(i) saa”**, rikurikiwe n’umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye

***Ingero:***

Abashyitsi barahagera **saa tatu.**

- I saa kenda nizigera ntaraza wigendere.

### Umwitozo

Mu rwego rwo gusuzuma ko abanyeshuri basobanukiwe n’isomo ku magambo aranga igihe, umwarimu abasaba gusubiza umwitozo uri mu gitabo cyabo, bitwararika kwandika uko bikwiye amagambo aranga igihe arimo.

**Dore ibisubizo by’ibibazo bari bahawe byo gusimbuza amagambo yanditse mu nyuguti z’igikara tsiri andi magambo aranga igihe bivuga kimwe, akoreshe amagambo make ashoboka.**

1. **Ejobundi** nzakubwira icyo nzaba naragezeho.
2. Turaza guhura **saa sita z’amanywa**.
3. Abantu baryama **nijoro/ninjoro**.
4. **Ubushize** nagiye nishimye.
5. **Ubutaha** nzasange mwarampishiye imineke.
6. Turagaruka **nimugoroba**.
7. Uze **mu gitondo**.
8. Yangezeho **saa ine**.
9. Nakangutse **saa sita z’ijoro**.
10. Ibyo byose byabaye **ku manywa.**

## 6.7. Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu

(Igitabo cy’umunyeshuri, urupapuro rwa 185)

### Ibigenderwaho mu isuzuma:

→ Ubushobozi bwo gusesengura imyandiko ijyanye no kwimakaza umuco w’amahoro.

→ Ubushobozi bwo kwandika nta kosa amagambo aranga igihe.

- → Ubushobozi bwo gusesengura ibinyazina byizwe agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.
- → Ubushobozi bwo kwandika ibaruwa isanzwe.

**Umwandiko: Ubufatanye n'ubwuzuzanye mu muryango**

Kuvuka heza ntako bisa. Kuvuka neza si ibya bose kuko isuku igira isoko, naho umwanda ukagira akazu. Ngayo amahirwe ndusha abaturuka ahandi nge wavukiye mu gihugu k'imisozi igihumbi, cyakuzemo ibirunga kikaba gihorana amahumbezi. Igihugu keramo amaka n'amahore, aho bahura bagacyura, ababyeyi bagatega ingori buri munsi.

Nkivuka nasanze mama na data babana neza, bakunda abana babo, bakunda umurimo, bakunda umuco ubaranga, bakunda ukuri. Banga ubuhemu, banga mpemuke ndamuke. Badategereza ibitangaza bahinnye amaboko, badategereza umwijima ngo babone uko bajujubya abiyushye akuya, badategereza akimuhana kaza imvura ihise. Birinda kubeshya, birinda guhemuka, baharanira kuvuga rumwe n'abavandimwe, baharanira gufatanya n'inshuti. Uwo muco ndawutora, nkunda gutega amatwi ibiganiro byabo, nkabakurikira mu murima, iteka nkishimira kumva abandi bana bambwira ko ndi inkubaganyi nigana ibyo data akora. Nterwa ishema no guherekeza uwambyaye mu bitaramo, no mu ruhame aho bamuhamagariye kunga inshuti, gukiranura abavandimwe cyangwa kuyobora ubukwe.

Uko data yabaga atereye ikirago mu museso yizeye ko adusize mu bitotsi, narahagurukaga nkamurungurukira mu myenge y'urusika rwakingirizaga aho nararaga, nkabona afashe isuka aho yabaga imanitse nkumva ko agiye mu murima. Mama yabaga atamutanze kubyuka, bakabadukira rimwe, we agafata ikibindi nkumva ko agiye ku iriba kuko yahindukiraga ikibindi acyujuje amazi. Yamara kugitura agafata imyeyo amaze gutereka inkono ku mashyiga no kumbyutsa ngo nshanire. Ubwo ku mutima nkibwira ko abagore ari bo bavunika cyane kuko nyuma y'iyo mirimo yose no kutugaburira ibiryo bihiye, mama yafataga isuka agasanga data mu murima amushyiriye n'impamba. Bikantera kwibaza niba data ashobora kuvoma, cyangwa kwikorera ikibindi ntakimene, dore ko ntari nakamubonye akora uwo murimo numvaga ari uw'abagore gusa.

Nkibaza impamvu mama ari we uteka wenyine buri gihe, data yiyicariye kandi na we ntacyo byari kumutwara, ndetse ibiryo bigashya nta ngorane ahuye na zo. Sinibuka umunsi, imvura yaragwaga mama arwaye, aryamye hafi y'amashyiga, ge n'abavandimwe bange bankurikira dupfumbase amashyiga kuko umuriro wari mu ziko wari muke cyane, mbona data afashe inkono arayoza ayitereka ku mashyiga, ashyiramo amazi n'ibiryo, nyuma yicara mu mwanya mama yicaragamo atetse, aracanira, ibyo kurya bihiye aratugaburira. Kuva uwo munsi numva ko umuntu ari nk'undi, ko batandukanywa gusa n'umuteto. Ubwo mpita ntinyuka kubaza data niba ubusanzwe hari abagabo bateka kandi bakarurira abana n'umugore. Icyo kibazo

cyange kirakaza mama aho aryamye maze anyuka inabi, ati: « Sigaho kurimanganya wa nshyomotsi we! » Ubwoba n'ikimwaro bimfashe nitegereza data wamaze umwanya yiyumvira. Ni ko kumbwira mu ijwi ryoroheje ariko ritari ryiza ati: « Ikibabaza umubyeyi wese ni ukubyara utazageza ingobyi imugongo kuko umuntu amenya uko yaruhije abamubyaye iyo yaruhijwe n'abo yabyaye. Narababyaye namwe muzabyare. »

Umunsi umwe guhogorora byahuriranye n'ishya ry'ibigage, dutumira inshuti n'abavandimwe. Ku badufashije mu burwayi bwa mama twongeraho abasheshe akanguhe bo mu muryango wacu, uruhembo rujyana n'umuganura. Abari aho bamaze gushira inyota data aterura ijambo ashimira abamufashije umugore we arwaye, arisoza yifuza ko ejo hazaza ubwo bufatanye bwasugira bugasagamba mu bantu. Uko abatumirwa bagenda bakuranwa mu magambo basubiza imvugo

yabanje, bose bakagusha ku gitekerezo kiza cyo kwibuka gushimira uwabanje ubuntu n'ineza kimwe no gutura abakuru umuganura bakishimira uwo mutima mwiza w'ababyeyi bange, babifuriza kuzasiga uwo muco utamwaye mu bato. Imyaka nari mfite ntiyanyemerega gufata ijambo imbere y'iyo mbaga, bituma ndifatira mu mutima wange nibaza impamvu abari aho bose banezerewe.

Byavuye mu gitabo cya RUGEMA, A., *Rwemerikije, ibuye si umugati,*
Urup. 5 – 13

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo byabyo

1. **Uvuga muri uyu mwandiko ari mu kihe kigero ?**
   Ni umwana.
2. **Ni iki yiratira abandi ?**
   Yiratira abandi kuba yaravutse neza, akavukira mu gihugu kiza gihorana amahumbezi, kibamo amahoro ku buryo abantu bashobora guhinga bakeza, bakorora kandi bakororoka.
3. **Ni izihe ndangagaciro zarangwaga mu muryango yavukiyemo ?**
   Kubana mu bwumvikane, gufashanya, kwigira, gukunda umurimo, gukunda ukuri, kuvugisha ukuri, ubupfura, ubudahemuka, kubanira abandi neza, gufatanya no kwifatanya n'abandi, gusabana no gusangira n'abandi, kubanira abaturanyi neza, kumvikanisha abantu…
4. **Ni uwuhe muco akomora ku babyeyi be ?**
   Gukunda umurimo, kuvugisha ukuri, kubana neza n'abandi, kwanga umugayo…
5. **Ni iyihe mirimo yakorwaga muri uyu muryango ?**
   Guhinga, kuvoma, gukubura, guteka
6. **Abagize uyu muryango bubahiriza izihe gahunda za Leta ?**
   Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi, ukwigira, ukwihaza mu biribwa, gukorera hamwe nk'ikipe, kubumbatira umutekano no gukemura amakimbirane aho avutse.s

7. **Abagize uyu muryango babanye bate n'abaturanyi babo ? Bigaragazwa n'iki ?**
   Babanye neza n'abaturanyi babo kandi bafatwaho urugero rwiza. Ikibigaragaza ni uko batumirwa mu birori kandi bakitabazwa no mu manza nk'igihe cyo kunga abashyamiranye no kuyobora ubukwe. Abagize uyu muryango na bo batumira abaturanyi bahishije inzoga bagasangira, bagasabana nko ku munsi mukuru w'umuganura.
8. **Umwandiko urangira ute ?**
   Usozwa n'amagambo : irya nyiri urugo ushimira abamufashije arwaje umugore kandi yifuza ko uwo muco waba umurage mu rubyaro rwabo ; iry'abaturanyi bashimira Imana umutima wo gusangira no kugira neza yabahaye, bakishimira umuganura wahurije hamwe ababyeyi n'abana kandi bakanifuza ko uwo muco wakwira no mu bazabakomokaho.
9. **Kuri wowe, iyi nkuru yabereye mu kihe gihugu ? Kuki ?**
   Yabereye mu Rwanda kubera ko uyu mwana avuga ko yavukiye mu gihugu k'imisozi igihumbi.
10. **Uwahimbye uyu mwandiko yari agamije iki ?**
    Gusaba abantu kuba inyangamugayo, gukunda umurimo no kwigira kugira ngo batabeshwaho no gusabiriza, gukangurira abantu gufashanya kw'ibitsina byombi, ntihagire usiganya undi imirimo kuko nta mirimo ya kigabo n'iya kigore ikwiye kubaho.
11. **Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye mu birebana n'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi?** Nta murimo ugenewe igitsina runaka, buri wese yakora umurimo abonye, ari umugore, ari umugabo, ari umuhungu ari umukobwa. Kuvangura imirimo hakaba iya kigore n'iya kigabo ntibikwiye, bikorwa n'abatesi. Gufatanya ni byo bya mbere.

## II. Inyunguramagambo

**Iyo bakoresheje izi mvugo zikurikira wumva iki ?**

1. **Isuku igira isoko :** ikiza kigira aho giturika.
2. **Umwanda ugira akazu :** ikibi kiba aho bakemereye.
3. **Igihugu gihorana amahumbezi :** Igihugu kidashyuha ntikinakonje, ibihe byacyo bigahora ari byiza.
4. **Amaka n'amahore :** amasaka. Amaka ni amasaka abibwa muri Mutarama akera kuri Kamena naho amahore akabibwa muri Nzeri akera muri Mutarama.
5. **Mpemuke ndamuke :** ubuhemu buterwa no kwifuza ibintu bagusezeranyije, indonke.
6. **Badategereza umwijima ngo babone uko bajujubya abiyushye akuya:** ntibitwikira ijoro ngo bage kwiba abafite ibyo baruhiye.
7. **Badateze akimuhana kaza imvura ihise :** barikorera ntibabeshwaho n'imfashanyo.

8. **Kunga incuti :** kongera guhuza abashwanye bumvikanaga
9. **Ubwo data yabaga atereye ikirago mu museso :** ubwo papa yabaga abyutse yizinduye.
10. **Bakabadukira rimwe :** bakabyukira rimwe.
11. **Inshyomotsi :** umuntu uvugaguzwa rimwe na rimwe akavuga n'ibidafite akamaro, bavugirije.
12. **Aterura ijambo :** atangira kuvuga.

**Shaka mu mwandiko imbusane z'aya magambo.**

Gupfa#kuvuka, ibyago#amahirwe, kurumba#kwera, gucyura (amatungo)/kwahura, kwanga#gukunda, ikinyoma#ukuri, ikimwaro#ishema, ahihishe#mu ruhame, gutandukanya#kunga, kugaragaza#gukingiriza, kuryamisha#kubyutsa

**Tanga impuzanyito z'aya magambo:**

a) Isoko=inkomoko
b) Ishema=ibyishimo
c) Kubyara=kwibaruka
d) Kwijajara=gukira
e) Ikiniga=agahindas

**Simbuza amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiri ijambo rimwe bisobanura kimwe.**

a) Ababyeyi **babyara** buri munsi.
b) Badategereza ibitangaza bizaza **badakora.**
c) Baharanira **kumvikana** n'abavandimwe.
d) Nkunda **kumva** ibiganiro byabo.
e) **Ibiryo** bihiye aratugaburira.
f) Ikibabaza umubyeyi wese ni ukubyara **utazabyara.**
g) Bose bibuka gushimira **Imana**.
h) Ku badufashije mu burwayi bwa mama twongeraho **abasaza** bo mu muryango wacu.

## III. Ikibonezamvugo

1. **Tahura ibinyazina biri mu mwandiko ubitandukanye mu bwoko bwabyo ubishyira mu mbonerahamwe.**

| Ibinyazina ngenga | Ibinyazina ngenera | Ibinyazina nyereka | Ibinyazina ndafutura |
|---|---|---|---|
| nge<br>we<br>bo<br>yose<br>wenyine<br>ge<br>wese<br>se<br>bose | ka<br>bya<br>ya<br>rya<br>bwa<br>bo<br>cyo | uwo<br>iyo<br>icyo<br>aho<br>ubwo | ahandi<br>undi<br>abandi |

**2. Soma interuro zikurikira maze usubize ibibazo wabajijwe.**

a) Nge wavukiye mu gihugu k'imisozi igihumbi.

b) Igihugu keramo amaka n'amahore.

c) Kuva uwo munsi numva ko umuntu ari nk'undi

**Amagambo ari mu nyuguti z'igikara tsiriri ni bwoko ki? (k**' ni ikinyazina ngenera, **n**' ni icyungo naho **nk'** ni ingereranya.

**Kuki yanditse gutya?** (Aya magambo arakase kuko akurikirwa n'andi atangiwe n'inyajwi.)

## IV. Ihimbamwandiko

Andikira inshuti yawe uyibwira umwandiko wagushimishije mu gitabo cy'umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye n'impamvu cyagushimishije. Urangize umugira inama yo gukunda gusoma unamwumvisha akamaro kabyo.

Buri munyeshuri ahitamo umwandiko yakunze maze akandikira mugenzi we ibaruwa isanzwe akurikiza amabwiriza yahawe kandi yubahiriza imbata y'ibaruwa isanzwe.

## 7. Imyandiko y'inyongera

### Imwe mu mihango y'Abanyarwanda mu mezi ya Kinyarwanda

Mu mpera z'ikinyejana cya cumi na gatanu, umwami Nsibura Nyebunga na nyina Nyiransibura, bafatanyije n'Abanyarwanda barwaniraga ingoma, bateye u Rwanda bafata ingoma y'ingabe, yari Rwoga icyo gihe, bica umwami Ndahiro Cyamatare, umugabekazi n'abandi bakobwa bose b'ibwami. Ibyo byabereye mu Kingogo, aho bise i Rubi rw'i Nyundo no mu Miko y'Abakobwa ari mu kwezi kwa Gicurasi. U Rwanda rurubama, abanzi bararuyogoza, abantu barashira, abasigaye bakuka umutima, bata umuco, imihango iribagirana, ibyiza biratuba, ibibi biratubuka.

Nyuma y'imyaka cumi n'umwe muri ayo makuba, abiswe "abaryankuna" bazanye "umutabazi" Ruganzu Ndoli bamuvanye i Karagwe kwa nyirasenge Nyabunyana. Ubwo yima ingoma yunamura u Rwanda, arwirukanamo abanyamahanga, ahorera se. Kuva ubwo, Abanyarwanda batangira kwibuka buri mwaka urupfu rw'umwami Ndahiro Cyamatare n'abantu be mu "mihango y'Icyunamo cya Gicurasi". Uko kwezi kose, Abanyarwanda bakaba mu cyunamo, nta bukwe butaha, nta byishimo bibaho, ingoma zaracecetse, amapfizi yaravanywe mu nka.

Nyuma y'imihango ya Gicurasi, mu mboneko za Kamena, ni bwo bakoraga "Imihango yo gukura Gicurasi", ari byo bitaga "kunamuka" basohoka mu cyunamo k'icuraburindi rya Gicurasi. Iyo mihango yamaraga umunsi wose igakurikirwa n'icyo bitaga "ibirori bya Kamena". Abantu bagakomorerwa bakongera kwishima, ingoma zikongera kuvuga, ubukwe bugataha... Ibyo byishimo bikajyana no kwitegura imihango y'umuganura yakorwaga muri Nyakanga. Buri mwaka, bitangiriye ibwami, hakaba imihango yo kwibuka ibirori byabaye mu gihe cyo gusangira umutsima w'amasaka n'uburo byasaruwe bwa mbere u Rwanda rumaze "kunamuka" no "kwibohora". Byabaga ari nko gushimira Imana n'abakurambere ndetse n'Abatabazi, Ruganzu Ndoli n'Abaryankuna, bagize uruhare mu kuvana u Rwanda muri rya curaburindi ubwo Igihugu cyari cyoramye, bisa nk'aho cyari cyaraguye mu kuzimu, kikaza kuzuka.

Imihango y'Umuganura yayoborwaga n'abiru b'Abatsobe ari bo bari bakuru, ab'Abambogo bo kwa Musana n'abo kwa Myaka. Abiru bo kwa Musana ni bo, muri Nzeri, babibaga imbuto z'umuganura (amasaka n'uburo) babaga bavanye ibwami muri Kanama. Ayo masaka, bitaga "amahore", yeraga muri Mutarama cyangwa Gashyantare. Abambogo bakayavanga n'uburo bakavugamo umutsima witwaga "umurorano", akaba ari wo umwami aryaho ategura "umuganura" nyirizina muri Nyakanga.

Iyo mihango yo muri Mutarama yamaraga gushira, muri Gashyantare Abambogo bakaza i Bwami gufata "igitenga", igitebo kinini cyabaga cyubashywe cyane cyavaga ibwami kikajyanwa i Bumbogo, kikaba ari cyo bazazanamo amasaka y'umuganura ibwami yabaga yeze muri Kamena na Nyakanga, ari yo bitaga amaka. Igitenga cyagendaga iteka kivugirwa n'ingoma, kikakirwa neza aho giciye hose, utacyubashye

akicwa cyangwa akanyagwa. Muri iyi mihango yo muri Nyakanga, umwami ubwe ni we watekeraga Rubanda, by'umuhango, akarika, inkono yatura agaturira, akavuga umutsima, akagabura, agaha abatware na bo bakajya kugaburira ingabo zabo, maze u Rwanda rwose rugasangira kivandimwe.

Iyi mihango yashushanyaga kuvuka, gupfa no kuzuka kwa buri mwaka kw'ibintu byose n'abantu. Mu Rwanda, ukuvuka gutangirana n'umwaka muri Nzeri, byagera muri Gicurasi, isi igasa nk'iyubamye, yageze mu kuzimu, muri Kamena hagatangira icyunamuko, kijyana n'ibyishimo by'umuganura, dushimira Imana n'Abakurambere kuzageza mu mpeshyi muri Nyakanga na Kanama.

**Inyamaswa zigabana umuhigo.**

Umunsi umwe, inyamaswa zirya inyama zahigiye hamwe nuko zica impongo. Mu gihe cyo kugabana, intare iza kubona ko zose nizifataho itari buhage. Nuko itumira izindi nyamaswa zirimo n'izitarya inyama, kugira ngo ize kuzirira. Mu nyamaswa zahageze zitarya inyama harimo bakame.

Izindi zo zumvise intare izitumira mu nama, zirakeka ziti:"Buriya natwe arashaka kuturya. Nuko aho kujya mu nama zirahunga.

Ubwo inyamaswa zirya inyama zari zagize uruhare mu muhigo zari zateranye, zirimo warupyisi, ingwe, n'imbwembwe.

Nuko intare ibwira warupyisi, iti:«Gabanya izi nyama sha Warupyisi.»

Warupyisi rwose n'ubwo yari izwiho ubusambo, yagerageje kugabanya neza inyama. Ibanza gufata itako iti:«Iri ni iry'umwami nyiri ishyamba.» Ifata n'umutima n'umwijima ndetse n'impyiko, iti:«Izi ni iz'umwami nyiri ishyamba.»

Ahasigaye na yo yikurikizaho, ifata akaguru, igashyira ku ruhande iti:«Aka ni akange." Ifata akaboko iti:«Aka ni aka Rwara rw'umugara»: ingwe. Ifata akandi kaboko igatererera imbwebwe. Ahasigaye inyama zo mu nda na zo igenda izongera ku zo yari yageneye buri nyamaswa. Igeze ku nkoro iyisaturamo ibice bitanu. Iravuga iti:«Kubera ko inkoro iryoha, buri nyamaswa irabonaho agace.

Ubwo intare umwami w'ishyamba aho yari iri, yari irimo guhekenya amenyo, yarubiye. Nuko mu gihe Warupyisi itararangiza, irayisimbukira, iyikubita ijanja mu jisho irarimena.

Ifata za nyama yongera kuzirunda, iti:«Nihagire undi ugabanya izi nyama neza. Warupyisi ni igisambo. Nta kuntu yatugabanya uko bikwiye.»

Izindi nyamaswa zose zari aho zigira ubwoba. Zitinya kugabanya izo nyama.
Aho bigeze, intare ibwira bakame, iti:«Gabanya izi nyama sha, kera nari nkuziho ubugabo.» Nuko Bakame iratangira ifata inkoro iti:«Izi ni iz'umwami kuko inkoro iribwa n'umugabo igasiba undi. Ifata amaguru yombi n'amatako, iti:"Izi ni iz'intare

Rutontoma umwami nyira ishyamba. Ifata umutima n'umwijima n'impyiko, iti:«Izi ni iza Rwabwiga, umwami nyir'ishyamba.» Nuko intare ibibonye iraseka, iti:«Sha Bakame wigiye he kugabanya. Bakame iti:«Nabyigishijwe na ririya jisho rya Warupyisi rinagana.» Nuko intare irayibwira, iti:« Noneho genda ufata izisigaye uhereza izo nyamaswa zindi.»Nuko ya ntare yihengekana imihore, izindi nyamaswa zisigara ziguguna amagufwa.

Havamo ingwe, irazanga, ijya kwihigira inyamaswa yayo. Ariko guhera ubwo inyamaswa zose zizira Bakame, aho ziyibonye zirayihiga.

Nguko uko Bakame yatangiye guhigwa n'inyamaswa zose zirya inyama kuko yatinye ijisho ry'intare iburizamo izindi nyamaswa.

Si nge wahera hahera umugani.

## 8. Inyunguramagambo

**Abakurambere:** Abasokuruza cyangwa abantu babayeho mbere yacu.

**Abantu bari barakigize indahiro:** Baragitinyaga cyane kubera ubugiranabi bwacyo

**Abanyarwanda ni bene mugabo umwe:** Abanyarwanda ni abavandimwe.

**Agakingirizo:** Agakoresho korohereye bambika igitsina kugira ngo abakora imibonano mpuzabitsina batandura indwara cyangwa hakabaho gutwara inda.

**Akabande:** Ahantu hashashe munsi y'umusozi.

Akaga**: Ibyago bikomeye.**

**Akarenze umunwa karushya ihamagara:** Iyo uvuze ijambo ridakwiye ntushobora kurigarura ahubwo utangira kugorwa no gutanga ibisobanuro ku cyo wavuze.

**Amakimbirane:** Amahane, ubwumvikane buke.

**Amakoro:**Amaturo kera bajyanaga ibwami cyangwa mu bandi bantu bakomeye

**Amanjwe:** Amagambo adafite agaciro, amatiku.

**Amarangamutima:** Ikimenyane, ugutonesha guterwa n'isano ufitanye n'umuntu.

**Ashyira nzira:** Atangira urugendo, arahaguruka aragenda.

**Azarengere:** Azatabare.

**Barikubura barataha:** Barahaguruka, basubira iwabo.

**Bene ako kageni:** Gutyo, muri ubwo bwuryo.

**Busunzu:** Irindi zina rihabwa ingona.

**Bwangu:** Vuba bidatinze.

**Gatumura:** Ni ubwoko bw'ibihumyo (ibyoba) byibumbabumbye bitumuka ivumbi iyo ubikubise cyangwa se ubiteye umugeri.

**Guca ibintu:**Kugira nabi, kwangiza, kugira ibikorwa bibi.

**Guca inyuma uwo mwashakanye:** Gukorana imibonano mpuzabitsina n'undi muntu mutashakanye rwihishwa.

**Guca iteka:** Gutanga itegeko k'umwami.

**Guca ukubiri n'ikintu:** Kukigendera kure, kutagikora.

**Gufata umwanzuro:** Gutanga igisubizo ku kibazo kiganirwaho.

**Guhaba:** Kuyoba cyane, kutamenya aho uri.

**Guhara ishema:**Guta agaciro, gusubira inyuma, guta agaciro

**Guhengera:** Gucunga.

**Guhezwa:** Kwigizwayo, gukumirwa, guhabwa akato.

**Guhohotera:** Gukorera umuntu ibikorwa bibangamira uburengnzira bwe.

**Guhondobera:** Gusinzira kubera ubushyuhe.

**Guhwitura:** Gukosora umuntu ugamije kumwibutsa ibyo ashinzwe gukora

**Gukanira:** Guhambira ugakomeza cyane.

**Gukiranura:** Kuvuga ufite ukuri.

**Gukorera mu bwiru:** Kutagaragaza neza ibyo ukora, guhishahisha ibintu ntubishyire ku mugaragaro.

**Gukubita ku mutwe:** Kwikorera.

**Gukuka:** Kuva ku mugezi kunywa amazi ku nka cyangwa izindi nyamaswa.

**Gukumira:** Kubuza ikintu kuba..

**Gusabwa n'ibyishimo:** Kugira ibyishimo byinshi bikagaragarira ku maso no mu byo ukora.

**Gushinga imizi:** Gukomera cyane bitanyeganyaga.

**Gushira amakenga:**Gutinyuka, gushira ubwoba

**Gushira amatsiko:** Gusobanukirwa uko ibintu byagenze, kumenya neza inkomoko y'ikintu.

**Gushisha:** Kubyibuha cyane.

**Gushishikara:** gukora ikintu ukitayeho.

**Gushishoza:** Banza ushishoze mbere yo kwemeza ufite ukuri.

**Gushoka:** Kujya kunywa amazi ku nka cyangwa izindi nyamaswa.

**Gushwitura ibirondwe:** Gukura ibirondwe ku nka.

**Gushyira** mu gaciro: Kugira ngo babashe gukemura ibibazo by'abaturage abayobozi baba bagomba bushyira mu gaciro.

**Gusimbuka makeri:** Umukino bakora basutamye bagasimbagurika nk'igikeri.

**Gutahiriza umugozi umwe:** Gukorera hamwe, kugira intego imwe.

**Gutahura:**Kuvumbura.

**Gutamiriza:** Kwambara umutako mu ruhanga cyangwa mu ijosi.

**Gutamirizwa:** Kwambikwa imitako.

**Gutirimuka:** Kuva ahantu hashize akanya gato.

**Gutunga ugatunganirwa:** Gutunga bikaguhira, ukabigiramo ibyishimo n'umunezero, mbese ukabigiramo umudendezo.

**Gutura ibyemezo hejuru y'abantu:** Kugeza ku bantu ibyo bagomba gukora utabanje kubabaza icyo babitekerezaho.

**Ibigango:** Ingufu, imbaraga z'umubiri.

**Ibihangano:** Ibintu byaturutse mu bwenge n'ibikorwa by'umuntu.

**Ibikorwa remezo:** Ibikorwa bigamimije kubaka igihugu kugira ngo imibereho y'abantu irusheho kuba myiza. Mu bikorwa remezo habarirwamo nk'imihanda, amazi, amashanyarazi,...

**Ibirondwe:** Udusimba tuba ku nka n'andi matungo tukayanyunyuzamo amaraso.

**Ibuguma:** Inka ishaje cyane.

**Ifuku:** Agasimba kujya kumera nk'imbeba ariko kayiruta ho gato, gacukura umwobo muremure mu butaka akaba arimo kaba. Gakunda konona imyaka kuko kaguguna imizi y'ibihungwa cyanecyane ibyerera mu butaka nk'ibijumba.

**Igenzuramikorere:** ibikorwa byo gukurikirana uko imirimo ikorwa.

**Igitambambuga:** Umwana muto.

**Igitonyanga mu nyanja :** Utuntu  duke cyane.

**Ihazabu:** Amafaranga acibwa mu rukiko nk'igihano cy'umuntu wakoze icyaha.

**Ikimasa** Inka y'ingabo.

**Ikinani:** Ahantu hadahinze haraye hakamera ibyatsi n'ibihuru.

**Ikinege:** Umwana wavutse ari wenyine mu muryango.

**Ikivunge:** Abantu benshi.

**Ikiza:** Icyago giterwa n'imvura nyinshi cyangwa izuba ryinshi, umuyaga mwinshi cyangwa indi mihindagurikire y'isi.

**Imibavu:** Ubwoko bw'amavuta ahumura umwuka wayo ugatama hose.

**Iminyago:** Ibintu byasahuwe, byafatiwe ku rugamba.

**Imishinga:** Ibikorwa biteganyijwe bigomba amafaranga kugira ngo bitungane.

**Impamba:** Ibiryo umuntu yitwazaga ari ku rugendo rwa kure. Muri iki gihe abantu basigaye bitwaza amafaranga.

**Impano:** Ibintu bitangwa ku buntu mu rwego rwo gushimisha umuntu.

**Impanuka:** Icyago kiza kidateguje.

**Impanuro:** Inama ugirwa n'umuntu ugukuriye cyangwa ukurusha kuba inararibonye.

**Impinduramatwara:** Imikorere mishya, uburyo bwo gukora butandukanye n'ubwari busanzwe.

**Impundu:** Ni akamo k'ibyishimo bavuza kubera ikintu kiza gikozwe mu gihe k'ibirori cyanecyane ubukwe cyangwa mu kwakira umuntu bamugaragariza ko bamwishimiye. Mu muco nyarwanda, impundu zivuzwa n'abagore.

**Impuzu:** Imyenda ya kera yakorwaga mu bishishwa by'ibiti, cyanecyane imivumu.

**Impwempwe:** Ubwoya abantu bakuru bamera mu gatuza.

**Inshuke:** Abana bakiri bato bakiva ku ibere.

**Inda y' uburiza:** Inda ya mbere.

**Indangagaciro:** Imigenzereze myiza, ibikorwa byiza umuntu ahamagarirwa gukora.

**Ingamba:**Ibyemezo bifatwa mu rwego rwo guharanira kugera ku kintu runaka.

**Ingengo y'imari:** Umubare w'amafaranga igihugu giteganya gukoresha mu gihe runaka.

**Inkombe:** Ubutaka bukora ku mugezi bukarinda amazi guta inzira yayo.

**Inkongi:** Umuriro ugurumana.

**Insimburangingo:** ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bisimbura urugingo rw'umubiri rwatakaye.

**Insumba:** Inka y'ingore.

**Insya:** Ubwoya abantu bakuru bamera ku gitsina.

**Intabera:** Umuntu utabogama, ukoresha ukuri.

**Intaho:** Aho umuntu aba.

I**ntanga:** Ingirabuzima fatizo zikorwa n'imyanya ndangagitsina zivamo abana; bivugwa no ku nyamaswa.

**Inyangamugayo:** Umuntu w'indahemuka kandi uvugisha ukuri akanashyira mu bikorwa ibyo yiyemeje.

**Inyoroshyo:** Ruswa.

**Inyunganirangingo:** Ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bifasha umuntu ufite ubumuga mu kumwunganira ku ngingo z'umubiri zidakora neza.

**Iperereza:** Ikurikiranwa ry'ibyabaye habazwa ababibonye biba, hanegeranywa ibimenyetso.

**Iperereza:** Ikurikiranwa ry'ibyabaye habazwa ababibonye biba, hanegeranywa ibimenyetso.

**Ipiganwa:** Guhangana mu biciro hagatsinda urushije abandi.

**Ipiganwa:** Irushanwa rigamije kugaragaza urusha abandi ubushobozi mu kintu runaka

**Ishwima:** Inyoni zikunda kurya ibirondwe biba biri ku nka.

**Ishyo:** Inka nyinshi.

**Isuzuma:** Igenzura rigamije kureba amafaranga yakoreshejwe.

**Itadowa:** Agatara gakozwe mu bikombe byavuyemo sositomati, karimo urutambi, katagira ikirahure, gacumba umwotsi mwinshi iyo gacanye.

**Itsinda:** Ihuriro rinini cyangwa rito ry'abantu biyemeje gukorera hamwe.

**Itumanaho:** Ni uguhanahana amakuru n'ubutumwa butandukanye hagati y'abantu.

**Izina ryange rizwi neza hose:** Abantu bose banziho ibyiza.

**Izungura:** igikorwa cyo kwegukana uburenganzira n'inshingano ku mitungo yasizwe n'ababyeyi bawe.

**Kizimyamwoto:** Igikoresho kifashishwa mu kuzimya umuriro, mu gihe hari ahahiye.

**Kotsa umuntu igitutu:** Kumuhatira gukora ikintu.

**Ku bizigira:**Igice cy'akaboko hagati y'inkokora n'urutugu.

**Kubangatana:** Guterura ikintu kikurusha ingufu ukagenda wunamirije.

**Kubera ibamba:** Kwanga ikintu ugatsemba, gutsimbarara.

**Kubera:** Gutanga amanota umuntu atakoreye.

**Kubererekera:** Kuvira mu nzira.

**Kubogaboga:** Kuzura kugera ku rugara, kuzura cyane ugasendera.

**Kubogama:** kudakoresha ukuri, kujya ku ruhande rw'uri mu makosa.

**Kuburagiza:** Kuburabuza.

**Kudaheza:** Kutagira uwo wigizayo, uwo ubuza amahirwe abandi bafite.

**Kudindira:** Kudatera imbere.

**Kudogagira:** Kugenda buhoro kubera intege nke.

**Kugabana inka:** Kugabirwa inka.

**Kugaruka bwangu:**Kugaruka vuba, kudatinda aho wari ugiye.

**Kugisha inama:** Gusaba ko abantu baguha ibitekerezo ku kintu runaka.

**Kugishisha inka:** Ni ukuzijyana ahantu kure hari ubwatsi zikamarayo igihe.

**Kuvutsa ubuzima:**Kwica.

**Kumukura:**Kumusimbura.

**Kumurika:** Kwerekana.

**Kuniganwa ijambo:** Kudahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo, wo kugira icyo uvuga ku bibazo biriho.

**Kurabukwa:** Kubona by'akanya gato, gukubita amaso.

**Kuraga:** Kuvuga ijambo cyangwa ugakora inyandiko ivuga uko umutungo wawe uzakoreshwa nyuma y'urupfu rwawe.

**Kuraguza:** Ni ukujya kubaza umupfumu ibyo udasobanukiwe bijyanye n'ibikubaho cyangwa ibizakubaho birenze ibyo twe tubona. Abajya kuraguza baba bizera ko abapfumu bafite ububasha bwo kumenya ibizaba.

**Kureba igitsure:** Kureba umuntu nabi umwereka ko utishimiye ibyo avuga cyangwa se akora.

**Kurimanganya:**Kuriganya, kutavugisha ukuri.

**Kurohama:**Kugwa mu mazi ugaheramo.

**Kurondogora:** Kuvuga byinshi ukavuga n'ibidakenewe.

**Kurorongotana:** Kugenda uyobagurika kubera ko utazi iyo ujya.

**Kuvubura:** Gusohokamo amatembabuzi.

**Kuvuga ni ugutaruka:** Kureka ingingo waganiragaho itararangira ugafata indi.

**Kuzimira**: Kubura ntiwongere kuboneka.

**Kuziririza:** Kuba utemerewe gukora ikintu, kukirya, kukica.

**Kuzungura :** Gusimbura umuntu.

**Kwamamaza:** Ni ukuranga ibicuruzwa byawe ubitaka kugira ngo wongere umubare w'ababigura.

**Kwambarana:** Gutizanya imyenda umwe akambara iy'undi.

**Kwanika amagufa:** Kunanuka cyane.

**Kwifureba:**Kwifubika

**Kwihirika:** Gushira kw'iminsi.

**Kwikoma isazi:** Gukubita isazi ikuguyeho.

**Kwikurugutura:** Kwishyira urutoki mu gutwi ukuzibura kugira ngo wumve neza.

**Kwimika:** Gushyira imbere, guha agaciro gakomeye.

**Kwirara:** Kumva ko nta kibazo ushobora kugira ntugire icyo witaho cyangwa utegenya.

**Kwisuzumisha:** Kujya kwa muganga akagenzura ko utanduye indwara cyangwa ko utasamye inda.

**Kwitura ineza:** Gukorera neza umuntu ikintu kiza kubera ko na we yakugiriye neza mu gihe cyashize.

**Kwitwararika:** kwigengesera ngo utagira ibyo wangiza.

**Kwizitura ineza:** Gukorera umuntu ikintu kiza kubera ko na we yakugiriye neza mu gishe cyashize.

**Mataraga:** Mazima atarwaye.

**Mugikungahaze:** Mugiteze imbere.

**Nta mpungenge:** Nta guhangayika, nta bwoba.

**Ntawuduhutaza:** Ntawudusagarira.

**Turatekanye:** Dufite amahoro.

**Tutishishanya:** Tudatinyana.

**Ubucakwaha:** Ubwoya abantu bakuru bamera mu kwaha.

**Ubucuruzi bwa magendu:** Ubucuruzi butemewe n'amategeko.

**Ubudahangarwa:** Ububasha umubiri ufite mu kurwanya indwara.

**Ubudakemwa:** Ukutagira ikibi kikugaragaraho cyangwa ukekwaho.

**Ubugeni:** Umwuga wo gukora ibintu binogeye amaso cyangwa ibihangano binogeye amatwi.

**Ubuhemu:** Igikorwa cy'ubugiranabi ugiriye uwakugiriye neza.

**Ubukambwe:** Ubusaza, igihe k'iza bukuru ku mugabo.

**Ubukangurambaga:** Ibiganiro byumvisha abantu ububi bw'ikintu kandi bibakangurira kukirinda.

**Ubukorikori:** Umwuga wo gukora ibintu bitandukanye ubikoresheje intoki.

**Ubumuga:** Imiterere y'umuntu ufite ubumuga ku mubiri cyangwa mu mutwe.

**Uburezi budaheza:** Uburezi butavangura abana, bose bakigira hamwe baba abafite ibibazo baba n'abatabifite .

**Uburondwe:** Udukoko tuba ku nka tukayinyunyuza amaraso.

**Ubushobozi kamere bw'umubiri:** Ububasha umubiri ufite mu kurwanya indwara wo ubwawo.

**Ubusugire bw'igihugu:** umutekano, imiyoborere itavangiwe n'ibindi bihugu.

**Ubuziranenge:** Ukuba nta ibintu nta bwandu bifite ari bizima nta we byagirira nabi

**Ubuziranenge:** Ukuba nta ibintu nta bwandu bifite ari bizima nta we byagirira nabi

**Ubwenegihugu:** Uburenganzira umuntu aba afite ku gihugu kimwemera nk'umuturage wacyo.

**Ukuri guca mu ziko ntugushye:** Ukuri kunyura mu bintu bikomeye ariko kukageraho kukakirwa; ukiri ntushobora kugupfukirana, ukuri kuratsinda.

**Umucakara:**Umugaragu, umuntu ukoreshwa imirimo y'agahato kandi adahembwa.

**Umudendezo :** Amahoro asesuye.

**Umugenga:**Umuyobozi.

**Umurunga:** Umugozi ukomeye wo guhambiriza.

**Umuryango w'Abibumbye:** Ni umuryango ubumbye ibihugu bifite ubwigenge kandi bikemererwa kuwinjiramo.

**Umuzigo:** Umutwaro uremereye.

**Umwangavu:** Umukobwa utangiye gupfundura amabere.

**Umwishingizi:** umuntu washyizweho ngo ahagararire umwana watakaje ababyeyi mu gihe ataragira imyaka y'ubukure.

**Urugerero:** Ingando, cyangwa itorero abasore n'abagabo bajyagamo ibwami cyangwa mu rugo rw'umutware, bakahitoreza kurengera igihugu kandi bagakorera umutware imirimo itandukanye.

**Uruhare:** Umwanya umuntu agenera ikintu, icyo agomba kugikoraho.

**Urujijo**: Ikintu kidasobanutse, kitumvikana neza.

**Urwikekwe:** Amakenga.

**Urwuri:** Ahantu hari ubwatsi bwinshi kandi bwiza inka zirisha.

**Uwanga amazimwe abandwa habona:** Utifuza ko hagira ukwirakwiza ibinyoma ku byo yakoze abishyira ku mugaragaro.

**Uwububa abonwa n'uhagaze:** Ukorera mu bwihisho ibintu ariko bikanga bikagaragara.

**Yaramuhumurije:** Yamumaze ubwoba cyangwa igihunga.

**Yumvise bimurenze:** Yumvise birenze uko yabyibwiraga

## 9. Umugereka: Imiteguro y'amasomo ntangarugero

### 1. Imbata y'isomo ryo gusoma no kumva umwandiko

Izina ry'ishuri:…………………….. Amazina y'umwarimu……………....………………..

| Igihembwe | Itariki: | Inyigisho: | Umwaka | Umutwe | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Cya mbere | …….. | Ikinyarwanda | Wa gatanu | Wa mbere | 1 | Iminota 40 | ………… |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo:**<br>Abanyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri: 1<br>Abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona: 1 | | | | | | | |
| **UMUTWE WA MBERE: KWIMAKAZA INDANGAGACIRO NYARWANDA** | | | | | | | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | • Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco n'indangagaciro nyarwanda,<br>• Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo no kunoza imvugo akoresha neza amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo no guhina umwandiko. | | | | | | |
| **Isomo** | **Kumva no gusobanura umwandiko:** "Dukunda Igihugu cyacu" | | | | | | |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri, abanyeshuri bicaye bari mu matsinda. | | | | | | |
| **Intego z'isomo (zitagira uwo ziheza)** | Bahereye ku mwandiko bahawe, nyuma y'iri somo abanyeshuri baraba bashobora:<br>• Gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye. | | | | | | |
| **Imfashanyigisho** | Umwandiko "Dukunda Igihugu cyacu", amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko. | | | | | | |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'inkoranyamagambo. | | | | | | |

| Igice k'isomo n'igihe kimara | GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA<br>Umwarimu yifashishije umwandiko, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusobanura no gukoresha mu nteruro amagambo akomeye ari mu mwandiko. | | Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro: Iminota 5** | - Gusaba abanyeshuri kwitegereza amashusho bakavuga ibyo babona kuri ayo mashusho n'uko bayabona. | - Kwitegereza amashusho beretswe.<br>- Gusubiza ibibazo mvumburamatsiko ku mashusho. | - Gutahura ikivugwa mu mwandiko.<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | - Kubaza ibibazo ku mashusho mvumburamatsiko.<br>- Kubaza ibibazo bigusha ku kigwa. | - Gutahura insanganyamatsiko y'umwandiko. | |
| **2. Isomo nyirizina: Iminota 25** | **Igikorwa cya mbere:**<br>- Kubwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece.<br>- Kugenzura ko basomye ababaza ibibazo.<br>- Gusaba abanyeshuri gusimburana basoma mu ijwi riranguruye.<br>- Gufasha abanyeshuri kwikosora mu gihe adasomye neza.<br><br>**Igikorwa cya kabiri:**<br>- Kubwira abanyeshuri gusomera umwandiko mu matsinda hanyuma: bagashakishiriza hamwe inyito amagambo mashya afite mu mwandiko n'izo yagira mu zindi mvugiro banatanga ingero z' interuro ayo magambo yakoreshejwemo.<br>- Gusaba itsinda ririmo utabona kujya risoma riranguruye kugira ngo yumve.<br>- Kubwira abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda.<br>- Kugenzura ibikorerwa mu matsinda.<br>- Gufasha abanyeshuri gukuraho imbogamizi.<br>- Kubwira buri tsinda kumurika ibyo ryakoze.<br>- Kuyobora abanyeshuri kugira ngo banoze ibyavuye mu matsinda babikorera inshamake. | - Gusoma umwandiko bucece.<br>- Gusubiza ibibazo bigaragaza ko basomye.<br>- Gusimburana basoma mu ijwi riranguruye..<br>- Kwikosora aho basomye nabi<br><br>- Gusomera umwandiko mu matsinda, banashakishiriza hamwe inyito amagambo mashya afite mu mwandiko n'izo yagira mu zindi mvugiro, bakoresheje inkoranyamagambo.<br><br>- Kumurika ibyavuye mu matsinda.<br>- Kugaragaza imbogamizi igihe bahuye na zo.<br>- Gukurikiza inama bahawe.<br>- Kugaragaza ibyavuye mu matsinda.<br>- Kunoza ibyavuye mu matsinda no kubikorera inshamake.<br>- Kwandika inshamake y'ibyavuye mu matsinda. | - Gutahura ikivugwa.<br>- Gusabana mu Kinyarwanda.<br>- Umuco w'amahoro ugaragarira mu kwimakaza indangagaciro nyarwanda.<br><br>- Gushyikirana<br>- Ubushakashatsi.<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3. **Umusozo w'isomo Iminota: 10**<br><br>- **Ikomatanya** | - Kubaza iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>- Kubaza abanyeshuri kuvuga amagambo bungutse. | - Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>- Kuvuga amagambo mashya bungutse. | - Gushyikirana.<br>- Ubwumvane.<br>- Ubushakashatsi.<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo. |
| - **Isuzuma** | - Gusaba abanyeshuri gukoresha mu nteruro amwe mu magambo bungutse. | - Gukora interuro ziboneye bakoresheje amagambo mu amagambo yo mu mwandiko bize, bahawe. | - Guhanga udushya. |
| - **Umukoro** | - Guha abanyeshuri amagambo bakoresha mu nteruro. | - Gukora umukoro | - Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. |
| **Igenagaciro** | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | |

## 2. Imbata y'isomo ryo gusoma no gusesengura umwandiko

Izina ry'ishuri::…………………….. Amazina y'umwarimu: :…………………….............................

| Igihembwe | Itariki: | Inyigisho: | Umwaka | Umutwe | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Cya mbere** | **........** | **Ikinyarwanda** | **Wa gatanu** | **Wa mbere** | **Rya 3** | **Iminota 40** | **…………** |

| | |
|---|---|
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo**<br><br>Biterwa n'abahari nk'uko bashobora kutahaba. Umwarimu ibyo avuze aranabyandika kugira ngo n'abatumva barebe naho ibyanditse bigasomwa mu ijwi riranguruye kugira ngo ufite ibibazo byo kutabona neza abyumve. Bagomba kandi kwicara mu buryo buborohereza gukurikura neza mu ishuri kandi ufite ibibazo byihariye mu kubona akicara imbere. Abanyeshuri bicara ku buryo ab'abahanga cyane baba bicaranye n'abagerageza kandi hanitawe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi. | |
| **Umutwe wa kabiri: Uburinganire n'ubwuzuzanye** | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | • Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco n'indangagaciro nyarwanda.<br>• Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo no kunoza imvugo akoresha neza amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo no guhina umwandiko. |
| **Isomo** | Gusesengura umwandiko **"Dukunda Igihugu cyacu."** |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo ritangirwa mu ishuri. |
| **Intego y'isomo** | Ahereye ku mwandiko uvuga ku gukunda igihugu, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.<br>• Gutahura ingingo zigaragaza ubutwari ziri mu mwandiko..<br>• Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora kugaragaza imyitwarire ijyanye no guharanira kuzaba intwari no kubishishikariza abandi. |

| | |
|---|---|
| **Imfashanyigisho** | Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'imbuga za interineti zivuga ku nsanganyamatsiko y'ubutwari n'ibindi bitabo bivuga ku gukunda Igihugu. |

| **Ibice by'isomo** | **GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA**<br>Kwifashisha umwandiko uvuga ku gukunda igihugu no gufasha abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kuwusesengura. | | **Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro: Iminota 5** | - Kugenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro.<br>- Kubaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bibafasha gusubiramo. | - Kugaragaza aho bakoreye umukoro.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga. | - Gushakira ibibazo ibisubizo.<br>- Kwiga no guhora biyungura ubumenyi. |
| **2. Isomo nyirizina: Iminota 25** | **Igikorwa cya mbere:**<br>- Kubwira abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda.<br>- Gasaba abanyeshuri gusoma baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko bikandikwa ku kibaho no gusaba abatumva kubyandika bakoresheje inyandiko yabo.<br>**Igikorwa cya kabiri:**<br>- Gusaba abanyeshuri kubisubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko bari mu matsinda.<br>- Gusaba abanyeshuri gukusanya ibyavuye mu matsinda no kubafasha kubinonosora.<br>**Igikorwa cya gatatu:**<br>- Gusaba abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda. | - Gusomera umwandiko mu matsinda.<br>- Gusoma, baranguruye ibibazo byo gusesengura umwandiko no kubyandika ku kibaho, abatumva bakabyandika bakoresheje inyandiko yabo.<br>- Kubisubiriza mu matsinda yabanebane.<br>- Gukusanya ibyavuye mu matsinda.<br>- Kunonosora ibyavuye mu matsinda babikorera umwanzuro. | - Ubushobozi bwo gusabana mu Kinyarwanda.<br>- Ubushakashatsi no gukemura ibibazo bugaragarira mu bibazo byo gusesengura umwandiko.<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bigaragarira mu gukorera mu matsinda.<br>- Kubaka umuco w'amahoro wo gukunda igihugu bigaragarira mu ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3. **Umusozo w'isomo: Iminota 10**<br>- **Ikomatanya** | - Gusaba abanyeshuri gukora umwanzuro no kuwandika ku kibaho no mu makayi yabo. | - Gukora umwanzuro no kuwandika. | |
| - **Isuzuma** | - Kusaba abanyeshuri gutanga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko basesenguye no gutanga ingingo z'ubutwari zigaragaramo. | - Gutanga ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko basesenguye n'ingingo z'ubutwari. | - Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| - **Umukoro** | - Gusaba abanyeshuri, bari mu rugo, kuzabaza abo babana ibindi byiza byo gukunda igihugu. . | - Kwandika umukoro mu makaye yabo no kubaza ibindi byiza byo gukunda igihugu. | - Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo n'ubushakashatsi. |
| **Igenagaciro** | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'uko baryakiriye; hakagaragazwa n'imbogamizi kuri iryo somo igihe zihari. | | |

## 3. Urugero rw'imbata y'isomo ryo kujya impaka

Izina ry'ishuri:…………………….. Amazina y'umwarimu: ……............................................................

| **Igihembwe** | **Itariki:** | **Inyigisho:** | **Umwaka** | **Umutwe** | **Isomo rya** | **Igihe isomo rimara** | **Umubare w'aba-nyeshuri** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Cya mbere** | **........** | **Ikinyarwanda** | **Wa gatanu** | **Wa mbere** | **Rya …/24** | **Iminota 40** | **…………** |

| | |
|---|---|
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo**<br><br>Biterwa n'abahari nk'uko bashobora kutahaba. Umwarimu ibyo avuze aranabyandika kugira ngo n'abatumva barebe naho ibyanditse bigasomwa mu ijwi riranguruye kugira ngo ufite ibibazo byo kutabona neza abyumve. Bagomba kandi kwicara mu buryo buborohereza gukurikura neza mu ishuri kandi ufite ibibazo byihariye mu kubona akicara imbere. Abanyeshuri bicara ku buryo ab'abahanga cyane baba bicaranye n'abagerageza kandi hanitawe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi. | |
| **Ikigisho:** Kuvuga | |
| **Ikigwa:** Kujya impaka | |
| **Umutwe wa kane: Uburinganire n'ubwuzuzanye.** | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | • Gusesengura imyandiko ijyanye no kubungabunga umuco n'indangagaciro nyarwanda.<br>• Gusesengura igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo no kunoza imvugo akoresha neza amagambo yabugenewe ku nka, ku mata no ku gisabo no guhina umwandiko. |
| **Isomo** | Kungurana ibitekerezo ku byiciro by'ubutwari. |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri abanyeshuri bicaye mu ntebe umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo yicaye imbere n'umwanditsi we. |

| | |
|---|---|
| **Intego y'isomo** (zitagira uwo ziheza) | Ahereye ku bisobanuro ahawe n'ubumenyi yungukiye mu kiganiro nyunguranabitekerezo, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Kujya impaka ku nsanganyamatsiko yahawe ajora ibitekerezo bya bagenzi be mu bwubahane.<br>• Gutinyuka kuvugira mu ruhame.<br>• Nyuma y'iri somo kandi umunyeshuri azaba ashobora gusonanura ibyiciro by'ubutwari mu Rwanda. |
| **Imfashanyigisho** | Igitabo cy'umunyeshuri n' igitabo cy'umwarimu. |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibitabo bindi bivuga ku butwari. |

| **Igihe buri kiciro kimara** | **GUSOBANURA IGIKORWA UMWARIMU N'UMUNYESHURI BASABWA GUKORA**<br>Ahereye ku nsanganyamatsiko ivuga ku butwari umwarimu afasha abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku byiciro by'ubutwari mu Rwanda. | | **Ubushobozi n'insanganyamatsiko nsanganyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| 1. **Intangiriro: Iminota 5** | - Kubaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa isomo baheruka kwiga.<br>- Kubwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku ngingo ijyanye n'ibyiciro by'ubutwari .<br>- Gusaba abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo, kugisoma baranguruye no kucyandika ku kibaho. | - Gusubiza ibibazo umwarimu ababaza.<br>- Gusoma baranguruye, bakanacyandika ku kibaho kugira ngo nabatumva bagisome.<br>- Kwibukiranya uko bajya impaka. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>- Gusabana mu Kinyarwanda |
| 2. **Isomo nyirizina: Iminota 25** | - Gusaba abanyeshuri kwibukiranya uko ikiganiro mpaka gikorwa.<br>- Gusaba abanyeshuri kujya mu matsinda anyuraye arimo abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye.<br>- Gusaba abanyeshuri gutangira ikiganira hagati y'amatsinda | - Kujya mu matsinda.<br>- Gutangira ikiganiro bungurana ibitekerezo no gutanga ibitekerezo bijyanye n'ikiganiro.<br>- Gutanga ibitekerezo mu matsinda yabo anyuranye. | - Gusabana mu Kinyarwanda |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | anyuranye no gukusanya muri make ibitekerezo byatanzwe.<br>- Kwita cyane ku buryo abanyeshuri bahana amagambo, uko batanga ibitekerezo bakurikije inyurabwenge. Ashobora no kubanza kubaha umwanya wo gukusanya ibitekerezo kuri ziriya ngingo kugira ngo babone kuzunguranaho ibitekerezo. | | |
| **3. Umusozo w'isomo: Iminota 10**<br>**- Ikomatanya** | - Gusaba abanyeshuri gufata umwanzuro ku kiganiro cyabo no kuwandika ku kibaho. | - Gukora umwanzuro w'ikiganiro. | - Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| **- Isuzuma** | - Kubaza abanyeshuri kugaragaza ibyiciro by'ubutwari mu Rwanda no kubitandukanya. | - Kuvuga no gutandukanya ibyiciro by'ubutwari mu Rwanda. | - Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo. |
| **- Umukoro** | - Gusaba abanyeshuri kuzakora umukoro uri mu bitabobyabo: Wo kwandika umwandiko utarengeje amapaji abiri uvuga ukuntu bumva bazaba intwari ishimwa n'ababyeyi, abarezi ndetse n'Igihugu." | - Kwandika umukoro no kuzawukorera mu rugo. | - Ubushakashatsi.<br>- Kwiga no guhora biyungura ubumenyi.<br>- Uburezi budaheza. |
| **Igenagaciro** | Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo n'imbokamizi bahuye na zo niba zihari. | | |

## 10. Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe


- Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1982, Twisomere 3, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu w'amashuri agamije amajyambere y'imyuga, Kigali.
- Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, 1988, Ikinyarwanda, gusoma no gusesengura imyandiko V.A, igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye, Kigali.
- Murihano, B., 2005. *Ibirari by'Insigamigani.* Printer Set.
- Bigirumwami, A., 2004. *Imigani Migufi, Ibisakuzo, Inshamarenga. 2ème Ed.*
- Diyosezi De Nyundo.
- Minisiteri y'ubuzima, (2000), *Ibibazo urubyiruko rwibaza ku cyorezo cya Sida.*
- Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Yisumbuye,
- *Izina na ntera, Igitabo cy'umunyeshuri,* Ukwakira 1988.
- Rugema Aloys, Rwemerikije: Ibuye si umugati, Book, 1989, Kigali.